

REPUBULIKA Y'U RWANDA



*National Commission for the Fight against Genocide*  
*Commission Nationale de Lutte contre le Génocide*  
*Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside*  
**-CNLG-**



**UBUHAMYA BWATANZWE NA BAMWE MU BATUTSI  
BAKOREWE ITOTEZWA N'IYIRUKANWA MU MASHURI  
MAKURU N'AYISUMBUYE MU MWAKA WA 1973**

**Kigali, 2019**

## ISHAKIRO

Ijambo ry'Ibanze .....	3
1. Ubuhamya bwa Havugimana Emmanuel .....	5
2. Ubuhamya bwa Afrika Philbert .....	26
3. Ubuhamya bwa Boniface Barishinge .....	29
4. Ubuhamya bwa Colette Mukansanga .....	34
5. Ubuhamya bwa Bucyana François .....	38
6. Ubuhamya bwa Gasengayire Fébronie .....	41
7. Ubuhamya bwa Gasasira Jean Baptiste.....	43
8. Ubuhamya bwa Gatambiye Sylvère .....	47
9. Ubuhamya bwa mwalimu Ngabonziza Damien.....	51
10. Ubuhamya bwa Nkaka Raphael.....	56
11. Ubuhamya bwa Ntashamaje Gerard .....	61
12. Ubuhamya bwa Nyiramirimo Odette .....	64
13. Ubuhamya bwa Ndorimana Jean.....	78
14. Ubuhamya bwa Karangwa Desire .....	84
15. Ubuhamya bwa Karege Félicien .....	87
16. Ubuhamya bwa Kimenyi Alexis .....	93
17. Ubuhamya bwa Nyiracumi Josepha .....	96
18. Ubuhamya bwa Rugangura Jean Bosco.....	102
19. Ubuhamya bwa Hakizabera Pipiani.....	106

20.	<b>Ubuhamya bwa Karera Justin</b> .....	109
21.	<b>Ubuhamya bwa Kayibanda Emmanuel</b> .....	111
22.	<b>Ubuhamya bwa Rugwizangoga Eugène</b> .....	116
23.	<b>Ubuhamya bwa Rusanganwa Frederic</b> .....	126
24.	<b>Ubuhamya bwa mwalimu Me Straton Nsanzabaganwa</b> .....	131
25.	<b>Ubuhamya bwa Nyabyenda Laurien</b> .....	137
26.	<b>Ubuhamya bwa Rahamatali Rangira Immaculate</b> .....	141
27.	<b>Ubuhamya bwa Rutayisire Antoine</b> .....	144
28.	<b>Ubuhamya bwa Safari Venant</b> .....	151
29.	<b>Ubuhamya bwa Simburudari</b> .....	155
30.	<b>Ubuhamya bwa Umurungi Kayitaba Floride</b> .....	160
31.	<b>Ubuhamya bwa Wane Justin</b> .....	163
32.	<b>Ubuhamya bwa Faustin Rutembesa</b> .....	167

## **Ijambo ry'Ibanze**

Zimwe mu nshingano za Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) harimo kwegeranya no gutangaza ubuhamya kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nyuma yo kwegeranya no gutangaza bumwe mu buhamya bwatanzwe igiye twibukaga ku nshuro ya 22, iya 23, n'iya 24 Jenoside yakorewe Abatutsi, CNLG yasanze ari na ngombwa gukusanya ubuhamya ku itotezwa n'iyirukanwa mu mashuri makuru n'ayisumbuye mu mwaka wa 1973.

Nyuma y'imyaka 46 Abatutsi birukanwe mu mashuri no mu mirimo, CNLG yasanze habura ubuhamya bw'abantu bagiriweho ubwo bugizi bwa nabi. Niyo mpamvu yasabye abo yashoboye kubona kuyiha ubuhamya bwabo bwo mu 1973, kugira ngo bwandikwe kandi butangazwe.

Muri Gashyantare 1973, abanyeshuri b'Abatutsi birukanywe mu mashuri yisumbuye na za Kaminuza hirya no hino mu gihugu. Bamwe ibyo kwiga barabihagarika, abandi bagerageza gushakisha uko bakomeza kwiga hanze y'igihugu mu buhungiro.

Abatanze ubuhamya bagerageje kwerekana impamvu n'imigendekere y'itotezwa n'iyirukanwa mu mashuri byakorewe Abatutsi mu 1973 n'ingaruka byabagizeho. Abatangabuhamya bagaruka ku migendekere y'itotezwa n'iyirukanwa mu mashuri byabakorewe mu 1973, uko imibanire y'abanyeshuri n'imyigire y'abanyeshuri b'Abatutsi mbere ya 1973 yari ihagaze, icyari cyihishe inyuma y'itotezwa n'iyirukanwa mu mashuri byakorewe Abatutsi, uko kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi mu mashuri byagenze n'uko byahagaze.

Abatanze ubuhamya muri iki gitabo ni abari abanyeshuri cyangwa abarimu birukanywe mu 1973, ndetse n'abanyeshuri batahigwaga bakiriho kandi biteguye gutanga amakuru afite ireme.

Muri ubu buhamya hagarukwa cyane cyane ku impamvu z'ingenzi zateye kwirukana Abatutsi mu mashuri mu 1973 zirimo urwango rwigishijwe kuva kera, umugambi wo gukomeza revolusiyo ya PARMEHUTU, umuco wo kudahana, umubano utari mwiza hagati ya Leta y'Abarundi n'iy'Abanyarwanda n'impamvu yo kuba Habyarimana yahirika ubutegetsu.

Nyuma yuko Habyarimana ahirika ubutegetsi akabufata, hari abanyeshuri bamwe na bamwe bagiye basubira ku mashuri ariko cyane cyane abari bafite abo baziranye bari mu buyobozi bw'amashuri bakabafasha kugaruka ku ishuri no kubona imyanya. icyakora hari n'ababuze imyanya maze bahunga igihugu ngo bakize amagara yabo kuko n'aho bari bahungiyeye mu miryango yabo basanze ibikorwa byo kubatwikira ndetse n'imigambi yo kubica igikomeje.

Abenshi mu birukanywe bahungiyeye i Burundi ndetse na Kongo, naho abandi bake bahungira muri Uganda. Abenshi bafashijwe n'imiryango mpuzamahanga babashije gukomeza kwiga ndetse baza no kubona imirimo mu mahanga. Abenshi bagarutse mu gihugu nyuma y'uko ingabo zari iza FPR Inkotanyi zihagaritse Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu w'1994.

Ingaruka z'iri yirukanwa ry'abanyeshuri b'Abatutsi ni nyinshi kandi zageze ku bantu batandukanye, haba ku banyeshuri birukanywe ubwabo, haba ku miryango yabo ndetse no ku gihugu muri rusange.

**Dr Bizimana Jean Damascène**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

## **1. Ubuhamya bwa Havugimana Emmanuel**

### **Inzira ndende yo guhunga igihugu muri 1973**

Muri iki gihugu habaye intambara nyinshi zibasiye Abatutsi kuva 1959. Bamwe baricwa, abandi bahungira mu bihugu duhana imbibi, abandi na none bakurwa mu byabo, bacirirwa mu nkambi za Nyamata na Rukumberi. Bahebera urwaje baguma mu Rwanda, bayoboka ubutegetsi bwa PARMEHUTU, ariko bakajya babakuramo ab'imena bakabafunga cyangwa bakabica, cyane cyane iyo Inyenzi zabaga zateye.

Muri Gashyantare 1973, Abatutsi birukanywe mu mashuri no mu kazi, abandi barasenyewe, abandi na none baricwa, Inyenzi zitateye. Ibyo byayobeye abantu. Abatutsi bayobewe icyo noneho bazize, kuko mbere babicaga bitwaje ko Inyenzi zateye.

Abenshi mu birukanywe mu mashuri bahise bafata iy'ubuhungiro, berekeza mu bihugu duhana imbibi, cyane cyane mu Burundi. Mu giturage, imvururu zibasiye cyane cyane perefegitura ya Kibuye, muri komini ya Rwamatamu, Gitesi, Kivumu na Mwendu. Na Gitarama muri Komini Buringa na Nyabikenke.

Muri iyi nyandiko ndabagezaho uko byangendekeye muri icyo gihe, n'ukuntu nabashije guhungira mu Burundi bigoranye cyane. Ndabagezaho kandi mu magambo make ubuzima nabayemo mu nkambi ya Mushiha.

### **Imvururu mu mashuri yisumbuye muri 1973**

Muri Gashyantare 1973 nigaga i Nyamasheke, ngeze mu mwaka wa gatanu. Umwaka w'amashuri 1972-1973 wari waratangiye kuwa 25 Nzeri 1972, ariko abana barangije amashuri abanza baguma iwabo batangira kumenya aho baziga, baza gutangira kuwa 20 Ugushyamba 1972, twabwwe tumaze hafi amezi abiri dutangiye. Kubajonjora bakuramo Abatutsi byari byarafashe igihe kinini. Uwo mwaka abana b'Abatutsi benshi bari barangije icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye ntibahawe amashuri yo gukomereza.

Hari uwo wumvaga ngo bamwohereje kwiga mw'ishuri nderabarezi EMA (*Ecole des Moniteurs/Monitrices Auxiliaires*) i Nyanza kwa Nyamurinda. Kandi ubundi EMA ryari ishuri

ry'ingoboka ryakira abana batsinzwe, bakiga imyaka ibiri bakaba abarimu mu mashuri abanza kuva mu wa mbere kugeza mu wa gatatu gusa. Babitaga abaseya.

Mu gihembwe cya kabiri, kuwa 17 Gashyantare baduhaye akaruhuko k'icyumweru kimwe, ku buryo budasanze, ngo tukagomba kugaruka ku cyumweru kuwa 25 Gashyantare, kugira ngo amasomo atangire kuwa mbere tariki 26 Gashyantare 1973.

Ubwo natahanye na Prudent Kayiranga, wigaga mu mwaka wa gatandatu w'uburezi, iwabo bari batuye mu Budaha ku Kibuye, ariko se Gahunde yakomokaga iwacu mu Bufundu, ku buryo ubwo yari ahafite ba sewabo na ba nyirasenge. Nari nishimiye kujya kumuyobora kwa bene wabo kuko yari yarabambajije nsanga mbazi. Yashakaga cyane cyane ko namugeza kwa Anastase Kimbirima nabo bakazamwereka abandi. Kimbirima rero yari azwi cyane kuko yari yarabaye umukarani wo kwa padiri mu Cyanika igihe kirekire.

Ngeze iwacu nasanze rero bamwe muri bagenzi banjye barirukanywe n'imvururu zabaye mu mashuri yabo. Navuga nka Alfred Munyentwari, wayoboraga ibigo byakira abana b'imfubyi (*Villages d'Enfants S.O.S*) byo mu Rwanda, wari umaze gutangira segisiyo ya siyansi (section scientifique) muri Koleji y'i Kigali (COK - *Collège Officiel de Kigali*). Nasanze yibereye iwabo, ahubwo yitegura guhungira i Burundi. Yavuye iwabo kuwa kabiri tariki 20 Gashyantare 1973 yerekeza i Burundi. Ubwo abimbwira jyewe sinabyumvaga, nabonaga ko guhunga ari ukwihuta kuko nari nizeye ko bizacogora twese tugasubira mu mashuri mu mahoro.

Ni nabwo Ignace Rwangabwoba wigaga mu Ishuri Nderabarezi ry'Igihugu (IPN - *Institut Pédagogique National*) nawe yahunze, aherekejwe n'umusore w'Umuhutu twari twariganye amashuri abanza witwaga Daniel Ntoyumushi, wari uzi amayira ajya ku Mayaga. Ndetse nawe nyuma yaje kuza kwibera mu Burundi, ngo kuko hari abari bamuteranyije n'abategetsi ngo ahungisha Inyenzi. Yatashye mu Rwanda muri 1976.

Ubwo akaruhuko karangiye twagiye ku Gikongoro gutega imodoka kuwa mbere tariki ya 26 Gashyantare 1973. Maze dusanga itangazo rimanitse ku giti imbere yo kwa muganga, rivugaga ngo : “*Abatutsi bakurikira basabwe kutongera gukandagira mu biro bya Leta. Abo ni :...* ”, hagakurikira urutonde rw'abantu nka cumi na babiri. Itangazo rigashyirwaho umukono

n'abiyitaga "*Comité National pour le Salut Public*", byasobanura mu rurimi rw'ikinyarwanda "*Komite y'Igihugu yo gucungura rubanda*". Ubwo rero dutega imodoka hari uwo mwuka mubi, abanyeshuri b'Abahutu twigana nkabona babiseka, ariko batatwegera, ndetse twashaka kubegera bakaduhunga batureba nabi.

Imodoka yaje kuboneka bitinze, ku buryo yatugejeje i Ntendezi saa kumi n'imwe igakomeza igana i Cyangu, maze tugira Imana tubona indi tugera i Nyamasheke nka saa moya n'igice z'ijoro. Invura yari yaguye, icyondo cyo ku Kabeza i Nyamasheke ari cyose. Twageze mu kigo dusanga abanyeshuri bari muri nzu twariragamo. Maze gushyira ibintu aho twararaga ngenda ngiye kurya, maze mpura n'umunyeshuri witwaga Théobald Gakwaya, uyu waje kwongeraho izina rya Rwaka, bivuga Rwamakwene wa Kangabe akaba na minisitiri w'umutekano kuva mu mwaka w'1998 kugeza mu w'2000.

Nuko Théobald Gakwaya, wari inshuti yanjye turaramukanya ndamubaza nti : "*Makuru ki?*" Ati : "*Ni mabi!*" Nti "*bite?*" Ati:"*Barirukana!*" Nti:"*Barirukana ba nde? Abatutsi?*" Ati:"*Yego!*" Nti:"*Urabeho!*". Ngira ngo we ntiyari abikaze mo, kuko nawe ngo nyuma yaje kugirana ibibazo n'abakuru ba *Comité pour le Salut Public*. Mu w'2000 yambwiye ko ari naho yakuye kwongeraho izina rya Rwaka. Ngo ryavuye kuri se Rwamakwene rwa Kangabe. Nuko afata *Rwa* ya Rwamakwene na *Ka* ya Kangabe, bibyara Rwaka. Ubundi si umwaka!

Mu biruhuko byo kuri Pasika 1972 twari twarajyanye iwabo i Mwezi mpamara ibyumweru bibiri, ariko hari umwuka mubi waterwaga nuko ako karere gatuwe n' Abatutsi bake cyane, maze aho tujyanye hose bakamubaza aho yakuye uwo munyanduga.

Tatien Rwamakwene yaje kutubuza kurenza saa kumi n'imwe tutarataha, kuko bashoboraga kudutega bakatugirira nabi. Ngo muri za 1961, Rwamakwene yafunguwe i Butare imyaka itatu, aregwa gucikisha no kugemurira Abatutsi bahungiyeye muri Kongo n'i Burundi.

Ubwo rero Théobald Gakwaya amaze kumburira, nahise nkimirana mbakuza ya myenda yanjye aho nari maze kuyijugunya ku gitanda, ndiruka muri uwo mwijima, ngeze hanze umwe aba arambonye anyirukaho, ndamwihisha asigara yitonganya, maze amaze kugenda mva aho nari nikinze, mpararara muri uwo muhanda mu mwijima n'akavura gake kajojoba n'icyondo n'ibiziba hose, nibaza aho njya kurara haranyobera.

Nuko nibuka umwenebikira witwaga mama Faustine wahabaga wajyaga antuma kuri mukuru we w'umukecuru, umugore wa Kabera, bari baturanye no kwa Rwamurara mu Cyanika, nuko njyayo



gusaba icumbi. Narahageze nkomanze numvaga bavuga, bahita baceceka bose.

Nuko umubikira umwe ararunguruka abona ndi umwe arafungura, mubwira ko ngeze ku ishuri bakanyirukana none nsaba icumbi. Nuko barandeka ndinjira, batangazwa n’uko natinyutse kuza kw’ishuri kandi gukubita abanyeshuri no kubirukana byaratangiye kuwa gatandatu kuwa 24 Gashyantare aba mbere bakihagera. Nuko babaza umwarimu wari upanze mu kigo cyabo ko yancumbikira aremera. Uwo mwarimu yari Félicien Barigira wigeze kuba umunyamabanga mu Nteko Nshinga mategeko yitwaga icyo gihe CND ( *Conseil National du Developpement* ) ku ngoma ya Juvenal Habyalimana. Ni mukuru wa Prof Théoneste Kayiranga uyu wigishaga muri Kaminuza, nyuma mu w’2000 akaza kwigira muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA - *United States of America*), aho umugore we Umutesi Gaudence wigaga icyiciro cy’amashuri cy’ikirenga (*doctorat*) mu Bufaransa kandi nawe ari umwarimu, yamusanze n’abana babo.

Nuko ndara kwa Baligira, mu gitondo rero nzinduka njya gutega imodoka, cyakora kubera umwuka mubi nari nasize ku Gikongoro, niyemeza kudasubira yo, ahubwo nerekeza i Nyange aho Padiri Alfred Niyitegeka yabaga. Ku Kabeza nahahuriye n’abandi banyeshuri birukanywe ntazi iyo baraye. Harimo Théoneste Kanyandekwe, Prudent Kayiranga, Athanase Rwankuba na Mathias Ruzindana.

Ruzindana ariko we yari Umuhutu wo muri Gitesi batari bizeye kubera ahari iryo zina rye, no kubona adashamadukiye ibyo gutoteza Abatutsi, nuko bamutuma kuzana ibuku rya se ryo muri 1959. Aho duteze imodoka we akatwitarura ntatwegere kuko yibazaga ko dushobora kumukubita.

Nuko twiyemeza kujya gutegera imodoka itwara abantu hakurya ku Gataka, kugira ngo abanyeshuri twigana batadusanga aho ku Kabeza bakahadutsinda. Twabuze imodoka tugenda n’amaguru kugera mu Kirambo, maze tuhageze turaruhuka ngo turebe ko hari imodoka yaza, ariko ntiyaza. Dukomeza urugendo n’amaguru, butwiriraho tugeze mu Mugonero, tujya kwaka icumbi mu bapasitoro b'abadiventisiti bo kuri Ngoma.

Batwakiriye neza uko twari bane, turarana n’umupasitoro wo mu cyaro ngo wari wazanye amaturo aje kuyatanga kuri paruwasi nkuru ya Mugonero.

Mu gitondo wa mupasitori ati :”*Naraye nibwe, none aba basore tubasake.*” Yavugaga ko yibwe amafaranga ibihumbi bibiri na magana atanu. Nuko bati nimuvuge amafranga mufite, uwo dusangana arenzeho araba ariwe wayibye. Twese hamwe nitwari tuyagejejeho.

Ni jyewe wari ufite menshi, nari mfite amafaranga magana atandatu Padiri Alfred Niyitegeka yari aherutse kunyohereza ngo nzayagure ipantalo. icyo gihe ipantalo nziza yaguraga magana atanu na mirongo itanu (550 frw). Ayo mafaranga yari yarayahaye Frere Augustin Gasasira wari ushinze amasomo akigisha n’imibare. Nuko amafranga abapasitoro barayashaka ahantu hose barayabura, maze baratureka turakomeza. Ariko nkeka ko uwo mupasitori yiyibishije, kuko mw’ijoro nari namwumvise abyuka, numva afunguye imashini y’isakoshi, ajya hanze, amara akanya aragaruka.

Twageze i Gishyita nka saa tatu, haza imodoka y’Ikigo cy’Igihugu cyo gutwara abantu n’ibintu cyitwaga icyo gihe RTP (*Régie des Transports Publics*), ari nayo yaje kwitwa ONATRACOM (*Office National des Transports en commun*) muri 1978. Nuko tugiye gukatiha amatike, konvwayeri aho ari mw’idirishya aratwitegereza, aravugaga ati :”*Busi ya Leta nitwara inyenzi ! Tugende Shoferi!*” Shoferi aba yakije busi iragenda, maze abaturage baturebaga baduha inkwenene. Dukomeza urw’amaguru, tugeze imbere gato haza ikamyo y’umuyobozi w’amashuri wo ku Kibuye, turamuhagarika arahagarara aradutwara, ariko aduca amafranga ijana na mirongo itanu buri wese, ku rugendo rwa kilometero zitagera kuri mirongo itatu. Yari menshi icyo gihe. Kuko icupa rya Primus ryaguraga mirongo itatu n’atatu, urugendo Kigali-Butare rukaba magana abiri.

Twageze ku Kibuye nka saa tanu n’igice, maze dukomeza urugendo ngo turebe ko twataha mu Birambo. Tugeze imbere gato ahitwa mu Kigezi, duhura na kamyoneti esheshatu za Toyota zuzuye abanyeshuri b’i Nyanza baje inzira yose birukana Abatutsi kuva i Gitwe kunyura i Kilinda no mu Birambo mu bahungu no mu bakobwa. Imwe muri izo modoka yari itwawe n’umuhungu w’umuhindi twari twarasize mu Birambo witwaga Paulin Da Costa. Se yari umucuruzi ku Kibuye witwaga nawe Da Costa. Ni ba bahindi bakomoka ahitwa Goa ku nkombe z’inyanja y’abahindi, bakolonijwe n’abanyeportugali, bakabahindura abakristu.

Bamwe mu banyeshuri bari baziri mo bari batuzi kuko twari twariganye mu Birambo, bajya gukomereza i Nyanza igihe natwe twari tugiye i Nyamasheke. Navuga mo nk'uwitwaga Ladislas Rudahinyuka mwene depite Iyamuremye w'umunya Kibuye yambonye agapandura ngo aze ankubite, hanyuma yabona imodoka imusize agasubira inyuma yiruka.

Imodoka zimaze guhita abaturage bo mu Kigezi nabo ntibatworoheye, kuko umwe ndetse yaduteye umujugujugu w'umupanga ufata mu nsina y'urutoki, turiruka abandi baramufata bamubwira ngo nta tegeko riratangwa. Ubwo Athanase Rwankuba wajyaga i Rubengeru we twatandukaniye aho, maze Kanyandekwe, Kayiranga Prudent nanjye n'abakobwa babiri bari birukanywe ku Mubuga dukomeza tugana iya Birambo. Mbega urugendo!

Imisozi ya Kibuye rero irahanamye ku buryo hamwe na hamwe twagombaga kugenda dukambakamba n'udufuka twacu ku mugongo, wareba nabi gato ukaba watembagara mu kabande bakahatora uwumye.

Twarakomeje turagenda n'inzara n'inyota, utabona n'aho utanga amafranga ngo ugure akagage. Saa kumi n'imwe twari tugeze i Rusengesi tureba Birambo hasi nko ku bilometero icumi. Ubwo hari kuwa gatatu tariki 28 Gashyantare 1973. Iyo tariki sinzayibagirwa kuko twagarukiye ku mva.

### **Igitero cy'i Rusengesi**

Muri uwo mugoroba wo kuwa gatatu tariki 28 Gashyantare 1973, twanyuze ku baturage bagera nko kuri makumyabiri, bicaye ahantu ngo hari habaye sosiyete'. icyo bitaga sosiyete cyari amashyirahamwe y'abaturage agamije gufatanya cyane cyane ngo biyubakire amazu meza. Buri wese rero yagiraga umunsi we, akenga akamera nk'uwacyuje ubukwe, maze bagenzi be bakaza bitwaje amafranga yo kumutera inkunga. N'abandi baje kuvumba bagafasha uko bashoboye. Abo baturage baraduhagarika batubaza iyo tuvuye, tubabwira ko tuvuye ku Kibuye tukaba tugiye kwiga mu Birambo. Tubaza ko nta kagage cyangwa se akagwa baduha baraduseka. Baratureka turahita, ndetse umwe aranatuyobora atwereka inzira ya bugufi itugeza aho twagombaga guhurira n'umuhanda. Tubasezeraho turakomeza.

Tugeze hepfo gato twumva batangiyeye guhamagarana baca amarenga. Turikomereza ariko twumva ko atari amahoro. Tugeze hasi mu kabande, duhura n'umugabo umwe arahita. Tugeze

imbere duhura n’abandi babiri baraduhagarika, batubaza iyo tuva n’iyo tujya. Kanyandekwe amenya mo umwe mu bo twari dusize iyo ruguru. Umwe twahuye mbere nawe, aba arakimiranye aragarutse. Baratugota. Bati :”*Nimuce aha tubajyane kwa Konseye mu Rugabano. Muzi ibyabaye mu Birambo, muzi ko Inyenzi zose zigomba gupfa, mufungure iyo mifuka yanyu turebe ko nta mbunda ziri mo.*” Hava mo umwe w’umunyampuhwe adusabira imbabazi, abandi baranga. Ati “*barababeshya kwa Konseye mu Rugabano ni kure ntimwagerayo muri iri joro, barashaka kubica*”.

Ariko uko ajya impaka nabo akatwicira ijisho ngo dukomeze. Twagera imbere undi akaba araje araduhagaritse n’amahiri n’imipanga, ndetse umwe muri bo yari yabonye n’akanya ko guca iwe mu rugo afata icumu. Hari hamaze kuba mu kabwibwi hatakibona neza, nuko maze kubera kutumvikana turabacika ariko natwe turatatana kandi tutahazi. Kukwari dukurikiye umukobwa umwe muri abo wari hafi y’iwabo. Nuko tugenda duhamagarana buhoro buhoro iby’Imana tubona twese turahageze, ariko jyewe nsigaranye urukweto rumwe.

Umukecuru nyirakuru w’uwo mukobwa adukubise amaso abura aho adukwiza. Atangira kubandwa atabaza abazima n’abapfuye, cyane cyane ariko ndibuka ko yatabazaga umugabo we wapfuye witwaga Badege. Ati :”*Rinda aba bana Abazuka ntibabanyicire mu maso.*” Abazuka ni umuryango w’Abahutu yari atuyemo hagati. “*Badege we, Badege we, ba ahagaragara urinde urugo rwawe ntihagire amaraso arumeneka mo, maze aba bana ubarinde uzabakure hano amahoro, ubajye imbere ubageze iwabo!*”

Twahamaze kabiri twirirwa twicaye mu nzu tutavuga, tudakorora ushatse kwituma bakamuzanira icyo yituma ho, cyangwa se agategereza ko bwira. Twahavuye kuwa gatanu tariki 2 Werurwe 1973, maze jyewe na Kayiranga tujya i Mwendo iwabo wa Théoneste Kanyandekwe. Mu kuhava twirinze kugendana, umwe akagendera nko ku kilometero cy’undi, maze duhura n’umupolisi wa komini arahita, n’abandi bese duhuye ntibagire icyo batubaza. Imifuka iri mo imyenda yacu ariko twayisize aho kuri uwo mukecuru kugira ngo hatagira n’ukeka ko turi abanyeshuri.

Se wa Théoneste Kanyandekwe yari umwarimu. Yari atuye inyuma y’umusozi wa Tongati hafi y’umuhanda wajyaga ku biro bya komini Mwendo. Nyina wa Kanyandekwe yari yaritabye

Imana, maze se ashaka undi mugore icyo gihe wari ufite abana babiri bato, bafite munsi y'imyaka itanu.

Badukubise amaso nabo bagira ubwoba, ndetse se wa Kanyandekwe aramuhamagara amubaza icyatumye yemera kuzana n'abana batazi. Ati:”*Ese ubu Konseye naza ndamubwira ko bava he bakajya he?*”; Ku wa gatandatu mu ijoro, tubona hakurya amazu arashya. Ariko tukabona ari nko hakurya ya Nyabarongo mu Kabagari. Nuko turarana ubwoba, buracya ku cyumweru tariki 4 Werurwe 1973 twiyemeza kugenda tugiye mu misa mu Birambo, maze twahagera tukareba ahandi tujya ntitugaruke aho ngaho kuko twabonaga twarabateye ubwoba. Mugenzi wanjye Prudent Kayiranga iwabo hari mu Gitanga muri komini Kivumu, ariko amakuru aturukayo akavuga ko mu Gitanga byacitse.

Misa irangiye, twasohotse tutazi iyo twerekeza, maze tugize Imana mbona umuhungu w'umunya Cyangugu witwaga Théoneste Sindayigaya wari imbere yanjye umwaka umwe mu Birambo, yari asigaye yiga mu ishuri ry'abagaronome i Nyamishaba. Yari igikara cyane tukamwita *gamelle*, bisobanura uduforoma tw'imigati badukoreraga mbere yo kuyishyira mu ifuru. Uyu Théoneste Sindayigaya niwe waje kurongora Domitilla Mukamagera nyina wabo wa Immaculée Kayitesi wo kwa data wacu Kalisiti Nkulikiyinka.

Théoneste Sindayigaya, na mugenzi we witwaga Nyangezi, icyo gihe bimenyerezaga umwuga muri komini yitwaga Kagangare icyo gihe, yaje nyuma kwitwa Bwakira, bacumbitse mu Nganzo. Mubaza ko twajyana iwabo bakaba baducumbikiye iminsi mike, maze aremera ati: ”*Inzu ni nini nta kibazo*”. Nuko tujyana yo na Prudent Kayiranga, turara yo, buracya batwerekaga uko bakora amata ya soya, turanywa, turangije tujya mu nama y'abaturage bose kuri komini igamije kugarura umutekano. Muri iyo nama Burugumesitiri Kabasha yerekanye abafashwe batwika amazu, barya inka, bica abantu, bari bafungiyeye aho kuri komini. Baburiza imodoka babakubita ibajyana muri gereza yo ku Kibuye.

Umucungamari wa Komini Kagangare yari Athanase Kanamugire, ari we se wa Narcisse Makuza wari umugabo wa Immaculée Kayitesi navuze haruguru. Uwo mugabo yari atuye aho mu Gitanga aziranye na Gahunde, se wa Prudent, maze muri izo mvururu iwe haraterwa

bahateza itabi. Inka zimwe barazirya, inzu baratwika barasenya, cyakora agira Imana ntihagira umuntu uhagwa. Inka zasigaye azihungishiriza mu Birambo hari hakiri umutekano kurusha muri Kivumu. Umuryango we wabaga kwa Pastori Andre Kagimbangabo. Niwe waje nyuma kujya muri politiki akaba préfet wa Cyangugu igihe kirekire ku ngoma ya Habyarimana.

Ubwo rero muri iyo nama Kanamugire yari yayijemo, maze Prudent aramunyereka amubwira ko nshaka kugera i Nyange aho Padiri Alfred Niyitegeka yabaga. Nuko ati:”*Reka mwingingire uriya mucuruzi amutware*”. Hari ikamyoneti yanditse ho Celestin Hitimana. Nuko Hitimana arantwara, angeza kuri Paruwasi i Nyange, kuwa mbere tariki 5 Werurwe 1973.

### **Impunzi z’i Nyange**

Mu w’1973, muri Komini Kivumu habaye imvururu zikomeye. Ubwo mu mayira aho twacaga tva muri iyo nama navuze haruguru, ingo z’Abatutsi wazibwirwaga n’uko amazu yasenyutse, bayatwitse, bayakubise bakayahirika, intoki zatemwe n’izababuwe n’umuriro w’amazu yahiye. Byari biteye ubwoba. Mu kigo cy’abapadiri i Nyange nahasanze impunzi zigera nko ku bihumbi bibiri, zirara hanze. Maze mbibonye nti ntaho mpungiyeye. Padiri Alfred yari akiri muto afite imyaka 29, amaze imyaka ibiri n’igice gusa abuhawe, abana na padiri Léon Hitimana wakomokaga i Muyunzwe. Nahasanze umukobwa witwa Laurence Mukamabano wakubiswe aravunagurwa ku buryo yagumaga aryamye igihe cyose nahamaze.

Nahasanze n’abandi benshi bafite ibikomere by’imihoro, abavunitse wasangaga babashyuhiriza amazi buri mugoroba, imfubyi zatandukanye n’ababyeyi bazo, n’ababyeyi batari bazi irengero ry’abana babo.

Amakuru yavaga hanze yari mabi, buri munsu ukumva uwo bamenyesheje ko umugabo cyangwa umubyeyi we yapfuye. Abandi ngo intumbi z’Abatutsi zagomeye Nyabarongo munsu y’iteme, amazi arasendera, n’ibindi biteye ubwoba. icyo gihe nibwo umugabo w’Umututsi witwaga Nkundabatutsi wari umucamanza bamuteshaga imodoka ye, ku muhanda Nyange-Gitarama, akayivamo yiruka agasiga amatara yaka kubera hari haramutse cya gihu cya Nyantango baja bavuga, nuko amatara akamara iminsi itatu yaka, hanyuma bateri ishizemo umuriro akazima. Cyakora Caritas Rwanda yakoze uko ishoboye ikabazanira ibishyimbo, ifu y’igikoma n’ibindi biribwa.

Jyewe Padiri Alfred Niyitegeka yahise ansasira mu cyumba cy'uruganiriro, nuko namara kurya ngatembagara aho.

Mu gitondo nkazinduka nsasa abapadiri bataraza kunywa icyayi. Mpamaze icyumweru, Padiri yanshakiye umusore w'Umuhutu wigiraga umubano ashaka kurongora, aramperekeza mu Birambo kujya gushaka imyenda yanjye aho nayisize kwa wa mukecuru wo kwa Badege. I Nyange nahamaze ibyumweru bibiri, maze padiri akomeza kubaririza amakuru yo ku Gikongoro, amenya ko nta ntambara yahageze, ati: “*Genda ujye guhumuriza ababyeyi*”. Nahavuye kuwa gatandatu tariki 17 Werurwe 1973 nigabye, ndara mu Birambo kwa Nyirabasinga, umukobwa wa musenyeri, buracya ku cyumweru mfata imodoka ingeza i Nyanza, maze ku mugoroba mu ma sakumi n'imwe ngera iwacu.

Ariko tutaragera i Nyanza tugeze aho bita kuri Gatsisino twahasanze bariyeri, abapolisi babaza ibya ngombwa, kandi ntabyo nagiraga. Nakijijwe nuko babyatse nk'abantu batanu gusa, bagasanga babifite nuko bagahita badufungurira. Uwo muni kw'isoko ry'i Nyanza nahahuriye na Karangana Vianney w'i Kaduha, wari waranyigishije mu Birambo, asigaye noneho yigisha i Kibeho, ariho yitemberera gusa aho mw'isoko ry'i Nyanza kuko abanyeshuri nawe bari baramwirukanye. Nasanze iwacu bararize barihanaguye, kubera amakuru y'intambara yavugwaga hirya no hino mu gihugu. Mama we akemeza ko bagomba kuba barandoshye mu Kivu, nkuko mu w'1963 baroshye se muri Rukarara. Ku Gikongoro aho habereye nasanze iyo ntambara itarahageze, nta Mututsi wahohotewe cyangwa se ngo ibintu bye byangizwe.

Nahamaze icyumweru nyuma njya ku Rukamira kwa data wacu Yoweri Karekezi kubiyereka nabo. Twarebeye hamwe ukuntu nagera i Burundi, kuko icyo gihe bavugaga ko abagezeyo bahita babasubiza mu ishuri. Karekezi amaze kubona ko banyirukanye, yashatse uburyo yamperekeza akangeza ku mupaka w'u Burundi. Yanjyanye hakurya ya Mwogo ku Muhutu w'inshuti ye witwaga Kabuki wari utuye i Cyaratsi muri Komini Rusatira, ngo tujyane ku Mayaga atwereke abanyambutsa. Icyo gihe bavugaga ko burugumesitiri wa Ntyazo witwaga Athanase Nzaramba yarekaga abasare bakambutsa abahunga bakamwihera amafranga igihumbi ku muntu. Yari menshi cyane icyo gihe kuko ubundi bambukirizaga amafaranga icumi gusa. Urugero nuko icupa rya Primus icyo gihe ryaguraga amafranga mirongo itatu n'atatu. Umuntu umwe rero yarihaga ikiguzi cy'amakaziye abiri n'igice.

Ubu umuntu agereranyije byaba nko kwaka ibihumbi cumi na bitanu (15 000 frw) kugira ngo umuntu bamwambutse Akanyaru mu bwato! Urundi rugero nuko ticket muri Taxi Butare-Kigali yari amafranga magana abiri ! Twageze kwa Kabuki ntibyashoboka. Umenya yaratinye ahari ko badufatira mu nzira.

Igihe Karekezi na Kabuki basigaye babiganira, banyeretse ahitwa i Gahanda ku mugabo w'umucuruzi witwaga Mubiligi, hakaba iwabo wa Rutagambwa Valens twiganaga i Nyamasheke. Nuko njyayo ndahamusanga twirirwa tunganira, mubwira ibyo guhunga arampakanira ambwira ko se yamubujije kuzagira aho ajya, ko azamushakira ishuri ibintu bimaze gucogora, cyangwa se akamwigisha gucuruza. Nuko dusubira inyuma na Karekezi, maze ntangira kwishakira ayanjye mayira mu ibanga.

Kubera ko nta muntu washoboraga kugira aho ajya atagira ibyangombwa, kandi nta n'ikarita y'ishuri nagiraga, mama yanshakiye indangamuntu. Yabiganiriye na Charles Kanyamakombe, umugabo wa mama wacu, maze amubwira ko agiye kuyimushakira. Umuhungu wo kwa Rukeshu ku Ruyaga witwaga Mutabazi yari yarasaze, kandi yari yaravutse mu w'1954. Kanyamakombe yatse ababyeyi ba Mutabazi indangamuntu ye, ababwira ko n'ubundi ntacyo ayikoresha, kandi ntawe uzayimubaza babona yarasaze, maze barayimuha ayizanira mama, arayimpa ngo nzajye aba ariyo nerekena aho ngiye batanzi.

Kandi n'ubwo Mutabazi yari Umututsi, iyo ndangamuntu yari yanditsemo ko ari Umuhutu, maze bikazatuma nyura kuri za bariyeri nta kibazo. icyo gihe nta foto bashyiraga mu ndangamuntu.

Mu biruhuko nari naragerageje kwifatira iyanjye, ariko ngeze kuri komini umugabo wahakoraga witwaga Hishamunda arayinyima, ndetse ambwira nabi cyane ndataha. Naje rero gusubira i Nyange kujya gusura Padiri Alfred, maze ngenda nitwaje ya ndangamuntu ya Mutabazi w'umusazi. Reka rero nzayifatanwe!

Nageze ahitwa i Nzaratsi ari nka saa kumi, maze imvura iba irakubye. Nta handi nashoboraga kugama hatari mu kabari k'urwagwa kari kubatse aho mu mpinga ya Nzaratsi. Nahasanze umwarimu witwaga Evariste Mpambara, wakinaga umupira mu Birambo, maze ndamwibwira aranyibuka.



Dusangira urwagwa nta kibazo, imvura irakomeza iragwa kugeza bwije, maze biba ngombwa ko nsaba icumbi aho mu kabari. Mpambara we yashoboraga kunyeranyereza akagera iwabo, ariko kuri jyewe kujya gucumbika iwe kwari nko gusubira inyuma, kandi nari kugenda ngwa kubera kutahamenya. Nyir'akabari nawe yagombaga gufunga agataha, maze aho hakarara umusore wamucurirazaga. Byabaye rero ngombwa ko banyaka indangamuntu mbere yo kuncumbikira.

Uwo mugabo nyirakabari ayihereza Mpambara ngo amusomere, kuko we ntiyari azi gusoma neza. Mpambara mu kumwibwira nari namwibukije amazina yanjye y'ukuri, kuko nkiri mu Birambo twari twarigeze guhura turaganira, ndi kumwe na Charles Hatunguranye na Théobald Gakwaya. Ntitwatanaga uko turi batatu, ku buryo bari baraduhimbye *Triumvirat*, byasobanura mu rurimi rw'ikinyarwanda *Inyabutatu*.

Nuko Mpambara arebye amazina ya Mutabazi, umurimo : hinzi; ubwoko : Hutu, mbona umugabo azinze umunya arahindutse!

Mbura aho nkwirwa nkomeza kwinginga nuko iby'Imana mbona baremeye ndaharara. Ariko kuko bari bamaze bese kumenya ko ndi Umututsi, naraye ndi maso nikanga ko wa musore turyamanye aza kunyica. Ngize amahirwe numva inyoni ziravuze, maze mpita nkaraba mu maso nkomeza urugendo ngera i Nyange saa mbiri za mu gitondo, Padiri Alfred Niyitegeka biramutangaza. Nahamaze icyumweru ndataha, mfite umugambi wo gushaka uburyo nahunga.

Maze kubona ko umupaka w'u Burundi ucunzwe cyane, natekereje ko uwa Zayire, wo ushobora kuba udacunzwe cyane maze ntangira gutekereza kuzanyura iya Gisenyi. Natangiye kwitegura mu ibanga, ngenda buhoro buhoro mbaza umuntu waba ukomoka iwacu uhatuye akazancumbikira. Umukecuru Nyirabikali wo kwa Rwambikana, yari ahafite umukwe w'umucuruzi witwaga François Munyampundu. Maze Kanani wo kwa Rwambikana ampa ibisobanuro byose nari nkeneye, ariko atazi icyo ngamije, nuko niyemeza gufata inzira.

Nahagurutse kwa datawacu Karekezi kuwa gatanu tariki 1 Kamena 1973, nzinduka iya rubika bese bakiryanye, Karekezi yaraye mu rugo rwe ruto, nanjye naraye mu rukuru. Nsoma ku kigage umugore we mukuru Alivera Mukamurera yari yahishije, nkuraho umusa umuhungu mfata inzira. Nanyuze kwa masenge Tezira Mukandekazi i Shyembe, mbabwira ko ngiye kwa

masenge wundi Venansiya Kankindi wari utuye mu Kibande, hafi y'i Masagara muri Komini Musange.

Nuko ngeze kwa Munyandamutsa umugabo wa Kankindi, ndaharara bukeye mbasezeraho mbabwira ko ngiye i Nyange kwa Padiri Alfred Niyitegeka. Nageze i Nyange kuwa kabiri tariki 5 Kamena 1973, mbwira Padiri ko ndi mu nzira njya ku Gisenyi gushaka inzira yo kwambuka. Nahavuye ku cyumweru tariki 10 Kamena 1973, uwo munsu hari habaye n'umuhango wo gukomeza, Musenyeri Bigirumwami yatumye Padiri Sekabaraga kubakomeza.

Nuko ngeze i Rubengeru mbura imodoka igana ku Gisenyi, maze bugorobye numva ubwoba buranyishe nibaza aho nza kurara, kandi amahane y'abanya Bwishaza yari yaramamaye. Haje kunyura umukobwa mwiza mbona usa n'Umututsikazi ndamuhagarika turaganira gato, maze mubaza ko yanjyana iwabo bakancumbikira kuko nabuze imodoka ijya ku Gisenyi. Aranyemerera, nuko turagenda twerekeza inzira ya Gisenyi, ariko tugenze nka kilometero ebyiri, tugiye guta umuhanda ngo dufate iy'ubusamo, twumva imodoka ihinda iturutse inyuma yacu. Tugaruka mu muhanda twiruka turayihagarika, tubona irahagaze, irantwara na wa mukobwa. Tugeze imbere gato aha mu, ndamushimira musezeraho. Twageze ku Gisenyi saa moya z'ijoro, mbaririza kwa François Munyampundu barahanyereka, nuko ninjiye mu rugo mpasanga muramu we Evelyne wari waraje kubasura. Mukuru we n'umugabo we bo ntibari banzi. Arabambwira, nuko nanjye mbabwira ikingenza. Maze François Munyampundu ahita ajya kunvunjishiriza amafanga nari mfite, anshakira n'umusore uzanyambutsa bukeye. Uwo mugabo François Munyampundu yangiriye neza cyane atanzi.

Twaciye kuri bariyeri kuwa mbere tariki 11 Kamena 1973 mu ma saa yine, twambuka nta kibazo, no hakurya ku banyekongo tuhaca ntacyo batubajije, kubera urujya n'uruza ruhora hagati y'imijyi ya Goma na Gisenyi. Uwo musore yangejeje kwa musenyeri i Goma, aho nasanze abandi bantu bagera nko kuri makumyabiri, benshi baturuka i Kigali. Naharaye rimwe. Niryo joro ryanjye rya mbere inyuma y'u Rwanda.

Bukeye mu gitondo tujya kwiyandikisha mu mpunzi, batubwira ko hari gahunda yo kuzatujyana ahitwa Walikale. Ariko benshi twishakiraga kujya mu Burundi kuko niho hari amahirwe yo

kubona ishuri umuntu agakomeza. Uwo muni ku mugoroba twafashe ikamyo kuri sosiyete yitwa Kibabi yari igiye kurangura byeri i Bukavu, kuri 210 km.

Iyo kamyo yari iy'umugabo w'Umunyarwanda w'umucuruzi witwaga Kalinda Sekwekwe wari utuye i Bukavu. Ni urugendo rururure mu muhanda mubi utarimo kaburimbo, ku buryo twagiye duhagarara mu mayira dusanze aho izindi kamyo zanyereye. Muri Kongo imvura iragwa no mu kwa gatandatu. Kubera kwicara hejuru y'ikamyo yuzuye amacupa no hejuru, yaje kugera ahantu habi irahengama mbona igiye kugwa maze mba nasimbutse. Ngwa mu rubingo runsatura umunwa wo hepfo.

Mvuzi induru barumva barahagarara ndongera ndurira. Iyo batumva nari nsigaye muri iryo shyamba jyenye muri iryo joro, kuko hari nka saa cyenda z'ijoro. Twagenze ijoro ryose tugera i Bukavu kuri BRALIMA kuwa gatatu tariki ya 13 Kamena 1973, mu gitondo saa kumi n'ebiri, wa munwa wanjye wabyimbye. Ubwo twahasanze Kalinda Sekwekwe, adukubita mw'ivatiri ye ya Renault 12 turi bane inyuma, atujyana gutega imodoka zijya i Bujumbura. Abapolisi baramufashe kubera ko yarengeje, ivatiri ya Renault 12 irimo abantu batanu na shoferi wa gatandatu, sinzi icyo yabapfumbatishije mbona baraturetse turakomeza.

Twahavuye nko mu saa sita, tunyura iya Nyangezi no muri Nkoma kuko tutashoboraga kunyura mu Rwanda kuri Rusizi II. Sindabona umuhanda mubi nk'uwo muri Nkoma. Abandi bantu bahanyuze bazakubwira. Ni imanga iteye ubwoba, ku buryo navuga ko umuntu watekereje kuhacisha umuhanda ari umusazi. Uba neza neza ureba amasomo ya Rusizi hasi mu kabande, ukabona shoferi ataye umuhanda na gato imodoka yahagararira mu ruzi. Ubwo niko uba ubona imodoka zahaguye zashwanyaguritse, ugatekereza uko abari bazirimo babaye. Hari bariyeri hepfo no haruguru. Nta modoka zishobora kubisikana.

Bakoresha ingoma kugira ngo bamenyeshe abo ku yindi bariyeri ko hari imodoka bafunguriye, ngo nabo ntibagire indi bafungurira iyo itarabageraho. Imodoka irahanyura, urugendo rwa kilometero nk'eshatu, abagenzi bamwe bafunze amaso ngo batabona imodoka ita umuhanda, nka cya gisiga bita mbuni gihisha umutwe mu musenyi iyo kibonye ko bikomeye. Ujya kwumva ukumva abantu bose bariruhukije iyo bageze ku yindi bariyeri, ahabi harangiye. Nuko ukamanuka ugera mu Kamanyola, hasi mu kibaya cya Rusizi.

Twakomeje rero urugendo, maze tugera Kavimvira nka saa kumi n'igice, imodoka twaje mo ikomeza yinjira mu muji wa Uvira, natwe twerekeza umupaka w'u Burundi wo mu Gatumba n'amaguru. Saa kumi n'imwe n'igice twari tumaze kwambuka. Twinjira mu Burundi kuwa gatatu tariki 13 Kamena 1973. Ubwo ndibuka ko nari kumwe n'umusore witwaga Mukasa, undi witwaga Safari na Silas Niyongira wakomokaga i Nyange, Mukasa na Safari bari abasore bo mu muji i Kigali bakoraga imirimo inyuranye. Safari ariko wabonaga yaba n'umunyoni. Kari agasore gato gato karekare, kumye pe, ku buryo namubajije akambwira ngo ni ipasi y'amashanyarazi yamunyoye amaraso.

Naho Mukasa ngo yacuruzaga sekeni mw'isoko rya Nyarugenge. Sinamenye aho bagiye inkambi twabagamo imaze gufungwa. Umenya baratashye mu Rwanda kuko no hanyuma ntongeye kubabona mu Burundi. Silas Niyongira yari yarize mu Birambo, ahava muri 1969, jyewe ndangije uwa mbere, ajya kwiga mu ishuri ry'abaforomo ryabaga i Kigali mu bitaro bya CHUK (*Centre Hospitalier Universitaire de Kigali*).

Ubwo batwirukanye ari mu mwaka wa nyuma urangiza. Habyarimana amaze gufata ubutegetsi Silas Niyongira yahise ataha. Yari afite bene wabo babaga i Mushiha, ariko kuba mu mahanga yarabyanze ahita ataha. Yashoboye gusubira mw'ishuri ararangiza aba umuforomo. Bamwiciye rimwe n'umugore we muri jenocide ya 1994.

Abana be na nyina bari bihishe mu cyumba kimwe cyo ku bitaro bya Kibuye, bicishijwe n'umugore bakoranaga, witwa Eliane Mukahirwa. Byanditswe muri 1995 na African Rights mu gitabo bise Women Killers, African Rights yahariye abagore bagize uruhare rukomeye muri jenocide.

Abarundi batwakiriye neza, kubera ko bwari bwije tutakibonye imodoka itugeza mu muji i Bujumbura, baturaje mu ngoro y'umugambwe y'aho mu Gatumba, maze turarira imigati na fanta. Inzu yari isakaje ibyatsi, no hasi ari ibyatsi. Nta sima yarimo ahubwo hari mo umusenyi nko kuri plage. Uwo musenyi niwo twarayemo, mu nzu idafunze, ariko icyo gihe umutekano wari wose. Burya nta gihugu kigira umutekano nk'ikivuye mu ntambara!

Bukeye twasezeye ku batwakiriye dufata inzira twerekeza i Bujumbura, twibaza ko ari ahantu hafi, kuko twahabonaga, ariko kubera kugenda mu kibaya twageze mu muji wa Bujumbura saa sita n'igice, tumaze gukora urugendo rw'amasaha atandatu ku maguru.

## **Ubuzima bwo muri COOPICO.**

COOPICO bavugaga ko yari ikoperative yashinzwe na Louis Rwagasore, umuhungu w'umwami w'u Burundi Mwambutsa IV Bangiricenge. Louis Rwagasore niwe washinze ishyamba UPRONA ryaharaniraga ubwigenge bw'u Burundi. Yaje kubizira UPRONA imaze gutsinda amatara kuwa 18 Nzeri 1961, amaze no gushinga guverinoma, baramurasa kuwa gatanu tariki 13 Ukwakira 1961, afite imyaka makumyabiri n'icyenda gusa. Igipanga impunzi z'Abanyarwanda zari zikoraniye mo cyari kigizwe n'amazu menshi, imwe nini bose bariraga mo, n'indi yari yuzuye mo imbaho maze akaba ariho impunzi zirara hejuru y'izo mbaho.

Bamwe rero bahunganye amafranga bari bariguriye utu matelas, abandi bafite ize bahawe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe impunzi HCR (*Haut Commissariat pour les Réfugiés*) na Caritas, abandi na none baryama ku myenda yabo, abandi nkanjye baje batinze barara ku mbaho gusa. Ubwo nahasanze Alfred Rudodo wari umwarimu wanjye i Nyamasheke, mpasanga Oswald Kayiranga twitaga Scout, twari twariganye mu Birambo, nyuma najya kwiga i Nyamasheke we akajya muri Koleji y'i Kigali COK(*Collège Officiel de Kigali*) i Mburabuturo, mu bucungamari. Ab'iwacu i Bufundu bahunze mbere nasanze COOPICO barayivuye mo baragiye muri bene wabo. Kuva mu kwezi kwa Gashyantare 1973, ngo buri munsu Abanyarwanda bazaga ku irembo ry'ikigo kureba ko hari bene wabo baba baje bavuye i Rwanda. Ariko kenshi ntibyabaga byoroshye kumenyana, kuko abahunze muri 1973 abenshi bari abasore b'abanyeshuri n'abakozi ba Leta n'amasosiyete, ku buryo benshi mu bahunze muri 1960 bazaga aho kureba wasangaga batabamenya.

Ubuzima mu miryango imwe yo mu mujyi wasangaga butoroshye, ku buryo umuntu bamutwaraga kubera ibyishimo byamara kabiri ukamubona yagarutse kubera ko yahasonze, agahita mo kugaruka kurya umutsima w'ifarini, ibishyimbo, umuceri n'igikoma byari bidutunze. Nta mwene wacu nashoboye kubona, kuko ntawahungiyeye mu mahanga. Bose bari barabaciriye muri Sake. Niho bashiriye muri 1994. Na bene Sebatware sogokuru ubyara mama, ntawari yarahungiyeye mu mahanga uretse mama wacu Gatarina Kamondo.

COOPICO nayibaye mo ukwezi kumwe, Leta iba ifashe icyemezo cyo kuyifunga. Byari byarananiranye buri gihe baduha umunsi umwe wo kuba twahavuye, baza bukeye bagasanga turacyahari. Cyangwa se tukazinduka tugenda tukahagaruka tuje kuryama. Twaje kuhavanwa n’uko kuwa gatandatu tariki 21 Nyakanga 1973, abapolisi bazindutse kare bakaza bagaterura ingunguru twatekagamo bakazipakira imodoka. Ubwo byabaye ngombwa ko buri wese ashaka iyo ajya.

Sinzibagirwa inzara yahanyiciye, kuva uwo munsi batwara inkono kugeza ngeze kuri mama wacu Kamondo i Mushiha ku wa 28 Nyakanga 1973, nk’uko nabivuze haruguru. N’ubu buri mwaka iyo ayo matariki ageze nkora igisibo cy’icyumweru kimwe, nkarya rimwe ku munsi. Ni nde wakwemera ko muri icyo cyumweru cyose nariye rimwe gusa? Nahuye n’umusore wakomokaga ku Kibuye twiganye mu Birambo n’i Nyamasheke witwaga Emmanuel Gahigiro, kuwa mbere tariki 23 Nyakanga 1973, mubwira ko kuwa kuwa gatandatu ntararya. Ati :”Hano mfite amafranga atanu gusa.”

Nuko ninjira mu ka resitora kari aho hafi, kamwe bakubita akarido, mbaza ko nshobora kurira amafranga atanu gusa. Bansubiza ko narira icumi ndiye ubugari n’isombe. Umukobwa mubwira ko mfite atanu yonyine, nuko ampa isombe zonyine, nzuzuzamo umunyu. Naherutse izo, kuva uwo munsi nongeye kurya kuwa gatanu tariki 27 Nyakanga 1973 ngeze i Mushiha kwa Nkiko muri Nyange.

### **Ubuzima bwo mu nkambi y’impunzi ya Mushiha.**

Inkambi ya Mushiha yari nini cyane, ifite nk’ubuso bwa 200 km<sup>2</sup>. Yari iherereye mu majyaruguru agana mu burasirazuba bw’u Burundi, mu ntara ya Cankuzo, igizwe n’imidugudu mirongo irindwi n’ibiri.

Muri 1983, yose hamwe yari ituwe n’abantu barenga ibihumbi cumi na bitanu. Yari ifite amazina yo mu Rwanda, kuko buri mudugudu yahawe izina n’umukonseye wayo wa mbere. Hari za Rwamagana, Cyanika, Gatonde, Rukari, Kabagari, Nyange, Muyange, Nyanza, Nyamugari, Ngorongari, Maraba, Kibeho, Kamonyi, Gasabo n’izindi. Mushiha yashinzwe muri 1965, yakira Abanyarwanda baturutse mu nkambi zinyuranye zari hirya no hino mu Burundi, hagamijwe kwigiza impunzi kure y’umupaka w’u Rwanda, nkuko amategeko mpuzamahanga abiteganyaga.

Hahuriye rero abantu bavuye mu Busoni, Bujumbura, Ngozi, Cibitoke, Gitega n’ahandi. Hiyongereyeho n’abandi bagiye bimuka baturutse hirya no hino mu zindi nkambi zari zihasanze nka Muramba, Kigamba na Kayongozi.

Nta kibazo cy’amasambu cyahabaga, buri wese yarahingaga akageza aho ashoboye akurikije amaboko ye. Cyakora aho umuntu yabaga yarakubise isuka, nta wundi wahahingaga batabyumvikanye. Buri mudugudu yari igizwe n’amazu ijana ari ku mihanda itatu, abatuye ku muhanda wo hagati amazu akarebana hepfo no haruguru.

Hari rero imirongo ine y’amazu makumyabiri n’atanu ku mihanda itatu. Cyakora kubera ko impunzi zakundaga kwimuka cyane, zijya mu bindi bihugu cyangwa se mu bindi bice by’u Burundi, imidugudu imwe n’imwe yagiye igabanuka mo abantu cyane. Navuga nka Shore, Gasasa, Muramba, Ngeri, Tetero n’izindi. Abantu bajyaga i Karagwe muri Tanzania, abandi Shungerezi muri Uganda, abandi bakajya mu mujiyi i Bujumbura, buri wese akurikiyeyo nka bene wabo yabonaga bameze neza bazamufasha kwibeshaho. Malariya y’i Mushiha yatumye benshi bashaka aho bahungira.

HCR yari yarahagejeje imiyoboro y’amazi hose, hari umuyoboro umwe ku ngo ijana zituye mu midugudu ibiri. Yari yarubatse n’amashuri abanza umunani meza cyane : Remera, Buhoro, Ngoma, Kabagari, Rugenge, Kigeme, Giseke na Maraba. Buri shuri rifite imyaka irindwi, kuko inkambi yubakwa, amashuri abanza mu Burundi yari akimara imyaka irindwi. Hakaba n’ibiro by’umuyobozi n’icumbi rye kuri buri shuri.

Muri 1981 ishuri rya Ngoma barihinduye ikambi y’abasirikare, bashinzwe kurinda umupaka. Hibagiranye ivuriro, kuko mu nkambi yose hari akavuriro kamwe i Mugeru, kubatswe kera ku gihe cy’ababiligi inkambi ya Mushiha itarahagera, kakaba ku bilometero 23 by’imidugudu ya Jabiro na Munini yari yegereye umupaka wa Tanzania. Nicyo gituma i Mushiha hari hagwiriyeye ubuvuzi bwa magendo, bukorwa ku mugaragaro nta mpungenge. Umugabo witwaga Cyrille wari utuye muri Buhoro, we rwose yari nka dispensaire kuko buri gitondo, utazindutse ngo ube mu ba mbere wasangaga umurongo ari muremure ukavurwa bitinze.

Hari n’undi witwaga Mujyondijyondi wari utuye muri Bugogo, hakaba Bonaventure Gakwaya muri Gatonde, n’abandi benshi cyane. Abo ba magendu bagendanaga imiti yabo n’inshinge mu mufuka w’ikoti, bakirirwa bazerera bashaka uwo batera ngo babone ay’igitaragwe. Indwara zari

nyinshi ariko cyane cyane malaria niyo yari yararembeje abanyamushiha, ku buryo bamwe bakurizagamo kurwara icyo bitaga igisyo, bitewe no kubyimba kw'urwagashya. Nanjye niho narwariye malaria ubwa mbere muri 1974. Buri mudugudu wabaga ufite umuntu ucuruza ibinini, maze umuntu yafatwa akihutira kwivura.

Ubundi rero abarembye bakabaheka bakabajyana hakurya muri Tanzania, ahitwaga Nyaronga, Nyanzige, Nyabibuye, Rusagamba cyangwa Rurenge. Muri 1975, nigeze rimwe guheka mu ngobyi iyi ya kinyarwanda, umusaza witwaga Sebakara tumujyanye Nyanzige. Twamuhetse ari mw'ijoro ry'umwezi, turamujyana tumugezayo nko mu saa yine z'ijoro ababikira baryamye, ariko tuhasanga uraye izamu aratwakira. Mbega ukuntu guheka mu ngobyi bivuna abahetsi! Umujishi nawumazemo nk'isaha imwe, ariko banyakiriye numva urutugu rwacitse.

Hari n'ahandi hantu muri Tanzania bajyaga kwivuzwa ngo hitwa mu Rwanza. Umugabo Mpamije twari duturanye niwe wakundaga kujya kuhivuzwa, akagaruka arata uko bakira abarwayi. Abishoboye bagafata imodoka bakajya kwivuzwa mu bitaro bya Mwanza (Tanzania) cyangwa se bakagana iya Gitega na Bujumbura mu Burundi.

Mu mwaka wa 1985, HCR yujuje ivuriro rikomeye mu Cankuzo, ryitwa ko ryubakiwe impunzi, ariko mu Cankuzo hari kuri kilometero zirenga makumyabiri y'imidugudu ya mbere y'impunzi ariyo Remera na Nyamugari. Ntako impunzi zitagize ngo baribegereze ariko Leta y'u Burundi iranga ryubakwa ku murwa mukuru w'intara. I Mushiha nahageze ubona ko benshi mu bahatuye bafite inzara. Impamvu zayiteraga ni nyinshi, ariko cyane cyane navuga ubunywabwaturukaga ku mpamvu za politiki. Kuva Abanyarwanda batangira guhunga muri 1959, mu nkambi nyinshi wasangaga abantu bahora buri gihe biteguye gutaha mu Rwanda ku neza cyangwa se ku nabi. Ndetse urubanza rw'Abanyarwanda mu Muryango w'Abibumbye (ONU), rwari rwaciwe uwo Muryango wemeza ko umwami agomba gutaha, maze Abanyarwanda bari hanze batangira kubona ko bagiye gutaha vuba. Aho binaniraniye rero, Abanyarwanda bishyize mu mitwe ya gisirikare maze batangira gutera u Rwanda baturutse impande zose : mu birunga, mu Bweyeye, mu Butama, mu Bugesera, mu Umutara, muri Nshili n'ahandi.

Muri icyo gihe Umunyarwanda washakaga guhunga imyaka itinda mu butaka nk'imyumbati, cyangwa se gutera urutoki baramwamaganaga, bakavugaga ko abo ari bo bazababuza gutaha. Ku itariki ya cumi na gatanu ya buri kwezi babaga batashye!!! Hahingwaga uturima duto tw'ibijumba, ibishyimbo, amasaka n'indi myaka itamara igihe kirekire.



Nta kibazo cy'ubutaka Abanyarwanda bigeze bagira, nkuko nabivuze haruguru, abashakaga guhinga barahingaga aho bashatse. Muri Gatonde nabagamo rero, nahasanze umuco wo gufatanya bagahinga ubudehe, cyane cyane nko kw'ikungira igihe cyo gutera ibishyimbo, cyangwa se mw'ibiba ry'amasaka mu kwezi kwa mbere. Abantu barihingiraga mu gitondo maze bagahurira mu murima w'uwo bafasha nko mu ma saa munani, maze bagahinga kugeza nka saa kumi n'ebiri n'igice bagataha.

Ubudehe bwahuzaga abantu bagera nko kuri mirongo itatu, bakanywa nka litiro ijana na mirongo itanu (150 l) z'ikigage. Ubwo budehe bwarafashije cyane, kuko kuva nko muri 1974, inzara yari yagabanutse cyane, abantu bejeje amateke, ibishyimbo, amasaka, imyumbati n'ibindi.

## **Umwanzuro**

Imvururu za 1973 zatumye Abatutsi birukanwa mu mashuri no mu kazi mu Rwanda hose. Byaje kugaragara ko abari babiri inyuma, zari inzego z'iperereza zari ziyobowe na Colonel Alexis Kanyarengwe, n'iza gisirikare zari ziyobowe na General Major Juvenal Habyarimana. Bari bagamije kunaniza ubutegetsi bw'abanyanduga, bagateza akaduruvayo mu gihugu, maze bakazabukuraho biyita ko bagaruye umutekano.

Kayibanda yabanje gushyigikira itotezwa ry'Abatutsi, ngo agamije guhorera Abahutu bo mu Burundi bari barishwe ari benshi muri 1972. Ariko nyuma, byaje gufata indi ntera aho n'abana b'Abahutu b'abanyanduga bahohoterwaga, ngo ntibemera neza ko ari Abahutu. Yashatse kubihagarika biramunanira, kubera ko inzego z'iperereza n'iza gisirikare zamurushije imbaraga. Nibwo yatangiye kwereka ku mugaragaro ko yamenye ko hari abashakaga guhirika ubutegetsi bwe.

Muri disikuru yo kwizihiza imyaka cumi n'umwe y'ubwigenge, ku cyumweru tariki 1 Nyakanga 1973, kuri Stade Regional i Nyamirambo, yaravuze ngo abashakaga gukora kudeta ngaho nibayikore arebe. Kuwa kane tariki 5 Nyakanga 1973 barayikora da! Kayibanda n'umugore we w'Umututsikazi Verediyana bajya kubafungira mu kigo cya ISAR Rwerere, hejuru y'urugezi rwa Basebya. Hashize ukwezi bamwimurira iwe i Kavumu, afungirwa iwe kugeza apfuye ku wa 15 Ugushyingo 1976, afite imyaka mirongo itanu n'itatu. Yafunzwe nabi cyane ku buryo bavuga ko bamwicishije inzara. Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994 ifite itotezwa rikomeye ryayibanjirije. Ntiyatewe n'uko Perezida Habyarimana yapfuye, nkuko babibwiraga abaturage.

Wari umugambi muremure wateguwe kera, ugamije icyo bitaga gukemura burundu ikibazo cy'Abatutsi. Muri 1959-1961, 1963, 1967 na 1973 hose abantu batotejwe ari benshi, bamwe babasha guhunga abandi baricwa.

Imvururu za 1973 zabaye inzira y'ubusamo ya Habyarimana kwifatira ubutegetsu agakuraho abanyanduga. Abatutsi bari barabaye ya mpfizi yo kumara urubanza nkuko babikoraga kera mu kinyarwanda, iyo umupfumu yabaga yabiraguye!

## 2. Ubuhamya bwa Afrika Philbert

Nageze muri Kaminuza mu 1970. Hagati ya 1970 no mu ntangiriro za 1972 wasangaga nta bibazo byinshi birimo. Ariko nyuma hatangira kubamo ibibazo, byanageraga aho twumva ko hari ibibazo biri mu Bahutu ubwabo. Byari hagati y'abaturukaga mu majyaruguru n'abaturuka mu majyepfo. Higeze kuza agatsiko k'abanyeshuri bari basohotse mu cyo bitaga icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye.

Abo banyeshuri sinzi ukuntu bize. Bageze muri Kaminuza bazana mo undi mwuka utari uhasanzwe. Ni nabwo haje abavuga y'uko manifeste y'Abahutu itararangira. Ukabona ko hari mo umwuka mubi. Bigenda bikomera kugeza mu mwaka wa 1973.

Ndibuka ko twigeze gutora igihe kimwe, dutora uhagarariye abanyeshuri. icyo gihe hari umukandida wari umuhezanguni cyane, yaturukaga mu majyaruguru, abanyeshuri benshi ntibari bamushyigikiye. Hakaba abandi bashakaga gushyiraho undi wabonaga yumvikana n'abantu bose wakomokaga mu majyepfo.

Itora ribaye uwo ukomoka mu majyepfo aratsinda. Abavaga mu majyaruguru bavuzza induru banga kumwemera, haba imyivumbagatanyo, noneho tujya kureba Recteur, icyo gihe yari Nsanzimana; araza aratubwira ngo ntawe namamaje muri mwembi, ibibazo ni ibyanyu, mubyikemurire. Nyuma hashize igihe gito batangira kutwirukana. Ndibuka nnyewe ubwanjye nahavuye itora rirangiye. Banshyira hagati, baravugaga ngo naravuze ngo Abahutu baramoka.

Ibyo byari byaturutse ko muri ka kavuyo ka nyuma y'amatora, twebwe twavugaga ko itora ryagenze neza, icyo gihe nta Muhutu twavugaga, nta Mututsi twavugaga.

Itora ryari ibanga ntawari uzi uwatoye cyangwa uwatowe niba yari Umututsi cyangwa Umuhutu. Batangira kutwiyenzaho cyane cyane bashaka kudusembura ngo barebe ko wenda twarwana nabo, noneho gahunda zabo zibone aho zitangirira.

Icyo gihe abakobwa b'Abatutsikazi bigaga kuri Kaminuza bavaga ku meza ugasanga babashyize hagati, bakabatuka, bakabasunika tureba turi aho ngaho, ariko ugasanga ari ikintu bakora ngo babone aho bahera. Twari tuzi ko bagura imihoro, ariko twebwe Abatutsi nanone tukabyirinda

kuko twangaga ko bavuga ngo mwabibonye? Abatutsi barimo kugura imihoro! Ariko tuzi ko bayigura, bakajya barara bayityaza, ibyo twari tubizi.

Umugoroba umwe hagombaga kuba sinema, tujyayo. Batangira kohereza ubutumwa ngo bari bukubite Abatutsi cinema nirangira. Ariko ku manywa hakaba hari urutonde rwasohotse bayishyira ku miryango ya Kaminuza, bavuga ngo Abatutsi bafite aya mazina ntibagomba kuguma muri Kaminuza.

Njye nari n'uwa mbere kuri urwo rutonde. Turasomaaa, hanyuma turavuga tuti uru rutonde ruturutse he? Ntawayisinye, abantu baravugaga ngo tuve muri Kaminuza? Turagenda tuvugaga ko twirukanywe nande? Ariko hakaba hari urutonde mu Rwanda hose, ubwo birukanaga abakozi. Turaganira twumvikana ko ntaho turi bujye.

Ku mugoroba tujya muri sinema ariko badutumaho ko bari budukubite. Ariko tukabona ko ibyo bintu bidashoboka, tukibaza ngo baradukubita batuziza iki? Abadukubita ni bande? Bamwe bajya muri iyo cinema, abandi ntitwajyayo.

Bigeze mu ma saa yine z'ijoro turi mu byumba turyamamo, nibwo batangiye kuza kuhaduhiga. Ndibuka bakubise ku muryango iwanjye, nari ndi kumwe n'uwitwa Bucyana François, bati mukingire! Twanga gukingura. Hanyuma nza kumva bavugaga ngo inyuma y'amadirishya hari abantu barimo gusimbuka mu madirishya. Nibwo nabwiye uwo twari kumwe nti noneho ku madirishya iwacu ntibarahagera, reka dusimbuke. Ako kanya twahise dusimbuka mu madirishya.

Twaraye tugenda iryo joro ryose, kuva kuri campus tugera mu Matyazo. Ubundi ntabwo ari kure, ariko kubera kugenda twihishahisha muri "*arboretum*", agashyamba kari hafi ya Kaminuza, twagiye kugera mu Matyazo ari mu gitondo.

Aho mu Matyazo, hari abantu b'inshuti zacu bakoraga kuri Kaminuza bari bahatuye. Hari n'abandi baraye batorotse iryo joro cyane cyane abaturukaga i Butare bari bazi inzira zo kujya i Burundi. Abandi bafata inzira zo ku Gisenyi.

Iryo joro ryose, abanyeshuri b'Abahutu baraye bahiga Abatutsi. Abatarahunze ako kanya bahishwe n'abalimu b'Abongereza bigishaga muri Kaminuza. Ikindi abo Bongereza badufashijeho cyane ni ukuduha indangamanota zacu. Mu bihugu bitandukanye aho benshi bahungiyeye izo ndangamanota zabafashije gukomeza kwiga.

Bukeye nibwo twamenye ko Abatutsi bose babirukanye ariko tutazi aho bari. Nta za telefoni zabagaho ngo tumenye amakuru, abalimu nibo batubwiraga ukuntu byagenze.

Bwarakeye bamwe biba ngombwa ko dusubira aho twaturukaga. Ubwo njye nagarutse i Kigali, Nsanga naho barimo kwirukana abakozi b'Abatutsi.

Icyo gihe nari kumwe na Rugwizangoga Alphonse, dukodesha imodoka tugera ku bantu 11 n'abakozi ba Leta birukanywe, twiyemeza guhunga tunyuze kuri Goma. Tugeze ku Gisenyi ikibazo cyari icyo kubasha kwambuka. Dutegereza ninjoro tuza kwambuka mu makoro, tugera muri Zaire.

Tugeze muri Zaire twahahuriye turi benshi; barimo abo twabanye i Butare, Kigali, bamwe bavuye muri Kaminuza n'abandi bavuye mu mashuri yisumbuye.

Abashakaga kujya i Burundi, ubuyobozi bwaho bwaradufashije cyane, badufasha kugera yo ubundi baratwandika. Bamwe batwandika muri Kaminuza dukomeza kwiga. Abatazibonye bagakomeza kwirwanaho ahandi. Nkanjye nagiye muri Uganda mbona buruse y'impunzi, njya kwiga muri Nigeria, ndarangiza, mbona akazi.

Wabonaga Abatutsi tubayeho mu buzima bukomeye, no mu mikino wasangaga badutuka. Nk'abo twakinaga b'abasirikare yafataga umupira akawugukubita mu mutwe ugaceceka. Twabaga tuziko nta burinzi dufite, tugahora dufite ubwoba ndetse ntitube twanakwirwanaho, kuko byashoboraga kudushyira mu kaga kurushaho.

### 3. Ubuhamya bwa Boniface Barishinge

Nitwa Boniface Barishinge, ntuye Kimironko-Bibare. Navutse mu 1949 ubu ndi mu kiruhuko cy'izabukuru.

Nize seminari nto ku Rwesero. Kubona buruse ku Mututsi ntibyari byoroshye. Maze kurangiza iseminari, narahendahenze cyane ngeza aho mbona Ishuri Nderabarezi ry'Igihugu IPN (*Institut National Pédagogique*).

Nkiga mu iseminari ku Rwesero, Abatutsi n'abaturukaga i Byumba n'ubwo baba Abahutu muri rusange abitwaga abaganza twabaga turi mu gatebo kamwe. Twabaga dutotezwa aho unyuze bati Tutsi, Tutsi....Twabaga twarabimenyereye ko Umututsi nta gaciro afite.

Ngiye muri IPN naho twabanaga bisanzwe, nta gukimbirana n'ubwo ako kantu kataburaga.

Mu nshuti zanjye magara harimo Abahutu, twasangiraga agacupa, tukajyana kwidagadura nko kubyina n'ibindi.

Muri 1970-1972, nta kibazo wabonaga gihari. Twabanaga neza, waba uri Umututsi ahubwo akajya akugirira n'impuhwe.

Muri 1973 byaradutunguye, ntitwamenya ahantu biturutse. Kuri IPN byabaye kuri 15 z'ukwezi kwa kabiri muri 1973. Twagiye kumva twumva ngo abanyeshuri bo kuri Kaminuza i Ruhande babakubise. Mu gitondo, twe ntacyo tubiziho, turi kumwe n'abandi banyeshuri rwose nta kibazo. Rugamba yahise akoresha inama saa ine muri IPN, ati “*ibyabaye i Ruhande muri Kaminuza mwabyumvise, namwe nimuramuka mubikoze, mubirukane bagende mu buryo bwiza ntimubakubite*”. Twe tukaba nta kintu tuzi, bityo ibyo avuga bikatuyobera. Dusubira mu ishuri twibwiraga ko birangiye. Turangije amasomo ku mugoroba, saa kumi hari ahantu twajyaga hitwa kwa Mubirigi tukajya kwifatira agacupa.

Saa kumi n'ebiyiri twajyaga kurya twirukanka dutangurana amasahane. Nkinjira muri resitora haza umwe arambaza ati “*ese ntabwo wasomye ku rutonde?*” Nsubira inyuma nsanga ku rugu handitswe ngo “*abanyeshuri b'Abatutsi bakurikira, turabamenyesha ko bagomba kuba bavuye mu kigo bitarenze isaha imwe*”.

Ndasoma nsanga nanjye ndiho. Ubwo ntabwo nahise ninjira, nahise manuka ndirukanka njya mu cyumba, nzingazinga utuntu. Hari ku kagoroba ka saa kumi n'ebiyiri. Hari abantu twari tuziranye i Ngoma niho naraye. Mbese ubwo nitegura guhita ntaha. Nta n'amafranga nari mfite, ariko ubwo umunyeshuri twari twariganye mu iseminari, wari inshuti yanjye yigaga muri Kaminuza w'Umuhutu witwa Mugabo, ubwo niwe wanguriye amafaranga 300; icyo gihe yari menshi.

Ndetse nari nibagiriwe n'impamyabumenyi yanjye mu cyumba, umunyeshuri twiganaga w'Umuhutu witwa Niyonteze Edouard, aza anshakisha, mu muji aba anguyeho; ampa impamyabumenyi yanjye. Bikwerekako ko hari bamwe twabanaga neza, bakabona bibaye ariko bakaba ntacyo babikoraho.

Ubwo nahise njya mu cyaro iwacu. Narahabayeee... noneho tukumva ko abanyeshuri bose bahoze aho za Ruhande bahungiyeye i Burundi, kandi ko Kaminuza y'i Burundi yabakiriye. Ariko kuva ku Rwesero kugera i Burundi nkabona bigoye. Noneho mfata umurongo wo guhungira i Bugande. Niho hari kandi niho nari mfite imiryango ya bene wacu, i Nyakivara.

Ubwo hakaba hari umunyeshuri twari twarirukanywe hamwe muri Kaminuza nawe duturanye. Dufata gahunda yo guhunga tukigira i Bugande. Nabyo ntabwo byari byoroshye.

Hagombaga uruhushya rw'inzira rwanditseho ubwoko. Turagiye tugera aho bita i Kiramuruzi. Turaharara mu gitondo tugira ngo dufate imodoka zo mu Mutara. Tubona baradutangiriye. Batwaka ibyangombwa bati "*murajya he?*" Tuti "*turajya mu nka mu Mutara*". Bati "*ikibyemeza ni iki?*" Bati "*musubireyo.*" Tugaruka mu rugo. Twaje n'amaguru iyo za Muhura, ubwo icyo gihe hari mu w'1973 mu kwezi kwa gatatu.

Ngeze mu rugo nshaka ubundi buryo bwo guhunga. Nihindura umushumba. Mfata agakapu kanjye ngashyira mu kigunira, nambara agakabutura n'ibirenge nikorera nk'ugiyeye mu nka. Ubwo ndagenda ngera aho ngaho za Kiramuruzi. Babonaga ndi umuntu w'umuturage. Ndagenda ngera mu Mutara mba kwa Marume icyumweru. Ndagenda ngera ahitwa Kizinga. Mfata tagisi ingeza i Mbarara. Nshakisha mubyara wanjye warongowe n'Umugande aho yakoraga mu maduka ndamubona, njya kubayo.

Bigeze aho mukuru wanjye wabaga Nyakivara aza kuntwara, turaganira mbona ntazabona ahantu niga kuko bigaga mu cyongereza, kandi njye nari narize mu gifaransa. Ariko nkaba nkurikirana

amakuru y’uko abo twiganaga bari i Burundi kandi babonye ishuri ndabimubwira. Ampa amafaranga ngura tike y’indege, njya i Bujumbura muri Seminari Nkuru, aho abandi bose bari bari. Turahaba. Nahageze mu kwezi kwa gatanu. Ndahaba ukwa gatandatu, ukwa karindwi Habyarimana akora kudeta, ariko turi mu buzima bubi bamwe tutabasha kubwihanganira. Abandi bari bafite benewabo babafasha, ariko njye ntawe twari tuziranye. Tuhaba nta faranga, kugeza mu kwa cyenda.

Twumva radio Rwanda ivuga ngo abirukanywe basubire mu mashuri, ariko byari ibintu byo kubeshya. Ubwo nibwo twatangiyeye gutoroka inkambi. Wajyaga kumva ukumva ngo naka yagiye, kanaka yagiye.

Nanjye ndagenda njya mu buyobozi bw’impunzi, nta faranga nari mfite. Ndavuga ngo mfite mukuru wanjye uri i Bugande, yamboneye ishuri nimumpe itike nigire yo. Bampa ibihumbi bibiri by’Amarundi. Yari menshi icyo gihe. Ndibuka ko naguzemo agakweto, izindi zari zarancikiyeho. Mbwira mugenzi wanjye ngo natwe tugende.

Kwari ugutanguranwa ngo tugere kuri IPN natwe batwandike. Ni uko mu gicuku turatoroka turataha. Duca ku Kanyaru. Batwambutsaga ku mugongo tukabaha Amarundi 10. Tuvayo n’amaguru, tunyura za Mugombwa na Kansi, dutunguka i Butare. Turarayo bukeye tujya kuri IPN bari barimo kwandika abanyeshuri. Bahita batwandika, tuti ibintu biratunganye! Ubwo dusubiye mu ishuri. Nsibira mu wa kabiri, turatangira turiga. Ndetse baduha n’ibyumba ariko bari bataratanga buruse.

Ntitumaze icyumweru kimwe, bageze aho bati mwitabe mu buyobozi bukuru bw’ishuri (rectorat). Twari twagarutse tugera muri 20, sinzi ukuntu batumenye. Twicara aho bati ntitubabwira amagambo menshi rero, hari itegeko ryavuye i Kigali, ryatanzwe na Kanyarengwe, ko abahungiyeye i Burundi mudashobora kwiga. Barangije baratwirukana. Ntahobari Maurice niwe wari usigaye ahayobora. Mbwira bagenzi banjye nti njye ntabwo nsubira i Burundi, ngiye guhinga. Buri wese afata inzira ye.

Nahise njya i Kigali, ndara i Nyamirambo. Mu gitondo njya kuri za minisiteri. Nza mpakerakera ngo ndebe ko nabona akazi. Ngira Imana nkubitana n’umugabo warangije muri IPN wayoboraga ishuri rya Koleji (“*collège officiel*”) ya Rulindo, ati “waje nkaguha akazi?” Anjyana muri



minisiteri ati nabonye umwarimu, kuko bari barababuze, abenshi bari Abatutsi kandi barabirukanye. Ati n'ubwo atarangije, ariko yakwigisha.

Bampa akazi batyo. Njya kwigisha muri koleji ya Rulindo. Ubwo kwiga biba biranze. Buri mwaka twarandikaga dusaba ngo batubabarire tujye kwiga bakanga. Nigisha i Rulindo, ariko mu kwirwanaho ntanga ka ruswa mbona akanya mw'ishuri ry'imyuga ETO Kicukiro. I Rulindo nahigishije kuva 1973 kugeza 1977, muri ETO Kicukiro kuva 1977 kugeza 1979.

Naje gushaka umugore, akaba yariganye n'umudamu w'umunyagisenyi wayoboraga banki BK (Banque de Kigali). Kubera guhakwa no guhendahenda, ndamubwira nti wankuye mu bwari mu! Ankura mu bwari mu ntangira akazi muri BK.

Nkoramo n'ubundi ariko mu ngorane, aho unyuze hose bagucira, nkoramo kuva 1980 kugeza 1982. Kubera kutumerera nabi muri 1983 umuyobozi mukuru witwa Bizimana wari umugabo mwiza ati reka nguhungishe nkujyane i Rwamagana. Anjyana i Rwamagana ariko mu w'1985 baramuhindura, bamuvanyemo haza undi utarihangariraga kubana n'Abatutsi, aranyirukana. Mba umushomeri gutyo.

Bigeze mu mpera za 1986, hari umugabo witwaga Mugemana wakoraga muri Minisiteri y'Ubucamanza (MINIJUST) ampa akazi muri iyo minisiteri nkoramo kugeza 1989. Nta mpamyabumenyi nari mfite, kwari ukugendera ku mwaka umwe nari mfite muri IPN.

Guhera mu kwa kabiri 1989, ntangira kwimenyereza umwuga w'ibaruramari. Twiga neza mu kwa cyenda twari turangije.

Nkirangiza numva itangazo kuri radio-rwanda, sosiyete yitwaga SINELAC (Société Internationale d'Electricité des pays des Grands Lacs) yakoreraga i Bukavu, ko ikeneye abafasha b'abacungamali; ndavuga nti uwapfa gupimiranya. Ariko hagati aho kugira ngo mbone ibyangombwa bingiza i Bukavu byari ikibazo, ndetse n'uruhushya rwo gutwara imodoka kurubona ntibyari byoroshye.

Kuko muri 1985 igihe nari umushomeri nari nabashije kugura akamodoka k'agatagisi kuko nari nagurishije akazu kanjye nari mfite i Nyamirambo. Naje kuyiga ariko nkajya nyitwara nihishahisha; Nandika ibaruwa nyohereza yo.

Bampamagara kuri radio, ndavuga nti nibanyumva mpamagarwa kuri radio ntabwo bazatuma ngenda. Hari umuntu wakoraga kuri radio ndagenda ndamubwira nti umpanagure ku itangazo ntimwongere kumpamagara, ngira amahirwe birakunda ntibongera kumpamagara, ariko ubwo nari namaze kuryumva. Kubona uruhushya rw'inzira birangora. Hakaba hari umugabo twiganye muri IPN wayoboraga muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga (MINAFFET) witwa Gasana. Ndagenda mwikubita imbere nti ngomba kujya gukora ikizamini muri SINELAC kandi nta ruhushya rw'inzira none ndwanaho. Amfasha kubona uruhushya rw'inzira rumara amezi 3. Ndambuka njya i Bukavu.

Ngezeyo nsanga ikizamini kirakoreshwa n'umuntu twari twarahunganye i Burundi we asigarayo afatanije n'umunyekongo bampa ibibazo ku mwanya w' umuyobozi ushinzwe imari. Ndagaruka nkora akazi nk'uko bisanzwe. Ngiye kubona mbona mu kwezi kwa cumi Gasana anzaniye ibaruwa ya SINELAC nsanga akazi kabonetse. Umutima uradiha, ndabihisha, mpita nsaba konji. Mbwira madamu nti ujye uvuga ko ngiye mu cyaro. Mpita njya i Bukavu.

Njya i Bukavu kuwa 18/12/1988, bampa ibiro ntangira akazi. Ukwezi gushize maze guhembwa ndagaruka nsaba guhagarika akazi mvuga ko ngiye kwiyororera inka iwacu mu cyaro.

Byari byoroshye kuko umwanya wagombaga guhabwa undi muntu. Nsubira i Bukavu ariko mu ibanga, kuko nabwiye madamu ko akomeza kuvuga ko ndi mu cyaro.

Inkuru ntizibura uko zigenda, baza kumenya ko nabonye akazi muri SINELAC. Bahita babaza Umuyobozi mukuru Nyoni bati *“akazi yakabonye gute?”* Ati *“twatanze itangazo, ikizamini cyakoreshwaga n'Abanyekongo n'Abarundi, yaragikoze aratsinda. Nari kubigenza gute kandi umwanya ari uw'Abanyarwanda?”* Bati *“akwiriye kugaruka”*. Nyoni abura uko abigenza. Akoze ku Munyekongo ati sinshobora kugusinyira. Akoze ku Murundi ati sinagusinyira, biranga. Nibwo nagumyeyo ndakomeza ndakora.

Mu kwezi kwa karindwi mu w'1990, ndaza ntwara umuryango wanyu tujya muri Kongo. Ng'uko uko naje kubaho mu itotezwa ryakorerwaga Abatutsi. Naje guhunguka nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi hagiye ubuyobozi bushya, nkomeza ako kazi.

#### 4. Ubuhamya bwa Colette Mukansanga

Nitwa Collette Mukansanga, navutse mu w'1955, mvukira ku Gikongoro muri Komini Rukondo. Ntuye i Nyagisozi

Ubwo birukanaga Abatutsi nigaga mu ishuri ry'abakobwa "*Ecole Technique Feminine*" ry'i Nyanza.

Umubano wari usanzwe ari mwiza, nta makimbirane hagati y'amoko.

Mu kwiga amahirwe yabaga ari amwe mu ishuri, cyane cyane ko abarimu benshi bari abanyamahanga. Naraje mvuye i muhira nje ku ishuri, ni hafi y'inzira iva ku isoko ry'i Nyanza. Abavuye kurema isoko bagaruka bari basize ku ishuri birimo bicika, abanyeshuri birukanwa, bakubitwa. Wari umunsi wo gutangira, byari mu kwa kane. Ba bantu babonye mfite i valisi bakagenda bongorerana, ngo ese buriya kariya karajya hehe, ngo ese buri kariya nikagerayo ntibakica?

Mbega ukabona barimo kugenda bajujura bajujura, hanyuma bigera aho noneho abantu barabimbwira. Bati "*ese mama urajya he ko hariya byacitse?*" Nti "*ese ni ibiki?*" Bati "*ku ishuri barimo kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi.*" Bati "*si ukubirukana gusa ahubwo barimo barabakubita! Barimo barabagirira nabi, bati wowe ntaho ujya rwose, nushaka wisubirire i muhira!*"

Noneho ntekereje, muri Kaminuza ho byari byarabaye, hari icyo gihuha ko bitameze neza. Nibwo ntekereje nti ninubira i muhira, kuko iwacu ntabwo byigeze biba byiza guhera 1963 kubera ubwicanyi bwari bwarabaye mu Bufundu. Ndibwira nti ningerayo bakamenya ko i Nyanza birukanye Abatutsi birahita biba bibi mbe nkongeye umuriro. Nari mfite abantu bene wacu bahungiyeye aho i Nyanza bari barishe abagabo babo n'abana b'abahungu, hagasigara abakecuru n'abakobwa n'abana.

Mu by'ukuri, njye nabyirutse nzi ko nta muntu ugira se. Noneho umuryango usigaye n'abana basigaye biyizira i Nyanza hasaga n'ahantu hatekanye. Noneho mpita nigira kwa bene wacu. Amakuru akomeza kuza, n'abanyeshuri bakomeza kuba abagome cyane, bamaze kwirukana no

gukubita abo babonye, bagenda basaka no mu mihana aho abanyeshuri baba barihishe. Nanjye nari nihishe meze nk'uwahunze.

Noneho hahantu nari ndi bati uzagende batazava aho bagusanga ahangaha, kuko hari abanyeshuri benshi bigaga i Nyanza kandi bavuka iwacu, bari banzi. Ubwo rero nahamaze hafi nk'icyumweru, ubundi ndahaguruka nsubira iwacu. Uburyo bakubise Abatutsi ku ishuri sinabibonye, sinahageze.

Ntabwo bigeze baduhamagara ngo tugaruke kwiga. Ntabwo twasubiraga ku ishuri kuko twabonaga ari uko byagenze kuko n'abakozi babirukanaga mu mirimo.

Ukwezi kwa kane nakumaze aho ngaho, n'ukwa gatanu. Kuko abandi bari barimo guhunga, nibwo nanjye ntekereje guhunga. N'abakozi benshi bari baragiye, icyo gihe nari mfite mu myaka 17 na 18. Nari nkiri mutoya. Urumva papa bari baramwishe muri 1963, ibyo byose twarabibonye. Mama akambwira ati “*ese mwana wanjye ntiwabona n'uwo muhungana?*” Akenshi abahungaga babaga ari n'abafiyanse, noneho bakambaza bati “*ko abandi bahungana n'abafiyanse babo wowe uzahungana na nde?*” Noneho icyatumye mpunga ni iki? Umuntu w'inshuti ya mama aza kumusura. Turamuherekeza. Tumuherekeje ikigabo kiraza, ikigabo cy'igisore, bya bisore by'ibirara, kiraza kirandeba.. kirandeba... ngo “*yeyeyeye, mbega igikobwa cyiza, uwagitema!*”

Ababyeyi twari kumwe, bati turashize ntaho turi, intambara igiye kuba noneho bagiye kongera kutumara! Mama noneho atangira gutekereza ati ukwiriye kuva aha. Ati wowe mbona bazakunyicira mu maso noneho vuba aha! Nibwo nanjye natekereje ibyo guhunga.

Hakaba hari musaza wanjye wo kwa data wacu nawe bari barirukanye, ariko we akaba yari ari kugerageza guhunga. Twari dufite umuvandimwe wabaga mu by'i Nyamiyaga, wari warahashatse. Uwo musaza wanjye niho yari yaragiye, nibwo nanjye ntangiye gutekereza ibyo kumusangayo ngo ndebe uko nahungu. Kuko byari bimaze kumenyekana ko abantu bagenda, ntabwo byari bicyoroshye guhunga.

Hari undi mugabo mwene wacu n'ubwo atari yarize, yarebaga kure akareba uko ababyeyi bacu bapfuye, agasubiza amaso inyuma ati ntabwo n'ubundi bazasubira batwice. Kuko yari afite iyo gahunda yo guhunga arambwira ati uzaze duhunge.

Mu kugenda twagendaga ninjoro. Utwenda wadutwaraga mu nkangara nk’ugemuriye abantu. Njye nari mfite inkangara nawe afite umufuka. Tugenda n’amaguru tugera i Nyamiyaga ku ijoro rya kabiri, tuhamara icyumweru. Kwambuka ntibyari bicyoroshye kuko bari bamaze kumenya ko abantu bahunga, bari basigaye bajya kubatega. Ubwo kwari uguhora mu nzu twihishe, bakajya bajya kubaza, “ *ese hari izindi nzira, hari ikindi cyambu mwaba mwarabonye?* ” Abasare rero batwambukirizaga amafaranga menshi. Ubundi bambukirizaga nk’amafaranga ijana ku baturage basanzwe, ariko kuri twe byari bimaze kuba ibihumbi nka bibiri cyangwa bitatu, kuko babaga bafite imbogamizi ko babafata bakaba babagirira nabi. Inzira zaje kuboneka, tugenda nijoro baratwambutsa. Batwambutsaga gusa umugezi wo ku Kanyaru.

Mwagendaga mu rufunzo rwo mu Rwanda mukagera aho uruzi ruri, bakakwambutsa ugakomeza mu rufunzo rwo hakurya. Nta nzira yabaga irimo. Tugenda muri iryo joro turwana n’urufunzo nta nzira irimo. Ahari hari inzira bari barahamenye bahategera abantu.

Urwo rufunzo rero turujyamo ijoro ryose. Turagenda, imibu, imisundwe! Iryo joro ryose turuvogeramo. Turara dushakisha inzira turwana n’urufunzo, buracya, twirirwamo nanone. Hari igihe amazi yashakaga kuturengera, waba ugiye gusaya undi akagukururamo nturengerwe. Ni ibintu nyine utashobora kwibagirwa. Tugize amahirwe tubona ahantu hazima tuba tuvuye mu mazi. Dusanga abandi bantu nabo bamaze kuruvamo. Tubabonye twese tugira ubwoba. Batubonye bati noneho abo mu Rwanda baradukurikiye baje kutwica! Twari tukiri ku gice cy’u Rwanda tutaragera ku butaka bw’Uburundi.

Tubabonye tugira ubwoba tuti yebaba baratwishe, nabo bati baratwishe! Kuko hari abambukaga bakagenda igihe kinini ariko bakaza kwibona basubiye mu Rwanda, baba bakiri mu kwishima ngo bambutse, bakaba barabishe. Na wa munaniro wose, na ya nzara n’imisundwe!

Imisundwe yarakuryaga wagira gutya wayikuraho amaraso akava cyane. Aho bigeze turayihorera irinyunyuriza, ihaze ikagwa. Noneho tugumya kurebana ariko habura utera undi. Maze baravuga bati erega ahari namwe turi mu rugendo rumwe! Bati nimuze. Turambuka turabasanga, twicara aho ngaho twikura imisundwe. Bya byenda twaraye tugendana turayambura turabita, twambara indi nayo yabaye amazi. Twota akazuba tumaze kuba abantu turahaguruka turagenda.

Twari twageze i Burundi!

Aho hari mu Kirundo. Turagenda tugera ku rugo rwari rurimo Umunyarwanda wahagiye kera araducumbikira. Bukeye rero baraduherekeza batugeza aho bari barimo kwakirira abantu bahunze baratwakira. Niho imodoka zadukuye zitugeza mu nkambi. Tuhageze dusanga sinzi ibintu byahabaye, umuhungu wari ufite amafaranga barayabona yayahunganye baramwica.

Dusanga Abarundi bararakaye, bati bya Binyarwanda nabyo ni ibyicanyi, tubahane. Babima ibiryo turahasonzera. Twahavuye nyuma y'iminsi ibiri nta kintu gihari rwose. Abarundi bararakaye barabimye ibyo kurya. Baravuga bati abantu bakoraga n'abigaga nimuze tubajyane. Batujyana i Bujumbura ahantu hari inkambi, tuyijyamo hanyuma nayo baza kuyifunga.

Hari umuryango wa bene wacu wari warahungiyeye i Burundi mu w'1963 uratwakira. Ntangira gahunda yo gushaka ishuri. Nza kubona ishuri mu bijyanye no kwigisha. N'ubwo nari ngeze mu wa kane nsubira mu wa kabiri. Ndangije mbona akazi, ubuzima burakomeza. Nakoze icyiciro cya abiri cya kaminuza ngarutse mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Twe twirukanwaga n'abanyeshuri bo kuri Christ Roi. Wasangaga baziranye. Mu kwirukana hari n'igihe birukanaga abari inshuti zabo.

Kuri koleji (*college*) hari abasore bacurangaga neza gitari bakanaririmba neza, abakobwa bakabakunda. Twe twikundiraga abo muri Christ Roi. Iyo twasohokaga habaga ari intambara bakavuga ko tutabegera. Abantu babaga bahindutse. Hari abarimukazi bigishaga, nabo abenshi babaga barize muri tekinike, noneho umuyobozi w'ishuri w'umuzungu arababwira ati, "*ah! Basore beza bo muri koleji mwakundaga baje kubica nimuhunge!*".

## 5. Ubuhamya bwa Bucyana François

Navutse ku italiki ya 3/04/1952. Navukiye ku Gikongoro muri komine Nyamagabe. Nigaga muri Kaminuza y'u Rwanda niga imibare, twari batanu mu ishuri. Mfite impamyabushobozi ya *Maîtrise* (Icyo gihe cyari igice cya gatatu muri Kaminuza) mu mibare, ndi mu kiruhuko cy'izabukuru.

Kera mu mvururu ntabwo bapfaga kwica umuntu. Baragusohoraga inzu yawe bakayihira inkongi igashya muyireba. Habagaho cyane gutwika no kunyaga amatungo ndetse no gusahura ibindi byabaga biri mu nzu. Kwica ntabwo byabagaho cyane. Iyo babaga bagiye kugaba igitero mu rugo rw'umuntu babyitaga “ *gukora* ”.

Ndabyibuka umunsi umwe nkiri umwana twahungiyeye hafi y'ishyamba, hakaza kajugujugu z'ababiligi zipuriza urusenda mu mashyamba ngo abihishemo basohoke.

Kera byabaga bigoye kuva muri perefegitura yawe ujya mu yindi. Nabanje kwiga i Shyogwe mu cyiciro cya mbere, ariko habaga za bariyeri, twagombaga kugendana uruhushya rw'inzira. Ukajya kuyitora kuri perefegitura isinyweho na perefefe. Mwagera kuri bariyeri mukava mu modoka mukerekana uruhushya rw'inzira.

Hari igihe bakuvanaga mu modoka bakakureba, bakagutinza hanze nkana bisi ikagusiga, ukagenda n'amaguru. Nari mfite mushiki wanjye wabaga hano i Kigali. Iyo habaga umukwabu nirirwaga mu nzu ngo bataza kumbaza ngo icyo nkora aho. Twabaga twarahungabanye, kuko igihe cyose bashoboraga kukumerera nabi. Ni bwo buzima twabagamo, kuko babigushyiraga mu nawe ukumva utari Umunyarwanda. Ukumva ko udafite agaciro ndetse n'ibyo Leta igukoreye ukumva ari nk'impuhwe ikugiriye, ukageza aho ukumva ari ko bikwiye kugenda kubera ubwoba bagushyizemo.

Muri icyo gihe nta Mututsi warangizaga amashuri yisumbuye ngo yemererwe kujya kwiga i Burayi. Wajyaga ku kazi cyangwa wagira Imana ukajya kwiga muri Kaminuza y'i Butare, ariko kuvuga ngo urajya kwiga Iburayi ntibyashobokaga.

Niyo mpamvu muri Kaminuza y'u Rwanda hari umubare w'Abatutsi wenda kungana n'uw'Abahutu kuko bo boherezwaga muri za Kaminuza zo mu burayi. Umututsi akajya kuba

mwalimu cyangwa yaba afite nk'impano ya sport akabona akazi muri ministeri cyangwa ikindi kigo kugira ngo ajye abakinira, nabwo ari icyo kimukijije.

I Butare habaga abasore bashinzwe umutekano, iyo ba Lizinde bazaga muri Kaminuza twajyaga kwihisha muni y'ibitanda.

Muri Kaminuza yose twari nka 500, tubanye neza, tukaganira bisanzwe. Iyo myaka itatu nari mpamaze nta kintu kidasanzwe nabonaga; kwirukana Abatutsi byabaye nk'ibidutunguye, mbona byarazanye n'abashakaga gukora kudeta ya gisirikare bakavanaho ubutegetsi bwariho.

Nk'uko byari bisanzwe hagombaga kuba urwitwazo kugira ngo babone uko batera imvururu mu gihugu. Nibwo birukanye abakozi mu biro. Barazaga bakandika ku nzugi ngo Abatutsi bafite amazina akurikira be gusubira mu biro. No mu mashuri yisumbuye ni uko byagenze. Twebwe i Butare rero byatangiye kuza mu bintu bitumvikana, turi kumwe ninjoro twumva baje kutwirukana mu byumba twararaga mo. Guhera saa tanu z'ijoro baza gukomanga ku byumba byacu. Twaraye tugenda, duhunga, mu ijoro saa sita z'ijoro.

Muri 1972, haba amarushanwa ya siporo hagati ya Kaminuza y'Abarundi n'iy'Abanyarwanda. Icyo gihe umunyakanda wari ushinzwe imali n'ubutegetsi ansaba ko nazamukurikiranira iby'imirire y'abo bari mu marushanwa. Nabikoze icyumweru cyose. Iteka nkabona Abanyarwanda bamwe n'Abarundi bazaga kurya batinze, ngategereza ko baza kurya bakaza nka saa tatu, saa ine bikanyobera.

Ubwo nabimenye ari uko bibaye, ndetse n'Abarundi bashatse gukora kudeta, nkeka ko ari byo bagenzi babo babigishaga. Ntibyatinye nibwo hatangiye gutukana hagati y'u Rwanda n'Uburundi; ubuzima bwatangiye kuba bubi cyane ubona muri Kaminuza hari ikibazo, abanyeshuri b'Abahutu bakora inama zabo zitandukanye. Ndibuka rimwe tuvuye muri resitora tujya mu byumba byacu, nko mu ma saa tanu twumva barakubita inzugi, bakubita amadirishya, bagenda bakubita abanyeshuri b'Abatutsi, natwe dusohoka vuba twirukanka. Turara tugenda muri "*arboretum*", agashyamba kari hafi ya Kaminuza, ijoro ryose twageze i Ngoma mu gitondo. Twirirwa twihishe.



Kugera iwacu ntabwo byashobokaga, mfata imodoka nza i Kigali kwa mushiki wanjye, mpageze nsanga naho nta kigenda. Niho barimo kwandika urutonde ngo Abatutsi bakurikira nimugende. Twasanze bimanitse hose tukirirwa twihishe. Iyo wasohokaga baragufataga.

Tuza gutekereza dusanga igisubizo nta kindi ni uguhunga.

Guhunga nabwo nta gapapuro k'ishuri kuko nta kintu twari twazanye... Rimwe mfata imodoka, njya i Butare gushaka nibura impamyabumenyi yanjye. Ntabwo washoboraga kugera kuri Kaminuza. Ncumbika ku bantu b'inshuti zanjye bari bahari.

Mu gitondo nari nabonye udupapuro twanjye mpita mfata inzira ndagenda. Ariko ngeze i Nyanza muri Nyabisindu mpasanga bariyeri. Ngize amahirwe mbona ndaharenze. Ngeze i Kigali nibwo napanze ibyo guhunga. Hari ikintu kibabaza; uzi guhunga uva mu gihugu cyawe n'uguhungisha ukamuha amafaranga! Hari abantu twafashe bari batuzi, tubaha amafaranga baraduherekeza batugeza kuri Goma, twambukiye mu makoro.

Tukabaha amafaranga tukambuka, dushaka ibyangombwa muri Kongo dukomeza n'i Burundi. Twiyandikisha muri Kaminuza i Bujumbura, dutangira kwiga. Naje gukora i Burundi imyaka 3, nyuma nza kubona akazi mu Muryango w'Abibumbye (*Nations Unies*) muri Comores, nyuma nza gutaha mu Rwanda mu mwaka w'1994.

## 6. Ubuhamya bwa Gasengayire Fébronie

Nitwa Gasengayire Fébronie. Navutse kuwa 26/9/1954. Mu w’1973 birukana Abatutsi mu mashuri nigaga mw’Ishuri Nderabarezi ry’Igihugu IPN (*Institut Pédagogique National*) i Butare.

Mvuka muri Kamonyi, ubu ntuye muri Kicukiro/Gikondo/Kanserege, mfite impamyabushobozi ya *Licence en Lettres Modernes & BBA* (Icyo licence yari icyiciro cya kabiri muri Kaminuza). Nkora nka *Content Designer* muri *Rwandaonline*”

Ishuri Nderabarezi ry’Igihugu (IPN) nayitangiyemo ndi umukobwa umwe w’Umututsikazi. Bagenzi banjye bahansanze wabonaga banyishisha.

Byabaga ari nk’akato baguhaye ukisanga uri wenyine kenshi. Byabaga bitewe n’urwango kamere n’ingengabitekerezo. Ndibuka ko nyuma y’umwaka wa mbere, abanyeshuri b’Abatutsikazi bigaga muri Kaminuza y’u Rwanda (UNR) twabanaga mu mazu y’ababikira b’aba Asompsiyo (*Assomptionnistes*) bimukiye i Ruhande. Abakobwa twiganaga kuri IPN bakoze ibishoboka byose banyirukanisha muri iyo home ngo ninkurikire bene wacu singume kubirataho!!

Nabonye umugiraneza uncumbikira wigishaga muri Ishuri Mbenezamubano rya Karubanda ariko ntibyamaze kabiri kuko Superefe ubwe yaje kunyirukana ngo nta burenganzira mfite bwo gutura mu nzu ya Leta.

Narahangayitse, icyakora Imana yaramfashije, hashize igihe gito mbona icumbi mu benebikira i Buye, n’ubwo hari kure y’ishuri. Ingaruka y’ibyo nuko natangiye kumva ko ntakunzwe na gato, kuva kuri bagenzi banjye b’abanyeshuri kugera ku bategetsi.

Wabonaga abanyeshuri bamwe bazi ko ari bo bafite uburenganzira, abandi tugahora twihisha. Icyakora ibyo byatumaga umunyeshuri w’Umututsi akora iyo bwabaga akiga cyane kugira ngo batamubonaho impamvu yo kumwirukana.

Abahutu bariyemeraga bitangaje, naho Abatutsi bahoraga bigengesereye kandi bafite ubwoba. Niba ntibeshya, iyirukanwa ry'Abatutsi mu mashuri ryatangiyeye mu kwezi kwa kabiri 1973, twari i Butare.

Itotezwa ryatangiriye i Ruhunde muri UNR niho hari abashinzwe kurishyira mu bikorwa yitwaga “ *Comité du Salut Public* ” byasobanura mu rurimi rw'ikinyarwanda *Komite y'Igihugu yo gucungura rubanda* ; abo bari bafite ibitekerezo bimwe baraye bahiga bamenesha Abatutsi bose. Itariki sinyibuka neza ariko ibyo ari byo byose byari mu ntangiriro z'ukwezi kwa kabiri.

Benshi bakijijwe n'abarimu b'abanya Canada babahungishirije mu macumbi yabo abandi bahungira mu ba padiri babadominikani bari batuye mu nkengeri z'umugi wa Butare. Ndibuka ko mu gitondo nahuye n'abasore twiganaga bakambwira ngo niba nkunda amagara yanjye nimve mu mugwi ! narabyumvise ndagenda kubwimana mbona imodoka ingeza i Kigali nubwo byari “ uguhungira ubwayi mu kigunda “. Nageze iwacu nsanga barabamenesheje, barabaseneye. Nahungiyeye kwa masenge i Kigali hamwe na barumuna banjye bato.

Nta buryo bwihariye bwakoreshwaga. Hari hamaze igihe hari umwuka mubi bavugaga ko Kaminuza n'andi mashuri makuru (IPN n' Ishuri Rikuru ryigisha abunganira abaganga - *Ecole Supérieure des Sciences Infirmières*) yuzuyemo Abatutsi. Byarakomeje biratutumba igihe kigeze batwahukamo barakubita, baratumenesha.

Icyadukijije ni uko Abahutu bose batari muri uwo mugambi bakatuburira bati nimuve mu mujyi ibintu bitaramera nabi ! Ariko kandi ikigaragara ni uko byari ibintu biturutse i Kigali byari byarateguwe.

Kugenda usize umuryango wawe byari agahinda gakomeye cyane cyane ko wabaga utazi niba nabo bazabaho ! Umuntu yagendaga umutima ugasigara inyuma umuntu ahangayikiye cyane abo asize. No guhunga ntibyari byoroshye kuko badutangiririraga mu nzira bakadukubita, bakanaducuzza. Hari nabo kuba mu mahanga bonyine byananiraga bakagaruka mu Rwanda. Abenshi bahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994.

## 7. Ubuhamya bwa Gasasira Jean Baptiste

Nitwa Gasasira Jean Baptiste, navutse 27/05/1952. Navukiye Mwendo muri Komini Mukingi muri Prefegitura Gitarama, ubu habaye Akarere ka Ruhango muri Ntara y'Amajyepfo, ntuye i Kibagabaga- Gasabo- Kigali Ville.

Ndi dogiteri mu buvuzi bw'abantu.

Ninjiye muri Kaminuza mu kwa cumi 1972.

Kwirukana Abatutsi mu mashuri byabaye niga muri Kaminuza y'u Rwanda. Nari nahageze mu kwezi kwa cumi 1972. Batwirukana kuri 15 Gashyantare 1973. Njye baranankubise hafi yo gupfa.

Muri 1963 nigaga mu mashuri abanza. Baradutwikira mva mu ishuri njya kuragira agaka kamwe kari kasigaye. Noneho mu mpera z'uwo mwaka, nibwo umwalimu w'Umututsi witwaga Ruhoryongo wanyuraga iteka aho ndagiye nkamubwira ngo: *“mwaramutse!”* yaba atashye, nkamubwira ngo : *“muramuke!”*, yaje mu rugo kudusura abwira mama ati: *“uriya mwana mwamumpaye agasubira mu ishuri?”* Nsubira ku ishuri ahantu hitwa ku Rwingwe, aho yigishaga.

Mpageze mpita mba uwa mbere kuva icyo gihe kugeza ndangije umwaka wa gatandatu. Nakoze ibizamini bibiri, icya Leta n'icy'Iseminari. Mbitsinda byombi. Mpitamo kujya mu iseminari i Cyahinda kwa Musenyeri Gahamanyi. Icyo gihe ndi kuri iryo shuri muri 1965-1966 Inyenzi zarateye. Nkabona abasirikare b'u Rwanda bari mu biti ngo bategereje inyenzi.

Muri 1965-1966 nibwo nagiyeye mu wa mbere w'amashuri makuru, bawitaga uwa karindwi utegura i Seminari, i Cyahinda. Ndagije uwa karindwi nagiyeye i Save gukomeza Seminari nyir'izina mpamara imyaka 3 y'i Seminari ntoya.

Mu iseminari za Butare nta makimbirane yabagamo cyane kuko hayoborwaga n'abapadiri barimo Abatutsi nka Musenyeri Gatwari utaragiraga ivangura.

Tuvuye i Save twakomereje na Kansi, hayoborwaga na Mgr Kagame Alexis, naho nta vangura twabaga turi abantu beza twikinira twishimye. Nakomereje muri Koleji ya Christ Roi.

Muri Christ Roi i Nyanza hari ikintu cyitwa CECA (*Communauté des Églises Chrétiennes en Afrique*); yari irimo ba Mugesera Léon, icyo gihe yari indiri y’abanyamacakubiri, ba bandi bashaka le hutisme. Ku buryo ntibatuvugishaga, baturebaga nk’aho tutari abantu. Ntibavugishaga Abatutsi. Nibwo rero nabonye hari ikintu, ku buryo ntabwo twabavugishaga natwe twajyaga ku ruhande tukajya ukwacu. Habagamo amatsinda ashingiye ku moko. Ubwo hari muri 1971-1972.

Narangijeyo uwo mwaka, mpita njya muri Kaminuza mu kwa cumi 1972. Aho rero niho nyine ibintu byaje kudogera. Icyo nabonaga ni uko abakobwa b’Abatutsikazi bagirirwaga nabi n’Abakiga. Barabatukaga, bakabandika babandagaza, bakabashushanya by’urukozasoni ku bibaho, ukabona y’uko ari ukwibasirwa gushingiye ku bwoko.

No mu kubabatiza barakabyaga. Hakaba ariko abasore b’Abatutsi bari bafite ibigango bakabarengera. Ukabona ko hari icyo kintu cyo guhangana ariko kiteruye.

Kugira ngo abanyeshuri birukanwe habanje kuza icyuka ko mu ngabo hagati yabo nta kigenda, harimo umwuka wa kudeta noneho abo basirikare bakuru bategura akajagari bahereye mu kwirukana Abatutsi mu mashuri no mu mirimo.

Urutonde rurakorwa, bahera ku bakozi, bakomereza mu banyeshuri, abateguraga ibyo bintu ahanini babaga bagizwe n’abantu baturuka mu Rukiga abanyenduga ari bake. Cyari gifite ubuyobozi hejuru. Abanyeshuri bahawe iminsi ngo babe bavuye ku mashuri batashye.

Abataratashye ku italiki 05/02/1973 batangira kubakubita no kubirukana. Nka saa moya z’ijoro, abanyeshuri binjiye mu mazu yo kurara mo batangira gukubita.

Mbumvise, nakubise urugi mpita niruka. Baba barambonye, banyirukaho tugeze hagati y’amazu yo kuraramo abiri, umwe ankubita inkoni mu mutwe nikubita hasi, ariko nanjye ndamutega yikubita hasi. Yankubise ikibatira cy’igiti ndazengerera, nikubita hasi na n’ubu ndacyafite inkovu mu mutwe. Kubera ubwoba ndahaguruka ndenga ikigunguzi kinini ndiruka, nambuka “*arboretum*”, agashyamba kari hafi ya Kaminuza, nsanga mukuru wanjye Twagirashema Gérard wigaga mw’Ishuri Nderabarezi ry’Igihugu IPN ampungishiriza mu ba furere b’abajosefite bari batuye imbere ya Groupe Scolaire y’Abafurere i Butare.

Aho niho banyomereye, dutinya no kujya kwa muganga ngo batadutsindayo. Barankandakanda, barampfuka, amaraso arahagarara. Haje kwifunga nyuma y'ibyumweru bibiri. Ntabwo nigeze njya kwa Muganga. Imyenda yose yari yabaye amaraso.

Kubera inkoni nakubiswe mu mutwe naje kuvira imbere hagira amaraso amwe ajya ku gice cyo hejuru cy'ubwonko, bimviramo kugira ikibazo cy'igicuri rimwe gusa ariko ntibyongera.

Uwankubise ni uwitwa Dr Uwimana Alphonse, wajyaga yiratana ko ari umwana wo mu batisimu wa Perezida Habyarimana Juvenal. Ntabwo nagarutse mu kigo.

Icyo gihe abari muri Kaminuza barakubiswe cyane. Abari babimenye mbere barimo abakobwa bigaga mu kiganga, bari bacitse baburiwe n'abapadiri b'abazungu bababwiye ngo nimugende, baraza kubakubita iri joro.

Kuri 7/02/1973 abo mw'Ishuri Nderabarezi ry'Igihugu IPN nabo barirukanywe. Barababwiye ngo muragenda cyangwa tubice. Ntibategereje gukubitwa baraje turahungana. Naratashye ndahinga.

Icyakora nageze iwacu nsanga hari icyuka kibi, abari baradutwikiye biteguye kongera kudutwikira. Kubw'amahirwe ntibyatinde kuko byaje gufata indi sura bigaragara ko bitakiri ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi ahubwo ko ari Nduga ihanganye n'Abakiga bashaka gufata ubutegetsu, bityo Abahutu bo mu majyepfo barekeraho guhiga Abatutsi, ahubwo bashyira imbaraga mu guhangana n'Abakiga. Icyakora ku Gikongoro bakomeje kwica no gutwikira Abatutsi. Haza kuba kudeta birahosha.

Nyuma dusubira ku ishuri mu kwa Karindwi badusubije mu mashuri bikozwe na Perezida Habyarimana, wari wakoze kudeta.

Nkomeza ubuganga, ariko ukiga uzi neza ko nurangiza nta mwanya mwiza bazaguha. Waba uwa mbere, waba uwa nyuma bakoherezaga habi hashoboka. Igihe kimwe nahawe kuyobora ibitaro bya Kibuye, ni uko mu nama ya guverinoma hasabwa ko naba muganga wuzuye kuko Minisitiri Musafiri Ildephonse wari watanze raporo yari yavuze ko nkora akazi neza cyane.

Umwe mu bari mu nama arabaza ati “mwibagiwe ko ari Umututsi, mwamuha uwo mwanya kandi ari Umututsi?” Ubwo biba birarangiye aho, bahita banahanyimura njya i Kabgayi. Abatutsi nibo bajyaga za Rwinkwavu, Mibirizi, Kibuye n’ahandi nk’aho utabonana n’abandi no kuhagera ari ingorane. Ukavuga uti n’utu ndukeshya Rusengo.

## 8. Ubuhamya bwa Gatambiye Sylvère

Nitwa Gatambiye Sylvère. Navukiye muri Komine Musasa, hari muri Kigali. Hanyuma tuza guhunga mu mvururu zo muri 1959 duhungira muri Komini Runda.

Mfite impamyabumenyi mu mategeko ; nize n'ibijyanye n'ubukungu (*Economie*). Ubu ntuye ku Muhima.

Kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi byaje niga muri Koleji Notre Dame Kimihurura.

Ibi bintu byahereye i Gitarama; Shyogwe, Kabgayi na Byimana hapfayo n'abantu. Twarize tugeza aho turangiza igihembwe bitaratugeraho abandi baratashye kera. Hano muri Kigali byabaye nk'ibitangiriramuri Koleji y'i Mburabuturo (COK) no mw'ishuri ry'abafasha b'abaganga. Abo nibo bari bateye ubwoba i Kigali. Kimihurura, St André na Lycée de Kigali byagiye buhoro kuko byari ibigo by'abihayimana.

Twarize igihembwe kirarangira dufata amanota tujya mu biruhuko.

Batwirukanye nko mu kwa kabiri tuvuye mu biruhuko. Twaraje tugeze ku Kimihurura aho binjirira, tubona urutonde rw'abakozi birukanywe. Hari atoliye bitaga ATES. “*Atelier technique social*” yari iy'Abaselezinyani. Barabazaga, bagasudira, bakadoda. Harimo imirimo y'abantu bari barize cyane cyane mw'ishuri ry'imyuga ETO.

Urutonde turarubona rumanitse twinjira mu kigo nta kibazo. Tumaze gushyira ibikapu byacu mu myanya, tunganira nk'abantu baziranye, turavuga ngo reka dutegereze. Twaharaye ijoro rimwe.

Turabyuka mu gitondo dusanga bamanitse urutonde aho abandi bamanika amatangazo. Yari yanditse n'imashini. Bati abangaba ntabwo bashakwa mu kigo. Izina ryanjye naryo ryari riri mubo badashaka. Kubw'amahirwe diregiteri araduhamagara, yari Umubirigi. Abari banditse kuri urwo rutonde atujyana iwe, adusubiza amafaranga yacu twari twatanze nk'amafaranga y'ishuri. Arabanza aratubwira ati twahisemo ko musubira iwanyu.

Bati twagize ubwoba ko ab'i Mburabuturo babatera bakabatsinda aha. Ati ibyiza ni uko mwataha. Padiri niwe watubwiye ngo dutahe. Dufata ibintu byacu. Ndibuka umwarimu watwigishaga imibare yitwaga Mbarushimana Jean Marie Vianney. Yari ahagaze mu idirishya



hamwe n'abandi barimu bari mu madirishya batureba. Ntacyo babashaga gukora kuko n'abakozi bari barirukanywe.

Abari Abatutsi bakora muri Leta nta n'umwe wari ukijya ku kazi bose bari barirukanywe. Tugenda nta muntu wadukozeho. Turashogoshera turagenda. N'uwo batakekeragaho ubututsi babona nawe aragiye. Abatahaga kure bari bateye inkeke kuko kugenda ntibyari byoroshye, cyane cyane ko n'amabisi yangaga kubatwara. Umuntu yasamaga amagara ye n'undi agasama aye.

Njye sinajyaga kure nagiye n'amaguru. Ngeze kuri Nyabarongo abapolisi barampagarika. Barambaza ngo urajyahe ndababwira ngo ndatashye. Bati hehe? Ndababwira, barandeka.

Hari akavalisi gato nari mfite, bagata mu mazi. Ndazamuka ngera ku Ruyenzi ariko numva mfite ubwoba. Mpasanga data wacu ndamubwira nti “*baranyirukanye*”. Nibwo nahindukiye ndamubwira nti “*ndumva mfite ubwoba*”. Arambwira ati “*humura!*” Aramperekeza. Turagenda tugeze iwacu, aho twari dutuye ni ku muhanda. Ngezeyo nsanga Papa yicaye ku muharuro na bakuru banjye, bati “*uraje?*” Nti “*ndaje*”. Bati “*karibu*”. Ni njye wari usigaye utarataha.

Hari umusore umwe twaturukaga hamwe we ntiyari yatashye kuko mubo bamanitse atari arimo. Ngira ngo yaje ankurikiye ahari ariko we ngo bari banamwishe. Yarongeye aharara irindi joro ariko ngo bari bamutsinze aho twararaga. Niyo makuru yampaye. Ngira ngo nta n'icyumweru nahamaze, bahise batangira gutwikira Abatutsi.

Twari dufite n'inyana yari irwaye yahiriye mu kiraro kuko kuyukuramo ntibyari gushoboka. Baratwika amazu bazamuka umusozi wose batwika. Nta kindi twari gukora twafashe inka zacu turazishorera tujya ku musozi. Wabonaga abagore batwite, abahagatiye abana, byari ibintu biteye ubwoba. Ba mama sinzi aho bari bagiye, bahungira ku muganga nawe wari Umututsi.

Twamaze hafi icyumweru n'igice turi ku musozi n'inka. Bigeze aho turamanuka tujya mu rugo kwa minisitiri Harerimana Gaspard. Twahamaze hafi nk'ukwezi nyuma biza gusa n'aho bihosheje, tugaruka mu rugo. Barongera baragondagonda za burende. Ubundi tukarara hanze tukararana n'inka kuko nta nzu zari zihari.

Nuko tuba aho ngaho.

Abanyeshuri baza no kuruhuka barataha. Abandi kwiga byari byarananiranye, abashoboye kwambuka bajya i Burundi. Njyewe nguma aho ngaho. Sinzi ukuntu byanjemo numva ndashaka gusura abapadiri aho nigaga.

Nzinduka mu gitondo njya hariya ku Kimihurura mpasanga umupadiri wari ushinzwe iby'amasomo witwaga Père Léon. Turavugana arambwira ati ihangane. Yari Umubiligi. Mubaza ibyo kuza kwiga arambwira ati wenda birashoboka, Imana idufashije ko hari abagaruka bapfa kuba bataragiye hanze y'igihugu, ukazana icyangombwa cy'uko utahunze igihugu, icyo cyangombwa cyatangirwaga kuri komini. Ati ariko mfite n'ikindi kibazo, ati iwanyu muri benshi. Muri Komini y'iwacu twari batatu. Noneho ati kubagarura rero ndabona ari ikibazo. Nti ubwo muzagerageze murebe ibishoboka. Nuko ndataha.

Muri abo birukanywe baje gutoranya mo bamwe baraduhamagara, tugaruka ku ishuri. Icyo nabonye hari ibyo bagendeyeho kugira ngo batugarure; kuba wari ufite amanota menshi, ikindi akenshi bakundaga n'abakinnyi. Njye nakinaga “volley-ball” na “basket-ball”.

Icyo gihe bwo banyirukanye nari uwa gatandatu mu ishuri. Bari batwirukanye turi abantu bagera kuri 28, iryo shuri ryasaga n'aho ryigenga, niyo mpamvu twari benshi. Turaza turiga bisanzwe kugeza igihe Habyarimana yakoraga kudeta asa n'aho atanze agahenge ariko nako kadafashije, ariko nibura abantu bagasa n'aborohewe ho gatoya. Haza na biriya bintu by'iringaniza. Ndibuka ko ngiye gukora ikizamini wa mupadiri yarampamagaye. Twasaga n'aho twari mu iseminari. Njye nahageze n'abaseminarisiti bagihari. Arampamagara arambwira ati ugiye gukora ikizamini cya Leta. Ati gutoranya ishami uzigamo hari ingaruka nyinshi z'uko ushobora gutsindwa, ati kugeza ubu uko mbibona ni uko nta Mututsi bashobora guha ishami ryiza; nabaga uwa mbere, cyangwa uwa kabiri iyo byabaga byananiranye. Kuko nari nagarutse ngasubiramo umwaka byari byampaye imbaraga nyinshi zo kwiga no kumva ko hari ikindi cyiyongereye mu myumvire yanjye.

Ibya mbere muri za 1959 sinabyumvaga. Ntangira rero kugira umwanya wo kubukurikirana no kumenya uko ikibazo giteye. Ndibuka naragiye mbaza Papa nti ariko kuki bahora babamenesha muzira iki? Igisubizo yampaye ntabwo cyanshimishije. Ariko yarambwiye ati “*kuva nabaho nta nzu y'Umuhutu nabonye ishya, nabonye hashya iz'Abatutsi gusa*”. Numva ntacyo amariye. Numva nta gisubizo ampaye. Ndibaza nti “*ese bazira iki?*” Ariko sinakomeje kumukurikirana.

Twasabaga amashuri, ubwo nashyize ho ubwarimu kuko yari yanyihereye n'ingero z'abantu bagiye batsindwa ikizamini cya Leta. Baduhaga ubwalimu kugira ngo tutajya muri Kaminuza. Ariko nshoje kuko iby'ubwalimu nari mbirangije, nsaba no mu Byimana. Ndekerera aho. Kubera amanota meza nari mfite icyo gihe bahita bampa mu Byimana.

Nagezeyo muri 1975, narangije muri 1980. Urumva ikibazo cyari cyaramaze kumenyekana, nibwo n'iringaniza ryari ritangiye. Mfata gahunda ntangira gushaka abantu duhuje ikibazo twiganaga. Bamwe warabamenyaga abandi ntubamenye. Nkabazengurukamo mbagira inama yo gukoresha amahirwe babonye yo guhabwa ishuri ngo batarangara nayo akabacika. Ndangije uwa gatandatu buruse ndayibura. Ubwo naraje nicara umwaka. Hagati aho ngeze i Kigali nagiyeye gusaba akazi muri minisiteri.

Mu kwezi kwa cumi bari bampaye akazi muri Minisiteri y'Igenamugambi (MINIPLAN) mu bijyanye n'ibaruramibare. Nyuma naje kubona uko nkomeza muri kaminuza, ariko bingoye cyane, nabwo nkagenda mpura na za ngorane z'iringaniza.

Kuba nari nzi gukina umupira byagiye bimfasha kubona amahirwe amwe n'amwe muri izo ntambara z'ubuzima. Byanafashije Abatutsi benshi kubona amahirwe kuko bari bazi gukina no guhamiriza. Harimo nka Gisembe waje kwicwa muri Jenoside n'abandi.

## 9. Ubuhamya bwa mwalimu Ngabonziza Damien

Navutse mu 1940, mvukira i Nyamagabe, Mugano, Misiyoni ya Kaduha. Ntuye mu Murenge wa Kagarama, Akagari ka Akata. Mfite impamyabushobozi ya *Maîtrise* (Cyari icyiciro cya gatatu muri Kaminuza) muri *Psychology*. Ubu ndi mu kiruhuko cy'izabukuru.

Nahunze muri 1959, bituma ncikiriza amashuri abanza. Nayakomereje mu mahanga. Amashuri yisumbuye nayigiye mu Bubiligi. Ni naho nigiyeye amasomo ya Kaminuza ya Leven mu Bubiligi. Data bamwishe muri 1963. Nagarutse mu Rwanda muri 1969.

Kwirukana Abatutsi mu mashuri mu 1973 byasanze nigisha i Rwaza.

Nk'umwalimu kandi nkaba naragiraga umwanya wo kubana n'abanyeshuri nigisha *psychology*, ikinamico ndetse n'imikino isanzwe nk'umupira w'amaguru. Nabonaga abanyeshuri bisanzuye mu gusangira iyo mikino no mu kuzuzanya. Babaga banezerewe. Abanyeshuri bahabwaga amahirwe amwe iyo babaga babashije kuhagera. Gusa ihezwa ryabaga mu kubemerera kuza kwiga bava mu mashuri abanza.

Kwirukana muri 1973 byatangiye bitya :

Ibiruhuko birangiye abanyeshuri n'abarimu bahageze kuri 26/02/1973. Naje mvuye mu biruhuko i Kigali, mvuye no gusura inshuti yanjye w'umukobwa. Nkiri i Kigali nahahuriye n'abana bari bavuye mu biruhuko bajyaga i Kabgayi. Nari narabigishije kera. Bari bafite ubwoba bavuga ngo hari ibintu bigiye kuba. Bamwe bavuga ngo barumva ko ibintu bimeze nabi ntabwo bajyayo.

Ndababwira nti “ *njye ntabyo nzi, ntabyo mbona*”, cyane ko aho nari ndi i Rwaza nta kibazo nahabonaga. Bati “ *ariko hari abantu b'abahungu bo mu ishuri ryo mu Ruhengeri barimo bategura ibintu*”. Nti “ *abo se bazabageraho bate? Abana nkababwira nti ahubwo nimugende musubire mu ishuri*”.

Hari n'abanyumviye umwe agiye ageze i Kabgayi baramwica. Mu kwezi kwa gatatu niho byabaye, twarabyumvise ngo bishe abanyeshuri n'abafurere babiri. Nanjye nkumva nta mpamvu yambuzi kujya i Rwaza kuko ari abanyeshuri nigishaga barankundaga, abarimu bagenzi banjye

twari tubanye neza, nkumva rwose nta mpungenge. Nibwo nagiyeye. icyakora abarimu n'abanyeshuri b'i Rwaza ntacyo babimbwiyeho.

Nagezeyo nyuma ya saa sita hari amazu y'abalimu, nnyayo mbika ibintu byanjye. Maze gukaraba no kwitunganya, mbona abanyeshuri babiri bo mu ishami nigishaga baraje. Bati *“ibintu bimeze nabi ku ishuri”*. Bati *“baraduhigira ngo baradukubita”*. Ngo *“baratwica uyu munsu!”* Byarantunguye cyane. Ndababaza nti *“ese ni bande? Barambwira ngo “ni abanyeshuri b'Abahutukazi bari hariya”*. Baravugaga ngo ntaturara hano. Nti *“ese baravugaga ngw'iki?”* Ngo *nituve aha tugende*. Ni uko ndababwira nti *“nimube muretse”*.

Ndahaguruka mbasiga aho njya ku muyobozi w'ishuri. Yari kumwe n'ababikira, ndababwira nti *“ese ibintu biri hariya mu banyeshuri mwabyumvise?”* Bati *“twabyumvise ariko ntabwo tuzi uko biri bugende. Ni ibintu biri mu gihugu hose”*. Nabo bahiye ubwoba bayoberwa aho biturutse. Ndababwira nti *“ese bigende bite? Abanyeshuri ko baje iwanjye ndabagira nte?”* Mbonye nta gisubizo bafite nisubirira iwanjye, mbwira ba bakobwa nti *“ese basha, murumva mudashaka gusubira hariya?”* Bati *“ntabwo dushobora gusubirayo!”* Nti *“noneho mugende mufate utuntu twanyu muze hano, ngiye kureba icyo gukora”*. Baragenda nanjye njya kuri paruwasi. Ntabwo hari kure y'ishuri.

I Rwaza hari abapadiri bera. Ndagenda mbwira padiri Naguerre nti *“kera wajyaga utubwira ko ibi bintu bitazongera kuba muri paruwasi yawe, nti none hariya hari ibibazo; hari abana batewe ubwoba, ntibatekanye, none reka tubashakire ahantu tubashyira mu gihe dutegereje ko ibintu bisobanuka, n'abayobozi b'ishuri babirebe, ejo mu gitondo tujye inama turebe uko twabihosha”*.

Naguerre ati *“eeh!!!, ibi bintu bije nabi kandi ni igihugu cyose ntabwo biri iwacu gusa. Ati ntabwo nabijyamo”*. Nti *“none se bariya abana turabagira duta?”* Aransubiza ati *“niba wabafashe bagumane”*. Nkabona ni benshi. Hari umupadiri umwe arambwira ati *“genda ubazane njye ndabararira”*.

Nsubiraye ndababwira nti ngaho rero nimugende mufate utuntu twanyu, mubwire n'abandi bagenzi banyu, baba bafite ubwoba, nabo baze tugende. Baragenda baritegura baraza. Turagenda tugera kuri paruwasi.

Abana bahageze babashakira za matora n'icyo bafungura barangije bararyama. Ndi kumwe n'abo bapadiri turicara, turaganira twibaza aho ibyo bintu bivuye biratuyobera. Turangije turataha. Bati ese nawe urataha? Nti ndataha. Umuzungu twari duturanye anshyira mu modoka turagenda. Ngeze iwanjye nicara akanya gato, bigeze mu gicuku ndaryama.

Mbyuka saa kumi n'ebiyiri. Twatangiraga amashuri saa mbiri. Mfata ifunguro rya mu gitondo, ariko nkibaza nti ese turigisha cyangwa ntitwigisha? Ese turigisha bamwe, abandi badahari? Bikanyobera.

Mu ma saa moya ngiye kumva numva hejuru y'inzu ikintu kikubiseho, n'ikindi, biranyobera. Umukozi wanjye ntiyararaga aho ngaho, yatahaga iwabo ariko saa kumi n'ebiyiri akaba yagarutse. Tugiye kubona tubona amategura arimo kumeneka.

Ibubye binini bahirikaga hejuru y'inzu. Kimwe kiraza kikubita hejuru kikubita iruhande rwanjye. Biranyobera. Nti ubu bagiye kuza bamene inzu, nibarangiza banyice.

Sinzi ngo ni bande, kuko twatekerezaga ko haje ba bantu bo mu Ruhengeri b'abasore. Nibo twakekaga ko baza guha ingufu abakobwa b'i Rwaza. Naho ubwo abaje, bari abana b'abakobwa. Bari kumwe na bake muri abo nigishaga.

Amategura amaze kumeneka ndibwira nti ubu wenda igisigaye ni ugupfa simbizi. Ngatekereza igihe baza kumanukira uko nza kubigenza. Hari akumba kogerwamo kari gafite urugi n'idirishya. Nkajyamo ikaziye ya byeri nafatiraga mu rugo ntware n'umuhoro mvuga ngo uza kuntera wa mbere nanjye ndamwisasira, nanjye banyice nta kundi. Igihe ndi muri ibyo numva birahosheje.

Naho ubwo, umuzungu twari duturanye, yari yasohotse nawe areba ibyo bakora, hanyuma aragenda arabatuka, ati mwa bicucu mwe, iyo nzu mumenagura ntabwo ari iya Ngabonziza, inzu ni iy'ishuri, we arayikodesha.

Niba mutamushaka, mwimena inzu hazajyemo uwo muzashaka. Ati kandi muraruhira ubusa, ntabwo yaharaye yaraye muri paruwasi. Kandi bari babizi ko hari abagiye kuri paruwasi. Ati ntabwo yaharaye muricira ibintu ubusa. Bafata inzira baragenda bajya kuri paruwasi kunshaka no gushaka abo bandi bari baraye bahungiyeyo.

Hagati aho uko nabyumvise, hari abari baraye aho mu ishuri batashatse guhunga, ariko bavugaga ba bandi bita ngo ni ibivange, bafite ababyeyi umwe ari Umuhutu undi ari Umututsi. Baraye aho bazi ko bo ntacyo bazaba, ariko barabamenesheje, ntawe bishe bararara bagenda, bakwira imishwaro.

Uko byagenze ba banyeshuri baje kudushaka bageze kuri paruwasi, simbizi. icyakora hari uwatubwiye ko hari umupadiri w’umuholandi wabatangiririyeye kure akababwira ngo nta winjira muri paruwasi. Ati uwinjira ndamurasa. Barahagarara, bamwe ngo bajya gushaka abo bahungu ngo baze kubafasha.

Muri icyo gihe njyewe nari iwanjye. Hari umwarimu w’umufaransa w’umusore afata imodoka araza ahagarara imbere y’iwanjye, arahamagara ati *“uracyariho?”* Nti *“ndacyariho”*. Ati *“ariko se ubu ngubu urashaka gukora iki, tugufashe iki?”* Nti *“ibi bintu birantunguye ntabwo ndatekereza ngo nakora iki”*, nti *“ariko, icyo nzi cyo ni uko ntashaka kuguma hano. Sinshobora kuzongera kwigisha hano, birarangiyeye”*. Ati *“none?”* Nti *“sinabasha kugira icyo nkora ntabanje kuganira n’inshuti yanjye w’umukobwa iri i Kigali”*.

Noneho ndamubwira nti *“mpa igice cy’isaha nkusanye utuntu twanjye duke, hanyuma njye i Kigali”*. Hashize igice cy’isaha koko aragaruka, nari namaze kwitegura, umukozi ndamuhemba mubwira kwigendera. Imfunguzo nziha umuturanyi noneho ninjira mu modoka turagenda. Duca iruhande rw’abo banyeshuri bari aho ku muhanda. Njyewe yari yanshyize narihishe kugira ngo batambona. Ndyamamo ntambamye, anshyira hejuru utuntu tw’utwenda.

Nyura kuri paruwasi ngo menye uko byagendekeye ba bana. Nsanga nabo bafashe icyemezo cyo kutaguma aho ngaho. Dutekereza uburyo bwo kuva aho. Abatutsikazi nta n’ubwo bari benshi. Ngira ngo kombi ebyiri n’ivatiri byaradutwaye. Benshi baje i Kigali, bajya iwabo. Ni aho byarangiriye.

Abo babikira ntacyo baje kubaza. Abo bapadiri uretse uwo wadufashije gushaka imodoka ntacyo babashije gukora. Abarimu bandi, ntawe nabonye. Navuye aho numva ntagifite gahunda yo kuba mu Rwanda.

Nari narize, ibyo nashakaga barabinyima. Nashakaga kwigisha muri Kaminuza y’u Rwanda bigishaga ibintu bijyanye na *psychologie* kuko nari mfite buruse ya Leuven.

Ngeze mu Rwanda banyaka ibyangonbwa byose, sinari nkibashije gusubirayo. Mbona ko ubuzima bwanjye mu Rwanda burangiye nti ndagiye. Naje i Kigali nje na wa mukobwa w'inshuti yanjye wigishaga muri Lycée Notre Dame, nawe yize Leuven ari naho twamenyaniye. Dufata icyemezo ko dukwiye kuva muri iki gihugu.

Kuri 25 /03/1973 nibwo twafashe inzira tunyura mu Ruhengeri, turara hafi y'umupaka, abahazi bari bahadushushanyirije. Tuza kugenda mu ijoro turongotana tuza guhinguka hagati ya Masisi na Goma. Tugeze muri Kongo dusanga naho nta buzima buhari. Twerekeza i Burundi, naho hari harabaye ubwicanyi bwo muri 1972. Twashakishaga aho twahagarara, byaba ngombwa tugashaka uko twasubira mu Bubiligi.

I Burundi naje kuhabona akazi. Inzozo nari mfite zo gufasha umuryango wanjye turi kumwe, kuba mu gihugu cyanjye n'ibindi zirangira zityo. Nahungutse nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994.



## 10. Ubuhamya bwa Nkaka Raphael

Nitwa Nkaka Raphael, navutse ku italiki ya 19/8/1958, muri Komini Muyira , Segiteri Nyamiyaga, Serire Nzovi. Ntuye mu Karere ka Nyarugenge, Umurenge wa Nyarugenge , Akagari k'Agatare mu Umudugudu w'Agatare. Mfite impamyabumenyi y'ikirenga PhD mu mateka. Nkaba nigisha muri Kaminuza y'u Rwanda

Igihe birukanaga Abatutsi mu mashuri mu mwaka wa 1973 nigaga muri Seminari Ntoya ya Butare ku Karubanda.

Ibyo nibuka, ni uko twari mu ishuri ku ya 26/2/1973, twiga mbere ya saa sita. Noneho Padiri Runyange Mathias wari Umututsi wategekaga seminari araza aradusohora twese. Aratubwira ngo mugiyeye guterwa, ngo muhunge.

Mu gihe tukijijinganya twibaza ibyo ari byo, tubona bamwe mu banyeshuri batangiye kuturakarira no kudusagarira. Hari nka saa tanu. Byatumye abasagarirwaga twumva neza ubutumwa bwa Padiri Runyange.

Naje kumenya nyuma ko cyari igitero cyari kivuye muri Kaminuza y'u Rwanda, ngo kije gutinyura abaseminari b'Abahutu kwirukana abanyehsuri b'Abatutsi. Padiri we rero yari yamaze kubimenya.

Twahise twiruka, tumanukira mu ishyamba ryo ku Karubanda, twambuka hakurya, tujya ku gasozi gahari. Ntabwo twari benshi kuko tutahungiyeye hamwe. Bamwe bagiye ukwabo, abandi tugenda ukwacu. Aho twari ku gasozi twari hamwe n'umwe mu barimu bacu witwaga Nkusi Boniface. Kubera ko yari umwarimu, yatubwiraga ibyo dukwiye gukora, tukamwumvira. Bigeze nka saa kumi, adusaba kujya i Sovu mu kigo cy'ababikira.

Tugezeyo batwakirana inabi nyinshi ngo turajya he. Nyuma y'igihe kirenga isaha ugereranyije, tubona imodoka ya *toyota* zoherejwe na Diosezi ya Butare yategekwe na Myr Gahamanyi, zagombaga kuducyura iwacu.

Imodoka imwe igana mu majyepfo ya Perefegitura ya Butare, indi itwara abajya Gikongoro, indi yerekeza mu ma paruwasi yo mu majyaruguru, ari yo Kiruhura, Nyanza, Nyamiyaga na Ruhango; nagombaga gutaha muri paruwasi ya Nyamiyaga, ku Mayaga. Tugeze aho i Nyanza, dusanga hari imvururu zikomeye zaterwaga n’abanyeshuri basaga nk’aho bafashe Nyanza bitwaje inkoni n’amahiri, bahagarika Umututsi wese babonye cyangwa baketse mu muhanda, nk’uko naje kubimenya nyuma. Bari bigaruriye imihanda yose ya Nyanza, usibye ujya i Butare. Bari bigaruriye ujya kuri Paruwasi na Koleji ya Kristu Umwami, ujya mu Rukari no ku Rwesero n’ujya ku Kibuye.

Kugira ngo tugere kuri paruwasi, twagombaga guca mu ndiri yabo, mu ihuriro ry’imihanda, ariko imodoka twarimo ihanyura bahugiye gufata no guhondagura abari mu muhanda uteganye n’uwo twarimo. Ndabibuka bafite inkoni, amahiri, n’amafirimbiri basakuza cyane. Tubacaho, tuba turabarokotse. Biranashoboka ko batashoboye kumenya imodoka ngo bayihagarike.

Muri abo, namenye mo umunyeshuri witwa Rasimi irindi sindyibuka, ariko ni ryo abantu bamuziho wigaga mu ishuri nderabarezi EMA (*Ecole des Moniteurs Auxiliaries*) ryabaga aho i Nyanza. Yari mwene Sekayange Ladisilasi, wabaye Burugumesitiri wa mbere wa Komini Muyira nari ntuyemo. Nari muzi neza kuko twari duturanye, mpura nawe buri muni iyo nabaga ndi mu biruhuko. icyo gihe i Nyanza yari afite ubuhiri. Muri iki gihe arafunze kuko yahamwe n’icyaha cya Jenocide yakorewe Abatutsi. N’ubwo nigaga i Butare, ubugome mu guhohotera Abatutsi nabubonye i Nyanza.

Tugeze kuri paruwasi i Nyanza, batugabanyiriza mu modoka ebyiri, imwe ijya mu Ruhango, indi imanuka ijya i Nyamiyaga, ariko imodoka idutwaye, ntiyongera guca mu muji aho abanyeshuri bari bakamejeje, ikubanuka mu tundi duhanda, itugeza mu muhanda munini wa Butare-Kigali.

Twageze i Nyamiyaga nko mu ma saa yine y’ijoro. Abapadiri bari bahari nabo batwakira basa nk’abadashaka, kandi mbere baratubaniraga neza. Padiri mukuru yitwaga Hans Soter, akaba yari umudage. Abandi bari Padiri Pirmez Anderea w’umubirigi, na Padiri Robert May wari umufaransa. Batwakiriye binuba, biradutangaza. Ariko baduhaye ibyo guteka n’aho dutekera. Baraducumbikira, maze mu gitondo baradusezerera, buri wese ataha iwabo.

Nibajije impamvu Pirmez atwakiriye atubwira nabi. Byarantangaje kuko ni we wari ushinzwe amashuri matoya (primaire) yose yo muri Paruwasi. Nize mu kigo cya paruwasi cyiza cyane. Pirmez yajyaga aza kenshi ku kigo cy'amashuri aje kureba uko twiga, areshya bamwe muri twebwe kwitabira cyane ibikorwa bya Kiriziya Gatorika, atwigisha kuririmba indirimbo za misa, adutoza guhereza mu misa, akajya anatwigisha cyane iby'idini. Ntabwo naba mbeshye mvuze ko ari we watumye njya kwiga mu iseminari. Ndibuka ko ari we wanyibwiriye ko natsinze ikizamini cyo kujya mu iseminari. Yabimbwiye aseka cyane ubona ko anyishimiye.

Hari ku cyumweru misa nkuru irangiye, ubwo yantumagaho ngo mbere yo gutaha nze kumureba. Hanyuma nza gutangazwa n'uburyo atwakiranye umunabi tugiye tumugana nyuma yo kwirukanwa.

Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi, ni bwo naje kumenya impamvu. Uwo mupadiri yaje kuvanwa i Nyamiyaga, asubira iwabo, aragaruka ajyanwa mu mujyi wa Butare aho yigishaga mw'ishuri rikuru ICA (*Institut Catéchétique Africain*). Jenocide yabaye ari ho ari. Nsubiye i Butare kwigisha muri Kaminuza, hari abanyabutare bambwiye ko yashyigikiraga Interahamwe. Nahise numva impamvu yatwakiranye inabi mu 1973; Padiri Pirmez yapfuye muri 2015.

Nyuma y'aho Kayibanda atanze ihumure muri Werurwe, abatari barahungiyeye i Burundi babona ko imvururu zirangiye. Twarahamagawe mu mpera za Kamena, tubisikana n'abari barasigaye biga. Abarimu bategekwe kutwigisha muri icyo mpeshyi.

Twandukura ibyo abandi bize ku buryo bwihuse, turataha tujya kwigira imuhira. Mu kwezi kwa munani gushira dusubiraye gukora ibizami. Turabitsinda, twimukana n'aba bandi mu kwa cyenda. Ariko bo ntibemeraga ko twatsinze.

Ntibyumvikanaga ko bakwigana n'abantu batize ibihembwe byose, batakoze ibizami by'igihembwe cya kabiri n'icya gatatu nk'uko ubusanzwe bigenda.

Mu kwezi kwa 11, bacura umugambi wo kuzatwirukana na none, babifashijwemo na Padiri Karibushi Laurent, wari umaze iminsi ahimbye indirimbo zo mu misa zatumye amenyekana cyane. Izo ndirimbo n'ubu ziracyaririmbwa mu misa.

Ijoro bagombaga kutwirukanamo, bari baciye inkoni rwihihwa, maze nijoro ntibuka itariki, batangira gukubita inkoni abantu mu buriri. Tekereza gukubitwa mu gicuku n’abantu murara mu cyumba kimwe, abakubitwa baryamye kandi basinziriye.

Nkimara kumva aba mbere batatse, abandi bavuzza induru, nahise mbikeka, ndabyuka nihisha mu nsi y’igitanda. Baraje bakubita igitanda cyanjye, batazi ko nakivuyeho.

Nkomeza kumva imiborogo, bigeze aho bamwe mu bakubitwaga babasha gukingura inzugi barasohoka biruka, ababakubitaga babirukaho. Nsigara aho twararaga jyenine nta muntu numva avuga. Ndareba, nsanga nibagaruka bakansangamo baza kunyica.

Nsohoka buhoro muni y’igitanda, mpita nsohoka, mu kumanuka ingazi zo ku muryango, mpura n’umwe mu bagizi ba nabi azamuka ashaka kwinjira aho twararaga. Akimbona avuzza akaruru, nanjye ndamusunika agwa hasi. Namurushije ingufu kuko namanukaga ingazi, mu gihe we yayizamukaga.

Ubwo nahise niruka muri iryo joro, nkwepa aho induru zivugira, ngana ruguru ya seminari ahari ikibuga cy’umupira hafi y’ikibuga cy’indege. Bamwe bamanutse bagana mu mazu y’abapadiri, abandi bagana mu ishyamba. Hagati aho abasirikare bo mw’Ishuri rya gisirikare ry’abasusofisiye Eso (*Ecole des Sous-Officiers*) barahurura, boherejwe na Major Ruhashya wayoboraga icyo kigo.

Noneho dusubira mu kigo mu gitondo, dusanga Musenyeri Gahamanyi yahageze ari kumwe na Major Ruhashya, bari imbere y’aho twafatiraga ifunguro.

Kuba Musenyeri yari ahari na Major Ruhashya, byaduhaye ihumure. Tujya gufata ifunguro. Mu gihe tutarangiza, haza Musenyeri Léon Nzamwita wategakaga Seminari adusaba twese gutaha.

Kubera ko yabitubwiye tubona Musenyeri Gahamanyi na Major Ruhashya hanze y’icyo cyumba twarimo, twabonye ko ari icyemezo cyafatiwe hejuru. Ako kanya dusohoka tujya gufata amavalisi, duhita dutaha. Icyo gihe inkuru ikwira mu mujyi ko hongeye kuba imvururu kandi ngo bari bazi ko ngo bazanye amahoro n’ubumwe. Numvaga abantu babivuga tujya gutega imodoka.

Hashize igihe turi imuhira, kuri paruwasi bantumaho. Ngezeyo nsanga abarimu bari boherejwe gukora anketi yo kumenya icyabiteye. Bambaza ibibazo byinshi. Mu byo nibuka hari ibibazo bibiri by'ingenzi.

*“Hari uwo wakubise?”* Ndasubiza ngo *“ntawe!”*

*“Hari uwagukubise?”* Ndasubiza ngo *“ntawe!”*.

Hashize igihe bantumaho ngo nzasubire ku ishuri. Ngezeyo nsanga turi bake mu bahigwaga.

Igitangaje cy'iyi anketi, ni uko uwavuze wese ko yakubiswe, bahise bamwirukana, bamwirukana hamwe n'uwamukubise. Hasigara utarakubise n'utarakubiswe.

N'ubwo nari mu bemerewe, jye na bagenzi banjye twahoraga twibaza impamvu abakubiswe birukanywe. Bamwe mu birukanywe bahungiye i Burundi bariga. Harimo bamwe bagarutse mu Rwanda bamaze kwiga, babona akazi ariko babanje gufungwa.

Ikibabaje ni uko hari abishwe muri Jenocide yakorewe Abatutsi, barimo uwitwaga Fidèle na Makara Laurent b'i Ngoma ya Butare.

## 11. Ubuhamya bwa Ntashamaje Gérard

Nitwa Ntashamaje Gerard. Navutse mu mwaka w'1956, mvukira mu Karere k'i Nyanza. Ntuye i Kigali/Gasabo. Mfite impamyabumenyi mu mategeko.

Abatutsi birukanwa mu mashuri nigaga muri seminari ntoya ya Butare. Byari kuri 25 Gashyantare 1973 niba ntibeshya, ariko twari twaraye tugiye kureba umupira kuri stade ari ku cyumweru; icyo gihe hari abantu bo mu Rwunge rw'Amashuri ya Butare bari batwendereje.

Hari umusore twari kumwe, batangira kumukubita imigeri bamwita Umututsi ahita ataha mu iseminari, nanjye ndamukurikira. Twari twumvise ko ahandi Abatutsi bamaze kwirukanwa.

Ubwo kuwa mbere taliki ya 26/02/1973 turi mu ishuri, mu ma saa ine haza Padiri Runyange, yinjira muri buri ishuri ati nimusohoke! Dusohotse tubona n'abandi bo mu yandi mashuri barimo barasohoka.

Kuko uko amashuri yari yubatse byari byoroshye kureba ku muhanda uza ku iseminari, dukebutse tubona abantu benshi, bagera nko ku 3000, baza biruka abenshi muri bo bitwaje inkoni; twibwiye ibyo aribyo, maze Abatutsi twese dukwira imishwaro.

Ahantu seminari yari iri hari hafi yo ku kibuga cy'indege cy'i Butare, hari n'udushyamba. Njye nahise nirukanka, nambuka ikibuga cy'indege njya i Ngoma, hari abantu b'inshuti z'iwacu nari nzi aho batuye. Ntaragera aho batuye, mbona imbere yanjye hari bariyeri. Twari twarumvise ko hari abantu bitwa ngo "*comité du salut public*" bashyiragaho za bariyeri zo guhohotera Abatutsi. Ndavuga nti iriya bariyeri sinyinyuraho. Mpita nkata ninjira mu nzu ahantu ntazi nabo batanzi. Nsanga ni umuryango w'abanyekongo. Barandeba, nabo bari bazi ibirimo kubaho. Ndagenda ndicara nabo baranyihorera ntibankoma ntibagira n'icyo bambaza. Ibyo kurya byari bihiye baranangaburira ndarya. Aho bakuriyeho ya bariyeri ndikomereza.

Naje kumva ko Musenyeri Gahamanyi yaje gutanga imodoka igenda itoragura abagiye batatana ibageza iwabo. Ubwo buri Mututsi ataha iwabo

Hashize igihe ku iseminari baraduhamagara dusubirayo, ariko abandi bararangije kwiga kuko baratwirukanye abanyeshuri b'Abahutu basigara biga. Ibiruhuko twabimaze twiga ibyo abandi

bize tudahari. Abatsinze bemererwa kwimukana n’abandi. Mu kwezi kwa cyenda tugarukana n’abandi kwiga.

Hagati aho hari harabaye kudeta ya Habyarimana. Tugarutse abapadiri bashyira Abatutsi mu mazu yo kuraramo ya bonyine, bari bafite ubwoba ko bazadukubita. icyakora mu zindi gahunda ntabwo twari tuvanguye, kerereka mu kuryama gusa.

Twajyaga aho turira, uwitwaga Georges Rutaganda, umuhungu wa Mpamo w’umuparimehutu wabaye burugumesitiri wa Komini Masango, icyo gihe yafataga igikarayi akagenda akubita ku mitwe y’Abatutsi, akatuzenguruka. Uwo Georges Rutaganda yaje kuba Interahamwe ndetse ahamwa n’icyaha cya Jenocide muri TPIR, ubu yarapfuye.

Bakajya batubeshyera ngo turara tujya i Ngoma kugambanira Abahutu ngo turashaka kuzabakubita kandi atari byo, bitari no gushoboka kubera ko bari benshi cyane kuturusha. Ngo turara mu bwiherero dukora inama zo kubakubita. Ntibyashobokaga, nta n’umuntu wari kubitinyuka uretse ko banaturushaga imbaraga, ariko ukabona ni nk’ibintu barimo gutegura.

Umugoroba umwe twari tuhamaze hafi ukwezi, nakangukiye hejuru, nari ndyamye hafi y’umuryango. Barinjira batangira kudukubita. Mpita nsimbuka ndasohoka. Ndenze umuryango, umunyeshuri twitaga “Cyotsi” ankubita inkoni mu mutwe arampushura. Ndasohoka ubwo nijye wa mbere wasohotse abandi barimo bakubitwa. Ndiruka njya mu gipadiri.

Icyo gihe mpageze, mpura n’umupadiri witwa Karibushi Laurent, waje gufungwa azira Jenocide yakorewe Abatutsi, arandeba arambaza ati “nawe?”. Nk’uwari usanzwe azi ibiri bube. Nayobewe n’impamvu ambabajije gutyo. Ntekereza ko yenda atari azi ko ndi Umututsi, uretse ko byantangaza cyane kuko twese bari batuzi. Ndamwihorera ndakomeza ndicara n’abandi bakomeza guhunga baza bahadusanga.

Nyuma abasirikare baraza, dusubira aho turara, buracya badushakira imodoka turataha, tuza kugaruka hashize nk’ukwezi. Sinzi uko batoranije abagaruka ariko Abatutsi bakubiswe bagakomereka ntabwo bagarutse. Na bamwe mu Bahutu bari babishyushyemo barabirukanye, harimo na Georges Rutaganda.

Twenda gutaha badukubise hari ikintu nibuka : icyo gihe Majoro Rushashya yari ayoboye abasirikare baturinze, maze umunyeshuri witwa Sadiki aramwitegereza ati “dore kariya kazuru”!.

Ubwo yashakaga kubwira uwo musirikare mukuru ko ari Umututsi ariko we arakebuka, aricecekerera.

Nyuma tugarutse kwiga ubuzima bwarakomeje. icyakora turangije batwimye buruse, twari Abatutsi nk'icumi cyangwa barenga gato mu banyeshuri nka 30. Bayihaye umwe gusa muri twe. Abandi buri wese yarishakishirije, abenshi muri twe tuza guhurira muri Kaminuza nyuma y'umwaka.

Nakomeje kuba mu gihugu n'ubwo bitari shyashya ariko nabayeho. Ntibaduhaga akazi keza, ariko kuko babaga bakeneye abakozi barakaduhaga, abandi bakirwanaho mu bundi buryo.



## 12. Ubuhamya bwa Nyiramirimo Odette

Navutse 1956, mvukira muri Komini Kayove i Rutsiro, muri Gisenyi. Ubu ntuye i Kibagabaga. Ndi umuganga nkaba ndi rwiyemezamirimo.

Muri 1973, nigaga mu ishuri ry’abakobwa rya Nyamasheke. Mu ishuri rya Nyamasheke nari mpamaze umwaka umwe mvuye ku Nyundo, nari mu wa gatanu.

Mbere ya 1973, gushyamirana kw’abanyeshuri kwajyaga kubaho, ukumva ngo i Shyogwe bakubise Abatutsi.

Nkiri no ku Nyundo niga mu wa kabiri nari nkiri muto ntaruzuzwa n’imyaka 14, nagiyeye kubona mbona minisitiri w’uburezi araje ari mu gitondo, badushyira hanze twese, maze minisitiri aravugira ati *“batubwiye ko abakobwa ba hano ku Nyundo mwashatse kurwana”*.

Ariko amajoro abiri yari abanjirije uwo muni, nabonaga abayobozi bitwaga Jeanne Lopen akajya aza mu mazu yo kurara mu akazereramo ntajye kuryama, akajya asimburana na Felicita Niyitegeka. Umwe yaryamaga isaha nk’imwe cyangwa abiri undi akaza akamusimbura. Twabanaga mu kigo uko ari babiri. We yagendaga buhoro buhoro ntatumwumve ukajya kumva ukumva nk’abakobwa bari babyutse ninjoro akababaza ati *“mwe murajya he?”* Bakongera bakaryama. Aha yari akiri ku Nyundo muri 1969. Naho ngo abo bakobwa babaga bazanye ibikoni, bazanye imihoro ngo bashakira gutema abandi.

Ariko njye ntabwo nigeraga mbikurikirana ntawe wambwiraga. icyo gihe agakoresha inama, buri shuri rigakora inama ukwaryo aduhana ati *“muri abavandimwe, kuki murwana? Kuki mushaka gutera abandi hejuru?”* Ati *“ni bande ubundi bazana amacakubiri aha ngaha?”* Nibwo umwe yateye urutoki, umukobwa wa Wellars Banzi ndamwibuka rwose, atera urutoki ngo hari abadashakira kutuvugisha. Umuyobozi arabaza ati *“ni bande?”* Ati *“nk’uriya Odetta ntabwo atuvugisha!”* Noneho njyewe ndabaza nti *“ese abo ntavugisha ni bande?”* Umukobwa arasubiza ngo *“eeeeh!, avugisha bene wabo gusa”*. Undi Mututsi wari muri iryo shuri yari Bernadette yari inshuti yanjye, twari twarahuriyeyo ariko nari mfitemo n’izindi nshuti z’Abahutukazi, tunagendana cyane, nibuka uwitwaga Roza twaturukanaga iwacu, uwitwaga Clotilde bavaga inda imwe, abo nibwo twahoranye.

Ndavuga nti “ese mwene wacu wuhe?” Aravuga ngo “ni mwene wabo Bernadette niwe avugana nabo!”, kandi mporana na ba Roza b’Abahutukazi duturanye. Ndavuga nti “ese ko inshuti yanjye ari Roza! Njye nari nagize ngo niwe mwene wacu!”.

Muri make nk’icyo kintu cyarantangaje, noneho directrice nawe aza kumpamagara mu biro arambwira ati “noneho ujye wihangana, na Bernadette ndaza kumubwira ati ntimuzongere no gukina, wowe ujye ukina na ba Spéciose”. Nti “nonese ko bese dukina?” Nanakinaga basket, sinumvaga hari umuntu mpitamo, ariko nk’ibyo bintu byarambabaje kumva umuntu antunga agatoki, ngo hari abo mvugisha cyangwa ngo abandi ndabasuzugura.

Nari umwana w’umukene, uvuye mu cyaro, utagira n’inkweto, baranguriye inkweto zo kogana zinduta nkazazikuriramo; urumva ikintu cyo kwirata nta hantu cyari kuva.

Nyuma rero nza kujya kwiga i Nyamasheke, ababikira baho bitwaga abapenitente bari abantu b’abagome cyane. N’uyu munsu sinzi niba uwo muryango ushobora kuba ukiriho, ariko n’abinjiragamo babigishaga ubugome. Ubundi abenshi bari barimo bari abazungu b’Ababiligi.

Bo rero bari barahamuye abana babatera ubwoba, umuntu wese wize i Nyamasheke muhuye ukamubaza uti “mwari mubayeho mute i Nyamasheke?” Wabona anahamutse, kuko twarahageraga, ababikira bakadutoteza bakagusubiza hasi ukumva utari umuntu.

Warahageraga, niba bakwiyakiriraga winjiye, bati fungura ivalisi yawe, ugafungura bakazana umuti wo kwica udukoko - DDT bakawumena mu myenda yawe. Ndabaza nti ese ibyo ni ibiki mushyizemo, ngo ni imiti ubwo uzanye inda, imbaragasa, ibiheri. Nti rwose nta birimo nimubanze murebe, bati niko bimeze, ngo mwese ni kimwe n’ibiryo bakaduha ibiryo byaboze, ibintu by’ibipolici birerembamo inyo.

Nko ku munsu wa mbere nanze kubirya noneho bansohora bankubita bati wowe kuki utabiriye? Noneho abandi banyeshuri barambwira bati hano niko bimeze nibongera kukubona utabiriye bazakwirukana. Bati dore twebwe tuba twarazanye ipaki y’amashashi. Maze bakajya bitegereza umubikira arimo gutembera mu nzu bariramo, babona atabareba bakabirunda mu mashashi, bakabihisha mu ngutiya twambaraga bakagenda bakabijugunya mu bwihereho. Ugasanga bahora bazizibura kubera ayo mashashi. Nk’ubwo icyo gihe bankubita bansohora bantegetse kujya kuzibura ubwihereho nkuramo ayo mashashi.

Muri make abanyeshuri baho ntawegeraga mugenzi we kuko ari Umuhutu cyangwa ari Umututsi twese twahoraga dufite ubwoba dutegereje icyo abo babikira baza kudukorera.

Nta kintu cy'inzangano hagati y'Abahutu n'Abatutsi nabonaga, abo babikira nibo batwangaga, cyane cyane ariko bakanga Abatutsi kurushaho.

Ku kibazo cyo kumenya niba abanyeshuri bose barafatwaga kimwe :

Icyamba mbere byabaga biruhije, kuko bashakaga ngo 10% b'Abatutsi ariko n'iryo 10% sinaribonaga. Iranganiza ryagaragaye cyane ku bwa Habyarimana, ariko no ku bwa Kayibanda ryari ririho.

Mu mashuri mukuru wanjye yari umuhanga yahoraga aba uwa mbere, n'iyi yamaraga gukora ibizamini abarimu bagendaga bavuga ko yabyujuje, ariko ntabwo yigeze atsinda.

Nanjye naje gukora ikizamini ndatsinda we aratsindwa kandi yarandushaga, njye nabaga uwa 10 mu ishuri. Arongeraga arasibira nabwo aratsindwa. Mu bizamini yagiraga 99% bagashakisha aho bamukura uduce kugira ngo atuzuzwa. Nk'ubwo ntekereza ko bafataga n'utagize amanota menshi cyane bavuga bati uyu we uko byagenda kose n'ubwo yaza azatsindwa. N'ababyeyi banjye bari bakoze uko bashoboye ngo bambuze kugenda mu mashuri yisumbuye ngo abe ariwe ujjyayo kuko yari umuhanga cyane abe ariwe ugenda yitwa Odetta Nyiramirimo njye nsigare nitwa Albertine Mukankaka.

Ibyo by'amoko ntacyo byari bimbwiye kuko n'ibyabaga muri za 1960, nkijya ku ishuri sinari nzi ibyo by'Abahutu n'Abatutsi kuko n'igihe babaga badutwikeye sinumvaga ibyo aribyo, ndetse n'igihe babaga batuririyeye inka, ahubwo byabaga byadushimishije kuko twumvaga batazongera kutubwira ngo tujye kuragira inyana, tukumva dushimishijwe no kwibera mu bihuru, igihe babaga badutwikeye, kuko twabaga turimo kwikinira n'abandi bana twirukanka, twihishana, ntabwo twumvaga byaduhungabanije.

Ndetse n'imvura ikagwa kenshi bakadutwikira ibirago, ariko kuko twabaga turi abana benshi harimo n'abandi bo mu miryango ukabona twishimiye icyo kintu cyo kuba muri ayo mashyamba.

Ntabwo rero nabimenyaga ngo numve nsobanukiwe neza, ariko mu ishuri ntangiye kugenda mbyumva nibwo ntangiye kujya nibaza nti ese Umututsi ni muntu ki, ese Umuhutu ni uwuhe?

Ariko mu ishuri ry'abanyeshuri nka 40 bashobora kuba bari nka batanu, cyangwa batandatu babaye benshi. Kuko n'ubu hari abo nabonye bagarutse bavuye mu buhungiro nibura nka batatu.

Abatutsi bemererwaga kujya mu mashuri yisumbuye bari bake pe! Ariko mu kigo nyirizina abayobozi bari abazungu. Nko ku Nyundo nta tandukaniro abana bose bafatwaga kimwe, ntawe bahaga amahirwe arenze ay'abandi, n'abarimu nka 80% bari abazungu. Ndetse no kugera kuri Kaminuza. Sinavuga rero ngo hari uwo bimaga amanota kubera ubwoko.

Amoko yabaga ari ku mafishi, Hutu, Tutsi, mu mashuri abanza ho cyahoraga ari ikintu kivugwa kenshi. Bahoraga batubwira Abahutu muhaguruke, Abatutsi muhaguruke, rimwe na rimwe ukayoberwa aho uri buhaguruke, ugapfa guhaguruka, ariko nageze mu wa gatandatu mbizi, kuko uwatwikiwe, uwaririwe inka yari abizi ko ari Umututsi.

Kwirukana Abatutsi i Nyamasheke byatangiyeye ku italiki ya 28/03/1973. Ababikira ubwabo bari baraduhahamuye. Nk'ubwo hari ikintu cyari cyarabaye mu cyumweru kibibanziriza, Mameya witwaga Mama Laurentine araza mu ishuri ryacu turi gusubiramo amasomo, aravuga ati *“mwese, nimurebe kandi mwumve neza icyo ngiye kubabwira, ngo numvise ko ngo mushaka kwigaragambya, ngo ngaho, niba mushaka kwigaragambywa no kunkubita, ngo ni munkubite ngo ndi imbere yanyu”*

Nanjye ubwo nari nkanuye amaso ntazi ibyo aribyo, nti ise ni bande bashaka kumukubita? Ese byagenze bite? Aravuga arangije numva urugi rukubise, ndakebuka. Aravuga ngo *“eeeeh! Odeta wowe urakebutse kugira ngo urebe ko ngiye! Ati vuba sohoka! Ngwino!”* Noneho aransohora, maze ndagenda, mpararara muri koridoro yo hanze, maze aza kuncaho, yihuta cyane ajya mu biro.

Haza undi mubikira witwaga mère araza ngo *“turakuzi, ngo ni uko uba uwa mbere se?”* i Nyamasheke nabaga uwa mbere nkagira amanota nka 88 hafi 90, n'uwa kabiri yagize 70. Ati ubwo wagiraga ngo ubone icyo uvuga, agenda ansunika anjyana mu biro bya diregitirisi Laurentine.

Laurentine yandika ibaruwa avuga ko abanyeshuri bo mu wa gatanu bashatse gutegura imyigaragambyo mu kigo, kandi bari bayobowe na Odeta Nyiramirimo, none yemeye ko

atazongera kubitekereza kuko niyongera azirukanwa mu ishuri burundu kandi ntazigere abona n'irindi shuri mu Rwanda.

Ako gapapuro ndagasoma ndavuga nti Mameya ko aho nabereye ntigeze mbwira abantu kwigaragambya, ko ibyo bintu ntabizi.

Icyo gihe rero nanze gusinya bahamagara abalimu ngo baze. Nabo babategeka gusinya, bati “*ese ko tutigeze tubona Odeta atera ibintu by'imvururu ibyo bintu ni ibiki?*” Ati “*nimudasinya n'ubundi ndamwirukana nonaha! Ngo niba mumushaka ni akazi kanyu, ngo nimureke gusinya*”. Bati “*reka dusinye aho kugira ngo bamwirukane*”. Umwalimukazi umwe ancira amarenga ati sinya naho ubundi barakwirukana.

Nageze aho ndasinya, barambwira ngo ngaho subira mu ishuri. Noneho ngeze mu ishuri, uwo mugoroba tugiye kurya, araza ati “*Odeta haguruka uhagarare hariya!*”, agenda ahagurutsa n'abandi ati naka haguruka, duhaguruka turi abantu umunani ati “*aba mubarebe ntihazagire uwongera kuvugana nabo, gukina nabo ni abakobwa babi, ubu bagiye no kurara bonyine!*”, mbese, adushyira mu kazu gato aho barambika matela, tukajya turaramo, bazana n'indobo akaba arizo tuzajya twitumamo noneho tukajya turara twongorerana, ntitwari dufite n'uburenganzira bwo kuvugana, turavugana dusanga nta n'umwe uzi ibyo ari byo.

Ubwo byari byabaye mu mataliki 23 z'ukwezi kwa kabiri 1973. Twarimo turi Abatutsi babiri, umwe bamwishe muri Jenocide, abandi bari Abahutukazi.

Ibyo byabaye muri 1973 byabaye tukiri muri ako kazu, mu gitondo turabyuka tujya kwiga nk'abandi. Akaza kutureba no mu gihe cyo gukina ngo arebe ko hari uwo tuvugana nawe, arebe ko hari uwo dukina nawe. Kandi yari yarababujije ngo uzakina nabo azamera nka bo. Baza basanga wifashe utya, bati “*dore kandi ntabwo kirimo gukina, ngo iki si igihe cyo gukina? Ngaho vuba mukine*”. Nkiruka mu kibuga nkakizenguruka kugira ngo nkine kandi nta muntu dukina, ugasanga narahungabanye! Uziko Jenocide itampungabanyije nka Nyamasheke!

Hari itotezwa cyane.

Icyo gihe rero, yazaga atureba nabi cyane, maze ku mataliki 28 tubona agiye gusenga mu gitondo, noneho tujya gusenga, igihe padiri atari yaza tubona mameya akinze inzugi zose ashya

mo amakare, ubundi inzugi zahoraga zirangaye, kuko n’abo hanze hari abazaga gusenga iwacu, noneho arakinga ahantu hose, ntacyo wabazaga i Nyamasheke.

Noneho misa irabaye, irangiye ajyana na padiri mu biro bye, noneho tuva yo tugenda ku murongo muri koridoro, ntitwashoboraga kunyura ku butaka kugira ngo inombe itatujyaho tukanduza ishuri. Twagendaga ntawe uvuga.

Tugeze aho turira akinga inzugi zose, ngiye kumva numva abantu benshi baraje, bakubita urugi, ndabyibuka nari ntamiye umugati wa mbere, ntarawumira, hari saa moya.

Ntamiye umugati barakubise, barongeye barakubise, ati nimube muretse mutamena urugi.

Ni ukuvuga ko yari azi ibintu biri bube. Hinjira abahungu bafite amahiri n’ibikoni ubona barakaye amaso yatukuye, asa n’ay’abaraye bataryamye baraza baratuzenguruka, barazenguruka hose, umwe ajya hagati, ati *“uyu munsu kwiga kw’Abatutsi kwarangiye. Uzi ko ari Umututsi wese nahaguruke!”*, ubwo abandi batangiye kudukwiramo. Hari abahungu babiri b’iwacu twagendanaga, uwitwaga Velo, twari duturanye n’uwitwaga Sebigori, baraza bampagarara iruhande barantsindagira bati ntuhaguruke. Ndakomeza ndiyicarira.

Noneho haza umwe ati *“wowe ntabwo uri Umututsi?”* Nkazunguza umutwe, nari mfite imisatsi myinshi, afata imisatsi arajjeza, ati *“nk’ibi bisatsi uravuga ko atari iby’Abatutsi?”* Nkazunguza umutwe nti oya. Ba bahungu bati *“uyu ni uw’iwacu, ntabwo ari Umututsi, nta Mututsi uba iwacu”*.

Baba batangiye gukubita abakobwa bitwaga ba Dalia. Mameya Laurentine aturuka hariya ati *“uyu ni Umututsi nawe”*. Bati *“ntiwumva? haguruka!”*. Ndahaguruka njya mu bandi, mpagarara aho nari ndi ndimo gutitira, bati tubahaye iminota icumi n’itanu ntitugire uwo tubona muri iki kigo. Uwo tubona muri iki kigo nyuma y’iminota cumi n’itanu arapfa.

Nk’uko nabivuze amavalisi yacu babaga barayateyemo DDT Umuti wakoreshwaga mu kwica udukoko, bamaraga guteramo bakakubwira ngo kuramo imyenda y’imbere gusa ibindi bakajya kubibika, bakabirundanya, bakaduha impuzankano gusa.

Icyo gihe mameya ati *“oya, nimubahe iminota mirongo itatu kuko bagomba kujya gushaka amavalisi yabo, iyo abitse. Ati iminota mirongo itatu ati vuba mujye gufata ibyanyu!”*, ntabwo yigeze agerageza kuvuga ati aba ni abana, reka da! Yaragendaga akakureba n’uwo batabonye, ati

“ *wowe ko udahaguruka?* ” Turagenda, tuba turirutse, tujya gushaka ibyacu, ndibuka muri abo bana twari dufunganywe babiri baje biruka, baza no kumfasha gushaka nk’ahantu naba nanitse, bati “ *Odeta ihangane, ng’utu n’utuntu twawe* ”. Yewe hari n’uwampaye amafranga. Yari afite se w’umupasitori ku Gikongoro.

Ubanza yarampaye amafaranga nka mirongo itanu. Akavalisi kanjye ndagafashe, ba bakobwa bamfasha gushaka amashuka barayanzingira ndayabika, ikiringiti ntabwo nakijyanye.

Tugeze ku Kabeza, ba bahungu b’iwacu baza biruka badufatira mu nzira, tumaze kugenda nka metero Magana atanu, ku muhanda munini uturuka i Cyangugu. Bati murapfuye, bati baje kubirukaho kandi bavuze ko babafata ku ngufu.

Ubwo bamwe berekeje i ya Cyangugu, abandi berekeza iya Kibuye. Abajyaga za Butare, abajyaga i Kigali, abenshi bajyaga Gikongoro, Butare na Kigali. Ntawajyaga Cyangugu. Abo bahungu baraza baradutwaza, baradufasha, turiruka, batubariza n’abaturage inzira twanyuramo tudakomeje umuhanda, ni uko tunyura muri iyo nzira. Turakomeza turagenda, twagendaga buhoro kuko twari tunashonje.

Nari mfite ibiro bitarenze mirongo itatu kandi nari mfite imyaka 16. Twari tunanutse pe turi uduti. Ntawatekereza ibintu ababikira bari baradukoreye. Noneho turagenda, tugera ahitwa i Hanika, tukagenda tubaririza ahari abapadiri cyangwa ababikira Tugeze kuri paruwasi ya Hanika aba ariho tubona ikigo cy’Ababikira. Turagenda turakomanga, byari nka saa yine, cyangwa saa tanu z’ijoro.

Twarahageze, dusanga ababikira baryamyeye, barabyuka, bati “ *ese mwa bana mwe muravahe mukajya he?* ” Turabibabwira, ukuntu batwirukanye mu ishuri ngo igihe cy’Abatutsi cyararangiyeye, ngo ntabwo tuzasubira kwiga. Bari batubwiye ngo n’i Butare ubututsi bwose bwari mu, ubu nta kakirimo, ngo no mu bindi bigo by’amashuri.

Batugirira impuhwe bahita bateka amashaza yumye, bajya guca igitoki mu rutoki rwabo bagereka kuri ya mashaza ku buryo byahiye bibaye nko mu ma saa munani z’ijoro. Turarya maze nka saa kumi n’imwe za mu gitondo, bati rero nimuhite mugenda ntabwo mwatinda aha, natwe dushobora kubizira. Bati nimugende muranyura aha, baduha n’umuzamu araduherekeza kugira

ngo aze kutugeza ku muhanda munini. Mu ma saa kumi n’ebyiri twari tugeze ku muhanda munini, wa muzamu asubirayo.

Bigeze nka saa tanu cyangwa saa sita tugera ahantu hari hari abantu benshi bategereje bisi ngo yagombaga kuva i Cyangugu ijya ku Kibuye.

Nyuma bisi iraza, abaturage binjiramo natwe twinjiramo. Tugezemo konvoyeli ati “ *abakobwa binjiye muri iyi bisi bafite amavalisi nimuhaguruke !* ”. Turahaguruka, ati “ *vuba, nimusohoke !* ” Tuti “ *uh, ese ko tujya ku Kibuye?* ” Ngo nimusohoke, ngo nimurebe ibyanditse kuri iyi bisi. Bari bandikishijeho urutoki, ngo bisi ni iy’Abahutu. Byari byanditse ku ruhande ahantu bagiye ivumbi. Ati “ *ubu ntabwo babirukanye mu ishuri?* ” Tuti “ *tugiye mu biruhuko!* ” Bati “ *ibiruhuko byararangiyeye turabizi barabirukanye! bisi ni iy’Abahutu nimubisome !* ”. Tubanza kwinginga ariko baratubwira ngo nimudasohoka vuba turabasohora nabi. Turasohoka tugenda n’amaguru, tugera yo nko mu ma saa kumi. Twari twihuse cyane. Ibintu bitari ngombwa biri mu ma valisi nk’inkweto zidakomeye tugenda tubijugunya kugira ngo bitaturemerera n’ubwo bitari byinshi ariko kugenda n’amaguru ntibyari bitworoheye.

Ubwo tugera ku Kibuye abana bose bagiye bajya iwabo nsigara nnyenyine. Nta wundi mututsi waturukaga mu bice byo ku Gisenyi. Noneho hariya ku Kibuye niho twajyaga gutegera. Ndagenda ngo njye kuhategera. Nsanga hari abanyeshuri benshi bamaze kwirukanwa mu yandi mashuri nk’ Ishuri ry’abakobwa rya ETF (*Ecole Technique Féminine*) Kibuye, abo ku Mubuga bari bataragerwaho.

Haza amakamyoneti yuzuye abantu benshi bambaye amashara, bambaye amakoma, bagenda baririmba bazunguza inkoni ariko bagenda birukana Abatutsi mu mashuri. Nkubitana n’abahungu babiri bigishaga i Butare mu iseminari, umwe ari uw’iwacu, undi ari uw’ahitwa i Murama naho hari hafi y’iwacu, bombi bari barize Kaminuza icyiciro cya mbere, bigisha mu iseminari. Nabo baje bahunga.

Dukubitanira mu muhanda bati “ *Odeta urajya he?* ” Nti “ *nari nteze* ” Bati “ *ngwino zana n’ivalisi yawe!* ” Mva mu muhanda ubwo nirukankana nabo uko ari babiri. Umwe yari afite mushiki we nawe w’umwalimukazi nawe wigishaga ku Kibuye, nabo nibwo bari bahageze. Ubwo tujya aho hitwaga muri site, ariko tutarajya kwa mushiki we nti mfite bene wacu baba hano ku Kibuye, nkaba nari mfite mwene wacu wari wararongowe n’Umuhutu wari utuye ku



Kibuye. Noneho ndagenda, umwe muri abo bahungu aramperekeza, ndanamubasobanurira nti umuntu twashyinyiye, yarongoye umukobwa wo kwa Nyankambwe nti atuye muri site nawe.

Turagiye, tuhageze, dusanga umugabo arimo arabaza umuhini, yicaye ku irembo. Turamusuhuza, aratwihorera, noneho aratureba. Tuti “erega, twagusuhuje!” We arasubiza ati “*Murambwira ngo niriwe se ntimundeba?*” Nti “*ese wamenye?*” Ati “*nkubwirwa n’iki se?*” nti “nitwa Odeta Nyiramirimo, ndi uwo kwa Rukeramihigo”. Ati “*ntabwo nkuzi!*” Noneho uwo muhungu aba atangiye kunyongorera ngo tugende. Nti “*none se niba utamenye, wabwiye umugore wawe!*”

Mukagasana aza yiruka, arampobera. Ati “*amakuru se?*” Umugabo aramubwira ngo “*niba uvuga ko umuzi ujyane nawe! Ngo uramuhobera se, uramuhobera uzi ava he? Ngo njye ntabwo nakira inyenzi mu nzu yanjye. Ngo nta nyenzi ishobora kunyinjirira mu rugo. Ngo niba abo bantu ubazi ujyane nabo*”, abwira umugore.

Umugore ahita asubira mu nzu. Noneho duhita twigendera. Tugeze hirya, umugore yaciye mu gikari, ashyira ibiryo mu gasorori ati nibura murebe aho mwicara muturye mwe kwicwa n’inzara mu nzira. Tuti byihorere. Ni uko turagenda.

Noneho uwo musore arambaza ati “*mbese wowe nta bintu wazanye?*” Nti nari mfite ivalisi nayitaye mu muhanda, nti nagize ubwoba ubwo za kamiyoneti zazaga ndayisiga. Ati “*ngwino dusubireyo tujye kuyireba*”. Tugeze yo dusanga iracyahari. Turayifata tujya kwa mushiki wa wa wundi w’umwalimukazi, aba ariho turara. Ubwo bo bari bageze aho bashaka guhunga ngo bajye i Burundi. Bati twebwe turagiye, turaca i Bukavu tuzagere i Burundi. Ndababwira nti “*njyewe rero ntabwo ndi bujye i Burundi. Ubu sinzi niba ababyeyi banjye bakiriho, ntabwo napfa kugenda ntazi niba ababyeyi banjye bakiriho cyangwa babishe. Nti none ngomba kujya iwacu, byaba ngombwa nkazahunga ariko namenye ibyabo uko bimeze*”.

Noneho umwe muri bo witwaga Gakuba ati “*noneho, ntabwo nareka uyu mwana ngo agende wenyine, reka mbanze muherekeze wowe Nkusi igendere, twe tuzabasangayo*”. Bukeye dufata inzira, ya valise nyisigira wa mwalimukazi. Twaragiye tugeze i Rubengera, tubona ikamiyoneti turayihagarika, yajyaga ku Gisenyi yari itwaye amakaziye arimo ubusa igiye ku ruganda rwenga byeri rwa BRALIRWA. Turabatega, bati “*ese ubu ntabwo muri Abatutsi?*” Tuti “turi Abatutsi ariko...” Bati “*none se ntibabirukanye mu mashuri?*” Wa musore ati “*njyewe nta n’ubwo ndi*

*umunyeshuri ahubwo uyu mushiki wanjye yari arwaye, ubu ngubu muvanye kwa muganga, mushubije ku ishuri*”. Bati “*yiga he?*” Ati “*yiga ku Nyundo, ahubwo mukuye mu bitaro*”. Ni uko baratureka twicaramo, ubwo nanjye nari nirembesheje n’ubwo nari nanarembye koko kubera n’inzara, n’intege nke n’umunaniro.

Nuko turagenda tugeze i Kayove hari hatuye mukuru wanjye, tuva mu modoka tujyayo. Tuhageze dusanga naho, umugabo we yayoboraga ikigo nderabuzima, bati ubu natwe ntutukijya ku kazi, bashyizeho urutonde batwirukana. Bati nawe guma aha wimanuka iwanyu, ushobora gusanga nabo barapfuye.

Nta telefoni zari zihari ngo bamenye icyabaye kandi hari mu birometero icumi. Gakuba ati “*njye ngiyeyo ndaca mu ishyamba ntawe uri bumbone ariko ndajyayo, ese nzagaruke kugufata duhunge?*” Nti “*oya sinakongera gufata iyi nzira ndaguma aha, nibapfa nzapfane nabo, wowe uzigendere*”.

Ubwo Gakuba yaragiye agera iwabo bati nturara aha, nuharara bakabimenya barakwica. Bati ni wowe baza gushakisha ko waba waje, kuko icyo gihe bashakishaga Abatutsi bize. Arara aho azinduka ajya kureba ko yabona imodoka, ku bw’amahirwe abona imodoka y’abapadiri iturutse ku Nyundo igiye i Butare. Apfa kuyihagarika kuko bisi yabaga iri buze nka rimwe mu cyumweru, kandi yari yabaye iy’Abahutu nayo ntiyari kuyibona. Agize amahirwe irahagarara bati kugeza ubu twebwe abapadiri ntacyo barimo kudutwara ngwino tugusubize i Butare nitugira amahirwe turagerayo. Yaragiye ahita asubira ku kazi byari bitangiye guhosha. Yaje kuzapfa nyuma, ariko icyo gihe yabayeho.

Ubwo rero njye nagumye kwa mukuru wanjye aho, ariko hashize icyumweru sinzi uwandabutswe ubanza ari umukozi wabivuze, haza abapolisi bati “*mwebwe turabazi, ariko tuzi ko hari inyenzi y’umukobwa iri hano, turashaka uwo mukobwa, agomba gusohoka*”. Bati rwose nta mukobwa uhari, tugira ubwoba. Baraza barambwira bati ntushobora kongera gusohoka mu nzu, bakajya banzanira indobo. Bageze aho barabatitiriza, bashaka umuntu wajyaga abakorera witwaga Nkomeje baramubwira bati saa kumi za mu gitondo uze umutware, nari mukuru nari mu myaka 16 nenda kugera muri 17, ariko Nkomeje yarampetse mu mugongo nk’umwana noneho uwo duhuye akamubwira ati ni mushiki wanjye mvanye mu bitaro hano haruguru. N’uko aranjyana angeza iwacu.

Tugezeyo nsanga n'ubundi inka barazirya, mukuru wanjye na murumuna wanjye na mama barara mu gihuru, papa we yaranze kuva mu rugo yari yujuje inzu, kandi bari baramutwikiye ubundi barongera baramusenyerera, noneho aravugaga ati ubu nujuje iyi nzu yanjye, njyewe nzahwana nayo. Akicara mu marembo ati muyinyiciremo ntabwo muri buyisenye. Ati murabanza munyice. Baraza bati ntacyo turi bugutware, ariko turashaka ba bakobwa. Ubwo twabwira tukaba twagiye kwihisha mu rugo uru n'uru. Ubwo twageze aho tujya mu rugo rw'umugabo witwa Ndamutsa, kuko hageze aho haza n'abasirikare ngo baje kugarura umutekano.

Abo basirikare bari baje kugarura umutekano nabo icyo bakoraga kwari ugushaka abakobwa b'Abatutsikazi kugira ngo babasambanye ku ngufu. N'uko uwabumvise barimo kubarangira bavugaga ngo abakobwa beza bari kwa Rukeramihigo. Iwacu hari abakobwa benshi, twari bane icyo gihe. Abandi bakuru bacu bari barashyngiwe. Bati kababayeho abasirikare baje kandi ari mwe babaririza. Niko kutujyana mu rugo rwa Ndamutsa ati aba bakobwa ndabagushinze kandi ntihazagire umenya ko bari aha. Babwira n'abana babo bati ntumuzavuge ko bari aha. Twaragiye tumara nk'icyumweru cyangwa bibiri sinamenya kugereranya igihe twahamaze, ibyo aribyo byose twarahatinze cyane, batugaburira, badukorera ikintu cyose. Ninjoro nibwo twasohokaga tukajya kwituma hanze.

Tuba aho ngaho kugeza igihe amahoro yagarukiye, tuza gusubira iwacu abasirikare bamaze gusubira i Gisenyi no mu bigo byabo.

Nyuma ibi birangiye naje gusubira ku ishuri wa mubikira yanga ko ninjira mu kigo, ati nta soni uratinyutse uragaruka? Yaranyangiye n'ubwo nari najyanye icyangombwa kinyemerera gusubira mu ishuri.

Byatugizeho ingaruka kuko abasigaye mu Rwanda ntawe wasubiye mu ishuri uwo mwaka, n'uwagiye asubiramo yagendaga atinze abandi baramusize. Nababazwaga no kumva ko ndi igicibwa ko nta burenganzira ufite nk'ubw'abandi.

Mbuze ikindi nkora nafashe isuka njya guhinga ariko mfite n'umujinya. Nabikoze nk'amezi abiri ngeze aho ndabyanga, ahubwo ndatangira nshaka ibitabo byo gusoma. Ababyeyi bakantonganya ngo ubwo se ibitabo uzabirya? Narahagurutse njya gushaka ishuri i Goma, mba muri bene wacu ariko imibereho yaho irananiye.

Batubwiye gusubira ku ishuri ndagenda uwo mubikira anyangiye, padiri w'iwacu niwe wanjyanye i Nyundo, Marie Jeanne, umubikira wayoboraga iryo shuri, ambonye arambaza ngo *“ubundi wari ugikora iki? Ati gira bwangu ujye mu ishuri”*. Njya mu ishuri ariko nabwo mpageze ukabona abanyeshuri bandi ntibanyakiriye, ukabona baracyafite umujinya, cyane cyane batangiye kurushaho kugira umujinya babonye mbaye uwa mbere.

Bigeze ndetse no gushaka kudukubita ninjoro njyewe n'undi witwa Bernadeta. Uwo Bernadeta ku ishuri twahoze ho niwe wajyaga aba uwa mbere tucyigana, ntungurwa no kubona asigaye aza mu ba nyuma. We wabonaga yarahahamutse cyane. Ukabona nta mutekano dufite wo kuba muri icyo kigo. Hari n'ubwo bari bavuze ngo baradukubita ninjoro, ubwo twari twaragarutse turi Abatutsi bane, njyewe, Bernadette, Daforoza, na Agata, ari twe turi muri icyo *Ecole Scientifique* twitwaga Abatutsi. Ukabona abanyeshuri baratureba nabi ntacyo twabatwaye, tugahora twibombaritse. Hari ubwo njye na Bernadeta twagiye kurara mu biro bya diregitirise kuko bari bavuze ngo baradukubita.

Ubwo kandi twigaga tutanditse kuko twaje mu ishuri tutanyuze muri minisiteri. Kanyarengwe nk'umusirikare mukuru, Habyarimana akimara gufata ubutegetsi yari yaramuhaye gukurikirana ibigo by'amashuri byo muri Gisenyi. Akajya aza kureba abahigisha, abanyeshuri bahari, imodoka za gisirikare zarazaga zigaparika imbere y'ibiro bya diregitirisi. Yabona zije akaza yiruka agakubita ku madirishya ati *“Bernadette na Odette nimuze!”* Tugasohoka twiruka, akatubwira ngo murarwaye nimujye kuryama, tukagenda tukaryama, tukiyorosa.

Yabaga arimo kudukubira kugira ngo bataza kutubona kandi tutanditse. Ubwa mbere ntitwasobanukiwe impamvu aturyamishije, ariko nyuma yaje kudasobanurira. Ati *“ninzajya mbahamagara mujye muza mwiruka, kandi nibaza kubareba mu buriri mubabwire ko murwaye”*.

Kanyarengwe n'abasirikare bamuherekeje bakaza mu ishuri bagafata amazina y'abanyeshuri, bakabara abarimo bagasanga baruzuye. Abanyeshuri ntibamenyaga ibyo aribyo. Abasirikare bamara kugenda umubikira akaza akatubwira ati nimubyuke mujye mu ishuri, kandi ntihagire umenya ibyabaye. Ibyo byose byateraga ihungabana, kubona wiga nk'uwiba,

Ndangije amashuri yisumbuye ninjye wayirangije ndi uwa mbere mu bakobwa mu Rwanda, ariko imashini ngo zibagirwa izina ryanjye. Batangaza abajya muri Kaminuza ariko izina ryanjye ntiryagaragara. Ndagenda mbaza umubikira. Uwabonye ishuri ari Bernadeta bamushyize muri

IPN, abandi babiri uwitwa Daforoza n'Agata, reka da! Noneho Marie Jeanne aravuga ngo ntibishoboka. Aragenda no muri minisiteri ati ndashaka kumenya amanota abakobwa banjye bagize. Amanota barayazana, twabaga twakoze ikizamini cya leta; ati *“uyu wa mbere witwa Odeta Nyiramirimo kuki mutamuhaye ishuri?”* Bati *“ubwo bibeshye mu kwandika”*, ati *“rero muramushyira mu buganga ati kandi murampa n'urwandiko”*. Ansanga aho yansize ku Nyundo, azana urwandiko runjyana muri Agronomie. Arambwira ati medicine bayikwimye. Ati pfa gufata, nabyo ntacyo nuba n'agaronome bizaba bihagije.

Numvaga ntashaka ubuhinzi, ariko Marie Jeanne agerageza kunyemeza, ati genda ujye muri Kaminuza. Ati humura uziga kandi uzakora. Narangije uwa mbere ari jye mukobwa watsinze njyenyine abandi batsinzwe. Twari abakobwa bane. Kaminuza yose yari irimo abakobwa mirongo ine na babiri.

Mba ndatsinze ariko nshaka kujya mu buganga. Noneho njya kureba Recteur, mwereka ko natsinze neza kandi ko nshaka kujya mu buganga, nkazajya niga amasomo yabo ntabashije kwiga mu wa mbere. Nti rwose nimunyemerere mpindure nje mu buganga. Ngo nonese ni njyewe wagushyize mu buhinzi? Nti oya ni muri minisiteri! Ngo none se nje uranshaka ho iki, jya muri minisiteri.

Njya i Kigali mbaririza aho minisiteri iri. Nsabye kwinjira mu biro by'Umunyamabanga Mukuru barayinyimye, abakobwa baranseka bakajya bandeba bakandyanira inzara. icyakora umwe muri bo araza arambwira ati nasohoka ndamukwereka wigeragereze. Asohotse mpita mufata ikoti nti *“nyakubahwa nabashakaga, niga muri Kaminuza, natsinze uwa mbere nagira ngo mumpindurire nje mu buganga, kuko numva nshaka kuba muganga kurusha uko naba agaronome”*. Arandeba, afata ikaramu yandika amazina yanjye. Ati *“n'ujya gutangira uzasanga barabitunganije”*. Njya mu biruhuko.

Nsubiye i Butare njya gufata buruse, nsanga haba mu buhinzi, haba mu buganga nta na hamwe ndi. Nta baruwa yari yaraje. Na buruse sinayibona nibura ngo imfashe kujya kubaza muri minisiteri impamvu bitaje. Bansaba kujya kubibaza recteur, mubwira ko nagiye muri minisiteri bakambwira ko bazandika, *“nti ese ibaruwa mwarayibonye? Nti ese wenda bakangumisha mw'ishami ryigisha ubuhinzi, ko natsinze nanjye nkabona buruse nk'abandi?”* Ngo *“mva imbere, urambeshyera ngo ni nje wakugiriye inama ngo ujye i Kigali. Subirayo ubabaze”*.

Ndamuhendahenda nibura bampe buruse. Mbona arahagurutse ahubwo nk’ushaka kunkubita. Ndasohoka mbura uko mbigenza. Nicara imbere y’ibyo biro bye noneho ndarira. Hanyura umukobwa witwa Spéciose wigaga ubuganga wari warize i Nyundo, ati ihangane wirira reka tujye kureba wenda iyo baruwa barayibonye.

Turakugendeye no mu ishami ry’ubuganga. Nsengiyumva Jean Nepomuscène niwe wari umunyamabanga mu ishami ry’ubuganga. Ati bite bakobwa beza, yari umuntu ukunda kuvuga ashyagirira, kubera ahari impuhwe angiriye, ndongera ndaturika ndarira. Aratangira arampoza, noneho mutekerereza byose uko byagenze. Ati *“ibaruwa ntayo nabonye, ati icyakora ubwo Umunyamabanga Mukuru yabikubwiye ubwo iri mu nzira, igumire aha, uzaguma mu buganga nta kibazo, ibaruwa izaba iza”*, anyongera ku rutonde rw’abanyeshuri n’intoki. Ng’uko uko nize ubuganga bari banyirukanye.

### 13. Ubuhamya bwa Ndorimana Jean

Nitwa Ndorimana Jean, navukiye muri Komini Kigembe, mu mwaka wa 1950.

Kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi byabaye niga muri Koleji *Christ Roi*, i Nyanza.

Nabanje kwiga mu iseminari ya Kansi, muri Christ Roi nahize mu mwaka wa nyuma, kuko ariho habaga ishuri ryisumbuye ryigisha ikigereki n'ikilatini (*humanité Greco-Latine*) nicyo gituma abenshi twavaga mu iseminari tukajya kuhiga mu buryo bworoshye.

Mbere ya 1973 nta bibazo by'amakimbirane n'imibanire mibi byari bihari. Ariko icyo nibuka, natangiye i seminari i Cyahinda 1964-1965. Icyo gihe rero mu mwaka wa karindwi, icyo nibuka kijyanye n'amoko ariko kitakomeje kwigaragaza mu mashuri, ni umwe mu barimu babiri batwigishaga witwa Ntawukuriryayo Dominiko ubu yakatiwe n'urukiko rwa Arusha imyaka 25 kubera uruhare yagize muri Jenocide.

Icyo gihe yahengereye abanyeshuri banyanyagiye hirya no hino yinjiza abana bamwe mu ishuri abaza ubwoko bwa buri wese. Njyewe mbimenya nte? Urumva hari abari bagiye kuvoma hari abari bagiye gukina, abo yahamagaye ntituzi abo aribo; umwana twuzuraga wo muri paruwasi ya Mugombwa turi koga kwa kundi batsiritana, arambwira ati “*ntabwo nari nzi ko uri Umututsi*”. Nti “*ese sha ibyo wabimenye ute? Nti ese ahubwo wowe uri iki?*” Ati “*njyewe ndi Umuhutu! Dominiko yadushyize mu ishuri atubaza amoko y'abanyeshuri bose ati kuko wowe utari uhari ubwawe buvugwa n'umunyeshuri mukomoka muri paruwasi imwe ya Kansi*”.

Bamwirukaniye i Save mu iseminari ariko twakomeje kuzura nta cyadutaniye rwose. Ibyo rero byabaye nk'akanyuzemo ariko nibajije icyabiteye. Mu iseminari yarimo ibice bitatu, umwaka wa karindwi wari i Cyahinda, i Save tukahiga imyaka itatu, hanyuma tukaya i Kansi naho tukahiga indi myaka itatu. Ikindi nibuka ni uko turangije i Kansi hariho abajyaga mu gisirikare.

Icyo nibuka ni uko nashatse kwinjira mu modoka y'abasirikare bashakaga abagomba kwinjira mu gisirikare, twari dufite indangamuntu zirimo amoko, umusirikare wabikoraga arambwira ati: “*iyi ndangamuntu yawe ntikwemerera gukandagira muri iyi modoka. Isubirire iwanyu*”. Abandi twajyanye barurira njyewe ndataha, icyo gihe twari mu biruhuko muri 1971.

Hari kuri 25 za Mutarama ari ku cyumweru, nari mvuye mu misa. Muri koleji mbere gato muri icyo cyumweru turi kurya, abana bato twebwe twabaga turi nka hariya abakuru twabaga turi abanyeshuri bagera kuri Magana atatu (300). Hepfo abana bato barivumbura bakora imyigaragambyo banga kurya.

Byari ibiryo byari bimeze nk'ibyo dusanzwe turya mu minsi yabanje. Ariko ndibuka ko ibiryo babimennye, babitera abakozi batekaga, amasahane bayatera mu gikoni, babisandaza aho ngaho, abakozi bariruka. Twebwe abakuru twarariye ntabwo twifataniye nabo. Ariko tubona icyo kirabaye. Ariko noneho diregiteri wacu chanoine uwo mwuka mubi yarawubonaga, uhereye no kuri iyo myivumbagatanyo yandikira Kayibanda, ati *“ibi bintu mbona mu mashuri ko atari byiza, ko hari umwuka mubi, ibi bintu mwashatse ukuntu mwabihagarika?”* Kayibanda aramusubiza ati *“humura ntugire ikibazo”*.

Ibaruwa bayisoma muri radiyo. Ndibuka rero kuko icyo gihe n'imigati banze kuyirya barayijugunya, noneho diregiteri azana igice cy'umugati mu ijaketi, azana n'ibaruwa Kayibanda yamusubije. Igice cy'umugati arakitwerekaga ati: *“ibi ni ibintu, kujugunya imigati? dore ibaruwa Perezida Kayibanda yanyohereje, none rero nimwige neza, ibindi mumenye ko abizi, dore naramwandikiye none dore yarananshubije. Ati murabona rero ko ubuyobozi bubizi”*.

Tuguma aho ngaho. Njyewe nigishaga gusoma hariya i Mugandamure mu Bayisilamu, nkabanza kumva misa ku cyumweru, numvaga misa ya mbere. Mva mu misa nje muri koleji kugira ngo ngende. Mpura n'umunyeshuri witwa Lusiyani Nyakabwa wo mu Nkomero ajya anumvikana mu ndirimbo nyinshi, yirukanka cyane icyo gihe ni koleji yagombaga kuririmba mu misa. Habaga misa y'amashuri yose y'i Nyanza, koleji niyo yagombaga kuririmbamo. Mpura na Lusiyani yirukanka ameze nk'umusazi.

Njye ntazi ibyo ari byo ndakomeza ndagenda. Ngeze mu kibuga hagati, mpura n'umupadiri, arambwira ati *“uri umusazi? Ibyabaye muri koleji ntubizi, none uratembera wenyine muri iki kibuga! Ati sanga abandi”*.

Noneho baratubwira bati nimujye mu mashuri yanyu. Ubwo ariko amashuri matoya babirukanye, bakwiriye i Nyanza, ushinzwe amasomo afata ba banyeshuri birukanye abandi, abajyana ku cyuzi cy'umwami gutembera. Abatoya bose arabajyana twebwe abakuru twese tujya mu ishuri ryacu, ubwo chanoine yaje rero atwerekaga, iyo baruwa n'uwo mugati yatoraguye.



Twe ntibatwirukana, ariko mu mashuri abanza kugeza mu ribanziriza irya nyuma banyanyagiye hirya no hino, bamwe babakomerekeje! Twebwe tuguma aho, aratubwira ati ndabasaba gukomeza kugirana ubumwe, dore muri bakuru, mutange urugero rwiza.

Ako kanya batwoherereza ushinzwe amasomo, badutumaho bati: “*abo batutsi bari mu mwaka wa nyuma nibadataha, turatwika ishuri!*” aza inshuro ebyiri, eshatu. Arakomanga avuga mu magambo asobanutse kandi yumvikana abwira diregiteri ati: “*Barantumye ngo Abatutsi bari aho nibatagenda, koleji turayitwika!*” chanoine biramuyobera. Ndibuka ko icyo gihe njyewe nazamuye urutoki, ndamubwira nti: “*uko mbibona ibi bintu birabarenze, aho kugira ngo batwicire mu maso yawe, tureke tugende, amahoro nagaruka uzatwakire*”. Dutandukana dutyo. Turagenda, bagenzi bacu baraduherekeza batugeza i Kavumu.

Hari umunyeshuri uwo muni wari wifashe mu buryo budasanze ku banyeshuri bigaga mu ndimi witwaga Marcel Bangagatare wo ku Gikongoro.

Uwo muni yari yambaye ikabutura kandi ubusanze twambaraga amapantalo. Amakabutura yari ay’abana bato. We yari yambaye ikabutura kuri uwo muni akenyeye n’igikoti kigera ku birenge, n’umukandara. Nk’uko aba CDR bambaraga. Uwo wenyine niwe twabonye mu bakuru wagize imyitwarire idasanze. Ariko abandi baduherekeje barimo Habyarimana, ubu uhagarariye u Rwanda i Brazaville, twariganaga. Ntabwo yari yirukanywe ariko ari mu baduherekeje. Baranatubwira bati ntimunyure mu mujyi, muze tunyure ku Mugonzi, kuko tugiye mu mujyi twasanga wenda hari ibindi bintu bibi bakabahohotera. Batugeza i Kavumu dusezeranaho.

Dutega imodoka buri wese ajya iwabo nabo basubira muri koleji ibyakurikiyeho ntitubizi.

Icyo nzi ni uko nta Mututsi wasubiye mu ishuri bose barirukanywe. icyakora chanoine yaje gukora iperereza ababiyoboye arabirukana, abanyeshuri bane n’umwarimu umwe. Ikindi nibuka ni uko murumuna wa Nyandwi yagiye gutera icyuma umunyeshuri umwe mu cyumba, amurusha imbaraga arakimwambura. Ni mu cyumweru cyabanjirije kwirukanwa, bari bariganye kuva hasi kugera hejuru.

Batwirukanye kuri 25 z'ukwa kabiri, kuri 28 narambutse njya i Burundi. Hari undi twari twirukananywe hamwe w'i Butare, n'uwo ku Kibuye, undi yari yarahinduye ubwoko aguma mu ishuri nyuma tubona adusanze i Burundi.

Twambutse ku wa 28 tugera i Ngozi bukeye tunyuze mu Kanyaru mu mazi. Nari narabiteguye ndetse n'utwambutsa naramuteguye. Twarakomeje tugera i Bujumbura. Twahamaze amezi atandatu. Habyarimana akoze kudeta dukoma mu mashyi, tuti amahoro aragarutse. Kandi yari afite disikuru nziza. Tuza twiruka. Twaje kuri 18 z'ukwa munani.

Tugaruka turi bane duhinguka iwacu i Kigembe ninjoro. Duhita tugwa ku ironde. Njye baramenya, aho bandetse ngo njye iwacu kuko hari ku musozi ukurikiyeho i Kigembe ubwo bari badufatiye i Karama, batujyana kwa Konseye. Turara aho ngaho twicaye. Bukeye Konseye aradushorera n'igare rye atujyana kuri Komini.

Kuri Komini bati kugira ngo ikibazo cyanyu tugikemure, nimujye iwanyu tubahaye iminsi ine. Inama ya Komini igomba guterana. Ubwo tukibaza tuti, Umuntu arahungutse ikibazo bakemura ni ikihe? Nk'aho bakwishimye ko abantu bari barabuze, baratorongeye bakaba bagarutse! Tujya iwacu tuhamara iminsi ine. Turuhuka, baratwondora, sinakubwira.

Mukuru wanjye akajya kubaza aho bigeze bati bazagaruke. Baraduherekeza tujya kuri Komini kumva igisubizo. icyo gihe nari umukinnyi w'umupira wa Komini Kigembe, twakinaga n'ikipe zikomeye zarimo na za Mukura. Iyo twavaga gukina akenshi nararaga kwa Burugumesitiri, bwaba bukeye nawe akaza iwacu.

Ariko icyo yakoze ni ukutubwira ngo icyo kibazo kiramurenze nitujye i Butare. Baduha abapolisi babiri baradushorera. Ubwo twavuye aho ngaho i Murama muri Nyakare, tugenda nka kirometero zitari mu nsi ya mirongo itatu n'amaguru n'abapolisi badushoreye n'imbunda, batugeza kuri Perefegitura. Badushyira muri kasho. Bati mwakoze icyaha gikomeye cyane, mwatoboye irembo ry'u Rwanda. Mwanunze mudafite uruhusa rwo gusohoka. Tukibaza niba umuntu ajya guhunga akajya gusaba urwo ruhusa.

Ubwo twari turi muri kasho turi abantu nka mirongo ine, mu kumba ka metero eshatu kuri enye. Dukandagirana, twituma mu ndobo imwe twese. Nta kurya. Tuhamara ibyumweru nka bibiri. Tugatangwa n'ingemu z'iwacu kuko bari bazi ko twafunzwe.

Twebwe ab’i Butare baratugemuriraga nta kibazo. Tugasangira n’abandi, tugasaranganya uko bishoboka. Perefe Kabalisa niwe wayoboraga i Butare buri kanya tukitaba. Musubiremo! Tukitaba, musubiremo. Bakubaza umwironoro, bakubaza iwanyu, bagutuka, bagucunaguza ko wahunze amahoro n’ibindi.

Bukeye batwuriza imodoka ya gisirikare, abanyeshuri twari batandatu. Twari dufunganywe n’abibye ibitoki n’abishe abantu n’abibye inka. Ariko ikibazo cyacu abanyeshuri cyari gikomeye kurusha ibindi.

Batwuriza imodoka ya gisirikare ituzana i Kigali. Abatugemuriye bati ubu bagiye mu Ruhengeri nta kundi! Kuja mu Ruhengeri byavugaga kuraswa cyangwa kunyongwa. Batuzana kuri birigade imbere ya gereza y’i Kigali bita “1930”, mu nsi y’uruganda rwa sulfo niho hahoze brigade ya polisi. Turongera tuhamara ibindi byumweru bibiri. Ubwo turyama ku ntebe, ku isima, ho nta n’umwe tuzi, ntawe utugemurira.

Hari abanyakigali bareberaga umuntu mu madirishya bakamurembuza, bakagenda bakatuzanira umugati cyangwa icyayi. Nta kindi twaryaga. icyo gihe no kukugemurira byari amahirwe. Igihe rero cyarageze bati nimuze. Batujyana kuri sirete badushyira ku rukuta baradufotora. Nti buriya bagiye kuturasa nta kundi. Bati mujye hariya. Tuja ku murongo. Barangije baduha udupapuro twanditseho ngo wemerewe kujya muri komini yawe. Dutega imodoka, duca i Nyanza, muri koleji kureba nyine ko tuzasubira mu ishuri. Baratubwira bati nimugende muzane icyemezo cya Komini cy’ubudakemwa mu mico no mu myifatire.

Njyewe ngiye, Burugumesitiri arakinyima. Naragiye njya ku murongo nk’abandi, araza uwibye ibitoki agakubita, njyewe angezeho ati wowe ikibazo cyawe? Nti ndashaka icyemezo ngo nsubire mu ishuri. Aransubiza ngo: Ntabwo naha icyemezo umuntu wabaye impunzi! Ndataha. Njya i Nyanza mbibwira chanoine. Nti chanoine cya cyangombwa mwadutumye Burugumesitiri yayinyimye! Ati mpa aderesi yabo mbandikire. Arakaye cyane. Yarankundaga cyane kuko nakiniraga ikigo umupira, bityo bigatuma ankunda cyane. Ndamusaba nti wimwandikira, kuko ni umwandikira aramenyesha n’ababyeyi banjye. Ati jya mu ishuri. Ndagenda ndiga nta cyemezo, hari n’abandi Batutsi batumye ibyo byemezo, barabibima ariko yadushyize mu ishuri.

Ibi byangizeho ingaruka zikomeye. Kuko kubaho nabi nanyuzemo nko kumara amasaha n’amasaha mu rufunzo, kubaho igihe tutarya, kurara nabi n’ubucucike muri gereza byatumye

ndwara igituntu. Amahirwe nagize ni uko padiri chanoine n'abandi bapadiri bo muri koleji baramvuje, barandwaje bakanangemurira ku byo kurya by'abarimu kugeza nkire mbasha kongera gukina umupira.

Mu bizamini bya Noheli nibwo natangiye kuruka amaraso. Bakomeje no kunyitaho ngeze i Nyakibanda bakanyishyurira itike n'imiti. Banyemerera ko nziga igihembwe cya gatatu bazateranya n'ubushize. Ubwo ibizamini bya Noheli simbikoze, ibya Pasika simbikoze. Icyo gihe kugira ngo urware igituntu gikire ntibyari ibya benshi. Bateranije nsanga naratsinze mbona impamyabumenyi.

Mbere y'uko mama bamwica, muri 1991 naramubajije, nari mvuye kwiga i Roma, nti *“urabona bimeze bite?”* Ati *“nitubura Majoro Habyarimana tuzashira”*. Nti *“ese kuki?”* Ati *“none se nitwari twarakubuze, warahungiyeye i Burundi, tuzi ko tutazongera kukubona, yafata ubutegetsu ukagaruka tukakubona?”* Njyana ibyo ngibyoye.

Mu mpera za 1993, nagarutse mu Rwanda, mbaza umukecuru nti uracyavugaga bya bindi? Nawe tumaze kubona ko ntacyo akitumariye kuko na we ntacyo yimariye! Niko byagenze.

Jenoside yakorewe Abatutsi yasanze nkiri mu Rwanda ku bw'amahirwe ntiyampitana. Naje gusubira i Roma, nyuma nza kugaruka.

#### 14. Ubuhamya bwa Karangwa Desire

Navutse muri 1952. Navukiye i Kayenzi, ubu ntuye mu murenge wa Remera, Kigali.

Muri 1973, nigaga muri Kaminuza, nari ngeze mu mwaka wa gatatu. Mvuka ahitwaga muri Komini Kayenzi, ubu ni muri Kamonyi. Ntuye i Nyarutarama, i Remera. Mfite impamyabushobozi y'ikirenga PhD. Nigishije muri Kaminuza y'u Rwanda, ubu ndi mu kiruhuko cy'izabukuru.

Hari igihe hajyaga habaho ibintu by'amatora y'umuryango w'abanyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda (AGEUNR) ukabona ubwoko n'akarere barabireba. Ngo uyu ameze gutya, ntabwo dushaka ko uyu atuyobora, ariko mu gihe cyacu byatangiyemo gukomera cyane, nko muri 1972.

Muri 1971 hari ikintu nabonye. Habaye imikino ihuza za Kaminuza, icyo gihe na Kaminuza y'i Burundi iza gukina. Hari Abarundi bajyaga boherezwa gukomereza mu ishami ry'ubuganga muri Kaminuza y'u Rwanda, ugasanga hari utuntu tw'amabanga turi hagati yabo n'abanyeshuri b'Abanyarwanda.

Ukabona harimo kwironda bashingiye ku moko. Ndibuka ko hari umugabo umwe w'Umurundi waje kuvuga ati, ariko natwe dukeneye ko iwacu i Burundi haba igihinduka. Nyuma yaho naje kwibaza ko ari biriya bintu bya 1972 byabaye i Burundi byategurwaga.

Muri 1972 i Burundi habaye ibikorwa by'ubwicanyi. Noneho Abarundi bamwe bahungira mu Rwanda. Icyo gihe nibwo hatangiye kuba urwikekwe rukomeye. Ubwo hari hashyizweho umuyobozi w'Umunyarwanda ubundi hayoborwaga n'umunyamahanga. Yanasanze manda ya komite ya AGEUNR imaze kurangira. Maze baratora. Hiyamamaza babiri bashakaga kuba abayobozi. Ubwo ni uwitwa Zirimwabagabo, hiyamamaza n'uwitwaga Mubera Prosper yari uwo muri za Kayenzi. Uyu Mubera akaba yari hagati, adafite igice abogamiyemo. Noneho aza gutorwa, atowe haba imyivumbagatanyo. Baramwanga. Bavuga y'uko yatowe n'Abatutsi. Ndibuka ko icyo gihe bafashe abantu bajya kubahata ibibazo, muri prefecture ndetse n'amatora barayasesa. Ukabona ko ibibazo byatangiyemo kuvuka, abantu bakajya bicara ukwabo. Ubwo hari muri 1972.

Mu ntangiriro za 1973, mu gihembwe cya kabiri, i Kigali haje kwaduka ibikorwa byo gushyira Abatutsi ku rutonde bavuga ko batagaruka ku kazi.

Umugoroba umwe sinibuka ikintu cyari cyabaye muri Kaminuza. Tuvuye aho turebera sinema dusanga aho twaryamaga bamaze kugenda bashyiraho urutonde rw'abantu, ngo aba banyeshuri b'Abatutsi ntabwo tubashaka.

Biranyobera njya kuri nzu irarwamo (*Home*) ya gatatu n'iya kabiri nsanga hose urutonde rugiyeye rumanitse ho. Mbaza umuntu wo muri *misereor* nawe arambwira ati natwe urutonde bamaze kurumanika. Ubwo byari bikiri mu ma saa kumi n'imwe. Noneho hari umuntu twari turi kumwe wari waje kundeba, yari atuye i Cyarwa. Ndamubwira nti reka tujyane, nguherekeze.

Mu ma saa mbiri mvuye i Cyarwa ngarutse kuri Kaminuza, numva induru ituruka muri Kaminuza. Induru nyinshi cyane. Ngiye kubona mbona mpuye n'abantu biruka. Umuntu twahuye bwa mbere ni umusore wigaga mu binyabuzima n'ubutabire, sinibuka amazina ye. Arambwira ati ibintu byacitse, ntugire aho ujya batakwica. Uwo munsu niwo wa nyuma ntabwo nigeze nongera gukandagira muri Kaminuza. Nsubira i Cyarwa, mba ariyo ndara. Ubwo iryo joro ryose ngo baraye babakubita. Hari umugabo umwe twabanaga muri mu cyumba, yitwaga Mugemangango Jean Baptiste, yari Umuhutu waturukaga muri Kabagari ariko ntiyakundaga kujya muri ibyo bintu by'amoko. Nawe bamusanga mu cyumba, baramukubita baranamukomeretsa. Twaje guhura njya mu mujiyifu afutse igitambaro mu mutwe aho bamukomerekeje. Bamukubise bamumpora, bamubaza ngo uwo mwabanaga yagiye he, wamuhishe. Nawe yaje gutaha ajya iwabo. icyo gihe nta munyeshuri w'Umututsi wongeye kujya kuri Kaminuza, n'abigaga mu buganga twese turataha.

Hari hamaze kuba umwuka mubi cyane. N'abo mw'Ishuri Nderabarezi ry'Igihugu IPN baje kubirukana twese tujya mu mujiyifu turakomeza turazunguruka. Umwe aravugaga ati, nimugumya kwiruka hano mu mujiyifu barabafata babafunge. Nari mfite umugabo umwe w'inshuti yanjye twari twariganye mu Byimana yitwaga Pascal Ndengejeho. Yigaga IPN. Ndagenda ndamubwira nti “*njyewe ngiye kuva hano njye iwacu sinshaka ko bamfungira muri Butare*”. Arambwira ati “*kugira ngo uve ino ugere iwanyu ugomba uruhushya rw'inzira*”. Yari umuntu w'impirimbanyi cyane. Nari ndi kumwe na mubyara wanjye, atujyana kwa superefe adufasha kubona uruhushya rw'inzira tuvugaga ko tubaye tugiye mu rugo ngo turebe aho byerekeza.

Turagenda, tugeze mu rugo tuhamara nk'amajoro abiri tubona amazu atangiye gushya. Tubona ko nituguma aho ngaho nta kabuza bazatwica. Nibwo twafashe icyemezo cyo gushaka uburyo duhunga. Uwitwaga Tremblais yadutumyeho ngo abari bagiye badafashe buruse zabo baze bazifate. Kuko twari tugifite uruhusya rw'inzira dusubirayo buruse turazifata ariko nitwasubira iwacu. Duhita duhunga.

Kuva ku italiki ya 23 z'ukwa gatatu twahise twambuka. Twaciye mu Kayanza twinjira i Burundi. Twakirwa muri Kaminuza y'i Burundi, nza kujya gukorera impamyabushobozi y'ikirenga (*doctorat*) mu Bubiligi.

Ndangije ntabwo nifuje kugaruka mu Rwanda, hari abanyingingaga ngo nze gukorera mu Rwanda, ariko nari narashaririye ndababwira ngo aho kugira ngo nze kuba impunzi ndi iwacu, nahitamo kuba impunzi ndi mu mahanga. N'ubwo naho ntari meze uko mbyifuzza. Niyo mpamvu twakoraga uko dushoboye ngo igihugu gihinduke.

## 15. Ubuhamya bwa Karege Félicien

Navutse ku wa 03 Nyakanga 1950. Navukiye mu Karere ka Nyanza, muri Komini Ntyazo. Ubu ntuye i Kinyinya mu karere ka Gasabo.

Muri 1973 nigaga muri Kaminuza y' u Rwanda. Narize ngera ku kigero cy'impamyabushobozi y'ikirenga PhD. Nyuma yo kwigisha muri Kaminuza, nagiyeye mu kiruhuko cy'izabukuru. Ubu ndikorera.

Kuva mu myaka 1960 ntabwo Umututsi yari amerewe neza. Njyewe nize mu Byimana mu mashuri yisumbuye n'ubwo kugeramo bitari byoroshye. Ndi mu mashuri yisumbuye twakubiswe nka kabiri. icyo gihe bari batarakaza kuvangura.

Twageraga ku mashuri tukahasanga abana bavuye mu miryango ifite ingengabitekerezo y'amoko. Kenshi babaga baratwikeye n'abantu. Ugasanga nta kuvugisha Abatutsi.

Naturukaga mu Mayaga ahantu muri icyo gihe hari hataraba ibintu by'inzi cyane. Bageragezaga kubana ariko haba hagize igikoma cyose bakaza bakabasenyera. Tugahagarika kwiga. Haba hashize imyaka ibiri hari amahoro, tukajya kwiga.

Ku ishuri rya Byimana gukubitwa kwacu, imbarutso yabaye umu dirigiteri bashakaga kwirukana bavuga ngo ashobora kuba abera bamwe muri twe. Sinzi ukuntu byagenze, ku mugoroba abana b'Abahutu aho kugira ngo baze kwiga nka twe twese, bakajya gukora inama zitangukanye ku ruhanda.

Icyo gihe nari mfite imyaka 17 ubwo nari ndi mu wa kane. Ukabona umuntu araje ntakuvugishije. Cyangwa undi akaza akakuburira ati sha uyu muni muragowe. Wamubaza uti ese habaye iki? Akakubwira ngo uyu muni murakubitwa. Uze kwirinda uwo mugoroba nturare aho ngaho.

Njyewe umugoroba wa mbere bakubise abanyeshuri umuntu yari yamburiye. Mbwira abana b'inshuti zanjye turagenda turara ku bantu twari tuziranye hafi y'ishuri. Ariko twaragarutse dusanga baraye bakubise abantu hari abaraye baboroga, bava amaraso sinakubwira. dirigiteri ntacyo yabashaga gukora.



Hakabaho gahunda zo kwiyinga, maze twe bakaduhana ngo twatorotse amashuri tudafite uruhushya. Turagaruka diregiteri agasa n’ubihosheje ho gatoya ariko ukabona ko umwuka utari mwiza. Tukiga utavugana n’umuntu. icyo gihe hafi umwaka urangira biga ukuntu bazadukubita nibamara kuvuga amanota. Diregiteri arabimenya. N’ubwo ntacyo yashoboraga gukora, hari utuntu duke duke yakoze.

Icyo gihe yarabaturunguye akodesha amakamy. Tumaze gukora ikizamini cya nyuma, kwa kundi abanyeshuri baba bari aho bategereje kubwirwa amanota, tugiye kubona tubona mu kigo haje amakamy agera nko ku munani. Abajya i Kigali, Butare, Gikongoro, uwo mugoroba twese turataha, ati amanota nzayaboherereza.

Mu mwaka ukurikiyeho habaye ikintu nk’icyo ngicyo na none barongera barakubita. Mbese twagiye kwiga muri Kaminuza gukubitwa twarabimenyereye. Ikibabaje rero warakubitwaga wahungira mu rugo umusaza ati ese urahungira he ko ari uguhungira ubwayi mu kigunda! Burugumesitiri namenya ko watashye arakwita inyenzi. Ati subira ku ishuri nibura mbe mukize. Tugeze aho twemererwa kujya muri Kaminuza y’u Rwanda ariko abandi bana b’Abahutu bo bajyaga kwiga mu bihugu by’i Burayi nko mu Bubiligi, mu Bufaransa n’ahandi.

Iyo nta kibi Burugumesitiri yakuvuzeho washoboraga kwiga muri Kaminuza.

Tuhageze umwaka wa mbere twabanye neza, umwaka wa kabiri, byarahindutse abanyeshuri b’Abahutu ntibaba bagikwirwa n’imyanya yo kwiga mu Burayi. Bituma amashuri yisumbuye yohereza abantu benshi. Abahutu batangira kuba benshi muri Kaminuza.

Uko baba benshi rero, akaba ari nako ya ngenabitekerezo igenda izamuka. icyakora icyo nabonaga ntabwo byaturukaga mu banyeshuri. Wasangaga biturutse mu banyapolitiki bari hafi aho.

Nko mu Byimana wabona bituruka mu butegetsi bwa Kayibanda kuko byabaga byegeranye. Aba Burugumesitiri be ukabona ari bo binjiza urwo rwango mu banyeshuri bababwira ngo mwakwirukanye ziriya mbwa z’Abatutsi sha! No mu 1973, Abakiga bashakaga kwirukana Kayibanda. Ariko babanza gukubita Abatutsi kugira ngo igihugu kibemo imidugararo.

Haza kuba ubwicanyi bw'i Burundi. Abahutu bashaka kurimbura Abatutsi, Abatutsi barabigaranzura. Bamwe mu Bahutu bahungira mu Rwanda n'i Butare muri Kaminuza hari harimo impunzi zimwe zitari abanyeshuri.

Bari barabacumbikiye muri za jimunase. Nibwo hatangiye kuza umwuka ngo i Burundi Abatutsi barimo kwica Abahutu ngo natwe dukwiye kwihorera kub'ino.

N'ubwo byari byarabaye mu 1972, muri 1973 abanyapolitiki b'i Kigali n'aho hose bati Abatutsi bishe Abahutu i Burundi, natwe tugomba kubikora.

Mu mwaka wa 1973-1974 dusanga nta Mututsi n'umwe bemereye kwinjira muri Kaminuza, n'uwabaga arimo yabaga yarahinduye ubwoko, cyangwa yaciye izindi nzira. Ndumva hari umwe bavugaga cyangwa babiri. Abanyeshuri baturukaga mu rukiga nibo babaga bafite ubukana, Abahutu b'abanyenduga n'ubwo kabaga karimo ntibabikwerekaga. Bakabipanga mu nama ariko bagaceceka.

Igihembwe cya mbere turakirangije, ariko uko tukirangije niko ubona abantu bataktivugana. Mu minota 15 y'akaruhuko, Umuhutu akiruka ajya mu itsinda ry'Abahutu n'Umututsi agashaka Abatutsi. Mu kwezi kwa kabiri umwuka uba mubi cyane. Twumva ko mu mashuri yisumbuye batangiyeye gukubita Abatutsi.

Mu Rwunge rw'Amashuri rwa Butare barabakubita barabirukana, murumuna wanjye wahigaga ataha ku Mayaga.

Hashize iminsi bitangira kuza n'iwacu. Ntiwashoboraga kumenya umunsi bizabera. Wabonaga gusa birimo bitutumba. Umunsi badukubise, bwari gucya tugakora ikizamini. Njyewe nari niriwe mu nzu y'ibitabo ndiga kuko nari mfite ikizamini. Saa kumi n'ebiyiri zigeze ndavuga ngo reka njye kurya ngaruke kwiga. Ngezeyo nsaga bamanitse urutonde ku rugi rw'aho turira, ngo Abatutsi bakurikira ntibarare aha ngaha. *Comité du salut* ariyo yasinye. Nsomye, mbona ho izina ryanjye.

Ikintu cya mbere cyambayeho ni uko nashatse kugica, ariko mpindukiye nsanga barandeba. Nabonaga harimo abantu nzi mbaza mo umwe nti mbese ibi ni ibiki. Nti ese ibi ni ibiki murimo mwirukana abantu? Mbonye bimeze gutyo sinajya kurya nsubira gushaka ba bandi twabaga turi kumwe.

Ngezeyo bati mbese wowe ntacyo uzi? Bati uyu muni wose biriwe baduhiga. Bati n'iwawe bagiyeyo, ntabwo nari nagiyeyo i Ruhanda nari muni y'ibitaro. Twibaza aho tuza kujya kugira ngo bataza kudukubita. Umwe aravugaga ati ntutuzze kujya kurya tugume mu byumba turebe, nihagira ikiba dusimbuke.

Uwo mugoroba hakaba hari sinema. icyo gihe umuni umwe mu cyumweru berekanaga sinema. Tuti abantu nibava muri sinema tube ariho dutaha. Njye nagiraga ngo nsohoke muri Kaminuza, nsubire aho nabaga. Nk'uko twabyibwiraga, sinema itangiye twumva ibintu biratuje. Njye ndasohoka njya iwanjye. Ba bandi baravugaga bati biragaragara ko bwije reka tuzagende ejo habona.

Ngeze iwanjye mpasanga umwana umwe wari urwaye ati baje hano kugushaka bakubuze. Nicara ntegereje ko bucya. Bigeze nko mu ma saa tatu y'ijoro, wa wundi mugenzi wanjye, witwaga Kayibanda, yari yagiye muri sinema nawe atabimenye. Aza yiruka ati ibintu bimeze nabi. Ati nta sinema yabaye ahubwo bagiyemo kugira ngo bahane ibimenyetso. Yari afite mushiki we w'umuforomo ati ejo tuzajye kumureba aducumbikire. Nta n'iminota icumi yashize. Tugiye kumva twumva induru ziravugaga. Hepfo baragonga. Ubwo baba batangiyeye gukubita, uwitwaga Ezechias Rwabuhira yarakubiswe, twanahunganye apfutse. Ariko ntawe bishe icyo gihe, byari bimeze nko kudukanga kugira ngo tugende. Wagira ibyago bakagukomeretsa, ariko nta mugambi wo kwica wabonaga uhari. Baravugaga ngo muri Kaminuza turi benshi kandi mu Rwanda turi bake. Ngo bashakaga iranganiza.

Barara bakubita ngiyeye kumva numva bambutse no hakuno. Bavuye i Ruhanda bambutse i Mamba. Bahereye mu nyubako nari ndimo. Ariko muri icyo nyubako Abatutsi twari bake cyane. Yari njye n'uwo muhungu twabanaga n'undi muntu wari warahinduye ubwoko. Babura uwo bakubita. Baza iwacu rero. Basanga njye na Kayibanda twafunze urugi twihisha mu cyumba.

Baza gusanga iwacu rero urugi rudafunguye. Barakubita, barongera barakubita, bagira kenshi. Kayibanda ntiyabashaga kwihangana agira atya arakingura abacamo ariruka. Yirukanse bamwirukaho. Amanuka ageze ku muhanda munini ujya kuri Kaminuza, asimbuka umugunguzi yikubita hasi aranakomereka, avirirana amaraso, akubitana n'imodoka y'Umuyobozi Mukuru wa Kaminuza (*recteur*), yitwaga Nsanzimana yari umuntu w'umunyabwoba cyane.

Yabonye abanyeshuri benshi bakurikiye umwe, aravuga ngo: “PARMEHUTU oyee!” babyumvise barahagarara. Baramureka, ndetse baranagenda nk’aho bagize isoni zo kumukubita abareba. Babonye Kayibanda yirutse bibwira ko ariwe wari urimo wenyine bakingira inyuma.

Ubwo nanjye ndaye mu nzu ikinze. Agarutse asanga harakinze. Ajya gushaka ahandi arara, bukeye yari yashatse urufunguzo, araza arakingura nanjye mvamo. Tugisohoka, tugeze hanze duhura n’igitero cy’abantu benshi. Njyewe ho ngira ibyago hari harimo uwo maze iminsi ngurishije igare ariko ataranyishyura. Ikintu nakoze, naramubwiye nti “igare uzaritware, igare uzaritware!” dufata udukapu duto dushyiramo ibintu bike bishobotse. Ibintu turagenda tubishyira kwa mushiki we. Dukomeza tujya gutega imodoka.

Tugeze mu mujyi wa Butare dusanga abantu bose niho bari. Abadukubise barahari, n’abakubiswe barahari. Bamwe baraye mu bihuru, abandi bafite inshuti zabo baraye i Ngoma, n’ahandi. Hari hasigaye gutega imodoka tugataha tugategereza icyo Leta izatugenera. icyakora muri twe twumvaga birangiye. Ngeze iwacu mu Mayaga, mara iminsi papa arambaza ati urabitekerezaho iki? Ndamusubiza nti n’iyo batanyirukana nari kuzagenda.

Nari mu mwaka wa gatatu, wari umwaka wa nyuma. Iyo twayirangizaga rero bo bahitaga babohereza mu mahanga gukorera icyiciro cyisumbuye, twebwe bakatwohereza kuba abarimu. Mbwira papa nti numvaga ntashaka kuzaba umwarimu, none ubu ngubu barabirangiye ndigendeye. Ati ngaho genda nuhamenyera tuzakoherereza na murumuna wawe. Ariko ntibari bazi uko nyuma bizagenda kuko bidatinze baraje barakubita, abakecuru n’abana biba bibi cyane. Njya gushaka impapuro z’ishuri n’abazungu bari bahari badufasha kubona amafaranga y’amarundi bati mwihangane ariko ntibabirwanye.

Papa anshakira umuntu umperekeza, dukora ibirometero nka 20 tugera ku mupaka. Bari banshakiye umusare. Mu ma saa kumi n’imwe mu rukerera ndambuka. Nyuma yo kwambuka umugezi ariko, nagombaga gukora ibirometero n’amaguru mu rufunzo.

Icyo gihe kubera imibanire mibi hagati y’u Burundi n’u Rwanda inzira zari zarasibye. Natangiye kugenda mu rufunzo saa kumi n’imwe ngera ku butaka bwumutse saa munani. Uwo musare yarabanje arantemera ariko agera aho adashobora kurenga kuko yari umurundi.

Arambwira ati ni hariya! Wahareba ukabona ni hafi koko, ariko wagenda ntiharangire. Nza no kumubwira ngo ampe umupanga we tuwugure aranga. Kuko nta mupanga nari mfite, nagendaga ntemesha intoki kugira ngo mbone inzira. Nza kugera hakurya, nsanga barabizi ko hari abanyeshuri muri Kaminuza n'amashuri yisumbuye barimo kwirukanwa. Baranyakira, baza kumfasha kugera i Bujumbura mpasanga n'abandi benshi barimo ba Rwabuhiki ndetse n'abandi batakiraho.

Twagiye turi nk'amakamyo nk'atatu, ariko nyuma baza ari ikivunge. Inkambi zirubakwa. Batwemerera kujya mu mashami. Ndangije ndabanza ndigisha ariko nshakisha buruse. Nza kubona iyo mu Busuwisi niho nakomereje ibyiciro byari bisigaye. Ndangije nshaka akazi, ndubaka ubu mfite abana bakuru.

Ikibaye bakakitubaza. Umuntu yakoneshereza bati uri Umututsi, wakwigurira inzoga mu kabari umuntu akaza akayifata akayinywa ngo ni muri demokarasi tugomba gusangira byose. Udafite ahantu urega.

Iyo habaga ikintu, Inyenzi zateye, cyangwa ikindi, barazaga bagafata abagabo b'Abatutsi bakagenda bakabakubita barangiza bakagenda bakabafunga. Bamwe baguye muri za gereza. Hari uburenganzira bumwe tutari dufite. Nko kujya mu gisirikare. Njye ntabwo niruhije njyamo, ariko nko mu Byimana hari umusirikare waje gushaka abajya mu gisirikare, abana bamwe b'Abatutsi bajya mu modoka nk'abandi ariko bageze hirya babakuramo, babakubita. Abo bavuyemo mbere bo bagize amahirwe, abibeshye bakagera mu ishuri rya gisirikare bo barakubiswe, bataha bavirirana.

## 16. Ubuhamya bwa Kimenyi Alexis

Navutse ku italiki ya 18 Ukuboza, 1957. Navukiye i Kamonyi, icyo gihe hari muri Komini Runda. Ubu ntuye i Rwimbogo, Nyarugunga, Kicukiro. Narize ngera ku mpamyabushobozi yicyiciro cya gatatu DESS mu mategeko no mu burenganzira bw'ikiremwanuntu (*specialisation en droit international des droits de l'homme. Université Catholique de Lyon*), birukana abanyeshuri b'Abatutsi mu mwaka wa 1973 nigaga muri Koleji *Notre Dame* i Kimihurura.

Mbere ya 1973 muri rusange imibanire ntacyo yari ibaye. icyakora hari ubwo bamwe mu banyeshuri b'Abahutu batotezaga Abatutsi. Byagaragariraga cyane mu buryo banyuzuraga. Iyo bageraga ku Batutsi hari uburyo wabonaga bamwe mu Bahutu bigiriza nkana ku Batutsi. Haba hari Umututsi mukuru uhamenyereye akajya abatabara, akanabahisha ngo batabagirira nabi, cyane cyane iyo umuriro wabaga wabuze.

Rimwe na rimwe wabonaga abanyeshuri begera bagenzi babo bahuje ubwoko. Umwuka waje kuba mubi cyane uhereye igihe mu Burundi habaga ubwicanyi, abayobozi ba Kigali batukana n'ab'i Burundi ku maradiyo.

Hari uwitwaga Gasamunyiga wari kuri Radio Rwanda, bavuga ngo agapfa kaburiwe ni impongo ko bashobora guterana, Micombero agatukana na Kayibanda.

Amakimbirane y'Abarundi yabaye yatumye hari abana b'Abahutu bahungira mu Rwanda, bamwe bajya mu rwunge rw'amashuri, ibyo bituma wa mwuka mubi uzamuka. Abahutu bo mu Rwanda batangira kugirira nabi Abatutsi bo mu Rwanda bisa n'aho ari ukwihorera, kubera ibyabaye mu Burundi, birukana abanyeshuri n'abakozi b'Abatutsi mu mirimo yabo.

Mu mashuri byatangiriye muri Kaminuza, bikwira mu yandi mashuri. Kuko muri Kaminuza babirukanye mbere yacu gatoya. Twe baje kutwirukana nyuma. Twe twirukanywe kuwa 26 Gashyantare.

Ubona byaratangiye mbere kuko muri 1973 bari bamaze gutangira gufungira imipaka abanyeshuri b'Abatutsi kujya mu mashuri yisumbuye na Kaminuza, muri uwo mwaka hatsinze bake cyane.

Icyo gihe bavugaga ko Abatwa ari 1%, iryo 1% ryabura, minisitiri wariho witwaga Gaspal utaravanguraga cyane, haboneka umwana w'Umututsi ufite se wagiye kumuvuganira, akamujugunya muri abo ngabo.

Mu mwaka w'amashuri 1972-1973, hariho amabwiriza ko nta mwana w'Umututsi ugomba kujya kwiga. N'abagiye ni ababacitse kuko wenda bafite ababyeyi bari inshuti cyangwa biganye n'umuyobozi runaka.

Ariko abari barangije icyiciro rusange cy'amashuri, icyo gihe ntawe bahaye ishami Abo bazihaye ni zimwe zirangirira kuri A5 zituma bahita baja kwigisha. Ntibashoboraga kumuha ubuhinzi n'izindi. Abandi benshi baburiyemo.

Dore uko kwirukana Abatutsi kuri Koleji *Notre Dame* Kimihurura. Twarabyutse nko mu mataliki 23-24, hari ateliye ikomeye yitwaga ATS (*Atelier Technique des Salesiens*) Hakoragamo abantu bose, Abatutsi n'Abahutu. Twari twakoze igihembwe. Tugiye dusanga ku rwinjiriro hari urutonde rw'Abatutsi batagomba kwinjira muri ATS.

Noneho, ku wa 25, twari dufite umudiregiteri w'umubiligi witwaga Robert, araza abwira abanyeshuri ati muramenye, ibintu bimeze nabi, mwe ntimusubiranemo. Ariko ubwo hakaba hari abanyeshuri b'abahezanguni bakoranaga n'abanyeshuri ba Koleji ya Mburabuturo.

Aho i Mburabuturo harimo abantu b'abahezanguni cyane. Kimwe na za Shyogwe na za Kabgayi. Abo boherereje ubutumwa abanyeshuri b'abahezanguni b'Abahutu bo ku ishuri ryacu ko nibatwirukana bo bazaza bakatwiyirukanira. Kuri 25 baraye bakubita abanyeshuri b'Abatutsi, abandi babahanura ku bitanda.

Bukeye bwaho, tubyutse dusanga abantu bameze nk'abasaze, Abatutsi bose n'abo bakeka ko aribo, barabirukana. Uwo babaga batizeye ko ari Umuhutu bamutumaga ibyangombwa muri komini, basanga ari Umuhutu bakamwemerera akiga.

Njye nari mfite umubyeyi wa batisimu witwaga Harerimana Gaspard ni nawe wanjyanye ku ishuri agiye kunyandikisha. Diregiteri w'ishuri witwaga Robert arantwara anjyana kuri Minisitiri y'Uburezi (MINEDUC), aragenda ansubiza Harerimana. Baravugana, hanyuma nsigara aho ngaho. papa yakoraga akazi ka Leta.

Ubwo baratwirukanye, ubwo na ba papa bukeye bahise babirukana. Ubwo turataha. Tujya ku Muhima. Niho papa yabaga. Ariko mama ntabwo yabaga i Kigali, yabaga i Kigese. Bidatinze batangira gutwika. Batwika inzu ya sogokuru yari inzu y'ikigonyi. Natwe twari dufite inzu y'amabati baraza barayisenya. Noneho umuryango wacu uhungira mu wundi muryango w'inshuti, ariko njye nguma i Kigali.

Iwacu batwirukanye turi batatu ; mushiki wanjye wigaga mu Ishuri Nderabarezi ry'Igihugu IPN, yari mu mwaka wa nyuma ari kwimenyereza umwuga na mukuru wanjye wigaga muri Koleji *St Léon* na njye.

Mu kwezi kwa kane, haba umukwabu ngo barahiga inzererezi. Ariko bari bafite umugambi kugeza ubu sindawumenya, niba barashakaga kutwica, niba barashakaga kugira gute? Bafata abo bana bose bari bari mu muji bari barahunze bafite ababyeyi i Kigali, barabafata n'ababyeyi babo, na papa icyo gihe baramutwaye, ariko njye nihishe muni y'igitanda ntibambona, babajyana ahitwa i Maranyundo mu Bugesera.

Babarunda yo bamara iminsi batarya, noneho Harerimana wari Minisitiri w'uburezi ajya kumuzana, yari inshuti ya papa mu buryo budasanze. Bari bariganye muri groupe scolaire, kandi yari yaranambyaye muri batisimu. Aramuzana, Papa aba aho ngaho, we ntiyasubiye no mu kazi kuva icyo gihe. Na nyuma ya kudeta aragerageza, Kanyarengwe yanga kumusubizamo. Hari abahise baba abashomeri b'ibihe byose batigeze bongera gusubizwa mu kazi.

Gusa twe twagize Imana hamaze kuba mu kwa cyenda tujya gusaba gusubira mu ishuri, badusubizamo dukomeza kwiga nk'uko bisanzwe.

Mukuru wanjye nawe yasubiye i Kabgayi, naho mushiki wanjye we yahise acika ahungira i Bujumbura.



## 17. Ubuhamya bwa Nyiracumi Josepha

Navutse 1/01/1954. Nigaga muri Lycée Notre Dame de Citeaux i Kigali. Mvuka mu karere ka Gisagara mu Majyepfo. Hitwaga muri Komini ya Muganza, i Butare. Ntuye mu Murenge wa Remera, Rukiri I. Mfite impamyabushobozi ya icyiciro cya kabiri mu gucunga imari (*Management, option ya Business Administration*) Ubu ndi mu kiruhuko cy'izabukuru.

Muri rusange nta makimbirane yari mu mashuri kuko twari tukiri abana.

Mu mwaka wa 1973 nari mfite imyaka 19. Nari mu wa gatandatu w'amashuri yisumbuye. Mbere y'aho twari abana tubanye neza, kereka niba byari mu mitima y'abantu rwihishwa, rwose nta kwishishanya kwari guhari. N'abarimu badufataga kimwe cyane ko abari biganjemo bari Abatutsi ndetse n'abazungu.

Ku ishuri ryacu byatangiyeye mu matariki ntibuka neza ariko ni mu kwezi kwa kabiri. Twumvaga ko hari abarimo kwirukana Abatutsi hirya no hino mu gihugu. Bigitangira wabonaga uwari inshuti yawe akwiyomoyeho, ukabona ntakikuvugisha. Tubona dusigaye twenyine biratuyobera.

Ariko hakabamo n'abana b'Abahutukazi beza kuko bose utabonaga bahindutse. Abo babaga batabyemera barazaga bakatuburira. Bakatubwira ahari inama zirimo gukorwa, bati dore bariya bagiye kuri Koleji ya *St André*, cyangwa kuri Koleji y'i Kigali COK cyangwa Ishuri ry'abafasha abaganga *Ecole des Assistants Medicaux*. Bakajya kuganira n'abo bahungu bagaruka bakazana impapuro zidasinye bajugunyaga mu nzira aho bazi ko tuza kunyura zirimo iterabwoba.

Zimwe zabaga zanditseho ngo mutwitegure uyu muni turaje, turabonana. Tugahamuka, tukagira ubwoba. Tukabura aho dukwirwa kuko nta muntu twabaga dufite wo kuganiriza icyo kibazo. Tubona abantu baraduhindutse kandi twari dusanzwe dusangira akabisi n'agahiye. Tukabona ikintu cy'ubwoba mu bantu. Umwana yacikwa n'agacamurongo kakagwa hasi, twese tukikanga tugahaguruka. Ubwo ni ukubera za mpapuro mpimbano zatubwiraga ngo turaje. Agakomye kose tukumva ko baje. Ababikira nabo bigeza aho nabo bibatera ubwoba.

Hahise nk'icyumweru turi muri ubwo buzima. Ndibuka ko nageze aho, tumaze kumva ko mu yandi mashuri babakubise bakabirukana, ko hari n'abakobwa bafashe ku ngufu, kubera ubwoba bwo gukorerwa ayo mahano, nari ngeze mu wa gatandatu, kandi abo muri uwo mwaka ari twe

bakuru dukwiye kureberera abandi, mpera ku bo mu wa gatandatu nti ubwo batubwiye ko bari buze muri iri joro, ni muze tubwire abandi bana duhunge.

Turabanza dusobanurira abato bamaze kubyumva, njye n’abandi nka batatu tujya kureba umubikira wari ushinzwe imyitwarire witwaga Soeur Kizito, yari umubiligikazi. Tumwerekana impapuro mpimbano turamubwira tuti dore dufite ikibazo. Hari ibintu biri hanze aha none natwe bitugezeho. Dufite ubwoba none mwatureka tukagenda ibi bintu bitaraba, tugahunga noneho byaramuka bitabaye ejo tukagaruka mu ishuri? icyo gihe ndibuka ko hari umwana w’umukobwa we ntiyari yajyanye natwe, ariko yari inshuti yacu.

Noneho icyadutangaje, ni uko uwo mubikira yamwitegereje, aho yari ari aramubaza ati “ *ese kuki wowe utaje?* ” Undi ati “ *ntabwo ndi Umututsikazi* ”, umubikira aramubwira ngo “ *uri Umututsi* ” nibwo umwana yaje arabitubwira.

Tukibaza ukuntu umuzungukazi yabimenye bikatuyobera. Byatumye dutekereza ko yaba yari azi ibirimo kuba. Twumva turatinye. icyakora tumaze kumubwira ngo turashaka kwigendera, ahamagara diregitirisi, nawe yari Umubiligikazi, arabimubwira, aba ariwe utwemerera. Kuko twese tutari dufite imiryango i Kigali dusaba abana baturuka i Kigali kuducumbikira iryo joro. Bagenda batugabagabana.

Ndibuka twaraye mu rugo rw’umupolisi wari se wabo w’umukobwa umwe twiganaga. Turara mu cyumba turi abantu 10. Byageze nijoro twumva urusaku mu kigo cyacu. Nta kintu cyatangiraga urusaku kuko n’amazu yari ataraba menshi. Twumvise urusaku ruteye ubwoba. Bari barimo gukubita ba bana twabwiye kuza bakanga. Hari n’umukozi wo mu gikoni wo mu kigo nawe yarakubiswe kuko nawe yari Umututsi.

Mu guhunga nta kintu twari twajyanye.

Bukeye, turagenda ngo turebe uko byagenze. Tukigera ku ishuri ry’Ababiligi *Ecole Belge*, twagiye duhura n’abana baraye mu gasozi. Imvura yabanyagiye, bababaye cyane, nibo batubwiye amakuru y’uko byagenze. Bati badukubise ibintu bamenaguye ahubwo namwe ntituzi niba ibikoresho byanyu mubibona. Ubwo kandi mu gihugu amazu y’Abatutsi arimo arashya. Ntabwo twari kugenda tudafite ibyangombwa byacu kuko twari twazisize mu ishuri. Nta kintu twari twatwaye. Ntitwari guca kuri bariyeri tutazifite.

Twatungutse ku irembo ry'ishuri, ababikira bari bafungiranye abanyeshuri b'abakobwa kugira ngo bataza kugirira nabi abana bazaga gufata udukoresho twabo, maze bakitubona bashyira urushyi ku munwa bavuzza induru, ntashobora kuzibagirwa.

Nko kuvuga ngo mwaducitse!

Bari bameze nk'imbwa yasaze ariko iziritse, ishaka kurya umuntu ikabura uko imugeraho. Tugira ubwoba dushaka gusubirayo ariko umubikira aratubwira ngo dukomeze. Twagiye dutoragura utwenda aho bagiye batunyanyagiza mu nzira. Ni uko tuzinga ibishoboka turagenda. Twari twabonye ibyangombwa. Ababikira baratubwira bati murabona ko hakiri umwuka mubi, nimube mutashye nibigenda neza tuzabahamagara. Turagenda ariko no mu nzira hari hari umwuka mubi cyane.

Tugeze mu mujyi twahuye n'abanyeshuri bavuye imihanda yose nka Rwamagana, n'ahandi. Tugeze kuri Nyabarongo tuhasanga bariyeri y'abasirikare. Ntabwo nzi ukuntu twavuye aho hantu. icyo nibuka ni uko bari bagiye kuturoha muri Nyabarongo. Batwatse ibyangombwa bati murajyahe? Ntabwo twabashaga kubona ibisubizo twari abana. Uko twambutse ntabwo mbyibuka.

Ishusho nongera kubona twari tugeze i Gitarama. Twagiye tubona amazu ashya, hakurya. Noneho umushoferi wari udutwaye mu modoka, agira ubwoba. Twageze i Nyanza i Butare adutayo. Aratubwira ati mwabonye inzira twajemo, sinkeneye ko nanjye banyica, nsubiyeyo mushake indi modoka.

Twari dusigaye turi abakobwa bane tujya i Mugombwa. Nta muntu tuhazi kandi bwije. Dushaka icyo dukora biratuyobera.

Ubwo twari twabonye ikivunge cy'abanyeshuri benshi basohotse mu kigo baraza badukoraho uruziga, bati “*murajya he?*” Turabasubiza. Bakagira batya umwe akagukandagira, undi akagukubita urutugu, n'ibindi. Ndatekereza nti ibyo twasize kw'Ishuri rya *Lycée* tubiboneye hano. Sinzi ukuntu nagize gutya amarangamutima araza ndaturika ndarira.

Ubwo hari abagabo bicaye mu kabari hirya yacu baratwitegereza, hava mo umugabo muremure wirabura araza aratwegera asa n'udukangara, ati “*murarizwa n'iki?*” Tuti “*ese ntubona ibirimo*

*bitubaho? ” Ati “ murajya he? “ Turamubwira. Ati “ nonese murarira ayo marira murayereka nde? ni muce aha! ”*

Tubona aragiye azanye imodoka y’ikombi, ngo ni nayo yabaga i Nyanza yonyine, adushyiramo. Atubaza niba i Butare nta muntu tuhazi. Dusanga umwe muri twe ahafite umuntu. Ni uko aratujyana atugeza ku nzu ye. Turinjira baraducumbikira, bati ahubwo mwebwe byari byaratinze. Bati ariko n’aha ntabwo ari byiza, murazinduka mutaha. Batugira inama yo kwihisha mu kibikira kugira ngo abanyeshuri batatubona. Twihishamo, ndumva hari nko ku wa kane.

Twirirwa twicaye mu kibikira dutegereje imodoka y’umucuruzi yajyaga iza kurangura kuri uwo munsu. Yagendaga saa kumi n’imwe. Tugeze aho twumva turarambiwe noneho tujya kurunguruka mu madirishya, twirebera ibihita ku muhanda.

Tugira ibyago abo muri *groupe scolaire* barasohoka. Ka kamodoka nako kaba karaje, dusohoka tugiye kukinjiramo. Ba banyeshuri bose b’urwungwe rw’amashuri *groupe scolaire* baduhombokeraho. Ari twe, ari wa mushoferi, badutesha umutwe. Batubaza ibibazo, badutera imigeri, baradukubita.

Utwo tumodoka twa rubaho twari tumeze n’ikamyoy. Kujyamo byadusabaga kurira. Bakaza bakatubwira bati urira! Tukurira, twageramo ngo manuka! Tukamanuka. Tugeze aho duta umutwe. Sinzi ukuntu narakaye. Bati “ *ko wowe urakaye?* ” Nti “ *ndarakaye nyine, none se ibyo mudukorera murabona ari byo? Mwebwe uwabibagirira mwakwishima?* ” Ni uko ngo manuka! Ubwo bari bamaze kuduha uburenganzira bwo kugenda.

Wa mushoferi abonye barimo kumanura ku ngufu, yatsa imodoka ariruka. Baza bayiruka inyuma. Tunyura mu muhanda wa Kabutare turabacika. Tugera iwacu. Turategereza ko bazaduhamagara, turaheba. Ukwezi kwa kabiri kurarangira, ukwa gatatu kurarangira. Tukumva ko benshi barimo kwambuka bajya hanze y’u Rwanda. Mu karere k’iwacu hari hamaze guhunga abantu benshi.

Mu kwa kane nibwo twabonye ko gusubira ku ishuri bitagishobotse. Nibwo duteguye uburyo bwo guhunga turagenda. Iwacu ntabwo bashakaga ko mpunga, bari bafite impungenge z’ibyambaho, kandi ko ntabasha kwicira inshuro. Noneho abo dukoranye gahunda yo guhunga,

bagaca ruhinganyuma bati yabiretse nimwigendere. Nkumva bansize. Bityo bityo. Naje kujyana n'umuryango w'umwarimu wari warahunze mbere, bagiye kumushyira umugore n'abana.

Ku mugoroba nka saa kumi n'ebiri nibwo twagiye. Musaza wanjye yaraduherekeje tugera ku musozi wa Kibangu. Bati ntimugende mwegeranye kuko bamenya gahunda yanyu. Baha umusare amafaranga aratwambutsa. Hari mu kwezi kwa kane, urufunzo rwuzuye amazi, amaherezo tugera hakurya. Uwo musare kuko ariwe wari uhazi, yaragiye adusabira icumbi. Kukwari twakonje baducanira igishyito turota. Nyuma turaryama.

Bukeye tuzamuka imisozi y'i Burundi umunsi wose. Tubona tugeze kuri komini Ntega. Abayobozi baho baratwakira, batwandika mu bitabo. Batwerekako aho turara, ariko nyine uwo mugore kuko yari yagiye asanga yo umugabo we, aramwakira, baraducumbikira. Tuhasanga n'izindi mpunzi nyinshi. Ndibuka ko nahasanze umudamu wari wahunganye n'abana be bane n'abisengeneza be babiri.

Ibyumweru bitatu birashira. Barananiwe kugera hakurya. Umwana wa mbere amupfiraho yishwe n'inzara amurenza ho urufunzo. Yagera imbere undi agapfa akarenzaho urufunzo. Byahereye ku bana bakuru. Biramushobera kugeza igihe abana bose abahambye aho. Asigara wenyine. Kugira ngo bamare iyo minsi yose bafataga urufunzo bakaruhekenya bakamira amazi yarwo. Arangije abona ko nawe igihe kigeze, noneho afata agashuka yizingiramo kugira ngo azapfiremo yicara aho. Ariko nyine ari hafi yo gupfa atangira gutaka. Agakomeza aniha, aniha. Haza kumanuka umuntu uje gutema urufunzo aramwumva. Abonye agihumeka araterura amujyana ku muyobozi. Baratangira baramwondora.

Twasanze inzara zirimo kuvamo, arimo kumera uruhu rushyashya, bamusiga amavuta y'inka. Twahamaze ibyumweru nka bitatu, Leta idupakira imodoka, dusibira mu Kirundo umunsi umwe, dukomeza twerekeza ahitwa i Nyarunazi tuhasanga izindi mpuzi. Ubwo byari bigeze mu kwa karindwi, twumva ngo Habyarimana yakoze kudeta.

Naje kubona ishuri i Bujumbura, ndisabiwe n'umugabo wari umwarimu mu Rwanda wari warahunze ariko bigoranye. Naje kurangiza ayisumbuye, mbona akazi, ndashaka, dutahuka muri 1994.

Impamyabushobozi y'icyiciro cya kabiri *Licence* nayikoreye aho mariye kugaruka mu Rwanda.  
Numvaga nzafasha umuryango wanjye gutera imbere, ariko ntibyankundiye.

## 18. Ubuhamya bwa Rugangura Jean Bosco

Nitwa Rugangura Jean Bosco, navukiye ku Kimihurura mu mwaka wa 1955. Ntuye ku Kimihurura. Mu mwaka wa 1973 nigaga i Gahini.

Kuko i Gahini habaga icyiciro kibanza gusa, abahavaga bakomerezaga i Shyogwe cyangwa muri Koleji y'i Kigali COK. Byatumaga rero habaho umubano hagati y'ayo mashuri. Abanyeshuri b'i Shyogwe rero guhera muri 1972 bajyaga bandikira ab'i Gahini ngo bazirukane abo Batutsi. Bamwe na bamwe bakabitwereka tukabisoma. Ariko hakaba n'abandi, bari bafite amazina batwitaga, bamwe babitaga moja abandi babita Eteroja.

Ibyo byo byabaga ntacyo bidutwaye. Ariko aho ngaho, hakaba hari umuntu witwaga Sarabwe wari umucungamari.

I Gahini hakundaga kuba imyigaragambyo, akenshi bavuga ko badashaka uwo Sarabwe. Sarabwe iteka agahora avuga ngo abana b'Abatutsi n'abana b'ibyimanyi, bavangavanze nibwo batwaga imyigaragambyo. Ariko ubundi nta kintu kidasanzwe twabonaga.

Twari twakoze ibizamini dufite icyumweru cy'ikiruhuko. Kuko ndabyibuka naratashye ku Kimihurura kuko niho hari iwacu. Ngezeyo ku kigo cy'abasereziyari bari batangiyeye kwirukana abakozi. Rero umunsi dutaha, nibwo Koleji COK yari yirukanye. Twagombaga gutangira ku wa mbere kuri 27 Gashyantare.

Bityo byari ngombwa ko turarayo ku cyumweru taliki ya 26. Abanyeshuri bose bagombaga kuza uwo muni. Tukihagera, batangira kwiyenza ku Batutsi, batwirukana kuri 27 Gashyantare. Byatangiyeye mu gitondo abanyeshuri babanza kwanga kujya mu mashuri, bavuga ngo ntabwo babahaye indangamanota.

Kuko twari twatashye tutazitwaye. Hari amanota y'iyobokamana yari atarajyaho. Abayobozi n'abarimu baraza baratubwira bati noneho nimujye mu mashuri turabaha indangamanota. Banga kujyamo.

Bigeze mu ma saa sita baratangira bakajya batera abantu amabuye. Umututsi yatambuka bakamutera amabuye, njyewe nari nabibonye kare, nabonaga ko ibintu bitameze neza. Ndagenda, ibintu byanjye nari nabisize ku mu Acidikoni witwaga Musuhuke.

Ndagenda mfata ibikoresho byanjye ariko ndababwira nti uyu muni nshobora kuba ndiburare hano, ubwo hari ku wa mbere. Bigeze saa kumi n'ebiri, tumanutse tuvuye ku mashuri, kuko buri saa kumi n'imwe twajyaga kurya.

Twinjira aho turira. Ariko njye nkinjiramo sinzi uko byanjemo nahise nsohoka. Nahuraga n'abantu bakuru ku buryo nabonaga ko byatangiye rwose. Ndasohoka nca aho twaryamaga ndazamuka nsanga Sarabwe uwo nguwo ahagararanye na Ndandari wahoze ari Musenyeri.

Twamaraga kurya tukajya kwiyogereza amasahani. Ni njye wasohotse mbere njya koza isahani. Abitwa ba Gatete waturukaga za Kawangire, bari batangiye kudutera ibijumba n'undi witwa Bakusaba, ise yari umudepite witwaga Ukwigize w'i Byumba, n'uwitwa Munyakyanza. Mpita njya mu ishuri.

Tumaze mo akanya gato, twumva induru ziravuze, batangiye gukubita abanyeshuri b'Abatutsi. Bahita bazamuka baza aho turi, natwe duhita dusimbuka duca mu idirishya, tugwa mu kibuga cyari aho twakiniraga mo umupira. Hari n'amashuri abanza.

Hakaba icyuma bakubitagaho bahamagara abanyeshuri, bakubita umuhungu witwaga Kalisa, ise yari Acidikoni, azamuka yiruka asa n'utareba agonga cya cyuma, ahita yikubita hasi. Turamuterura. Nari kumwe n'uwitwa Rurangwa. Tukiri aho baba barazamutse bajya ku mazu y'abarimu. Harimo abarimu babiri, umwe yitwaga Bagambiki n'undi witwaga Hakizimana. Bari Abatutsi, bagenda bagiye kubakubita.

Ubwo mu kigo ibintu biracika, abanyeshuri barimo kwiruka hirya no hino. Ari abahunga, ari ababakurikiye, ibintu bimeze nabi, ntawe umenya aho undi aciye. Bajya ku barimu baciye imbere y'amashuri tubareba. Muri uko kwiruka hirya no hino twaje guhura n'abarimu birukanka, bari kumwe n'umukobwa witwaga Hope, bari banzi, baza bavuga ngo, “*ehee, Bosco bamwishe!*” ndababwira nti “*ndi hano*”. Duhita duhungira mu tuzu tw'abakobwa bavuraga aho ku ivuriro ry'i Gahini.



Ubwo Abatutsi birukanwaga bakubitwa ninjoro hari kuri 27. Twari tuzi ko birangira uwo muni. Kuri 28 za Gashyantare, bakomeje birukana ababaga bihishwe hirya no hino nk'abahishwe n'abamisiyoneri. Tubwirwa ko ibintu byacu byose babitwitse.

Dufata icyemezo cyo kwitahira. Twajyanye turi abantu batatu; Rurangwa, Wesley nanjye. Turara i Kayonza ku nshuti ya Wesley. Ariko twari dufite gahunda yo guhunga kuko abantu bari barimo guhunga baca i Burundi n'ahandi. Bukeye mu gitondo, turahava. Hari akamodoka katuzanye katugeza hafi i Rwamagana.

Ubwo aho i Rwamagana, naho abanyeshuri bari barimo kwirukana bagenzi babo b'Abatutsi. Ntitwanyura mu mujyi kugira ngo batatubona ahubwo duca inkeramucyamo ntitwaca mu muhanda. Tugenda n'amaguru, tuza turara tugeze mu Kabuga ka Musha. Ubwo byari mu ma saa kumi n'imwe tutazi iyo turi burare.

Tugiye kubona tubona imodoka ya Pasteur Ndandari yari ataraba Musenyeri icyo gihe, ari kumwe na Sarabwe, aba adushyizemo. Tukigeramo ahita abwira Wesley, ati “*ese Wesley ko bakwirukanye, wowe nturi Umuhutu?*” Aratuzana atugeza i Kigali.

Tuhageze, twari twafashe gahunda ko duhita dukomeza i Burundi. Ndandari ati “*ko mutanyishyuye se?*” Nta kintu twari dufite, nta makaye n'imyenda ntayo twari twazanye nari nambaye agakabutura. Birumvikana ntayo twamuhaye. Umwana witwa Gatete twahuriye i Kigali atujyana kwa mukuru we wakoraga muri Minisiteri y'imilimo ya Leta (MINITRAPE). Niho twaraye aduha amafaranga ya bisi kugira ngo tujye i Butare. Agomba kuba yari amafaranga 110. Ubwo nta kintu na kimwe dufite.

Tugera kuri Nyabarongo, nta n'ibyangombwa twari dufite. Kubera urujya n'uruza rw'abanyeshuri bari birukanywe za Kigali, Shyogwe na za Byimana, ntibabyitaho turatambuka. Turakomeza tugera i Butare.

Nyuma y'ibyumweru nka bibiri banshakira ibyangombwa ngaruka i Kigali, nsanga bari bazi ko napfuye. Ariko nyuma yaho mu kwezi kwa kane, naje kubona akazi ko gufasha muri ateliye. Abatutsi benshi bari barabirukanye.

Mu kwa gatanu naje kujya kureba mukuru wanjye wabaga i Burundi. Ariko icyo gihe nca kuri Goma kuko hari indege yazaga gufata abantu ikabajyana yo. Turagenda tugera kuri Goma.

Icyakora ubwo uwatujyanye aratubeshya, aratubwira ngo amafaranga yose twari dufite ngo barayamwambuye. Yari amafranga 200 y'u Rwanda. Tuhamara iminsi mu mibereho mibi. Tugize amahirwe tubona umuntu utugarura mu Rwanda, hejuru y'igikamyo kije kurangura byeri. Twageze i Kigali ari ninjoro.

Bukeye nsubira ku kazi. Tukiri muri gahunda zo gukomeza i Burundi haba kudeta, nsubira i Gahini. Ngezeyo uwitwa Karinganire ararinyima. Icyakora bake basubirayo. Iby'amashuri yanjye ni aho byarangiriye.

Natangiye kwikorera rero mba rwiyemezamirimo. Icyakora hari igihe njya ndota nasubiye mu ishuri n'uko ngana uku, kuko nabikundaga!

N'ubwo kwiga byahagaze, nari umuhanga nkaza muri batatu ba mbere.

## 19. Ubuhamya bwa Hakizabera Pipiani

Nitwa Pipiani Hakizabera. Mfite imyaka 67. Navukiye mu Karere ka Rusenyi, hari muri Kibuye ariko ubu ni mu Karere ka Nyamashake, Uburengerazuba, muri 1951.

Amashuri abanza nayize muri Paroisse catholique ya Kibingo, Dioseze ya Nyundo, ayisumbuye nayize mu Byimana (1965-1971) mu ba furere marisiti *Frères Maristes* mu Byimana (*Humanités Scientifiques de Byimana*).

Ninjiye muri Kaminuza y'u Rwanda (*Université Nationale du Rwanda -UNR*) muri 1971, mpava muri 1973 abandi banyeshuri baduteye ninjoro bakatwirukana. Nyuma yaho naje i Kigali mu gihe gito naho batangira gukora urutonde rw'abakozi b'Abatutsi, bagombaga kuva mu kazi.

Nyuma nahungiyeye i Burundi nyuze Congo, nshobora kuhakomereza amashuri, muri *Sciences Economiques et Administratives* muri Kaminuza y'i Burundi (*Université Officielle de Bujumbura UOB*) muri 1974. Nyuma nagiyeye muri Suisse muri Kaminuza y'i Fribourg (*Université de Fribourg*) mpabonera Impamayabushobozi *licence des Sciences Economiques et Sociales* muri 1978.

Niga mu Byimana nibura buri myaka ibiri habaga gutotezwa cyangwa kwirukanwa mu ishuli tugataha hashira iminsi bamwe muri twe bakatwemerera kugaruka. Cyane byabaga bikurikiranye n'impuha zabaga zivuga ko abanyeshuli bamwe bashatse kuroga abandi cyangwa se hakaba imyigaragambyo yo kwanga ibiribwa cyangwa ibindi, ariko buri gihe bikarangira bifashe isura y'amoko.

Rimwe umuyobozi w'ishuli yigeze kwirukana abanyeshuri b'Abahutu bagiriye nabi abandi b'Abatutsi ndetse bakanangiza imitungo y'ishuri, nyuma bajya kumurega kwa Perezida Kayibanda iwe mu rugo i Kavumu hafi ya Kabgayi arabagarura, anategeka ko basubira mu ishuli. Ibyo kwirukanwa mu ishuri rero nasaga nk'uwabimenyereye bitakitungura.

Muri 1971 narangije amashuri yisumbuye (*Humanités Scientifiques*) mu Byimana, ntsinda n'ikizamini cya Leta. Nari narasabye kwiga Ubuganga muri Kaminuza. Nyuma bampamagaye kujya muri Kaminuza y'u Rwanda (UNR) i Butare. Ntibyantangaje cyane ko bampamagara kuko abarangizaga amashuri yisumbuye icyo gihe bari bacye kandi Kaminuza ikeneye abanyeshuri.

Ikindi ni uko abanyeshuli b'Abahutu twiganaga abenshi bari barabonye buruse zo kujya kwiga mu mahanga muri Belgique, France, Allemagne, Suisse, URSS n'ahandi, abandi bakajya mw'Ishuri Rikuru rya Gisirikare (ESM) kandi Abatutsi tutari tubyemerewe.

Ngeze muri Kaminuza nasanze baranshyize mu ishami ry'indimi kandi ntabyo nize. Nasabye Kaminuza kumpindurira bambwira ko ubuganga bidashoboka, ariko banyemerera kwiga ibijyanye n'ubukungu (*Sciences Economiques*). Kimwe nanjye, abanyeshuli b'Abatutsi bashoboye gukomeza muri Kaminuza uwo mwaka boherejwe i Butare ariyo mpanvu hari Abatutsi benshi.

Muri 1972 muri Kaminuza haje abanyeshuli benshi b'Abahutu, cyane bavuye mu majyaruguru y'u Rwanda nka Koleji ya Musanze mu gihe gito batangira kwibuka bavuga ko muri Kaminuza hari abanyeshuli benshi b'Abatutsi, cyane cyane mu gihe cyo "kubatzwa" kw'abanyeshuri bashya.

Nyuma haje kuza umwuka mubi cyane mu matora ya Perezida w'ishyirahamwe ry'abanyeshuri bo muri Kaminuza (*AGEUNR - Association générale des étudiants de l'UNR*) aho uwagize amajwi menshi bamwanze bavuga ko yatowe n'Abatutsi n'Abanyenduga. Nyuma hakomeje kuvugwa ko Abatutsi ari benshi mu mashuri yose yo mu Rwanda muri rusange no muri Kaminuza by'umwihariko kandi ko batwaye imyanya y'Abahutu kandi igihugu ari icyabo.

Nyuma hasohotse urutonde rw'abanyeshuri b'Abatutsi bagombaga kuva muri Kaminuza. Ijoro rimwe haba ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwo kwirukana abanyeshuri bose b'Abatutsi.

Ibi bikorwa byabaye kuri Kaminuza nkuru ya Ruhande. Jye nabaga kuri *home 7* imbere ya *Groupe Scolaire*. Ninjoro twakiriye abanyeshuri bavuye Ruhande bahunze bamwe bakomeretse.

Ku manywa twumvise ko Umuyobozi Mukuru wa Kaminuza yavuze ko ntacyo yabikoraho nawe byamurenze. Twumvise kandi ko hari abanyeshuri bagerageje guhunga bamwe bagafatirwa ku mupaka w'Akanyaru n'uwa Rusizi.

Jye nyuma ya saa sita nafashe icyemezo cyo kuva mu muji wa Butare, nza Kigali aho nari mpafite abavandimwe. Numvaga bizashira, tugasubira kwiga nk'uko byajyaga bitugendera twiga mu Byimana.

Bidatinze, Kigali naho hahise haza umwuka mubi, havugwa hanandikwa ko Abatutsi bose bagomba kuva ku kazi, hagakora Abahutu gusa. Rimwe ngiye i Nyamirambo muri bisi tugeze ku kigo cya Leta gishinzwe gutwara abantu n'ibintu (Onatracom) mu Biryogo hinjiramo umuntu aratubwira ngo umuntu wese uziko ari Umututsi aye muri bisi y'Abahutu.

Nabanje kwanga kuvamo nyuma mbona abandi benshi bavuyemo nanjye mvamo nkomeza n'amaguru. Nibwo numvise ko ibintu byafashe indi ntera mfata icyemezo cyo guhunga.

Kubera ko hari amakuru ya buri muni avuga ko abantu bafatiwe mu Bugesera, ku Kanyaru, kuri Rusizi, ku Gisenyi mu makoro no ku yindi mipaka y'u Rwanda, nahisemo kunyura iwacu mu nkengero z'ikiyaga cya Kivu, aho nari nzi kurusha indi mipaka y'igihugu.

Mpageze havuzwe ko Burugumesitiri ashakisha abanyeshuri bavuye muri Kaminuza ngo kubera ko batera umwuka mubi mu baturage. Nakodesheje ubwato ninjoro bungeza ku kirwa cya Ijwi mfata ubundi bungeza ahitwa Karehe, hanyuma mfata ikamyo ingeza Bukavu.

Tugeze Bukavu Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe impunzi (HCR) ryashatse kutuvanga n'impunzi z'Abahutu b'Abarundi zabaga mu nkambi y'impunzi ya Bukavu, tubabwira ko bidashoboka. Nyuma nafashe icyemezo cyo kujya Bujumbura, mfata ikamyo tunyura ahitwa Kamanyola. Tugeze Bujumbura HCR yaratwakiriye, baducumbikira mu iseminari nkuru.

Nahasanze abandi banyeshuri benshi twiganaga i Butare. Abarundi batubajije icyo dushaka gukora tubabwira ko dushaka gukomeza amashuri. Badushyize muri Kaminuza y'i Burundi dukomeza kwiga. Ndagije nafashijwe na Padiri Voisin mbona buruse ya *Oeuvres St. Justin* yo kujya mu Busuwisi kwiga muri Kaminuza ya Fribourg (*Université de Fribourg-Suisse*).

Narangije yo muri 1978 nimenyereza umwuga umwaka umwe i Geneva, nyuma nimukira Nairobi (Kenya) muri 1979, ariho navuye muri 1994 ngaruka mu Rwanda.

Navuga ko muri 1973 ndi muri bake bagize amahirwe yo gushobora guhunga no gukomeza kwiga ngeze mu mahanga. Abenshi batashoboye guhunga bakaguma mu Rwanda bagize ubuzima butoroshye, hanyuma Jenocide irabamara. Abashoboye guhunga ariko ntibakomeze amashuri nabo abenshi bagize ubuzima butoroshye mu bihugu by'amahanga byabakiriye.

## 20. Ubuhamya bwa Karera Justin

Nitwa Karera Justin. Navutse 4/11/1950. Mvuka mu ntara y'amajyepfo mu karere ka Nyaruguru, mu murenge wa Cyahinda, mu Kagari n'Umudugudu Gasasa. Ntuye Kacyiru mu mudugudu w'Ineza.

Muri 1973 nigaga muri Kaminuza y'u Rwanda muri. Batwirukanye ngeze mu wa gatatu, ngiye kurangiza amashuri.

Mbere ya 1973, umwuka ntiwari mubi cyane, uretse ko hari ibyabaye mbere yaho muri 1963 za Gikongoro. Twarabikurikiranaga. Twari dufite icyizere ko bizarangira neza iyo haza ubuyobozi bwiza. Iyo batatwirukana twari gukomeza tukiga.

Hari ninjoro twari turyamye. Bari baragiye bakora amabarura aho abanyeshuri b'Abatutsi bacumbitse. Bakamenya ngo hano haba Umututsi, hano haba Umuhutu. Baje ari mu ijoro turyamye. Nabanaga n'umuntu witwa Karemera, yari umukinnyi, yumvise baje akubita idirishya ariruka nanjye ndamukurikira.

Bagendaga bareba aho umuntu w'Umututsi wese aba; Uwo basanze yasinziriyeye bakamukubita bakamugira intere. Noneho turahunga tujya gushaka aho twihisha, mu myobo, n'ahandi. Bukeye nibwo natashye.

Mu guhunga ntacyo umuntu yabashaga kujyana. Bukeye bw'aho nibwo nafashe inzira ndataha. Naragiye ngeze iwacu muri Nyaruguru, Papa yari umuntu wakurikiraga amakuru aravuga ati ubu umwana ni ukumushakira irindi shuri.

Hanyuma rero angira inama ko najya i Burundi. Hari yo abantu b'inshuti zacu anshakira umuntu wari uhazi aramperekeza. Nagiye nikorerye umufuka w'ibijumba, nsa n'umuntu ugiye ku isoko bambuza no kwambara inkweto.

Ngenda nk'umuturage wese.

Turagenda tugeze ku Kanyaru, turambuka tugera kuri iyo nshuti yacu yaje kunjyana angeza i Bujumbura. Hakurikiraho gushaka aho gucumbika n'ishuri. Nari ngeze mu wa gatatu ndagenda

ndarangiza. Nta yindi buruse nari mfite, HCR yari itaratwakira. Nakurikijeho gushaka akazi. Nabonye ako kwigisha.

Nza gushaka uko nabona buruse ngo nibura nzabone impamyabumenyi yigiye hejuru, nza no kujya kwiga hanze, kuko HCR yari yaduhaye buruse. Ndagenda ndiga mbona impamyabushobozi y'icyicirro cya kabiri *licence* yo muri Togo.

Ubwenge sinari mbubuze nari mbuzi. Nshaka no kwiga ngo nzagere hejuru, ariko HCR iti hagarikira aho ngaho, genda ujye gukora akazi, tuzakomeza dufashe n'abandi bataragera aho ugeze. Ngaruka i Burundi.

Nari nzi ko nziga nkaba nk'umushakashatsi. Nje rero nsanga hari ishami ry'ubuhinzi nyijyamo muri 1977, ndangiza ndi *ingénieur agronome*.

Nibyho nagiye gukora rero ubuzima bwanjye bwose.

Nagarutse mu Rwanda mu 2012.

## 21. Ubuhamya bwa Kayibanda Emmanuel

Nitwa Kayibanda Emmanuel. Mvuka mu Karere ka Nyanza, mu murenge wa Mukingo. icyo gihe hitwaga muri Komini Murama.

Mu 1973, nigaga muri Kaminuza y'u Rwanda mu buganga. Ubu ntuye ku Kicukiro. Ndi dogiteri mu buganga, nize by'umwihariko kubaga (*Docteur en Médecine, spécialisation ya chirurgie*).

I Butare twari dusanzwe tubanye neza bisanzwe. Ariko hari utuntu tugaragaza amakimbirane. Nk'igihe cyo kubatiza abanyeshuri binjira wasangaga hari ubugome bukorerwa bamwe kandi bikorwa n'abantu bamwe, atari ukuvuga ngo uriya muntu ni umugome gusa.

Babatizaga abakobwa bakabamenaho amazi arimo urusenda. Ntabwo byabakorerwaga bose, byakorerwaga bamwe.

Mu mashuri yisumbuye nta kibazo cyihariye nagize, kereka ko wabonaga kwemerera Abatutsi gutsinda bitarabaga byoroshye. Jye nashakishirije mu iseminari.

Byatangiye hagati ya 14-15 Gashyantare 1973. Bari bamaze iminsi birukanye abo mu mashuri yisumbuye. Twumvaga ko batangiye kwirukana abanyeshuri za Kigali. Nari mvuye gukina umupira mu ma saa kumi n'imwe. Dusanga bamanitse urutonde rw'abantu, avuga ngo Abatutsi bakurikira ntibazabe mu kigo ejo mu gitondo. Byatumye abantu bumva bakonje, maze bigeze mu ma saa ine, twumva abantu batangiye kugonga babakubita.

Nari ndi kumwe n'undi musore mugenzi wanjye w'Umututsi duhungira mu byumba tujya kwihisha. Twumvaga biri burangire, tukibwira ko ari urugomo rusanzwe, ariko rufitanye isano n'ibyho bari banditse. Twumvaga ko bizagira uburyo bikorwamo natwe tukagira igihe cyo kwitegura no kugenda. Kuko nka njye sinari ndi ku rutonde.

Turatangira twumva bakubise abantu, natwe tujya mu cyumba turafunga tuzimya amatara. Bakajya baza bagakomanga. Nko mu ma saa munani n'igice nibwo byagenze buhoro. Ukajya wumva nk'umuntu umwe aratatse. Noneho bigeze mu ma saa kumi, twumva ko nituguma aho baza kutwica.



Ni uko tunyura mu idirishya, kuko Kaminuza yari hafi y'ishyamba “*arboretum*” turasimbuka duhita duhinguka muri iryo shyamba. Kuko uko amacumbi yari yubatse, hari amadirishya yarebanaga. Bagenzi bacu batubonye dusimbutse, nabo bagira akanyabugabo barasimbuka. Batwirutse inyuma rero tugira ngo ni abadukurikiye bagiye kutwica.

Ubwoba buragatsindwa, bwatumye tugira imbaraga turiruka cyane kuburyo batabashije kudushyikira kandi baragendaga baduhamagara baduhumuriza. Ariko nta wabyumvaga nyine twarirukaga gusa. Ubwo twaragiye turazamuka, tujya kuri paruwasi, tujya mu gipadiri. Kwa padiri niho hari ubuhungiro.

Twagezeyo batari babyuka, nyuma baza kubyuka basanga twicaye inyuma y'inzu zabo. Batubaza ikitugenza n'uko byagenze, turababwira. Tubasaba kutugeza aho twahungira. Twagiye mu bapadiri b'abaserezizani. Twari bane ubwo. Njye nari mfite mugenzi wanjye w'Umuhutu, wabaga mu muji, yatahaga mu rugo. Ni uko ndareba ndavugaga nti uwanyura iwabo wenda yamfasha, akanzanira utuntu tumwe na tumwe nari nkeneye twari twasigaye muri Kaminuza.

Njyayo, hari mu gitondo batarabyuka. Mubwira ko batwirukanye, mubaza niba yagira icyo yanzanira mu biri mu cyumba, kuko we ntacyo bashoboraga kumutwara. Ni uko muha urufunguzo rw'icyumba. Yaje kunzanira ivarisi. Buracya nko mu ma saa yine, baratubwira ngo mu muji nta kintu gihari. Ndibuka ko namanutse, icyo gihe bari batuye hariya haruguru ya stade. Ise yari umuyobozi wa Banki y'Ubucuruzi (BCR). Tujya mu muji kureba ishusho y'ikiza gukurikiraho.

Mu muji hari hacetse cyane wabonaga nta bantu bagenda. Sinibuka undi muhungu twari kumwe, nuko ngaruka mu rugo. Hanyuma nimugoroba ngira amahirwe anzanira ivarisi.

Iwacu hari i Nyanza ariko kujyayo umuntu yikoreye ivarisi kwari ukuba umuntu yikururira ibibazo. Ku mugoroba haza uwari minisitiri Makuza, yavugaga ko agiye i Kigali. Bari inshuti. Baramwinginga ngo angeze i Nyanza. Turagenda. Ubwo navuye i Butare nka saa moya n'igice ngera i Nyanza saa mbiri.

Nafashe utuntu dukeya nari mfite ni uko ntaha iwacu. Ubwo hari hasigaye kumenya ikigiye gukurikiraho. Ubwo twari twamenye abakubiswe, abagiye mu bitaro, ahasigaye hari ukumenya uko abantu bahungu nta kindi. Nta yandi mahitamo yari ahari, kuko byari byaratangiriye mu

mashuri yisumbuye, bimaze kugera mu bakozi, byatugezeho muri Kaminuza, nta kindi cyari gisigaye.

Washoboraga guhitamo kujya mu rugo ugapfirayo cyangwa ugashaka uko uhunga. Hari umuntu w'inshuti yanjye wari utuye i Nyumba hafi ya Nyakibanda. Yambereye umuvandimwe pe! Nta telefoni yabagaho, ubwo twabonanye bukeye mu gitondo bamaze kutwirukana, arambwira ati ngiye mu rugo gushaka uko tuzahunga, ntabwo nzagusiga. Ni ko byagenze.

Batwirukanye ku wa 15 Gashyantare 1973.

Navuye iwacu mpunga ku wa 28 Werurwe. Namaze mu rugo hafi ukwezi n'igice. Ubwo yajyaga aza i Nyanza akantumaho mukuru wanjye w'umutayeri akamubwira aho bigeze, kugeza ubwo yabonye inzira, noneho araza arambwira ati tuzahurire i Butare. Abantu bari baramaze guhungirayo. Twumva inkuru y'uko abandi bagezeyo babahaye amashuri. Ni uko buracya turagenda. Ubwo iwacu ku musozi nta cyari cyakahagera.

Twumva za Ndiza bari kwica ariko iwacu nta byari bihari. Nuko ngera i Butare turahura ariko mu ma saa cyenda gutyo, tujya mu kabari twica inyota dufata n'icyo kurya. Nko mu ma saa kumi n'imwe, niko bari bapanze. Hari bamwe batari babashije gutwara impamyabumenyi zabo, ariko njye nari nagize Imana nari mfite impamyabumenyi yanjye, zari muri Kaminuza mu bunyamabanga.

Witwazaga ipantalo imwe n'urupapuro uvuga uti ningira Imana ndarwambukana ningira ibyago bararuka. Turagenda tugera i Kansi, turakomeza tugera hafi yo ku Kanyaru. Hari mwene wabo wari uhatuye. Ni uko tujyayo. Twagezeyo bwije nko mu ma saa tatu. Baratwakira, baratugaburira turaryama.

Bujya gucya nko mu ma saa kumi, turamanuka. Mu minota nka 20 cyangwa 30 twari tugeze ku Kanyaru. Nuko baratwambutsa. Twambuka Akanyaru tuvogera. Kuko bari bahaturiye bari bahazi, ntabwo twanyuze mu rufunzo rwinshi. Baratwambutsa bati mugeze i Burundi nta kundi. Twumvaga dukize, igisigaye ari icyerekezo cya Ngozi.

Turagenda, kugenda rero ahantu utazi, twagiye twurira imisozi, hashize nk'amasaha abiri tubona turimo turagana ku Kanyaru, icyakora turavuga ngo ntabwo turi bwambuke ibyo aribyo byose kuko hari amazi. Ni uko duhura n'umuturage turamubaza tuti “*ese inzira igana i Ngozi ni*

*iyihe?* ” Aratubwira ati “ *ni muze mbereke* ”. Bashobora kuba bari baramuhaye inshingano zo kuyobora abantu. Yaratujyanye atugeza kuri komini yaho, kwa musitanteri. Baratwakira baradufasha. Twaraye aho ngaho buracya tujya i Ngozi. Badushakira imodoka tujya i Bujumbura.

Navuye ino ndi mu mwaka wa kabiri w’ubuganga ; Tugeze i Bujumbura hari mu kwezi kwa kane. Tugezeyo dusanga ishami ry’ubuganga barigishwa n’Abafaransa. Bati ntabwo twabaha ibyangombwa byo mu wa kabiri. Bati mujye mu wa mbere. Badusubiza mu mwaka wa mbere.

Icyo gihe abafaransa bahaga buruse abanyeshuri bose bo mu buganga, waba umurundi utaba umurundi. Ariko noneho baravuga bati buruse ntabwo zihagije, abantu ni benshi. Noneho bazitanga bakurikije amanota. Ngira Imana nanjye baramfata. Ariko hagati aho Habyarimana amaze gukora kudeta narahungutse. Nabaye muri bake bafashe icyemezo cyo kugaruka. Ni uko ndagaruka.

Nari mfite abantu b’inshuti zanjye ndababwira nti ndagiye. Bati nta kundi. Bamwe barabyemera abandi barabyanga, ariko icyemezo kiba icyanjye. Ni uko mu basore b’abaforoderi bazaga guforoda i Bujumbura ba hariya muri za Gisagara. Abo basore dupanga ko tuzazana bagarutse.

Twahuriye i Ngozi, twambukana akanyaru nko mu ma saa kumi n’imwe n’igice, nta bintu nari mfite rwose. Turaza, ndara iwabo w’abo basore. Buracya turaza tugera i Butare Icyo gihe ndumva narabonye imodoka imvana i Gisagara inzana i Butare.

Tugeze i Butare tumenya ko hari abasore bari baje mbere yacu babasubije muri Kaminuza. Noneho njya kuri Kaminuza kureba ko bansubizamo nanjye. Umunyamabanga wa Kaminuza ati koko hari babiri bari baje turabakira ariko ntabwo aritwe tukibikora. Ubu basigaye baja kwiwandikisha muri minisiteri.

Nari mfite mukuru wanjye wakoraga i Kigali muri Minisiteri y’Ubuhinzi (MINAGRI), nari nzi aho atuye. Nari nageze i Butare mu ma saa yine. Ntega imodoka ijya i Kigali, kuko nari nzi aho njya ntabwo byangoraga. Yari gahunda yateguwe ko abantu bahungutse babanza kunyura i Kigali, bakaguha ibibazo. Bagakora inyandiko mvugo. Bakubaza, “*ese wahunze iki? Wanyuze he, wagarutse ute? Ugaruwe n’iki?*” Warangiza ukayisinya. Hanyuma bati noneho ni ukujya kwimenyekanisha kwa Perefe. Perefegitiura y’iwacu yari Gitarama.

Ndarara buracya njya i Gitarama kureba Perefe i Gitarama kubazwa. Bambaza uko nahunze, icyo nahunze, bati” *ese ugaruwe n’iki?*” Nti “*mu gihugu hari amahoro nje gushaka ishuri ngakomeza nkiga*”. Bati “*ese ni utaribona bizagenda bite?*” Nti “*nintaribona nzashaka akazi, narangijre amashuri yisumbuye, n’umwaka umwe wa Kaminuza ntabwo nabura icyo nkora*”. Barambaza bati “*ese ntabwo uzongera guhunga?*” Nti “*ntabwo nzongera guhunga*”. Ubwo dusinya inyangiriki mvugo. Bati rero subira iwanyu muri komini tuzagutumaho. Ubwo nyine nabaga numvise icyo byerekeza. Naragiye njya iwacu, umusaza yari akiriho icyo gihe. Ndagenda ndababwira nta guhisha kundi nti nnyewe ndaje nicare aha mbe umuhinzi mworozi.

Iby’amashuri twabonaga birangiye, ndetse n’akazi bidakunda kuko uko bakwimye ishuri n’akazi niko batazakaguha. Ubwo njye nari nafashe icyemezo ko nongera ngahunga. Bwaracyeye mu gitondo ndahafata ndahunga. Umusaza byari kumubabaza cyane ntabwo namusezeyeho. Nari mfite umusore w’inshuti yanjye wigaga mw’Ishuri Nderabarezi ry’Igihugu IPN w’Umuhutu. Ndagenda n’i Butare, nyura kuri uwo muhungu. Arambwira ati “*hari ibaruwa yavuye i Bujumbura*”, kuko niwe wari ufite aderesi yanjye mu Rwanda. Bagenzi banjye bari basigaye i Burundi bari bazi ko ari inshuti yanjye. Twari twariganye.

Navuye i Butare ndaza ndara i Kigali amajoro abiri. Ndagenda n’i Gitarama nyuma ndara iwacu. Mbese namaze amajoro atatu cyangwa ane. Aho twari twarambukiye noneho hari harabayeho heza. Njya gushaka ba bahungu banyambukije ubushize b’i Gisagara. Nababwiye ko hari ibintu byanjye nibagiriwe i Ngozi barongera bamfasha kwambuka.

Nsubira i Bujumbura njya kureba ibyo bambwiraga.

Nasanze ndi mu banyarwanda babiri bahawe buruse y’Abafaransa yo kwiga ubuganga. Nza kubona buruse ya HCR nkomeza i Dakar. Ubuzima burakomeza kugeza igihe nahungukiye mu 1994.

## 22. Ubuhamya bwa Rugwizangoga Eugène

Nitwa Rugwizangoga Eugène. Navutse mu 1951, mvukira muri Komini Gikoro, ubu ni i Musha, Rwamagana. Ubu ntuye i Nyarutarama.

Kwirukana abanyeshuri byasanze niga muri Kaminuza y'u Rwanda. Ariko nari nabanje kwiga muri Koleji St André i Nyamirambo. Imyaka nahabaye ibyo bintu nta byari bihari. Ariko twinjijeyo hashize nk'umwaka habaye ibintu nk'ibyo bibi, ndetse byakurikiraga ziriya mvururu za 1963 aho bavugaga ngo Inyenzi zari zateye, noneho muri Koleji St Andre abanyeshuri baho birukanishije abana bamwe baho bavuga ngo bashobora kuba hari aho bahuriye n'Abatutsi. N'abana bo kwa Bwanakweri barabirukanye. Ndetse aho nigaga mu mwaka wa karindwi (7 ème préparatoire) umupadiri mukuru yari yatubwiye ati iriya Koleji St Andre mwayiretse, none na mwe mwazagerayo mukanyura muri biriya bibazo?

Tuhageze hari hakirimo umwuka mubi gato ariko abapadiri bari babyitwayemo neza. Njye ndibuka hari abanyeshuri twiganaga bashatse kubyutsa utuntu mu mwaka wa gatanu n'uwa gatandatu (5ème-6ème Latine) ariko abapadiri babyitwaramo neza. Muri mwaka wa gatatu n'uwa kane hari umwuka muzima, ntabwo byari bikomeye.

Kuri Kaminuza, navuga ko n'ubwo bitari cyane, ariko njye ubwanjye byambayeho umunsi wa mbere ninjiramo. Ku munsi wa mbere ninjira muri Kaminuza ya Butare, hari icyo bitaga kunyuzura abaruru. Noneho ndibwira nti ibyiza, ahari ni uko nagerayo nimugoroba wenda nasanga byagabanutse. Nkora uko nshoboye njya mu bantu bo mu miryango yacu i Butare. Nimugoroba ndamanuka njya kuri kaminuza.

Mu gitondo, nakorewe ihohoterwa. Hari umugabo ntibuka izina rye yarankandagiye ngira ngo ni ibyago. Abigize ubwa kabiri ndamubaza ngo “*ko unkandagira?*” Arambaza ati “*ese waje gukora iki hano?*” Ndamusubiza nti “*nabonye ubuganga*”. Arambwira ngo “*ntabwo wibeshye, ubu ntabwo waba uri nk'umu Dinka cyangwa umu Nuer ukwiye gutaha muri Sudani?*” Naracecetse, ndamukwepa njya hirya.

Noneho njya gushaka mu nkoranyamagambo igisobanuro cya *Dinka*, *Nuer*, nsanga ni abantu birabura cyane, barebare. Ndavuga nti wa mugabo ni hariya yari yampangiye. Nza kongera

kumubona. Yari imbere ho imyaka ibiri mw'ishami ry'ubuganga. Kuva icyo gihe nagiyeye mugendera kure. Uwo mugabo yarangije ubuganga ariko njya numva ko afunze kubera ko muri 1994 yakoze Jenocide.

I Butare, mu mwaka wa mbere w'ubuganga, uwa kabiri, nta kintu kidasanze nabonaga. Ariko 1972 ijya kurangira, hatangiye kujya haza utuntu duke ariko bitari bizima. Ndibuka twajyaga tugira iminsi mikuru, tukagira imigoroba yo kubyina. Ndibuka ko bigeze gufunga abantu, bagenzi bacu bavugaga ngo bashatse kuroga Nsanzimana Sylvestre wari Umuyobozi Mukuru wa Kaminuza (Recteur).

Hari umukobwa witwaga Agnès bafunze. Ngo bashatse kuroga Nsanzimana, bamaramo nk'amezi abiri muri gereza y'i Butare. Hanyuma twumva ngo mu ma seminari amwe n'amwe ngo hari ibintu byahabaye, ariko ibyo ni 1972 ijya kurangira.

Naho i Butare kuri kaminuza byakomeye mu 1973. Ariko nabwo wagira ngo ni ibintu bimeze nk'umuyaga ariko bizagera aho bigashira. Hari abantu muri Kaminuza bamwe wabonaga basa n'aho aribo babiri inyuma. Hari abahungu wasangaga bafite ibintu by'urwango, abandi bakabavugisha ariko byabonetse igihe bakoraga ibyo bita kubatiza, ukabona barahohotera cyane abakobwa b'Abatutsikazi. Hari umudamu umwe nzi, umunsi batubatiza bamusutsemu urusenda rwari mu icupa. Ndibuka bafunguye ipantalo ye bafata urusenda barumusuka mu myanya ye y'ibanga. Hari n'ibindi bakoraga byari ibyo gusembura umuntu.

Barazaga bakazenguruka umuntu bakamutuka cyane, kugira ngo barebe ko ahari byatera ibintu by'intamabara ariko tukifata. Bihera mu kwa mbere bigeze mu kwa kabiri birakomera. Ntabwo nabwo twabyibazaga.

Mukuru wanjye baramubwiraga ngo nasohore ururimi arigate ku izuru rye. Iyo ntabwo ari ukubatiza ni ikindi. Ibyo narabibonye babikora kuri mukuru wanjye. Habaye ibintu bikomeye mu mpera za 1972. Tujya kurangira umwaka hari abantu batagarutse mu minsi y'ubunani 1972, kubera gutinya ibyo babonaga.

Twaragarutse tuvuye mu biruhuko bya Noheli ukabona hari abadahari! Twabyumvise ari uko natwe bitubayeho. Bari barebye kure. Mu kwa mbere umwaka mubi warazamutse. Abo bakoraga

inama bitaga ngo ni “*armée de salut*”. Bari bake. Ariko abantu bake bashobora kudobya ibintu, harimo n’imibereho n’imibanire.

Umunsi batwirukana, twebwe mu ishuri ryacu, twari twakoze inama yo gutumiza ibitabo. Ku ishuri nta somero ryari rihari rihagije. Noneho baratubwira ngo dukore inama dukore urutonde. Twayikoze nta kibazo dufite rwose. Tumanutse tuvuye i Mamba na bagenzi banjye, dusanga banditse amazina yacu ku kibaho.

Nigaga kuri kaminuza njyewe na mukuru wanjye. Njye ndi Rugwizangoga Eugene, mukuru wanjye ni Rugwizangoga Alphonse. Bagiye kwandika, bandika Rugwizangogas, nko kuvuga ba Rugwizangoga bombi. Tukabaza abahungu b’inshuti zacu tuti “*ibi ni ibiki?*” Nabo bikabayobera. Bati “*ibi ni abasazi babyanditse, nimubireke, nimubareke!*”

Tuza kurya nimugoroba. Noneho tubiganira n’inshuti, “*ibi ni ibiki?*” Bati “*ni abantu b’abasazi nimubareke birarangira*”. Tukibaza bikatuyobera. Bamwe bati “*ariko mwaje tukajya mu mujyi kwifatira ikirahure tukazagaruka ejo niba nta gihindutse?*” Abandi bati “*nimuze dutahe dore batwandikiye ngo dutahe*”.

Tukavuga, ningenda mu rugo baranseka, bamwe tuti nitugera mu rugo baraduseka ntaho tujya. Ndetse hari na filimi uwo munsi kuri Kaminuza, uyijyamo nta kibazo. Dusohotsemo wenda nk’iminota icumi cyangwa 15 kwa kundi abantu basohoka, twumva ikintu kimeze nk’amafilimbi y’ ikimenyetso. Noneho baza mu byumba bakubita ku byumba ngo birukane abantu.

Nabanaga n’umugabo witwaga Ruzibiza ariko yitabye Imana, nawe yigaga ubuganga. Yari uwo mu muryango wa Shamukiga akagira ibyago akitwa Ruzibiza. icyo nicyo twari tugiye kuzira rero mu cyumba cyacu. Haje abantu barakubita! Twumva urugi rugiye kutugwaho. Umwe muri bo, yaravugaga, ati mu cyumba harimo ikintu cyitiranwa n’igikomangoma. Hariho umuntu witwa Ruzibiza wavaga inda imwe na ba Rudahigwa, wabaga kwa Gicanda, wari umutaximani. Yari umuntu woroheje rwose. Bashakaga kumena icyumba kuko habagamo umuntu witiranwa n’igikomangoma.

Amahirwe yacu, twari dufite club y’icyongereza. Njyewe nari umuyobozi wayo. Umunyamabanga wayo yari Bizimungu Pasteur. Twavuye muri sinema dukomeza mu cyumba cye, tugira ngo dushake insangayamatsiko z’ibiganiro kuko twahuraga buri minsi 15.

Noneho tugiye mu cyumba cye kuko niwe wari ufite ibitabo, turimo kwibaza ngo “ *tuzatumira nde? Uzavuga uwo munsu ni nde? Tuzavuga ku ki ?*” Ibyo bintu byatangiyeye ndi mu cyumba cya Bizimungu. Ibyumba byari byegeranye. Ati injira ufunge uzimye itara nta kundi. Ubwo abo ngabo barakubita, barakubita. Pasteur ati: “*Yewe we, muhageze mutinze ariko*” Bati “ *bite se?*” Ati “*Iyo mubona Ruzibiza na ya maguru ye na Rugwizangoga, ukuntu biruka we!*” igitero kigenda gutyo.

Ni uko yabajijishije baragenda. Bikomeza gutyo, baza akajya ababeshya ati n’igihe baviriye aha ngaha! Bagarutse nka gatatu. Byari biteye ubwoba! Hari hakonje gatoya, nje nari ndwaye inkorora, noneho tugasanga nibaza bari bunyumve nkorora. icyo twakoze ni uko icyo bazaga Ruzibiza yanzingiraga mu igodora, noneho akaryama hejuru kugira ngo urusaku rudasohoka.

Biba gutyo, twaje kuvamo mu ma saa kumi n’imwe za mu gitondo ari uko tumazwe ubwoba n’abandi tubonye baca mu madirishya. Twabonye umuntu asimbutse turamumenya. Ni Dr Kayibanda. Tubonye asimbutse natwe tumusimbuka inyuma. Noneho uko yiruka agira ngo arakurikiwe. Rya shyamba ry’epfo acengera mu bihuru ahantu, natwe mu kanya tuba turahageze ariko turamubura. Tukibaza tuti, “ *ariko ko Kayibanda twamubonye ariko hehe?*” Kumbi twari tumuri hejuru aho yacengeye mu bihuru ariko igitero cyamukurikiye. Amaze kwitegereza neza, ati “ *sha, mbese ni mwebwe!*”

Ni uko twavuye muri kaminuza. Hari abagize ibyago barakomereka, hari abakubiswe impiri mu mutwe barakomereka, uwitwa Dr Kagambirwa yakomeretse hejuru ntabwo bigaragara, Dr Rwabuhira afite udukovu mu mutwe. Twamusanze ahantu twari twahungiyeye. Ni abantu b’abazungu badufashije baraduhisha, baduhisha mu mazu yabo.

Twabwwe ni umupadiri waduhisha na Kayibanda n’undi witwa Anastase na Ruzibiza uwo ng’uwo. Umuntu w’umupadiri aratubwira ati njyewe ntabwo nabahamana hano, ariko ajya mu modoka ye ajya gushakisha mu bazungu b’abanyekanada ati mfite abanyeshuri hano, ubishoboye abamfashe, ntabwo nabona aho mbashyira kuri paruwasi.

Mu gitondo adushyira mu modoka, atujyana mu rugo rw’umunyekanada. Dusanga hari abandi banyeshuri benshi bahageze, twinjira muri icyo nzu tuguma aho ngaho. Twahamaze n’iminsi ibiri cyangwa itatu. Batwirukanye ari nko ku mataliki 12 z’ukwa kabiri.



Bimaze gutuza umunsi ukurikiyeho twaribazaga tuti kuva i Butare ujya ahandi mu Rwanda ugomba kugira icyangombwa. Ntazo twari dufite. Tuza kujya kuri perefegitura. Baraduseka cyane, “ *ngo murashaka icyangombwa, muturuka he?* ” Umwe ati “ *ndi umunya Cyangugu* ” undi ati “ *Kibungo* ”, bati “ *ibyangombwa?* ” Kugira ngo ubone icyangombwa wagombaga kuba ufite ibyangombwa, indangamuntu. Nta muntu wagendanaga indangamuntu. Wabaga uyibitse mu cyumba ahantu.

Ni ukuvuga ko muri iryo joro batwirukana nta wari witeguye ngo ashake ibyo byangombwa byose. Tugeze kuri Perefegitura badutera utwatsi. Bati “ *muratinyuka gusaba ibyangombwa? Ishaje se irihe? Irangamuntu iri hehe?* ” Batwirukana gutyo nk’uwirukana imbwa! Ibyo abayobozi babikora bazi ibirimo kubera i Butare! Ntibyari byoroshye kwambuka Nyabarongo udafite icyangombwa.

Kuri Nyabarongo hari kasho bashyiramo abantu batujuje ibyangombwa, baba baratwirukanye dusubira mu kigo cy’abazungu turibaza ngo “ *ubu se turabigenza duta? Ntabwo tuzahama mu cyumba cy’uyu muzungu twihishemo!* ”

Ikindi kandi abo banyeshuri batwirukanye bari bafashe imodoka za Kaminuza bazenguruka mu ngo z’abazungu badushaka mo. Barahaje bati turabona ibyondo ku ibaraza, umuzungu aravugaga ngo ejo nari mfite ibirori hano iwanjye, tubarebera mu byumba tubabona neza, bari bitwaje impiri!

Umuzungu ati nta bantu mfite aha ngaha kandi twari muri mirongo. Tukibaza tuti “ *tuzahama muri iyi nzu kugeza ryari?* ” Abo bazungu bageze aho bati “ *noneho ubishaka, atubwire aho ashaka kujya tubajyane* ”. Hari abagiye ku mupaka w’Akanyaru, hari abagiye za Cyangugu. Abandi bati abashaka gutaha iwabo Kigali, Buganza, baze.

Njye na mukuru wanjye tuti reka tubanze tugerageze kureba uko twagera i Kigali. Umuzungu wo muri Kanada ati ntacyo njyewe nzabatwara. Adushyira mu modoka n’umugabo witwa Africa Philbert n’uwaje kuba umugore we, Marie Jeanne, n’umukobwa wa za Rwamagana ntibuka izina rye, n’undi mugabo witwa Kayitare Celestin na Musoni waje gupfa.

Yari imodoka yashobora gutwara abantu benshi. Tugenda twibaza tuti “ *turabigenza dute ku kiraro cya Nyabarongo?* ” Africa Philbert aturangira ahantu bambuka umugezi, batanyuze kuri iyo bariyeri.

Twiyemeza kunyura muri ako kayira k’ikinyarwanda tukambuka umugezi noneho umuzungu akomezanya n’abo bakobwa babiri. Kuko byagaragaraga nk’aho ari umuzungu ugiye i Kigali n’abakobwa babiri. Uwitwa Musoni waje gupfa yari yavunitse igufa ry’akaguru atabasha kugenda. Twemeza ko aguma mu modoka noneho bagera kuri Nyabarongo, bakavuga ko ari umuboyi wabo. Imana ikora ibyayo habaye igitangaza kuri uwo munsu, umuzungu turamureka, aramanuka.

Mu gihe tugishakisha utwo tuyira twa Nyabarongo, mbona hirya imodoka isa n’iy’iwacu irimo kuza ndayimenya, nti “ *ko mbona iriya modoka isa n’iya Papa?* ” Tuguma ku muhanda. Mbona niwe. Nawe aratubona. Ati nari nje i Butare, baratubwiye ngo “ *mwarapfuye, mwarakomeretse, ntituze niba muba mu bitaro* ”, ati “ *none ibi ni ibiki?* ” Turamubwira tuti “ *iriyi modoka ubona ku kiraro, ni iy’umuzungu utuzanye* ”. Ati “ *nonese turabigira dute? njyewe nabwiye bariya basirikare ko ngiye gushaka imyumbati i Musambira, kuhabacisha biraba intambara* ”.

Twicaye ku musozi nk’amasaha atatu, arapima, ati turashaka ukuntu tugenze bariya bapolisi nta kundi. Ati mwebwe mwicare inyuma. Ubwo nicayemo na mukuru wanjye, na Kayitare, n’undi muntu wo mu muryango wari wamuherekeje. Turamanuka, tuhageze we yahise ayiparika avamo arababwira ati “ *ibintu bimeze nabi imyumbati yarabuze nta kigenda. I Musambira nta kigenda!* ” Abapolisi bati “ *ibintu bimeze nabi rwose izuba ryaravuye* ”. Bafungura bariyeri. Ntibatubajije ibyangombwa by’inzi, yarabaganirije tubona turambutse. Ng’uko ukuntu twavuye i Butare. Hari ku wa gatandatu. Ni uko dutaha i Nyamirambo.

Ku wa mbere mu gitondo, Papa ajya ku kazi. Hashize umwanya tubona aragarutse. Ngira ngo hari ikintu yibagiriwe mu rugo. Araza ati nimuze mwicare twiganirire. Tuti “ *bite se?* ” Ati “ *nsanze nanjye banyanditse ku rugo* ”. Nawe ubwo akazi ke kahagaze uwo munsu. Yageze yo ngo baramubwira ngo ca mu biro bya Tadeyo bakubwire. Tadeyo uwo niwe wari ushinzwe ubuyobozi. Agezeyo baramubwira bati rwose muzehe mutubabarire akazi kanyu karangiye. Uwo mwanya bamusaba gutanga imfunguzo, yari Diregiteri muri icyo kigo, yari ikompanyi yigenga.

Mu bigo bya Leta ntabwo uwo mwaka birukanye, ahubwo batanze itegeko ryo kwirukana mu bigo byigenga. Ubwo twarirukanywe twicara mu rugo tugeze aho tukajya tubura icyo dukora. Abantu benshi bagiye bahunga ukumva ngo naka yahunze, naka yahunze, bagiye Burundi, bagiye Kongo bagiye Uganda. Abantu benshi baragiye. Ab'inkwakuzi bagiye bagenda vuba cyane.

Twe twabanje gushidikanya. Twari twarahunze muri 1962-1963, duhungira i Burundi. Noneho tukibaza,” *ese umuntu agiye gusubira mu buhungiro? Bwa buzima bw’i Burundi twajyaga dutora umurongo tugiye gusaba iposho burongeye? ese uwagerageza inzira za Uganda kugira ngo duhindure?*” Twumvaga twibaza niba tuzasubira i Burundi, kubera ukuntu twahungabaniye mu myaka yabanje, ariko kandi tukumva ngo abahageze batangiye kwiga. Noneho dutangira gushaka amayeri yo kujya yo.

Hari mu ntangiriro z’ukwa kane. i Kigali haba umukwabu wo kuyivanamo abashomeri. Sinibuka neza amataliki ariko bishobora kuba hari amatariki atatu cyangwa ane y’ukwezi kwa kane. Twabyukijwe n’abasoda mu ma saa kumi n’imwe za mu gitondo. Twumva barakomanze. Dufunguye tubona ni umupolisi n’imbunda na bayoneti, ngo ni mubyuke mujye imbere y’inzu muhagarareyo. Turabyuka turaza turahagarara. Bati mufate ibyangombwa byanyu! Njye nta cyangombwa nari mfite byari byarasigaye ku ishuri.

Badupanga aho ngaho. Muri ako kanya, tubona noneho amakamy aje kudutwara. Yamanukaga i Nyamirambo umuhanda wose agenda atoragura abantu imbere ya buri rugo. Baraza badupanga kuri gereza ya 1930. Byageze mu ma saa tanu tumaze kuba benshi cyane. Byageze n’aho ikamy z’abasirikare zabaye nke bajya gufata iz’abacuruzi bo mu mujyi. Tukareba tuti ubu turi mu biki? Twari tuzi ko bagiye kugenzurira ku kibuga cya 1930, ariko noneho tukabona bongeye batwuriye amamodoka. Tukibaza ngo ese ubu noneho batujyanye hehe? Hari ahantu abasoda bigiraga kurasa hariya i Mburabuturo, abantu bakavuga ngo bagiye kubajyana i Mburabuturo, kubitorezaho kurasa.

Noneho dutangira gusezeranaho twese. Ikamy iza kudupakira tubona turenze i Gikondo, turenze Kicukiro, noneho tubona batujyanye i Nyamata. Batujyana ahantu bita i Maranyundo. Ba bantu bose uko twari twese batujyana i Maranyundo; batugezayo, twari benshi bavuye mu bice

bitandukanye: Nyamirambo, Kabuye, Kicukiro na za Kabuga. Bavuga ko umukwabu wari watangiriye za Ruyenzi. Abasaza, abakecuru, abagore, abagabo, abasore, inkumi twese.

Umunsi wa mbere hari abakobwa benshi ariko Habyarimana yaraje nyuma ya saa sita mu ndege aravuga ngo abagore batahe. Ahubwo babuze imodoka zibatahana bamwe bararaye bagiye bukeye. Turibaza tuti amaherezo ni ayahe, baje kuturasa, kutwica, turakora iki hano?

Amaherezo bukeye cyangwa bukeye bwaho sinibuka neza, batangira kureba umwirondoro wa buri wese. Bari bafite ibitabo binini, police niyo yakoraga uwo mwirondoro. Noneho bakagufotora n'akantu k'akabaho, bakagufotora ureba imbere banditseho n'ingwa, bakaguhindukiza bagafotora barangiza bakayajyana i Kigali kuyahanagura. Ufite imyaka ingahe, wize amashuri yahe, wize he, ufite isambu? Ibibazo byinshi. Naje kuhamenyanira n'abantu. Nahamenyaniye n'umusore w'i Rwamagana wari ku ishuri ry'abapolisi.

Kwa kundi abasirikare baba bigizayo abantu bakubita imikandara, haje kuza umusore wari ku ishuri rya gisirikare aza yigizayo abantu angezeho ati *“sha wowe uri uwawe?”* Nti *“ndi uw'i Nyamirambo”*. Ati *“ntabwo uri umunya Musha? ntacyo upfana na Rweseka ?”* Nti *“uwo se si Marume? ni musaza wa mama”*. Ati *“wazanye nande hano?”* Nti *“ndi kumwe na papa na barumuna banjye babiri”*. Ati *“bari hehe se?”* Nti *“simbizi”*. Ati *“ni ukubashakisha. Ntureba kiriya giti? Uko ubabona bose ubashyire hariya. Ndaza kuhanyura mu kanya”*. Nkomeza kubashaka nza guhura na Papa nti hari umuhungu twahuye ngo iwabo ni i Musha ngo twari duturanye, sinzi ukuntu yamenye, yambwiye ngo mwese mbashyire hariya.

Aza kuza akangata kwa kundi kw'abasoda, akareba ko abandi batamubona. Yari yazanye za nyama bapfunyika mu bikombe. Ampa udupaki ati ngaho ha barumuna bawe uhe na Muzehe.

Nayisaranganije nkoreshije akayiko ka kandi bavangisha isukari mu cyayi kuko ntitwari twenyine hari n'abandi bana bategereje. Umuntu namuhaga akayiko kamwe, yasigaramo nkongera ngatangira, ubwo hari ku mugoroba.

Noneho mu gitondo wa mupolisi w'iwacu i Rwamagana yaraje arambwira ati nibagera muri anketi y'amashuri, uramenye ntuvuge ha handi wize! Urabona twari twiriwe kuri 1930, ngira ngo mu gitondo twari twanyagiwe muri ibyo byatsi bya Maranyundo, twari hanze mu gisambu. Noneho bangezeho kwa kundi twuzuyeho ibyondo, bati *“witwa nde ?”*, nkababwira, *“wize*

he?” Nti “*nize mu mashuri abanza*”. Abapolisi bati “*urabeshya*”. Bakambaza mu gifaransa bati “*wize amashuri yisumbuye*” Nti “*muvuze ngo iki? Sinumvise ibyo muvuze!*” Bati “*ese ntabwo wumva igifaransa?*” Nti “*nakumva gake*”. Nkajya mbabeshya gutyo. Baza kugeza aho banshyira ku ruhande. Ni uko nabakize.

Iyo myirondoro bayidukozeho nka gatatu. Noneho baza kugeza aho bareba mu ndangamuntu bakabona umuntu, bati wowe uri Umuhutu, kuki wemeye ko tugufunga? Murumuna wanjye unkurikira yari umwalimu, yari afite agakarita k’akazi mu ishati. Bamugezeho aragasohora arakerekana. Bati “*sha, wowe wigisha abana bacu? Jya ku ruhande hariya*”. Uwo mwanya bamupakira ikamyo bamugeza kuri Ste Famille. Bati “*najye kutwigishiriza abana!*”. Ni uko murumuna wanjye bamutwaye nsigarana na Muzehe n’undi mwana umwe.

Ubwo Abahutu bose baratashye, abagore n’abakobwa n’abandi babakorera nko kubigishiriza abana barataha. Basa n’aho babuze icyo bakoresha abantu. Abasigaye tuba turagabanutse, batuvana mu bihuru batujyana ku kiriziya. Kiriziya bayivanamo intebe zose, noneho tukajya tuba mu kiriziya twicayemo gusa. Ninjoro ntabwo batwemereraga gusohoka. Uwashakaga kwihagarika yabikoraga mu kiriziya.

Ku manywa niho baduherekezaga hanze nabwo hariya hagaragara. Bafashe abantu bakeya, ku kantu kameze nk’agahuru bacukura akobo gato imbere ya kiriziya. Iyo bariya basaza ba papa babajyanaga hariya, twarahindukiraga twese tukareba ku rundi ruhande. Naho ubundi byose wabaga ubireba. Tukajya ku mpande mu rusengeru kuko hagati habaga harabaye ikiziba. Ku manywa tukabyoza, tukabihanagura. Tuba aho ngaho dutyo. Ufite umuntu ukomeye w’i Kigali umuzi akaza akamuvugira akamutwara. Gutyo gutyo.

Natwe twageze igihe haza umuntu w’inshuti wo mu muryango, yari atunze mubyara wacu, aratuvugira, tubona baraduhamagaye, ngo nimutahe barabafunguye.

Njyewe icyo gihe bashatse kungumisha aho ngaho. Kuko baravuze ngo utaha i Kigali ni ufite aho aba i Kigali. Ubwo rero bongera kugenzura. Bati “*muzehe utuyehe, utuye kuri parcelle yawe?*” Ati “*ntuye muri parcelle yanjye*”. Bati “*ikwanditseho?*” Ati “*inyanditseho!*” Bati “*jya hariya*”. Bangezeho bati “*wowe warengeje imyaka 18. Urasubira kwa so se?*” Ni Nsekarije wari uhari. Ati “*rero wowe ni ukujya mu cyaro ukajya gushaka isambu*”. Muzehe ati “*iyo sambu aramenya ayishaka he?*” Undi ati “*niba yumva atabishaka niyisubiriremo. Niwemere uzajye*

*gushaka isambu mu giturage. Sinya niba ubyemera rero. Ugende rero ntutinde i Kigali”* Nti “*ndagiye rwose*”. Ng’uko uko twahavuye.

Ngeze i Kigali, i Nyamirambo, nabanje kwiyuhagira, kuko nari maze iminsi myinshi ntabona amazi. Noneho nti ba bantu bandekuye baraza kureba niba nagiyeye gushaka isambu. Noneho njya kuri komini. Burugumesitiri twari tuziranye.

Papa yari yambwiye ngo musabe nibura iminsi itatu, mubwire ko naniwe. Noneho burugumesitiri atinda kuza ku kazi, haza guca imodoka, umuhungu w’i Nyamirambo umwe arambona, ngo yari azi ko mfungiyeye i Nyamata. Akata ikorosi araza ati “*wavuye i Nyamata ryari?*” Nti “*nibwo nkigera mu rugo*”. Ati “*ubu se urakora iki hano?*” Nti “*nje gusaba burugumesitiri uruhusa rwo kumara iminsi itatu*”. Ati “*warasaze. Ejo nzajya i Goma. Urashaka kugenda?*” Nti “*cyane!*” Burugumesitiri ndamureka. Uwo muhungu niwe wancikishije. Yangejeje ku Gisenyi turiruka. Twaciye mu mayira ntazi za Miyove ahitwa za Busasamana ninjoro.

Twavuye i Kigali saa moya tugera ku Gisenyi mu ma sa kumi n’imwe za mu gitondo; Turambuka tugera kuri Goma tuhasanga abantu benshi cyane. HCR idufasha kugera i Burundi. Ngezeyo nasanze abavandimwe banjye barantanzeyo bamaze hafi icyumweru kuko njye natinze za Goma.

Twiyandikisha muri HCR i Burundi tuza kubona buruse njya muri Senegali, ni uko ubuzima burakomeza.

### 23. Ubuhamya bwa Rusanganwa Frederic

Nitwa Rusanganwa Frederic navutse ku italiki ya 24/10/1954. Navukiye Nyamagabe mu Bufundu. Muri 1959 baraduciye tujya kuba Rukumberi, mu Gihunya. Ntuye i Kibagabaga, Kimironko. Narize ngira impamyabushobozi ya A0 y'Imari (*Finance*) n'ya A1 mu gucunga amahoteli (*gestion hôtelière*).

Kwirukanwa byasanze niga muri Koleji y'i Kigali (*Collège Officiel de Kigali - COK*).

Mbere yo kwirukana Abatutsi ibikorwa by'ubushyamirane ntabwo byagaragaraga hagati y'amoko, ariko bigiye kwegereza icyo gihe nibwo hatangiye kuba amakimbirane.

Muri 1972, imvururu z'i Burundi zibaye hatangiye kuza umwuka mubi, naho ubundi abanyeshuri bari babanye neza. Kuko njye nahageze muri 1972. Nahize 1972-1973. Mbere yaho nta kintu kibi nabonaga. Iyo twavaga mu biruhuko iteka hazaga umwuka mubi, ukabona bitameze neza.

Igihe cy'intambara y'Abarundi muri 1972 hari abantu bahunze. Icyo gihe amaradiyo yaratukanaga, abaminisitiri ba minisitiri z'ububanyi n'amahanga bagatukana, bagatongana, abana barabyumvaga. Mu kibuga cya Mburabuturo hagati niho twumviraga amakuru. Hari ikiradiyo bashyiraga mu kibuga. Ubwo rero amakuru yaba atangiye kuvuga, bakaduhamagara bakaza kudukuhiga mu byumba. Ngo nimuze mwumve. Ngo bene wanyu i Burundi barimo barica abantu. Hanyuma rero induru zikavugira aho.

Aho ni muri 1972. Iyo amakamyi atwaye izo mpunzi yanyuraga za Mburabuturo wabonaga abanyeshuri b'Abahutu bafite umujinya bakaza kudukuhiga mu byumba aho turi.

Noneho hari ibigo by'amashuri hirya no hino. Cyane cyane aho numvaga ni za Shyogwe. Abanyeshuri benshi bazaga kwiga muri Koleji ya COK ni abaporo. Nabo barigaga cyane kuko babaga bashaka kuza kuhiga kuko babaga bafite inararibonye kuri bakuru baho bahize. I Shyogwe muri Gitarama niho hari ubuyobozi bwa Kayibanda.

Nyuma y'uko Abarundi bahungu, ndetse no kumva abayobozi batukana ku maradiyo abanyeshuri b'i Shyogwe na Byimana batangiye kugira amahane cyane. Noneho birashoboka ko

habagaho gucengera mu bigo by'abanyeshuri abantu batumwe n'ubutegetsu bakaza gutera mu banyeshuri umwuka mubi. Bigenda bikura.

Ndibuka mu ntangiriro za 1973 cyangwa mu mpera za 1972, njye hari umuntu wigeze kuza aranyegera, yakomokaga za Gikongoro iyo. Yari umuntu w'umunyamahane. Araza arambwira ngo “ese kuki udahungu?” Kandi icyo gihe nta muntu wari wagahunze, nta kimenyetso nabonaga. Arambwira ati: “Tuzabakubita!” Ntabwo nabyitayeho ngo mbihe agaciro. Ubwo rero bigeze mu kwa kabiri niho byacitse. Bagira batya rero bategura umunsi mukuru. Nk'uko nabivuze haruguru, i Mburabuturo hari ahantu hagati mu kibuga bashyiraga radio, bakabyina. Turabyina, rwose baratubyinisha. Ariko uko tubyina ni ukuturangaza; ku musozi wa Mburabuturo, hari abandi barimo bategura bafite n'ibyuma. Hari abaturangaza, ariko hari n'abandi barimo bategura ibintu. Ibyo tubona ni ukubyina. Baratunaniza. Turabyina ye!

Ubwo twari ducumbitse mu kigo cya Mburabuturo, habaga abatangiye uwa mbere n'uwa kabiri w'amashuri abanza, bari bafite aho barara. Abari mu wa gatanu bafite aho barara. Abarangije mu wa gatandatu nabo bafite ahantu habo. Naho ubwo twe turi mu kirori, ariko ubwo mu bakuru niho bigiye gucika. Ubwo rero hari abagiye baburira abantu bakuru bati ibintu bimeze nabi. Hari abaraye hanze. Ariko barara hanze twe tutabizi. Aho twameseraga bari bakuyemo ibyuma binini. Abakuru rero hari abari bababuriye bajya kurara hanze. Ntabwo twe babashije kuduha amakuru. Ntitwamenye ibyo aribyo.

Bigeze nko mu gicuku, numva botine. Abasirikare bamaze kugera mu kigo. Bageze mu kigo gute? Ni ukuvuga ngo bya bindi byo hirya, bararwanye muri iryo joro. Abagumye baryamye batabimenye baratewe, noneho haba kurwana bagerageza kwirwanaho. Ariko twebwe turi mu gicuku, ntituzi ibyabaye. Noneho umuzungu hari ukuntu yamenyesheje abo hanze ibyabaye. Abo basirikare rero bazaga byitwa ko baje guhoshya, ariko kandi banabizi. Nibwo numvaga muri etaje ya mbere abantu bahita, burinda bucya.

Tubyutse mu gitondo dusanga abasirikare barahari. Aho bukereye baradusohora ariko badutegeka gusohoka twese tumanitse amaboko. Ngo hari abari bafite ibyuma. Ubwo twebwe turabona ibyo ku ruhande rwacu ntituramenya iby'ahandi. Turagiye, tugiye aho twariraga. Babanzaga kudasakira bakabona kuduherekeza kugeza tugeze aho twariraga. Tugiye kurya ariko tubona ko hari ibintu bidasanze. Noneho nibwo nabonye umuntu nari nzi, wakomokaga ku



Gikongoro. Ijisho rye ryari ryatukuye. Naho ari muri ba bandi baraye hanze, bahunze. Ubwo ngubwo bwa mbere abanyeshuri bose twari hamwe. Tugenda duhwihwisa, uko amakuru agenda amenyekana niko twagendaga twitandukanya. Mu gukwira kw'amakuru no kwitandukanya twaje kumenya ko abari babiteguye bari abakiga.

Kuko nk'abanya Byumba nabo bari babizi gake, na Butare na za Kibungo. Ubwo rero uko iminsi igenda ishira, niko bitandukanya natwe no kudushyiraho iterabwoba. Abasirikare barahagumye, ariko iyo igihe cyageraga, banyuzagamo bakigirayo kugira ngo babone uko badukangisha. Bamwe baravuze bati nimuze tujye kwaka amafaranga yacu twigendere, kuko ibintu bitari bimeze neza.

Ndibuka ko nanjye hari amafaranga nari mfite mu buyobozi aho ngaho. Tuzamutse baradutangira ntibyadukundira kuyafata. Ntabwo twayafashe. Njye nigaga mu mwaka wa gatanu.

Ndibuka rimwe ndi muri etaje mu cyumba, nagiye kubona mbona igitero cy'abana bo mu wa kane baraza banyuzuraho baratangira barankubita. Ariko mu kunkubita bakagenda banyegereza n'ikirahure. Twari muri etaje ya mbere ndumva nta yindi etaje yari ihari. Noneho ikirahure kiba kiramenetse. Bariruka. Nanjye mboneraho manuka niruka njya hasi. Uko manuka niruka ndakomereka, mvirirana ku gatsinsino.

Ariko ubwo bankubise, ishati yacitse mu bitugu. Ndamanuka ndahagarara nitegereza Mburabuturo ndayirebaaa! Nari ngeze mu gishanga ariko abari bankurikiye bisubiriye inyuma. Mbura icyo nkora. Ishati mu bitugu yashizeho, agatsinsino kakomeretse, ariko haracyashyushye ntacyo ndumva.

Hari umuntu wari utuye hafi aho akaba afite umusore wo mu kigero cyanjye, ndagenda mutira ishati. Nako si ukumutira yampaye ishati. Mpita mpunga, sinasubira kurara mu kigo. Hari umuntu twari dufitanye amasano wari utuye hafi aho ; Njya gucumbika yo. Uko nahacumbitse ariko, hari abantu bazaga kuhanywera kuko hasaga n'ahari akabari.

Uwo mugabo nari ncumbitseho yari Umuhutu ariko akaba atunze mwene wacu w'Umututsikazi. Abazaga kuhanywera banapangaga gahunda zo kwirukana Abatutsi.

Uwo mugabo rero araza aratubwira ngo ibi bintu rero ntabwo bizahagarara. Iwabo ni i Rutongo. Ariko amakuru yose yari ayafite, kuko nawe hari utunama yajyagamo. Aravuga ati “ *ntabwo bizahagarara nushaka uzashake uko uhunga* ”. Hari mu kwa kabiri, sinibuka amataliki neza, ariko byari hafi nka 20/02/1973.

Ubwo byabaye nk’ibyoroza dusubira mu kigo. Haza Musenyeri mukuru w’Itorero ry’Abangilikani mu Rwanda (EER), Sebununguri, n’umuvugizi w’ Itorero Peresibiteriyeni mu Rwanda (EPR) witwa Utumabahutu, baraza bahagarara muri icyo kibuga cya Mburabuturo, bavuga ijamba ritari ryiza kuri twe, bavuga ko imvururu ziriho ziba turaba tuzifitemo uruhare kandi ko n’ubwo twagenda bazadukurikira.

Nkaba narikandagiye kuri wa wundi wambwiye ati ntabwo bizahagarara. Nibwo nafashe umwanzuro wo kugenda. Ubwo mukuru wanjye nakurikiraga yaje kumfata turataha. Naciye Rugende nambuka ngana Kibeho, nambuka Mugesera. Hari hataturwa ari amashyamba. Tugeze mu bwato, umuhengeri uba uraduteye. Tugeze hagati tunanirwa kujya imbere tuti reka dusubire inyuma. Tuti na none ntuturara hariya hantu. Turiyahura turambuka tugera muri Kibungo.

Nagiraga mukuru wanjye nawe yari yaragize ibibazo byo gucikiriza amashuri kubera ibibazo bya politike, arambwira ati shaka uko uhunga. Mba ndahunze, mpunga abantu benshi batarabyumva. Ndagenda, nca ahitwa mu Kirundo, tuza kugera i Bujumbura. Ndi mu ba mbere bafunguye inkambi y’impunzi z’abanyeshuri.

Abana b’abahanga baratsinze barabangira. Njye ntabwo narengaga uwa mbere. Nabaye uwa kabiri ngeze mu wa gatandatu. Ndatsinda. Niganaga n’undi mwana w’umuhanga wa Zirahiga. Yasubiyemo gatatu. Ariko nanjye ntsinze barabiniga sinajyayo. Noneho banyemerera gusibira. Hari n’abari bari imbere yanjye batagiye.

Nka mukuru wanjye yari yatsinze ntibamwemerera. N’abandi n’abandi, nti njye ndasibira ngo bimare iki? Hakaba hari umwarimu wankundaga wari uzi ko nzi imibare. Arambwira ngo uriga iwanjye n’ubwo Mutungirehe ahari nzakwandika. Aranyandika ariko niga nabi. Tugeze igihe cyo gukora ikizamini cya Leta, mbere yaho habaye icy’iseminari. Bamanitse abana batandatu ba mbere, nanjye narimo. Njye ntibamfata kuko data yari afite abagore babiri.

Igihe cyo gukora ikizamini cya Leta kiragera. Ngikoze ndagitsinda. Inspecteur Mutungirehe ntiyamenyesha aranyihorera. Nta yindi nzira yo kubimenya yabaga ihari. Tubaye aho. Amashuri aratangira, hashira icyumweru. Sinzi ukuntu abana bavuze bati nimureke tujye gushaka icyangombwa cy’uko turangije n’umwaka wa gatandatu ubanza. Turagenda.

Ubwo Mutungirehe yari umuyobozi w’amashuri, yagiraga Komini Sake na Mugesera. Duca iwe i Mugesera aho yari atuye. Ati ni mugende ndaza. Ntabwo yigeze aza. Ataje rero tuti dutahe. Twari twagiye kure cyane ya Zaza. Nka saa munani tuti reka twitahire. Mu gutaha ariko sinzi umwana wavuze ati ariko mwaje tukajya kureba uko abana batsinda ikizamini cy’amashuri abanza! Uko Imana ikora ikoresha abantu. Turikoze abana b’abaturage turagiye no ku muryango i Zaza.

Twagiye tuvuga ngo turinjira mu kigo tutazi n’uwo tubaza. Tugeze ku cyugi cyaho haza umufurere nari nzi. Ati “*sha, murashaka iki?*” Tuti “*turashaka kumenya niba nta banya Rukumberi batsinze*”. Ati “*nimuze*”. Ubwo bamaze icyumweru baratangiye! Aradukingurira tugeze imbere tubona abana barimo barakina. Atugeza ku mubiligi witwaga Louis Degates, niwe wari Diregiteri.

Mu gifaransa cy’umwana wo mu mashuri abanza, bagenzi banjye bati uraturusha ngaho vuga. Aragenda azana igipapuro, araturwira ati hari umwana umwe watsinze. Ati “*kandi twaramubuze!*”. Tuti “*yitwa nde?*” Ati “*yitwa Rusanganwa Frederic*”. Nti “*ni njyewe!*” Babikoraga babizi. Ng’uko uko nagiye kwiga, abandi bamaze icyumweru batangiyeye.

## 24. Ubuhamya bwa mwalimu Me Straton Nsanzabaganwa

Navutse mu 05/10/1945.

Muri 1973 nari maze imyaka ine ndangije, ubu ndi umwunganizi mu mategeko.

Nkirangiza kwiga Kaminuza y'u Rwanda, nabanje kwigisha mu iseminari ku Rwesero kugeza 1971, nkomereza muri Koleji *Christ Roi* i Nyanza. Niho kwirukana abanyeshuri n'abakozi b'Abatutsi byansanze. Mvuka mu karere ka Nyamagabe mu murenge wa Musanze. Ntuye Kicukiro Umurenge wa Kigarama muri Taba.

Ikibazo cy'ivangura ry'amoko n'itotezwa ry'Abatutsi cyabayeho kuva mu 1959 kuzamura kugeza no mu 1973, haje kwivangamo n'ikindi kibazo cy'uturere hagati y'abanyenduga n'abakiga.

Muri 1973 mbere y'uko Habyarimana afata ubutegetsi hari amakimbirane mu nzego zo hejuru hagati y'abanyenduga n'abakiga, ku buryo bigeze kuzana ikintu kimeze nk'icyuka kivuga ngo hariho Abanyarwanda bataye umurongo muri PARMEHUTU.

Ubwo rero bwabaye uburyo bwo kwirukana Abakiga babavana muri PARMEHUTU. Cyane cyane bavanyemo nk'abitwa ba Bicamumpaka kandi barabaye ba Minisitiri ku bwa Kayibanda. Babavanamo basigara bibanda cyane cyane za Marangara, Gitarama Kabgayi na Kabagali.

Hari icyuka cya politiki. icyo cyuka kikivanga n'uko mu mibereho, mu bukungu bitari bimeze neza.

Hariho gahunda yo kuvuga ngo turebe uwaba yarakoze amakosa. Ayo makosa yose ariho, byatewe n'iki? Haje ikibazo cyo kuvuga ngo abana b'Abatutsi mu gihugu hagati bari mu mashuri ari benshi. Haza kandi ikibazo cyo kuvuga ngo harimo Abatutsi benshi mu bakozi. Hakaza kandi ikibazo kivuga ngo abo bantu bakora tuzabagira gute? Ese ko abanyeshuri n'abakozi bamaze kuba benshi turabikosora gute?

Hari abanyeshuri bari mu Bubirigi b'Abahutu, batangira kwandika bavuga ko ikibazo kiri aho ngaho ari uko Abatutsi babaye benshi mu mirimo no mu mashuri.

Ikindi cyagaragaraga ni ugutanga amaburuse, Abatutsi bakeya bajyaga muri Kaminuza ya Butare baza kuba nk'aho babaye benshi kandi barangiza kwiga bagakora imyaka ibiri, wa wundi wabonye buruse akajya kwiga mu bubirigi, cyangwa ahandi, yaza agasanga wa Mututsi yamutanze mu mwanya agasanga kandi yamutanze n'ibikorwa. Kuko wa mwana watotejwe aba azi ubwenge. Akamenya kwiyubakira akazu n'ibindi ugasanga afite udufaranga. Wa wundi yaza, yaramurushije kujya kwiga, agasanga undi aramurusha imibereho n'imibanire muri sosiyete. Hari ikibazo cy'ubukungu kiza cyiyongera ku kibazo cya politiki.

Hanyuma rero ikindi kintu cyabaye 1972, i Burundi habaye imvururu hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Abatutsi bari bafite imbaraga kuko bari bafite igisirikare, hapfa Abahutu benshi, za mvururu zari i Burundi, zitera icyuka kibi hano mu Rwanda. Noneho baravugaga bati *“igisubizo cyaba ikihe? Hagati aho habaho n'ikindi”*.

Ba bakiga nibo bari benshi mu gisirikare, kuko kugira ngo ujye mu gisirikare barebaga imbaraga.

Nk'ababiligi uko bajyaga gushaka ababa abasirikare mu Rwanda, barebaga abitwa ko bafite imbaraga. Bya bindi ubona mu maso. Noneho Abakiga ba za Ruhengeri na Gisenyi bakagaragara nk'abafite ingufu. Baba aribo bajya mu gisirikare cyane. Ubwo rero hagati aho, ba bakiga bagiye mu gisirikare kurusha abanyanduga. Byakorwaga n'ababiligi kuko kuri Leta ya Kayibanda, muri Repubulika ya Mbere, bari bakirimo ari benshi. Noneho bakagenda bashyiramo abo bantu b'ingufu, bakavugaga ko Abakiga aribo bafite imbaraga zihagije, kurusha abanyanduga.

Baza rero kwisanga igisirikare cy'u Rwanda kigizwe nka 80% n'abantu b'Amajyaruguru. Nka Ruhengeri, Gisenyi, Byumba. Ba Kanyarengwe, Habyarimana, Nsekarije, Ntibitura, bari abakiga.

Nsimbutse gatoya, iriya kudeta yo mu 1973, harimo umunyanduga umwe witwaga Jean Népomuscène, abandi bari abakiga. Kubera bya bindi byo kuvuga ngo hari abataye umurongo bakirukana abanyapolitiki, byaje kuzana icyuka kibi mu ngabo. Noneho ingabo zishaka gutera imvururu.

Mu gutera imvururu zikibaza ziti ese twatera imvururu mu gihugu dute nta mpamvu dufite? Za mpamvu navugaga ko Abatutsi bari bamaze kuba benshi mu mashuri, ya mabarurwa yoherezwaga n'Abanyarwanda b'Abahutu bari hirya no hino mu Burayi, ibibazo byari mu

gihugu imbere, biza kugenda byose bigana ku Mututsi. Biza bivuga ko ari we nyirabayazana. Gushaka impamvu aho itari. Kayibanda aza kubona ko abasirikare bakuru barimo gutegura ibindi, atangira kubavana nabo mu gisirikare. Abajyana mu mirimo ya gisivili irimo kuyobora n'amashuri. Bamwe abohereza ku iseminari ku Nyundo, abandi muri za Koleji Inyemeramihigo, abandi kuyobora inganda z'icyayi.

Kujya kure iyo ngiyo ntibyababujije gukomeza imigambi yabo. Kugira ngo gahunda ya kudeta ishoboke batera imvururu batazicishije mu baturage ahubwo bazinyuza mu banyeshuri, byahereye muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare.

Icyo gihe nigishaga i Nyanza. Izo mvururu zigenda zikongera mu mashuri bakagenda birukana abanyeshuri b'Abatutsi banabakubita. Noneho n'abakozi ba Leta, bakandika amalisiti. Ukaza mu gitondo, ugasanga lisiti yamanitswe ku muryango wakwibonamo ugahambira utwangushye, ugakiza amagara.

Iyo muvoma yavuye i Butare, banabonaga imodoka zibatwara zikabajyana hose. Urabona kuva i Butare ukaza i Nyanza ntabwo ari kure. Hari nk'ibilometro 35.

Abakoloni babigizemo uruhare. Abapadiri cyane cyane abapadiri bakoraga mu mashuri umupadiri witwaga Naveau yari yarigeze kwigisha muri Koleji ya Kristu Umwami yarazaga agakoresha inama abanyeshuri muri ishyirahamwe ryabo ryitwa SECA, cyatangijwe n'uwo mupadiri witwaga Naveau. Abasirikare bagiye kubahagurutsa ngo biruke abanyeshuri baramaze kwitegura.

Icyo gihe nari maze hafi imyaka ibiri. Nari naratangiye muri 1971. Naratangiye mu kwezi kwa cyenda tugeze muri 1972 iby'i Burundi birabaye. Nashyingiwe muri 1972 mu kwezi kwa cyenda. Ubwo rero ibyo byatutumbaga kuva mu kwezi kwa cyenda cyane cyane nyuma y'ibiruhuko bya Noheli, mu mwaka wa 1972.

Noneho dutangira umwaka wa 1973 birakomeza birazurungutana. Twebwe rero cyane cyane mu ntangiriro z'ukwa kabiri 1973 nibwo ibintu byasekuraga bikirukanka. Icyo gihe nigishaga muri Koleji ya *Christ Roi*. Ariko uko twagendaga aho ngaho nyine babaga badutoteza. Nari ncumbitse hepfo ya komisariya ya Polisi. Ahantu twacaga hari kantini y'abapolisi. Iyo twabaga turi mu

kuhanywera hari umukomiseri n'abandi bagatangira kumbaza ngo “ese uzajya gufatanya n'inyenzi? ese ubundi ngo kuki utatabaye i Burundi?” Ibintu nk'ibyo.

Nkaba narigishanyaga n'undi muntu w'umunyaruhengeri, nawe yari muri iyo muvoma ariko tutabizi. Akangirira ishyari rero kuko nakundaga gukora ibintu byinshi. Nakinaga umupira, nkigisha ikinamico mu mashuri atatu y'i Nyanza (*Collège Christ Roi, Humanites Modernes*, n'ishuri rya tekini ryahabaga) nkabigisha imikino y'ikinamico bakayikina. Bakoreshega ibintu by'ibitaramo, bakaririmba, bakabyina, bakivuga, ngafata abantu b'abasaza b' i Nyanza kubera ubwami bwahabaye babaga bazi ibyo bintu.

Noneho rero Shanwani Erinoti wari diregiteri wa Koleji yakundaga ibintu by'imikino. Uwo mugenzi wanjye wo mu majyaruguru akangirira ishyari kuko shanwani iyo yampaga amanota ku kazi yampaga amanota meza. Noneho akagenda agambana na bene wabo b'abasirikare. Baraye bari bunkubite, hari abanyeshuri batatu nigishaga. Bigaga mu mwaka ubanziriza uwa nyuma. Twakinanaga umupira harimo n'abitwa ba Idrissa bakinaga umupira cyane, baje kujya mu mateka ya Rayon Sport. Baza kumburira ninjoro ko abo m'ishuri ryisumbuye rya *Humanités Modernes* bateguye kuzankubita.

Noneho njyewe njya kwishinganisha kuri wa mukomiseri. Na Umushinjacyaha Mukuru (*procureur general*) wari i Nyanza witwaga Gatwa. Bampa abapolisi babiri, ariko ibyo ngibyo byaje kumberamo ikintu kibi cyane kuko byambujije guhunga. Noneho mu gitondo ba bapolisi barataha. Bakihava, abanyeshuri ku ishuri ryisumbuye rya *Humanités Modernes* baba barahageze.

Ubwo nari ncumbitse ahantu hitwa mu Kaguri. Ubwo rero barankubita. Barankubise kuva mu Kaguri bazamuka bankubita bangeza i Nyanza mu mujyi. Ntibankubitaga gusa ahubwo bankururaga hasi. Nari namaze kugwa bankurura hasi. Bagiye ngo kunjugunya mu cyuzi cy'i Nyamagana.

Hanyuma nza kugira Imana, hari umuhungu twakundaga gukinana waje kujya muri Rayon Sport n'umuzungu twakorana baba babyumvise. Wa muhungu wo muri Rayon sport na wa muzungu baza biruka bansanga hafi y'iposita y'i Nyanza.

Ariko hagati aho hari umupolisi wakomokaga hariya iwacu muri Nyamagabe, hakaba n'undi mupolisi muri iyo minsi bajyaga batugemurira batuzanira inzoga, nari nasangiye nawe urwagwa rwari rwavuye iwacu. Noneho nawe aza kumva ko barimo kunkubita bagiye kunyica. Banyura aho babika imbunda we na mugenzi we bafata imbunda ebyiri, bajya imbere y'abanyeshuri baravuga bati murarenga aha turabarasa. Abanyeshuri bashaka gukomeza bankurura banjyana. Noneho wa mukiga wo mu Rwankeri w'umupolisi, arapfukama. Atangira gusharira koko ashaka kurasa. Abandi bamubonaga bambwiye ko yari agiye kurasa koko. Abanyeshuri babonye agiye kubarasa bakwira imishwari.

Ba bandi bagenzi banjye babiri baramfata banjyana ku bitaro i Nyanza. Nari namaze kugera muri koma kandi natumbaganye ntawamenya. icyo gihe umugore wanjye yakoraga mu ivuriro. Nari nahindanye ku buryo bancishijeho ku gatanda, ntiyamenya ko ari njyewe.

Baramubwira bati kandi uriya ni umugabo wawe nawe urahita gutyo? Yari afite inda y'amezi agera kuri atatu, iba ivuyemo. Mu gihe gito twembi tuba turi mu bitaro, ndyamye mu cyumba kimwe nawe aba aryamye mu kindi. Tuba mu bitaro rero aho ngaho ibyumweru bibiri, abantu bakajya baza kunsura.

Umuntu wari komanda w'abasirikare aho ngaho nawe aza kunsura. Ariko nari maze kuzanzamuka ntangiye korohere. Ntangazwa no kubona aza kwibarisha ngo ariko wazize iki? icyo gihe nari mfite intege nkeya ariko numva ngize umujinya, ndavuga nti ubure kukimbwira wowe wabiteguye! Ntacyo nari ngitinya nari nzi ko nanone bigiye kundangiriraho. Ahera ko arasohoka. Tunahunguka muri 1994 namusanze ino.

Nyuma y'ibyo byumweru bibiri turi mu bitaro, bagenzi banjye mu bo twakoranaga aho ngaho, hari hakubiswe n'undi mu goronome hafi aho, nawe aryamye mu kindi cyumba mu bitaro. Imvururu zari zakwiriye mu banyeshuri bose. Hatangira kuzamo ibitekerezo byo guhunga. Bagenzi banjye sinzi uko baganiriye, ari abapadiri n'abo ngabo bo muri koleji no kuri paruwasi, baduha imodoka yo kutuvana muri Nyanza. Noneho ahasigaye ba bahungu twari kumwe bagenda bampetse. Turara ku Mayaga, ku musaza bari baturangiye, noneho ninjoro turara dushaka inzira yo guhunga tujya i Burundi.



Twageze i Burundi mu kwezi kwa kabiri gushira, ukwa gatatu gutangira. Tuba tubaye impunzi dutyo. Abasore batatu bamburiye barimo uwitwa Gasesero wabaye umucuruzi, uwitwaga Ange na Idrissa wakinaga muri Rayons Sport. Mu bapolisi harimo André Kwitonda.

Ingaruka byangizeho, icyambere ni uko nakubiswe ngata umutwe nkajya muri koma ibyumweru bibiri byose. Ikindi, ni uko izo nkoni zaje kungaruka bitinze cyane.

Muri 2012, bambaze mu gatuza. Kuko bari bankubise nyine ku mutwe no ku ijosi noneho uko nkura imbavu zigenda zigira ibibazo. Izo ni ingaruka ku mubiri. Ku mutima ho rero ikintu cya mbere kuba impunzi no kubura umwana w'imfura mu bintu nk'ibyo.

Gukururwa hasi no guteshwa agaciro wari umurezi ndetse wemerwa n'abantu benshi ariko ukandagazwa mu ruhame n'abana wareraga nabyo birahungabanya. Ubuhunzi bwo rero ni ikintu kibi. Uba wumva utari iwanyu. Kubura iwanyu rero byo ni ibintu bikomeye cyane, no kuba buri gihe ugira imirimo ukora ntunagire ugushima. Nigeze kuba ndi umuyobozi w'ikipe y'umupira w'amaguru (*Football*) aho nakoraga hariya i Kirundo mu Burundi, noneho ikipe yacu yari yatsinze twagiye gukina i Bujumbura, Perezida aravugaga ngo ariko uwo nguwo, ni umurundi cyangwa ni Umunyarwanda? Baramubeshya ngo ni umurundi. Biranambabaza ko bamubeshye, iyo bamubwirira ko ndi Umunyarwanda. Akamenya nibura ko hari Abanyarwanda bafite uruhare rwo kubaka igihugu. Indi ngaruka ni uko hari impfubyi zari zarasizwe na bakuru banjye bagiye bicwa mu myaka yabanje nko mu cyo bise Jenocide ya Gikongoro nagombaga kwitaho, na mama yari umukecuru atuye Bunyambiriri, nabo basigaye bahungabanye, ku buryo bamwe nagiye nkomeza kubazana n'aho nari ndi iyo ngiyoye mu Burundi.

Ku gihugu, abantu benshi barahunze. Nko mu bwarimu harimo Abatutsi benshi hari amashuri menshi yasigaye adafite abarimu.

## 25. Ubuhamya bwa Nyabyenda Laurien

Nitwa Nyabyenda Laurien

Kwirukana Abatutsi mu mashuri byasanze niga muri Kaminuza y'u Rwanda.

Itotezwa ry'Abatutsi bo mu Rwanda muri 1973 ryibasiye cyane cyane abari barize cyangwa bigaga, ku buryo Chanoine Ernotte, wayoboraga Koleji ya *Christ Roi* y' i Nyanza, yabyise Jenoside y'abanyabwenge.

Icyo gihe nari mfite imyaka 24, ndangije umwaka wa kabiri mw'ishami ry'indimi, aho niganaga na Perezida wacyuye igihe Bizimungu Pasteur.

Iyirukanwa muri Kaminuza ryabanjirijwe n'amatangazo adasinye yamanikwaga mu ijoro, abwira abanyeshuri b'Abatutsi bose cyangwa abakekwaho ubututsi ko bagomba guhagarika kwiga bagataha.

Amazina y'abo birukanywe yabaga yanditse, Umuyobozi wa Kaminuza w'icyo gihe Nsanzimana Sylvestre, ntacyo yabikozeho, ngo byibuze ahumurize abahigwaga.

Mu ijoro ryo kuwa 15/02/1973 nibwo igitero cy' abanyeshuri b'Abahutu, biganjemo abakomoka mu majyaruguru y'igihugu (Ruhengeri, Gisenyi, Byumba) cyinjiye muri kaminuza, gisa n'igituruka mw'ishuri rya gisirikare ry'aba susofisiye (*ESO - Ecole des Sous Officiers*) i Butare. Bari bitwaje amahiri baririmba indirimbo za Parmehutu.

Icyo gihe twabumvise turi mu cyumba twabanagamo na mugenzi wanjye Safari Venant, nawe wari urangije umwaka wa kabiri mw'ishami ry'ubukungu (*Sciences économiques*). Ubwo nabwiye mugenzi wanjye Safari, nti : ” ngwino tujye hanze, ahirengeye, tubone uko tuza gukira abo bicanyi ”.

Ubwo nacye mu idirishya njya hanze, Safari we ahitamo gukinga idirishya n'urugi azimya n'itara. Nabaye nkigera hanze, cya gitero kiba kirambonye. Kivuzwa induru kandi kiruka kinsaga aho nari mpagaze. Ubwo narirutse ariko numva n'aho ngana induru ziravuga, ni uko mpitamwo gusimbuka umugunguzi muremure ngwa mu bigunda byo hepfo ; Nkomeza njya mu ishyamba rya “arboretum”.

Mu banyirukankanaga nta watinyutse kunkurikira muri iryo shyamba. Mba mbakize gutyo. Ubwo ni nabwo mperuka kuri icyo kaminuza. Na Safari twabanaga mu cyumba twaherukanye ubwo twongeye guhurira i Burundi, nyuma y’amezi atatu.

Ubwo naciye mu gashyamba ka “*arboretum*” jyenine mpinguka mu muji, ari nabwo nahuye n’abandi, barimo Naho Alexis, nabo bashoboye gucika abo bicanyi. Twagiye mu badominicani i Ngoma, twibwira ko hari icyo batumarira. Ariko uretse kutwakira batwereka ko ibyabaye nabo bibababaje twahise tubona ko ibyo dukeneye batabifitiye urufunguzo maze turahava.

Mu minsi yakurikiyeho, abirukamwe bose bashakaga uko batoroka.

Jye nari mfite ibihumbi mirongo itanu muri Banki y’Ubucuruzi (BCR – *Banque Commerciale du Rwanda*). Nagiye kuyabikuzana nsanga Leta yategetse za banki gufunga amakonti y’Abatutsi; ngira Imana mpasaga Umugabo witwa Munyangaju Joseph, aca kuri ayo mategeko arayampa. Munyangaju yari Umututsi ariko icyo gihe we yari agikora muri icyo banki i Butare.

Nyuma y’aho nabonye n’abandi banyeshuri batatu maze dupanga uko dutoroka iryo joro. Umwe muri bo yari afite umugeni wigishaga i Kansi, maze aramuzana nawe turajyana. Ubwo twagiye turi batanu aribo Rudasingwa Jean Marie Vianney, Sebuharara Vincent, Kayihura Félix, Niyibizi Marianna na njye.

Uwo muni tugenda, twafatiwe muri Nshiri maze batujyana ku Gikongoro. Gikongoro nayo itwohereza i Butare. Butare Police itwohereza Kigali. I Kigali twagiye kubazwa n’abayobozi ba Polisi. Batubaza aho twajyaga tukababwira ko twari tugiye gushaka amashuri kuko twirukanywe aho twigaga. Jyewe nabajijwe n’umuyobozi wa polisi w’icyo gihe, Mbonampeka Stanislas.

Nuko ahamagara Habyarimana Juvenal wari Minisitiri w’Ingabo na Polisi amubaza uko bari bugire abanyeshuri b’Abatutsi birukanywe mu mashuri none bakaba bafatwa batoroka. Habyarimana yabanje kumubaza imibare y’Abatutsi muri Kaminuza y’u Rwanda. Mbonampeka amusubiza ko abanyeshuri bose muri Kaminuza bari 527, muri bo Abatutsi bari 198. Ibindi Habyarimana yamubwiye sinabyumvise ariko twavuye aho bajya kudufunga muri gereza bita 1930. Twamazemo amezi babiri baradufungura, tubabeshya ko dutashye iwacu mu cyaro kandi tutazongera gukinisha ibyo gutoroka.

Nyamara twabaye tukiva muri gereza duhurira mu kabari twakiriwemo na Ruyuki Vincent, maze dupanga uko twongera gucika. Twasezeranye ko buri muntu aca mu muryango we bakamubona bakamenya ko turiho, ariko ku munsu wa gatatu tugahulira i Butare, tukongera gupanga uko ducika. Uwo munsu twagombaga guhulira i Butare babiri barabuze aribo Rudasingwa JMV na Sebuharara Vincent. Ababonetse, aribo Kayihura Felix, Niyibizi Marianna na Nyabyenda Laurien, twapanze uko twongera gucika, noneho birakunda tugera, i Burundi.

Leta y'i Burundi y'icyo gihe yakiriye neza impunzi z'Abanyarwanda. Abashaka akazi boroherezwa kukabona, abashaka amashuri nabo bafashwa kuyabona.

Jye nabanje kujya muri Kaminuza y'i Burundi(*UOB Université Officielle de Bujumbura*), nyuma yaho nagiyeye kwigisha mu iseminari nto y'ahitwa Mureke, mu Ntara ya Ngozi. Nahamaze imyaka ibiri, hanyuma njya gukomereza amashuri Kinshasa muri Zaïre.

Muri Zaïre byabaye ngombwa ko mpindura ibyo nari narize ntangira kwiga ubuganga (*Médecine*) muri UNAZA (*Université Nationale du Zaïre*), Kaminuza ya Zaire yari i Kinshasa. Nagize amahirwe mbona bourse ya HCR (*Haut Commissariat pour les Réfugiés*) imfasha kwiga.

Mu banyarwanda bamfashije harimo Dr JB Nkurikiyimpfura, witabye Imana na Prof Rwanyindo Ruzirabwoba Pierre, Nyamara uyu Rwanyindo yari afite ubwenegihungu bwa Zaïre, ariko ntibyambuzaga gufasha abana b'Abanyarwanda b'impunzi.

Muri 1982, narangije kwiga ubuganga i Lubumbashi kuko ariho nimenyereje umwuga mu bitaro byitwa *Mama Mobutu*. Ubwo ndangije nabuze akazi biba ngombwa ko jya gushakira muri Africa y'amajyepfo, ivuga icyongereza.

Nyuma yo kumara amezi nka atatu muri Zambia nimenyereza ururimi rw'icyongereza, akazi naje kukabona muri Zimbabwe mu 1983. Zimbabwe nayikoreyemo kugeza 1991, aribwo najyaga gukorera muri Botswana kugeza 1996 ntaha mu Rwanda rwari rumaze kubohoka nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nkorera Zimbabwe, pasiporo y'impunzi nagenderagaho yaje gushira, ubuyobozi bw'impunzi bumbwira ko ntafite pasiporo bamvana ku kazi. Nabungije imitima nshaka aho nayivana ndashoberwa, ariko njya muri Tanzania nkitwa Umuha ukomoka Kigoma maze nkahabwa

pasiporo. Ibyo nibyo nakoze ngeze Dar es Salam mpasanga Abanyarwanda baramfasha ndayibona. Iyo niyo nagendeyeho kugeza ntaha mu Rwanda muri 1996.

Iyi nzira ibabaje y'ubuhunzi nta wundi nayifuriza.

Niyo mpamvu dushima cyane Leta iyobowe na FPR-Inkotanyi yaciye ubuhunzi, igaharanira n'uko nta Jenoside izongera kuba mu Rwanda.

## 26. Ubuhamya bwa Rahamatali Rangira Immaculate

Nitwa Rahamatali Rangira Immaculate,

Navutse 23/09/1958, mvukira i Rutongo. Ubu ntuye Kicukiro, Niboyi. Narangije amashuri yisumbuye. Ndi mu kiruhuko cy'izabukuru. Nakoreye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburezi (UNESCO) n' Ibiro Mpuzamahanga ishinzwe Umurimo (BIT).

Birukana abanyeshuri b'Abatutsi mu mashuri, nigaga mw'ishuri rya *Lycée Notre Dame de Citeaux*.

Nize amashuri abanza mba uwa mbere, ariko nkoze ikizamini mbona natsinzwe. Bagahwihwisa ngo ni uko ndi Umututsi. Abacikaga intege bahitaga bajya mw'ishuri rya familiyali (*Ecole familiale*). Njyewe ndasibira. Ubanza narasibiye nka kabiri niba atari gatatu. Noneho ubwa kabiri cyangwa ubwa gatatu mama arambwira ati ngwino ujye muri familiyali nta Mututsi uzajya mu mashuri yisumbuye wikwishunga.

Ndanga, ndahatiriza; ajya kunshakira umwanya mu ishuri ryisumbuye rya Muramba. Niho ngo Abatutsi babonaga ishuri kwa Bigirumwami. Nararibonye. Ariko ngarutse nsanga natsinze. Ubwo ni nko muri 1970 cyangwa 1971. Ndibuka umwana w'Umuhutu twicaranaga kandi yari yandukuye ibyo nari nakoze nawe aratsinda. Tujya kwireba kuri komini aho byari bimanitse. Ntsindira kujya muri *Lycée Notre Dame de Citeaux*. Ndagenda ndiga.

Muri *Lycée* ntabyo gushyamirana hagati y'amoko twabonaga. Twatangiyeye kubyumva nko mu mezi abiri ngo bariya ni aba n'aba, hakaba abakureba nabi ugiye mu ishuri, ariko ntitubitindeho. Wenda hagati yacu nk'Abatutsi tukabivuganaho ariko ubona nta bikorwa bibi bigaragaza urwango bihari.

Muri 1973, rero nibwo ibyo kutwirukana byabaye. Mu kwa kabiri hagiye havugwa utwo tuntu ngo Abatutsi bafite ibibazo. Hanze bakora amalisisiti. Twabaga muri interina ibyo hanze tutabizi.

Ariko kugira ngo bitangire banatwirukane cyangwa ngo tuvuge ngo reka duhunge byakomeye, byaturutse ku bafasha b'abaganga twari twegeranye. Nibo babajije abo ku ishuri ryacu ngo muribaza iki? Ngo mutegereje iki? Ubundi nta mwuka mubi wari uhari mbere. Koko ntabwo

byari byifashe neza icyuka cyari gihari, ariko kugira ngo dufate icyemezo ngo duhaguruke tugende byatewe n'uko twumvise ngo abafasha b'abaganga bagiye kuza bafashe abo twigana badukubite kuko bo batari babitangiye nk'ahandi, abo bafasha b'abaganga bari abagabo.

Amatariki sinyibuka neza, icyo nibuka gusa ni uko twari tuvuye mu biruhuko. Ndumva byari nko mu kwezi kwa kabiri cyangwa mu kwa gatatu mu mwaka wa 1973.

Umugoroba umwe tujya gusubiramo amasomo nk'uko twari dusanzwe tubikora, noneho sinzi umwana wanyandikiye ngo abafasha b'abaganga baraje, ngo bababwiye ko badusanga aha bakadukubita bakatwica, ngwino dusohoke. Dusohoka turi itsinda ry'abana nka batanu. Tumanuka twirukanka.

Byari mu kagoroba nka saa kumi n'ebyiri. Njyewe rero ngo niruka, twambaraga iniforume y'ibikanzu n'ibijipo yari ifite ibifuka, sinzi uko nirukanse mushwari yanjye iragwa. Ibyo naje kubimenya nyuma ko baje kuvuga ko ari icyuma nari mfite. Turamanuka, duhita tujya mu kigo cy'ababikira. Turara aho ngaho ariko ngo hagati aho abafasha b'abaganga ngo baje. Sinakomeje kubikurikira ngo menye uko byagenze. Ndibuka gusa baduhishe mu kazu ka biro batubwira ngo tuzimye amatara. Ababikira bakatuzanira n'ibyo kurya tukajya turya tutabona kubera y'uko twatinyaga ko bamenya aho turi. Twari kumwe turi abana nk'icumi. Noneho n'ababikira ngira ngo bagize ubwoba. Baratubwira ngo tugume aho ariko ngo tubyuke kare tugenda.

Turara muri ako ka biro. Mu gitondo tumanutse, ababikira nabo basaga n'abatwikuraho rwose, duhitira ku mwalimu wacu witwaga Victoria Kantengwa. Nawe yari Umututsi twari tunaturanye Kabeza. Ubwo turacyambaye imyenda y'ishuri! Aratubwira ati ntimurenga aha, ndetse murigaragaza ko muri abo muri Lycee. Adutiza imyenda ye turenza ku byo twari twambaye. Tumanuka kuri gereza, dukomeza epfo tujya gushaka imodoka ngo dutahe iwacu.

Ndibuka ko icyo gihe ba Mama nabo bari babimenye bohereza musaza wanjye Vianney kundeba. Duhurira kuri *rond point*. Ati ngwino dutahe, banyohereje ngo ngutware. Tujya mu rugo. Tuba aho hashize iminsi kudeta iraba.

Twumva ngo amahoro, ubumwe, ibiki ngo abantu bose nibasubire ku kazi, ngo amahoro yabonetse n'ibindi. Turishora rero hamwe n'abandi bana twari nka bane. Twe mu mashuri cyane cyane abahanga, ni ukuvuga abaza muri batanu ba mbere bari bavuze ngo bazabasubiza mo.

Nabaga rero mu ba mbere. Turahaguruka rero tujya kuri *Lycée*. Turagenda umubikira witwaga Soeur Frida w'umubiligikazi. Ankubise amaso ati mwe ntibishoboka! Ati Makurata wowe umunsi muhunga ngo bakubonye wiruka icyuma kiragwa. Bati reka reka ntibishoboka ntimwakwinjira hano. Turatashye. Turategereza. Bigeze muri 1974 abenshi barahunga. Njye nakomeje njya muri Kongo. Tuhahirira n'abana benshi b'Abatutsi bahahungiyeye bamwe batari n'abo kuri *Lycée*. Twakirwa n'Abatutsi bari barahahungiyeye mbere. Nahize umwaka umwe, nza kujya mu Burundi mba ariho nkomeza kwiyigira ndarangiza. Muri 1978, naje kugaruka mu Rwanda umuntu aramfasha mbona irangamuntu.

Najyaga mbaza Mama nti niba Abahutu batwanga gutya mwabakoreye iki, mwapfuye iki? Kuba uri umuhanga bakakubuzwa kwiga byatumaga wibaza icyo uzira.

Byatugizeho ingaruka nyinshi harimo guhunga igihugu cyawe, ukajya gushakira ubuzima n'ayo mashuri ahandi, kandi nabwo ntube wakigarukamo uko ushaka. Kubura igihugu ni ingaruka ya mbere. Kubura igihugu nta cyaha wagikoreye. Ukibaza uti ni ukubera iki? Urwo rwango ruvaha? No kumva ubura ishuri, ufite igihugu kandi utarabuze n'amanota nayo ni indi ngaruka.

Amahirwe ni uko hari ayo mategeko mpuzamahanga yo kwita ku bahunze umuntu akaba yakomeza kwiga. Ariko hari abahunze batabayeho neza! Njye nagize amahirwe kuko hari abari barahunze kera bo mu muryango wanjye nkagenda ngasanga baratuye haba Goma no mu Burundi, bakanyakira ariko hari n'abahunze bahera ku busa.



## 27. Ubuhamya bwa Rutayisire Antoine

Nitwa Rutayisire Antoine. Navukiye i Murambi, ku musozi witwaga Ntete, mu karere ka Gatsibo, mu ubu ntuye mu Murenge wa Remera. Mfite impamyabushobozi y'ikirenga PhD muri Theolojiya.

Muri 1973 nigaga muri Seminari nto Mutagatifu Kizito i Zaza.

Kwirukana Abatutsi byaje bisa n'ibitunguranye. Nta bimenyetso by'uko byashoboraga kubaho twabonaga. Ndibuka twagiye mu biruhuko, ari kuri Noheli mu 1972. Ubundi ibyo biruhuko byabaga mu mpera z'ukwezi kw'Ukuboza bikarangira mu cyumweru cya kabiri cya Mutarama.

Ariko muri 1972 ukumva hariho ibintu by'ibigambo bya minisitiri w'u Rwanda wateranaga amagambo n'uw' i Burundi. Mu Rwanda hari minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga witwaga Munyaneza akajya aterana amagambo n'uwitwa Simbananiye w'i Burundi.

Twumvaga ari ibintu biri iyo hejuru. Ariko muri 1972 hakaba hari impunzi z'Abarundi zahungiyeye mu Rwanda. Abanyeshuri bavuye mu biruhuko bya Noheli twumva kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi byatangiye. Byahereye muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare, bifata Byimana, bifata Shyogwe na *Collège Officiel* Mburabuturo, bigenda nk'umuriro ugenda ukwira.

Ariko ubundi mu mibanire y'abanyeshuri nta kibazo cyarimo ndetse wabonaga nta n'imyiteguro yabyo yari yabaye. Ndibuka ko i Zaza nta n'ibyabaye rugikubita. Mu kwezi kwa kabiri nibwo byari byakwiriye mu mashuri menshi. Bigenda bikwira nk'umuriro. Ndumva twari turi mu mpera z'ukwezi kwa kabiri, Musenyeri yaraje afunga iseminari. Noneho araza aratubwira ati mwese, ari Abahutu, ari Abatutsi ari Abatwa, nta rusaku nshaka mu iseminari yanjye mwese mugende. Seminari arayifunga. Turataha. Ndumva byari mu matariki 27 z'ukwa kabiri. Za Byimana, Shyogwe, Koleji y'i Kigali (COK) nizo zagiye zivamo umuriro wakongeye andi mashuri.

Byageze i Zaza Musenyeri we abyumva mbere nta na kimwe kiraba. I Zaza nta cyari cyabaye n'epfo kubiga normale, abo twitaga Don Bosco, no muri St Kizito y'abakobwa, nta cyari cyabaye. Nibwo Musenyeri yaje aravuga ati mwese muve hano. Nta no kuvuga ngo yari yabonye ko hari umwuka mubi. Yaraje twese aratubwira ngo dutahe.

Nibwo twagiye mu kiruhuko hanyuma tugaruka mu kwa kane. Ndumva pasika yari ivuyemo. Mu matariki 3 cyangwa ane gutyo. Tuhageze noneho dusanga byarateguwe neza. Hari umu burugumesitiri wayoboraga komini bamwitaga Ruhina. Noneho rero abanyeshuri batangira kuvuga ngo Ruhina yagiye akorana inama n’abanyeshuri bamwe na bamwe.

Muri icyo minsi tumaze kuza, abanyeshuri bo ku nderabarezi bo mu bahungu batera ku iseminari. Ndibuka icyo gihe bateye ku iseminari twese turiruka turahunga. Ari Abahutu ari Abatutsi, twese turiruka turahunga. Bivugaga ko bitari byarateguwe neza.

Noneho rero tugarutse, ndibuka ko itsinda narimo twarirutse tugera i Kibungo kwa Musenyeri. Ntabwo habaye kure duciye mu nzira y’amaguru. Harimo abana bahazi b’i Kibungo. Hanyuma turagaruka. Dusubiye ku ishuri noneho, babitegura neza uko bazadukubita.

Ndibuka rwose twagiye kuryama ninjoro, umwana umwe yaje no kuba padiri, Munyaneza Bosco baramwishe muri Jenoside yari i Mukarange. Araza aho twaryamaga ati “murare muri maso uyu munsu barabakubita” we yari Umuhutu. Abwira uwitwa Rwayitare, na mukuru we arahari uyu Musenyeri Kayitana Yusitini bose twariganaga mu iseminari i Zaza, ati uyu munsu barabakubita. Rwayitare niwe wari shefu w’aho twararaga. Bigaga imbere yacu. Twe twigaga mu wa gatatu bo bari mu wa kane. Usibye ko uko babibaraga mu iseminari twe twari mu mwaka wa gatanu (*5 ème Latine*) bo bari mu wa kane (*4 ème Latine*). Araza aratubwira ati umwana ndi bwumwe acaracara ninjoro, turabonana.

Ibyo byatumye gahunda yo kudukubita bari baduteguriye ipfuba, kuko Bosco yabavuyemo akabivugaga. Ubwo byari byateguwe neza ndetse no mu ishuri ryacu harimo abayobozi babwo benshi. Abitwaga ba Guido Gahamanyi ba Nzigiye Bernard, we twaragumye turigana turarangiza, n’abandi. Kuko icyo gihe barabiteguye tumaze kubimenya turababwira tuti aho kugira ngo turwane nimureke twigendere. Kuko nk’abo twaryamaga hamwe, uwo mwana Rwayitare yadukoresheje inama aratubwira ati nimureke twihagarareho. Kuko icyo gihe mu iseminari ho ntabwo bakoraga “iringaniza” rishingiye ku moko nk’ibyo bakoraga ahandi. Twebwe ndibuka ko icyo gihe twari nk’Abatutsi 60, Abahutu bagera kuri 90.

Ntabwo iringaniza ryari rihafite imbaraga cyane. Byatumaga Sibomana bamujuragiza cyane. Babanje kumushyira mu Ruhengeri, babona ntafite amatwara, bamwohereza i Kibungo.

Noneho rero mu iseminari ye ibyo bintu by'iringaniza ntibyahabaga. Yagenderaga ku bushobozi bw'umuntu. Wakoraga ikizamini wagitsinda ukajya yo. Kuvuga ngo uri Umututsi cyangwa Umuhutu ntabwo byakoraga mu iseminari. Byabaga no mu yandi maseminari muri rusange nko kwa Gahamanyi i Butare n'ahandi. Ni nayo mashuri uzabona yasigaranye abantu benshi. Abatutsi benshi bize ni abagiye barokoka mu ma seminari kuko twasubiyeyo. Aho abandi babirukanye twebwe byarangiye badusubizayo.

Ubwo icyo gihe rero tubyumvikanaho tuti aho kugira ngo turwane ni mureke twigendere amahoro. Mbere yo kutwirukana ntitwabemereye ko badukubita. Twari twiteguye kwirwanaho.

Twari benshi, ngira ngo n'igiseminari hari ibintu cyagabanyije. N'ubwo harimo abana bamwe bafite ubukana, abenshi ntibari babishyigikiye cyane. Hari n'uwatuburiye, byerekana ko harimo benshi batari babishyigikiye. Ntibibuza ko ariko hari abana bamwe bari babishyizemo imbaraga n'urusaku rwinshi. Bari bafite n'ibyuma ariko ntacyo bakoze.

Ndibuka ko nk'abo twabanaga turarana mu cyumba kimwe twababwiye tuti turabimenyereye tuzi ko mwishe ba Data. Turabizi ko niturwana mutunesha, ariko ntabwo mudukubitira ubusa natwe turagenda turwanye namwe. Abenshi muri twe ba Data bari barabishe mu 1963. Tuti nibinaba ngombwa ishuri turitwike ariko namwe ntacyo bizabungura. Icyo gihe twari abasore b'imigirigiri. Nka njye nari mfite imyaka 15, abakuru bari muri 17. Twari mu myaka ishyushye.

Barabitwemerera tujya gufata amafaranga yacu nk'abagiye mu biruhuko, tuzinga ibintu byacu baduha n'imodoka z'ikigo zo kudutwara.

Byari mu ma saa ine. Ndibuka ko ubwo twe twapakiraga abandi barimo guhata ibitoki byo kurya. Tugenda rwose nk'abagiye mu kiruhuko. Tugeze mu nzira, byo ndabyibuka neza, baduhaye amakamyoneti yabaga mu kigo abiri. Twumvikana ko tutari butandukane buri wese ataragera mu gace k'iwabo. Ko ab'i Kibungo tubanza tukabagezayo, tugaca za Kabarondo kuko hari abana benshi baca muri iyo nzira, tugaca Kayonza abakomeza mu byerekezo bya Kigali bagakomeza, iyacu igaca mu cyerecyezo cya Kiziguro kuko twaturukaga ruguru muri Byumba. Urumva byo ni ibintu byateguwe neza, baradusezerera turataha. Ariko tugeze mu nzira, ahantu hitwa za Gahurire duhura na Musenyeri Sibomana.

Yari afite imodoka y’ivolve 404, yabagaho idarapo. Duhura nawe, tubona imodoka ye ituruka hirya, afite abasirikare inyuma ye. Byari ibimodoka bitaga siteya. Agomba kuba yaramenye ibyabaye ndetse n’ imodoka z’ishuri kuko yari azizi.

Igihe byafashe cyo kudusezerera no kuduha ibyangombwa byacu byamaze akanya bigomba kuba byari byamugezeho. Araduhagarika, tuvamo. Yari umuntu ukunda gutera urwenya cyane, aratubwira ati “*mugiye he ?*” Tuti “*turahunze*”. Ati “*murahunga iki?*” Tuti “*duhunze abandi banyeshuri*”. Noneho aratubwira ati nimugaruke.

Nuko Musenyeri araturarura, dusanga ariko nabo batize. Kuko cyari ikibazo ku bantu bose. Musenyeri araza baducamo ibice bibiri, twe badushyira aho turira, abandi babajyana mu ishuri ryari rinini hanyuma bakora inama.

Musenyeri akorana inama n’abarimu na Diregiteri, twamwitaga Recteur. Bafata ibyemezo, abanyeshuri bamwe barabirukana ku mpande zombi. Urumva kugira ngo bigere ku kumvikana habanje kubaho gushyamirana. Ndibuka ko mubo birukanye harimo na Rwayitare. Kuko bavugaga bati harimo n’Abatutsi basembuye.

Icyo gihe Rwayitare banamwirukanye arwaye malariya. Baramubyukije baramwirukana hamwe n’abandi bakeya. Abahutu bose bateguye ibyo bikorwa barabirukanye. Rwayitare yaje kwicwa muri Jenocide. Yari umwe mu badepite b’ishyaka rya PL (*Parti Libéral*). Barangije badusubiza mu ishuri baduha abasirikare bo kuturinda.

Kuko icyo gihe Sibomana yabitanze nk’itegeko abwira Rwagafirita wategekaga ikigo cya gisirikare cy’i Kibungo. Aramubwira ati ugomba gusiga abasirikare bakarinda aba bana. Arahabashyira n’ubwo wabonaga agononwa. Ati mbitegetse nka Musenyeri. Ku buryo twigaga dufite abasirikare baturinze mu kigo.

Ubwo ariko umwuka mubi ntiwari washize wabonaga igihari dukomeje gushotorana. Icyo gihe hagati y’ukwezi kwa kane n’ukwa karindwi, igihembwe cya gatatu twakize nabi. Ku italiki ya 5/07/1973 haba kudeta.

Twarabyutse mu gitondo dusanga ba basirikare nta bagihari. Twese turacayuka duhita tuba abana beza, dukora ibizamini utamenya ko hari ikintu cyigeze kuba. Twahise dusubira mu buzima busanzwe.

Muri adimisiyo mu mashuri yisumbuye habagamo ibibazo cyane. Ntabwo byabaga byoroshye. Abazibonaga babaga ari bamwe na bamwe. Iringaniza bavugaga nta n'ubwo baryubahirizaga. Byabaga bivuga ngo mu banyeshuri ijana uzaba ufitemo Abatutsi 10. Niko babibaraga, baravugaga ngo Abatutsi ni 10% by'abaturage b'u Rwanda. N'ubwo nibwira ko uwo mubare Abatutsi bari bawurenze, nta n'ubwo babyubahirizaga.

Ku gihe cya Kayibanda ho boherezaga abo 10% wenda ntibinagereho, ariko abo bohereje bakaba ari abahanga. Ariko ku gihe cya Habyarimana hari n'igihe batangiye gukora ibinyuranye; batangiye no kubikoresha ku banya Butare.

Muri raporo ya kongere ya Muvoma ya 1988, barabazaga ngo kuki abanyeshuri bo muri perefegitura ya Butare batsindwa cyane mu mashuri yisumbuye? Njyewe nk'umuntu wari warakoze mu bwarimu nari narabonye ko bafataga abana b'Abahutu b'abahanga bakabareka bakaza kwiga, ariko bajya kohereza abana b'Abatutsi cyangwa abanya Butare bakohereza ba bandi bafite amanota make.

Iringaniza bakaryubahiriza ariko mukazivanamo mwatsinzwe. Byari ibintu byapanzwe neza kuko ndibuka ko nigeze gufata amafishi. Yerekanaga amanota umwana yagiye abona kuva mu wa mbere kugeza atsinze. Ndeba amafishi, ndumurira. Ndibaza nti bishoboka bite ko abana b'Abatutsi mu gihe cyacu babaga ari abahanga, none abari kuza bose ntabwo ari abahanga, ese twaba turi gusubira inyuma?

Ariko nza kubona ko ari ibintu byateguwe, byatekerejweho bihagije ku buryo ntabwo abantu benshi bigeze babibona ariko n'ubu ni uko wenda impapuro zahiye umuntu agiye mu mibare yabibona.

Kuri njyewe ho biza no guteza ikibazo kirenzeho, sinzi uko abanyamerika babikoze kuko agashami kacu kigishwaga n'abanyamerika. Nca hagati y'urushundura. Nisanga nageze mu barium ba Kaminuza. Noneho baza kubibona igihe cyararenze. Ariko umwaka urangiye barandiganiza.

Banyandikira ibaruwa inyurukana, kubera impamvu za Leta, abayobozi ba Kaminuza banditse bavuga ngo icya mbere uyu mwalimu yigisha neza, icya kabiri nta mategeko twishe, nari narangihje mfite amanota 85%.

Mu bintu byajyaga bintera n'umujinya ni ukumva ubaho nk'umuturage wa kategori ya kabiri mu gihugu cyawe, ukabona ubuyobozi ntibukurengera iyo umuntu aguhohoteye, ntawe ufite wo kwiyambaza, iyo umuntu agututse ntawe ushobora kubwira, iyo umuntu akwise inzoka ntawe uribuhaguruke ngo abirwanye ugasanga umuntu abaho acecetse ngo arebe ko bwacya kabiri.

Iri totezwa ryo mu 1973 ryatugizeho ingaruka zikomeye. Hari bamwe batagarutse barimo Karemera Rodriguez, babaga bahungabanye kuko nta byiringiro babaga bafite muri iki gihugu.

Mvuze ku bindeba, nahoranaga ikibazo, nibaza ngo kuki mfatwa nk'umwanzi w'igihugu nta kibi nakoze? Kuki mba mu gihugu cyanjye singire undengera? Bishe Data wenda we hari icyo yaba yarapfuye nabo, ariko njyewe ndiyizi ntawe nahemukiye.

Ndibuka tujya muri Kaminuza mu 1977, hari nyuma y'imyaka ine nyuma ya 1973. Byajyaga binaduteranya mu banyeshuri. Ndibuka umuhungu umwe yaraje abwira umukobwa ngo ndagukunda. Yari abibwiye umukobwa w'Umututsikazi. Nawe aramusubiza ati, eh, muradukunze rero! Ejobundi mwaratwicaga none se urwo rukundo urukuye hehe? Uwo muhungu ashobora kuba atari azi impamvu uwo mukobwa amubwiye atyo, nawe agahinduka intagondwa akajya avuga ngo Abatutsikazi barasuzugura, ntiyumve ko abantu babana ibikomere. Ibikomere rero byari bihari.

Nka njye rwose nahoranaga ikintu cy'ikibazo, nibaza kuri iki gihugu. Ndibuka nk'ubwo hagati ya 1973 na 1977, iyo myaka yose ugiye ushatse amakuru aho twigaga, nabaga uwa kabiri. Ariko iyo bahanaga abanyeshuri bakubaganye, nanjye nahanwagamo kandi ntakubaganye. Iteka ryose nabaga nigunze. Nibaza ibibazo nti ese ubundi ndigira iki? Iki gihugu n'ubundi ejo bundi bazatwirukana cyangwa batwice, ndigorera iki?.

Nakoraga gacye, kuburyo iyo bahanaga abanyeshuri bakubagana, njye bampanaga atari uko nakubaganye, bakampana gusa ngo nari ndangaye. Rimwe padiri yigeze kumpana, ndamubaza nti ese padi, njyewe nzize iki? Aransubiza ati ntabwo wakubaganye ariko wari usinziririye ku ntebe. Nti ariko nari narangije kwiga isaha yo kujya kuryama iratinda. Ngo ariko wari usinziririye. Kandi ibyo narabikoraga kenshi, bakabona ndyamyeye ku ntebe bakagira ngo ndasinziririye kandi nabaga nibaza ngo ndi inde kandi ndi he? Ubundi aha ni iwacu? Nturuka he, ndajya he? Ese mfite ejo? Ntaho mfite? Nabaye nk'ureka kwibaza ibyo bibazo ngeze muri Kaminuza.

Kuko nabonye ngize amahirwe bampamagaye muri Kaminuza, ndavuga nti ubwo mbonye aya mahirwe reka nyafatishye amaboko yombi. Ndiga mbona amanota menshi ndetse yarutaga ayo nabonaga mu mashuri yisumbuye.

Ndibuka batubwiye ko uzagira amanota meza azigisha muri Kaminuza. Ndavuga nti njye sinkorera amanota meza gusa, ndakorera amanota meza kurushaho. Kuko nindangiza mfite n'amanota harimo Umuhutu, njye bazanshyira ku ruhande bamufate. N'ubwo ari njye waba ufite amanota ya mbere, babona impamvu ivuga ko uwa kabiri ariwe bafata. Nti reka nshyiremo intera nini ku buryo unkurikira nibamufata bizaba bigaragara ko ari akarengane.

Narangije mfite amanota 85%, kubera ko abazungu aribo bayoboraga amashami yacu baramfata ariko bamfata nta cyizere mfite, mvuga nti iki gihugu amaherezo bazongera babinyambure. Umwaka umwe urangiye mbona bimbayeho. Bwa bwoba nari mfite burushaho ndagenda ndarwara. Ndagenda njya iwacu, mara amezi atatu mu Mutara nibaza nti ese njye he, ndahungana iki, ngire nte? N'ibyo guhunga sinari mbizi n'ubwo twari hafi y'Ubugande. Twari tumeze nk'abafungiyemo mu kibuti.

## 28. Ubuhamya bwa Safari Venant

Nitwa Safari Venant, navutse 18/06/1950 mvukira mu Gahenerezo, ni muri Huye. Twaje kwimukira i Maraba mba ari naho niga amashuri abanza. Amashuri yisumbuye nayize muri Seminari nto ya Save, nyasoreza muri Koleji ya Christ Roi. Kwirukana Abatutsi mu mashuri byabaye niga muri Kaminuza y'u Rwanda. Nageze muri Kaminuza mu kwezi kwa cyenda 1970. Nigaga iby'ubukungu mw'Ishami rya *sciences economiques et sociales*, batwirukana ngeze mu mwaka wa gatatu. icyo gihe hari imyaka itatu, ubu ni ibiri. Mfite impamyabushobozi ya *maîtrise* muri *sciences economiques*.

Muri Kaminuza, mbere yo kwirukana Abatutsi, mu myaka ibiri ya mbere nta kintu cyagaragazaga ayo makimbirane ko Abahutu banga Abatutsi, ariko akenshi wasangaga Abatutsi bagendana n'Abahutu bagendana. Usibye ko no mu cyumba kuko habagamo abantu babiri babiri, hari Abahutu babanaga n'Abatutsi.

Urugero ni Pasteur Bizimungu, twatangiriye rimwe, yabanaga mu cyumba n'umunyeshuri w'Umututsi ndetse aza no kumukiza baje kumushaka ngo bamukubite, ababeshya ko yabacitse kandi akiri mu cyumba, bagiye baramufungurira ariruka aracika. Uwitwaga Karakara na Nzirorera nibo bari babikomeyemo.

Mu kwezi kwa Ugushyingo 1972 nibwo twatangiye kumva hari ikintu cy'impagarara kuko bari batangiye kwirukana abana mu mashuri yisumbuye. Hanyuma n'amakimbirane y'i Burundi. Ndibuka hari abantu bajyaga baza gucuruza imishyo n'ibyuma tukabona abanyeshuri bamwe barabigura, tukibaza impamvu bagura imishyo bikatuyobera. Dutangira kumva hari akantu katameze neza n'ubwo bitagaragaraga mu buryo butomoye.

Guhera mu kwa cumi na kumwe 1972 kugeza mu kwa mbere 1973 hari inama zakundaga kuba nyuma yo kuva ku meza saa sita tugiye kuruhuka ngo tuze gusubira mu ishuri saa munani. Bazengurukaga umuntu, abo nibuka babikoreye harimo dogiteri Karagirwa, Africa Philbert, n'abandi, bakamuhata ibibazo, ngo wowe wa Mututsi we, wanga Abahutu, ukorana n'Inyenzi, usuzugura Abahutu! Ibintu byo gutera ubwoba.



Ubwo nibwo twatangiye kumva hari akantu. Ariko ntibabivugaga ku mugaragaro. Nta wagiye, nta wahunze, twagumye ku ishuri, nko kuvuga ngo reka dutegereze turebe uko bizagenda. Tukavugana, tukajyana kwiga, tukanajyana muri siporo tukiri kumwe. icyakora izo nama nizo zatumaga tugira amakenga, tuti hari ikintu kirimo kiza, ariko nta wahunze.

Ku bijyanye n'imitsindire, wasangaga Abatutsi barumiwe. Nkanjye ndangije amashuri yisumbuye mu 1969 hatsinze Abatutsi bacye cyane. icyo gihe nari kumwe n'abandi nka Nyabyenda Laurient ntabwo badufashe. Turibwira tuti biranze reka tujye kwishakira akazi.

Icyakora abapadiri baje kwegera Perezida Kayibanda baramubwira bati ibyo urimo gukora ntabwo ari byo. Kuko babonaga abanyeshuri bigishije b'abahanga badatsinda. Mu mwaka wakurikiyeho twatsinze hafi ya twese. Twari twarabyakiriye tuzi ko tutazatsinda rwose. Tugeze no muri Kaminuza twigaga tuzi neza ko tutazabona impamyabushobozi ya *licence*, icyo gihe yari iy'icyiro cya kabiri. Kuko akenshi bajyaga kuziga hanze kandi nta Mututsi bapfaga kwemererwa kujya kwiga mu mahanga. Abenshi bahitaga bajya kwigisha, nyuma y'imyaka itatu barangije gusa icyiciro cya mbere (*Baccalaureat*).

Izo nama zarakomeje, ndetse bakomeza kugura n'ibyuma n'inkota tukibaza impamvu yabyo ikatuyobera. Dutangira kubyiyumvamo. Hanyuma ku italiki ya 14 z'ukwezi kwa kabiri hamanyitswe urutonde rw'abantu bagomba kuva mu ishuri bitarenze saa kumi n'ebiri.

Uwari abakazemo ni Zirimwabagabo bitaga Karakara wo ku Gisenyi. Twatangiye kumva ko ibintu bikomeye kuko no mu rwunge rw'amashuri rwa Butare bari bamaze kubirukana. Bwari gucya Kaminuza yizihiza isabukuru yayo ku italiki ya 15 za Gasyantare. Tujya muri sinema ariko ukabona Abahutu bitwaje imishyo. Kujoyo kwari ukwishyiramo akanyabugabo ariko twabonaga byakomeye. Njye na Nyabyenda taira amakenga twicara inyuma. Sinema igeze hagati, batangira gutyaza inkota zabo ku madirishya.

Ntabwo twatinze njye n'uwo Nyabyenda twagiye mu cyumba dukomeza kwibaza ngo ese turajya hehe, turahungira hehe? Byageze hafi mu gicuku icyo gihe noneho abantu bose barasandara, bariruka, baraboroga. Abantu baza kudushaka mu cyumba kuko nabanaga n'uwo Nyabyenda. We arasimbuka aca mu idirishya ariruka ajya mu ishyamba rya "*arboretum*". icyumba cyacu cyari hafi y'iryo shyamba.

Njye kuko nari maze iminsi mvunikiye mu mikino mpambiriye, sinabasha gusimbuka njya muni y'igitanda. Baza bashakisha bamubonye aciye mu idirishya asimbutse barasakuza bati araducitse, aragiye! Reka turebe niba Safari asigayemo! Baza mu cyumba bacana amatara barareba hose, bati bese bagiye! Noneho batangira gusubira inyuma bavuga ngo reka tujye i Mamba, niho habaga abakobwa bigira ubuganga.

Muri icyo gihe bagiye i Mamba niho twese twashotse tujya mu gashyamba ka "arboretum". I Tumba nari mpazi abantu ndagenda ndarayo ntegereje, ariko basakuza cyane, urusaku rugera za Tumba, twibwira ko barimo bica abantu.

Bukeye bwaho nibwo twamenye nko nta wapfuye ko babakubise bakabakomeretsa gusa. Na bya byuma ntawe babiteye bashakaga ko tugenda gusa. Bifuzaga ko duhagarika kwiga tukajya imuhira tugacupira. Bukeye nyine nibwo nagumye aho i Tumba noneho dutangira gutegura ibyo guhunga.

Hashize icyumweru nagiye i Burundi. Nari nabanje njya imuhira iwacu i Maraba, mbasezeraho mbabeshya ko ngiye gushaka akazi i Kigali ntashaka kubabwira ko mpunze. Baje kumenya ko nahunze nyuma kuko nari nabwiye mukuru wanjye ko azabibabwira maze kugerayo.

Twajyanye turi batatu, tunyura i Kibeho. Tugezeyo dufata inzira y'i Burundi. Twavuye i Kibeho ninjoro tugenda n'amaguru kugera i Kayanza. Tugerayo ibirenge byatumbye. Twari twahagurutse saa kumi z'umugoroba tugerayo saa munani z'umunsi ukurikiyeho. Ni uko natangiye iby'ubuhunzi.

Abenshi baciye aho barabafashe babagarura i Butare harimo na Nyabyenda Laurient. Hari igihe abantu bibeshyaga bakambuka Akanyaru bagasanga na nyuma yo kwambuka baracyari mu Rwanda, bagahita bafatwa bari bazi ko bageze i Burundi. Hari abagendaga bakaryama bugacya babahagaze hejuru bati murajya he? Bakabagarura.

Nuko turagenda, dutangira ubuhunzi dutyo, abagiye muri Zayire, abagiye Burundi n'ahandi wagenda uvuga uti iby'amashuri ubu byarangiye. Ningira amahirwe wenda nziga. Twe twagiye i Burundi Kaminuza yaho yaratworohereje. Ngezeyo nasubiye mu wa kabiri, kimwe n'abari mu wa mbere n'uwa kabiri basubiye mu wa mbere. Ubwo twatangiye mu kwa kane ibizamini bikorwa mu kwa gatandatu. Bati mwebwe muzakora mu kwa cyenda.

Abenshi twagiye ku kazi, njya kwigisha muri Koleji ya St Albert. Ubwo wumvaga kwiga birangiye, uvuga uti ubu ngiye kuba umwarimu, nibishoboka HCR izaduha buruse tujye gukomeza. Ku bw’amahirwe, njyewe na Gerard witabye Imana muri Nigeria, hari umudamu twahasanze wakundaga abantu bazi ubwenge.

Tuza kugira amanota menshi mu kwa cyenda. Njya kwigisha muri St Albert, tugeze mu kwa gatatu mbona ibaruwa njye na Gerard ko uwo mudamu yatubonye buruse zo kujya kwiga muri Nigeria. Nubwo ayo mahirwe yari abonetse byari ikibazo kuri njye kuko nari ngiye kwiga mu gihugu bavuga icyongereza mvuga ikinyarwanda. Impunzi nta mahitamo iba ifite, turagenda.

Ngeze muri Nigeria narize ndangiza *licence, maitrise* nayikoze nyuma hashize imyaka itandatu. N’ubwo nari narize ibintu bifite agaciro, nk’impunzi ntabwo nabashaga kubona akazi keza. Nagiye kwigisha. Aho umuntu ageze bati “*mpunzi uzataha ryari?*” Wumvaga utazi icyo uri cyo, uri umuntu utagira igihugu ukagenda ubuyera, utazi niba uzagaruka. Bakakubaza ngo “*wakoze iki cyatumye iwanyu bakwanga?*” Ukabura icyo usubiza.

## 29. Ubuhamya bwa Simburudari Théodore

Navutse mu 25/06/1947, mvukira muri komini Mubuga, Gikongoro. Ubu ni muri Nyaruguru. Ntuye ku Muhima mu Kagari k'Amahoro.

Mu 1973 nigaga mu iseminari nkuru ya Nyakibanda. Mfite impamyabushobozi ya *licence* nakuye mu Bufaransa. Nakoreye Kinyamateka, nyuma nza gukomeza na Banki y'u Rwanda itsura amajyambere (BRD - *Banque Rwandaise de Développement*). Nyuma ya Jenoside naje kuba umuyobozi muri minisiteri, mba Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Ubukerarugendo. Ubu ndi mu kiruhuko cy'izabukuru.

Mbere y'uko Abatutsi birukanwa abanyeshuri bari babanye neza muri rusange. Nta bushyamirane hagati y'Abahutu n'Abatutsi bwari buhari. Ivangura ry'amoko ryo ryatangiye kuva kera. Abana b'Abatutsi iyo barangizaga amashuri abanza barahagararaga. Na benshi kujya kwiga mu gipadiri ni uko nta yandi mahirwe bari bafite.

Baravangurwaga ku barangije amashuri abanza, kubera ko buri mwana babaga baramubajije ubwoko bwe, kurangiza umwaka wa gatandatu ukajya mu mashuri yisumbuye byabaga ari amahirwe. Nyuma y'umwaka wa gatandatu hakaba gutoranya. Na none, abemererwaga kujya muri Kaminuza babaga ari bake cyane. Kuko no mu mashuri yisumbuye n'ubwo babaga ari abahanga babahaga amashuri magufi nk'ayo kwigisha. Bakagarukira aho ngaho.

Kuva hajyaho iyo mikorere mu myaka ya 1960 yo gukurikirana ubwo bwoko bw'Umututsi mu nyandiko zose zarangaga umwana kuva yatangira umwaka wa mbere kugeza muri Kaminuza. Aho abagiye bazisimbuka kubera ko hari abahinduzaga ubwoko, hari n'ababigirwaga mo inama na ba burugumesitiri kuko habaga amarushwana harebwa ababurugumesitiri bafite abanyabwenge kurusha abandi.

Ariko n'ubwo yagendaga yihishe, iyo yarangizaga amashuri yisumbuye, mu kujya muri Kaminuza hari igihe bamuvumburaga. Hari n'abajyagamo kubera ikimenyane cy'abantu. Kuba ufite umuntu w'inshuti cyangwa umuntu ukomeye mu nshuti z'iwanyu. Byarabaye kuko hari abana bagiye biga kuko Minisitiri runaka yagukingiye ikibaba cyangwa yagusabiye.

Uretse n'ibyo ababyeyi nabo babaga batotezwa mu buryo bwinshi butari n'ubw'amashuri, bigatuma no mu mashuri yaba abanza, ayisumbuye ndetse na Kaminuza abana batiga neza. Hari abana benshi batabashije gukomeza kwiga kubera ibyo bibazo. Hari igihe nabo babaga baciwe bagomba kugenda. Ari ukwiruka nko muri 1959 na 1960. Ntabwo nari mukuru ariko nari mu myaka nka 12. Abandi barakomeje bariga nigaga mu mwaka wa kane muri primaire ariko nje, twamaze nk'umwaka umwe cyangwa imyaka ibiri tutiga kuko ntabwo twabaga dufite aho kuba baradutwikiye twarahunze.

Ntabwo twari twarahunze ngo tuve mu gihugu, twari mu misiyozi aho za Kibeho. Hari igipande cy'amashuri, barahasenye ariko hari hepfo mu ishyamba, aho bitaga mu Misiri. Hari Inkambi yabagamo Abatutsi mu mibereho mibi. Umuntu arwaye ubuheri, ntabwo wabashaga kujya kwiga. Aho ni muri za 1960 na 1961 mu itwikirwa ry'Abatutsi. N'abahavuye bagahunga bakajya n'i Burundi cyangwa mu bihugu bitandukanye, byatumye imyigire y'abana isubira inyuma cyane kubera ko byasabaga ko ufata umwaka umwe imyaka ibiri, ukijarajara. Hari n'abagiye i Burundi babonye ko ubuzima ari bubi bakagaruka. Ubwo niko bazererana abana bahagaritse kwiga. Ukaba wacika intege ukanabireka. Hari n'igihe umubyeyi wawe yabaga yarafunzwe.

N'ubwo nta mafaranga yatangwaga mu ishuri, ngo ube wabireka kubera ubukene, hari n'igihe wibazaga icyo wigira cyangwa umubyeyi musigaranye akakubwira ati guma aha ngaha umfashe. Kubera ko hari Abatutsi benshi bagiye bafungwa mu bihe bitandukanye cyane cyane mu bihe byo kubatwikira harimo n'abashefu n'abasushefu.

Usibye ko Abatutsi bose batahunze. Abumvaga ari rubanda rugufi bumvaga bitabareba, bumvaga bireba abanyapolitiki. Kuko bari basanzwe basangiye n'abandi akitwaga akazi k'uburetwa. Ari Abahutu, ari Abatutsi bajyanaga muri icyo mirimo bagakorera hamwe. Guheka abayobozi barimo abashefu n'abadiminishatarateri babaga bari kumwe. Batunguwe no kubona bo batwikirwa, ariko abahitaga bafata icyemezo cyo guhunga ntabwo bari muri abo ngabo.

Noneho umuntu akagumya agahanyanyaza ngo anagume ku isambu ye. Ubwo navugaga agace ntuyemo. Ariko hari n'abimuwe bakurwa mu gace bari batuyemo bajyanwa mu bindi bice. Hari nk'abari batuye mu majyaruguru bajyanwa ku Gikongoro nk'intara yashyizweho mu 1963, abajanywe Nyamata na Rukumberi kugira ngo abana babo basubire mu mashuri ntibyari byoroshye, ahubwo amashuri yabo yagombye kubakwa na HCR.

Uko gucirwa mu gihugu hagati kwatumye uburere bw'abana b'Abatutsi buhungabana ku buryo bwose. Cyane cyane ubwo mu mashuri. Bamwe baranabiretse kuko udafite umutekano, waribazaga ngo ese ubundi uriga ngo uzagere kuki, uzabe iki?

Ku ishuri ryacu rero ntihabayeho kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi ariko ntibivuga ko bitagerajwe kenshi ndetse ngo n'umwuka mubi uhagere.

Muri 1973, mu iseminari nkuru ya Nyakibanda, hayoborwaga n'umupadiri witwa Niyibizi François. Imico ye rero yatumye gahunda zo kwirukana Abatutsi zidakunda.

Ariko abanyeshuri ubwabo byaragaragaye hahise habamo Abahutu b'intagondwa cyane cyane hari ikipe y'abanyeshuri bari bavuye ku Rwesero. Abazanye iyo nkundura kuko byagaragaraga ko abari babiteguye ari abasirikare baturukaga mu rukiga, abasaga n'aho babyumva banabizi, n'ubwo batari bazi ikigamijwe cyane ariko bari babizi, ni ikipe y'abanyeshuri bari baturutse ku Rwesero.

Hari haje itsinda ry'abantu bagera kuri 12 baje mu mwaka w'amashuri 1972-1973. Kuko umwaka wari watangiye mu kwa cyenda 1972, ibintu byo kwirukana Abatutsi byatangiye mu kwa kabiri 1973. Ariko n'abakuru bari basanzwemo barabyitabiriye. Bagasa n'aho bagira isoni zo kwigaragaza cyane, kubera kumva ko barimo kwitegura kwiyegurira Imana. Ariko bamwe barigaragaje biranagaragara, baranabigerageza rero kuko hamaze kujyaho icyo bitaga *comité du salut* yari ifite icyicaro n'abayobozi bayo muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare, ntabwo ari kure ya Seminari nkuru ya Nyakibanda. Ni amashuri yegeranye ndetse bahuraga benshi mu Nyakibanda mu mikino itandukanye ku buryo rero iyo komite nayo yagendaga itanga ubutumwa ku yandi makomite matoya yo mu mashuri yisumbuye hirya no hino mu gihugu, hafi na kure rimwe na rimwe banakoresheje imodoka z'ikigo.

Muri buri shuri babanzaga kuhashyira *comité du salut*, byasobanura komite ije *gucungura rubanda*. No mu Nyakibanda rero muri Seminari nkuru iyo komite yari ihari, yari igizwe ahanini n'abaseminarisiti bari baturutse ku Rwesero. Si ukuvuga ko aribo gusa ahubwo ni uko aribo bari biganjemo, bakamara abandi ubwoba. Iyo komite yari ifite uko ikora, harimo urugomo. Bakubitaga abanyeshuri bakabirukana, ariko harimo no kubanza gukora urutonde bakarumanika.

Iwacu rero ubutumwa bwamanitswe ku Seminari nkuru ya Nyakibanda. Ariko uko bwakamanitswe, uwo padiri mukuru akazenguruka abumanura. Ntabwo bwavugaga amazina y'abantu ahubwo bwari ubutumwa buvuga ngo Umututsi uri hano guhera ku mupadiri, kugeza ku mukozi agomba kuba yagiye bitarenze isaha iyi n'iyi.

Mu gitondo tugakanguka tugasanga ayo matangazo arahari. Kubera ko mu barimu, mu bapadiri harimo Abatutsi, barimo n'uwo wayoboraga Seminari Nkuru, kugeza ku ba faratiri. icyo padiri yakoraga rero ni uguhuza abo bantu bose, agatanga amakuru.

Muri icyo minsi rero hafi buri mugoroba, akaduha amakuru y'uko mu gihugu umwuka utari mwiza, ko Abatutsi barimo birukanwa hirya no hino mu mashuri, abandi bakirukanwe mu kazi, ariko ko nta n'umwe uzi ibyo bintu impamvu yabyo n'icyo bigamije, agatanga amabwiriza avuga ko twebwe dufite umuhamagaro wo kwiha Imana, ati ndabasaba ko uwo mwuka mubi utabageraho. Mukaguma hamwe, mukamenya ikigo cyacu ndetse ntihabe hari abaturuka hanze ngo babe babameneramo. Ntimurwane.

Kuko hari imodoka zashoboraga kuva i Butare ugasanga hari abantu bameze nk'abakarasi bagenda bahagaze hejuru y'imodoka bavuzura induru, bakinjira mu kigo n'ayo mahiri birukana, ntimuzarwane ariko kandi ntimuzanemere ko hari abinjira muri iki kigo kwirukana Abatutsi.

Kuko kuba padiri si Ubuhutu si Ubututsi. Kandi ati nibaramuka baje ntimuzarwane kuko hano hatagomba kubera intambara. Nibaramuka baje, mwese muzasohoka. Nateguye imodoka zizajyana buri mufaratiri kwa Musenyeri we. Imodoka arazitegura.

Zimwe zituruka muri Servisi yari ishinze imicungire y'ubukungu bwa Diyosezi (*economat general*) ya Butare, zihagarara mu kigo ziteguye guhaguruka. Aravugaga ati, abo muri Diyosezi ya Butare, nibaramuka baje kubirukana, muzajye kwa Musenyeri wanyu Gahamanyi arahari. Abo mu Ruhengeri, dore imodoka ngiriya nimeroye arayivugaga, izabajyane yo.

Ab'i Kabgayi namwe muzajyana n'iriya. Bose abereka izizabatwara. Ati ntimuzajye n'iwanyu kuko tutazi ibizaberayo. Seminari tuzayifunga. Agatanga icyizere ati kuko mwebwe umuhamagaro wanyu ari ukwigisha ijamba ry'Imana atari ukwigisha Abahutu cyangwa Abatutsi, muzigisha Abanyarwanda bose, ndizera ko mwebwe ibi mutabishyigikira. Bamwe ntibabyemere bati “ese ko bazaba birukanye Abatutsi twebwe tuzaba tujya he?” Akabasubiza

ati “ hano nta seminari y’Abahutu izabaho. Hirya no hino birukanye ariko nibigera i Kansi mumenye ko natwe biri butugereho ”. Nk’uko yabivuze koko, sinibuka neza umunsi, usanga abantu bahura bakarebana nabi, ubundi Abatutsi n’Abahutu bagakora udutsinda twabo, bamwe bibaza uko bizagenda, abandi babareba ikijisho. Ibintu nk’ibyo ngibyo hari umwuka w’ubwoba bisa n’aho no kwiga tutigaga.

Umunsi umwe ntibuka padiri wa Kansi aba araje, yitwaga Musoni Boniface araza ati natwe abanyeshuri bacu barabirukanye. Aradutumiza dusubira mu cyumba cy’inama, aratubwira ati abanyeshuri b’i Kansi barabirukanye, ubwo natwe igihe icyo aricyo cyose bashobora kuza. Byakijijwe n’uko abo bigaragazaga cyane, rya tsinda ry’abaseminari bari mu myaka mitoya barimo abitwaga ba Théoneste, bari nk’abantu bagera ku icumi.

Iryo tsinda ry’abanyeshuri bagiye i Butare kubaza amabwiriza kuko bakoranaga, amakuru twabonye ni uko bagiye kubaza Buregeya Bonaventure, basa n’abamubaza niba nabo bakwirukana.

Icyavuyemo ni uko yababwiye ati mwebwe mugende mutuze, ibi bintu mwibyivangamo kuko mutazi icyo bigamije. Nawe yahoze yiga mu iseminari mbere y’uko ajya mu gisirikare. Nka nyuma y’iminsi ine bakoze kudeta.

Bamaze gukora kudeta, batanga ihumure ariko abanyeshuri bamwe bari baramaze guhunga bari i Burundi, abandi bari barafatiwe ku mipaka kuko bari baragerageje guhunga, ntibagaruwe mu mashuri bose.



### 30. Ubuhamya bwa Umurungi Kayitaba Floride

Navutse 07/01/1952. Mvuka i Nyarugenge kuri Ruriba. Ntuye i Nyamirambo- Rugunga.

Mu 1973 nigaga i Rwaza, mw'Ishuri ryigisha ubunyamabanga (*école de Secretariat*). Ubu ndi mu kiruhuko cy'izabukuru. Nta bushyamirane twagiranaga. Ariko muri uwo mwaka batangira kwirema udutsiko, ntumenye ibyo barimo cyangwa bavuga, natwe bitangira kutuyobera. Kandi tukajya twumva amakuru ko i Kigali bimeze nabi ko batoteza Abatutsi. Biratuyobera.

Icyo gihe biba rero twari mu kiruhuko gito, mu kwa kabiri, kwa kundi abantu bataha bakagaruka, nnyewe ntabwo nari natashye. Byabaye ndi ku ishuri. Abo bari baragiye mu biruhuko umunsi bagarutse, nta banyeshuri twiganaga batumye binjira. Nibwo rero batangiye kudukubita imikandara. Abakobwa birukana abandi bakobwa biganaga.

Nibwo twahungiyeye kwa mwalimu witwa Damiyani nyuma turakomeza tujya mu gipadiri kuri paruwasi. Noneho bakatubaza bati "*ese murajya he murabigenza mute?*" Wavugaga uti "*ngiye i Kigali*", bati "*i Kigali? Birakomeye!*" Ndavugaga nti "*ntabwo njya i Kigali*". Kuko naherukaga kwiga ku Nyundo ari naho nari naje kwiga nturutse i Rwaza, ndavugaga nti ngiye ku Nyundo buriya ndahasanga abantu tuziranye, harimo n'abanyigishije wenda ndahakirira.

Abapadiri baratujyanye. Turagenda. tugeze ku Nyundo, dusanga harera, nta n'inyoni itamba. Bose baragiye. Turakomeza tujya ku Gisenyi. Tugezeyo tujya mu nzu ya Musenyeri Bigirumwami.

Imana nagize, mbona Felisita uriya wagizwe intwari. Numva ndiruhukije. Yari yarakoze ku Nyundo nkihiga. Ati "*Florida bite?*" Ndamubwira. Ati "*natwe hano ntawe ukorora*". Ansaba kubindika imisatsi nari nasokoje ndetse ati uyipfundike. Ati "*ndaguha igikwembe ukenyere*", ubwo hari mu gitondo.

Ubwo nta waryamye twaraye duhagaze nawe yari afite ubwoba. Yaratubwiye ati mu gitondo cya kare turava aha tujye kuri bariyeri, mbaherekeze kugira ngo mushobore kuva ku butaka bw'u Rwanda. Uko ndi bubikore ndabizi, ndajya ku muhanda munini kuganiriza abapolisi bari ku muhanda, namwe mugende muce mu makoro mu nzira z'ikinyarwanda, nzajya mbacungisha ijisho, mwihute.

Nimbona mugeze aho batakibafashe, nanjye ubwo ndaza kureba uko mbigenza nsezere. Ni uko byagenze, tumaze kurenga nawe arasezera. Ni uko tugera muri Zayire, nta muntu tuhazi, ntabwo twari twararenze ku Gisenyi. Twabajije umuntu atuyobora i Goma, mu bapadiri.

Muri icyo gihe abantu babaga muri Zayire cyangwa i Burundi bahoraga barekereje ko hari abantu babo bashobora kuza bahunze ngo babakire. Icyo gihe rero nagize Imana nari mfite babyara banjye babayo. Ntabwo nibuka ukuntu byagenze ariko twarahuye banjyana aho babaga.

Nagiye ndi umwana w'umukobwa uri hafi mu myaka 20, nta mwenda, nta nkweto nari nambaye twa kamambili. Iwacu bamaze amezi batazi amakuru yanjye. Abarimu bacu baje kubariririza aho twanyuze. Umwe ansanga kuri Goma anzaniye ijipo n'inkweto n'umugati. Ampa n'amafaranga ati ubuzima bw'aha buramutse bubananiye mushobora no kuzajya ahandi, icyo gihe abantu benshi bajyaga i Burundi. Baje kudutegera indege yajyaga i Burundi, itujyanayo hamwe n'izindi mpunzi. Ariko mbere yo kwinjira mu ndege abazayirwa baradusatse ya mafaranga barayanyambura. Ndababaza nti *“ubu se ko muyatwaye ndabigenza nte?”* Bati *“murashaka gutwara amafaranga y'igihugu cyacu!”* Sinibuka uko twavuye ku kibuga cy'indege.

Baratuzanye batugeza ahantu huzuye impunzi z'Abanyarwanda ahantu bitaga mu Bwiza. Bari abantu benshi bagera nko mu gihumbi. Hari abahageze uwo muni n'abahamaze iminsi. Buri wese yicaye aho hantu hari hameze nko mu nkambi.

Nagize imana zidasanzwe nahabonye umuhungu nari nzi ino aha wo kwa Bushayija. Nari maze kwiheba nibaza nti ese ndara aha, ndabigira nte? Nta kintu nari mfite, nta muntu nari mpazi, nuko ndamubona ndamuramutsa. Ati *“uje nonaha?”* Nti *“yego. Banza umbwire niba uzi kwa ba Rudasigwa”*. Ati *“ndahazi”*. Nti *“wahanjyana se?”* ati *“cyane!”* Numva singipfuye. Tuja gufata tagisi tugera kwa Rudasigwa. Nari namubwiye nti njyewe ibyo kwivuga simbizi, nitugerayo urahita umvuga. Uvuge ko mvuye i Kigali ko ndi uwo kwa Nyirigira. Tugerayo koko ambara umwana mwiza aramvuga bati Imana ishimwe, urakaza neza. Kuva uwo muni numva umutima umerewe neza.

Nyuma nibwo twajyaga kuri za HCR kwibarura no kwiyandikisha. Abari bazi ubwenge basubiye ku ishuri, abandi bajya hanze y'u Burundi. Sinzi ukuntu babigenje, njyewe nari ngifite ibintu by'ubucucu, ntabwo nari nzi gushakisha. Mu muryango nabagamo haciye igihe bajya kunshakira akazi. Mbona akazi mu ishuri rikuru nderabarezi ryitwaga *“Ecole Normale Supérieure de*

*Bujumbura*”. Kuko nari naratangiye kwiga iby’ubunyamabanga, iby’ubunyamabanga nari mbizi rero baba ariko kazi bampa.

Ubuzima bukomeza gutyo, mererwa neza. Iwacu baje kumenya ko nahungiyeye i Burundi mama aza kunsura. Ati “*kuki utatumenyesheje ko wahunze?*” Nti “*nari kubibamenyesha nte?*”

Nyuma yaho naje kubona umugabo, ubuzima burakomeza n’ubwo butari bwiza cyane ariko nta muhangayiko wari uhari, nagarutse mu Rwanda mu mpera zo mu mwaka wa 2007.

### 31. Ubuhamya bwa Wane Justin

Nitwa Justin Wane

Navutse Kuwa 20 Mutarama 1948, mvukira mu cyo bitaga komini Mukura i Butare, ubu ni mu Karere ka Huye. Ntuye ku Gisozi. Nize ubuvuzi. Ubu ndi mu kiruhuko cy'izabukuru.

Natangiye kwiga mu ishami ry'ubuvuzi bwa Kaminuza y'u Rwanda i Butare muri 1968. Mbere ya 1970 nta kibazo cy'imibanire hagati y'amoko cyari muri Kaminuza. Mu ntangiriro za 1970 nibwo hatangiye kuza ibibazo. Ariko ntibyabuzaga ko tubana neza. Twabaga dukurikiranye ibyatujyanye aribyo kwiga. Ntabwo ibya politiki twabijyagamo.

Icyo gihe hari umuryango w'abanyeshuri ba Kaminuza (AGEUNR) wasangaga uyoborwa n'Abahutu gusa. Nta n'igitekerezo cyapfaga kukuzamo cyo kwiyamamaza ngo ugire icyo ukoramo iyo wabaga uri Umututsi, kabaga ari nk'akarima kabo.

Kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi byatangiye mu kwezi kwa kabiri 1973, byabanjirijwe no gushyira ahagaragara urutonde rw'abanyeshuri b'Abatutsi badusaba kuva muri Kaminuza.

Icyo gihe nari naraye izamu ku bitaro. Muri iryo joro rero, ngira ngo byari nko kuri 14 cyangwa kuri 15 za Gashyantare. Nibwo birukanye abanyeshuri b'Abatutsi muri Kaminuza, ku buryo ahubwo twaraye tuvura abakomeretse.

Kuri uwo munsu nta n'umwe wasubiye muri Kaminuza. Navuye ku bitaro nsubira iwacu mu rugo, kuko twe twari dutuye i Ngoma. Sinashoboraga gusubira mu byumba twararagamo muri Kaminuza, bityo byaba ibitabo, byaba imyenda n'ibindi bintu nari mfite mu cyumba byasigayeyo.

Ntabwo namaze igihe kirekire mu rugo. Namaze iminsi icumi (10) mu rugo. Iyo minsi ishize, hari abarimu b'abanya Canada twari inshuti, badufasha gupanga ukuntu tuzacika.

Badushakira ivatiri Peugeot 504 idutwaramo turi batanu (5), harimo uwitwa Ignace Beraho, Emmanuel Kagambirwa, Jean Baptiste Habyarimana, Léonard Muligo na nje.

Twajyanye n'abo bazungu turagenda tugera i Cyangugu. Tugeze i Cyangugu kuko bari barumvise ko hari umuntu wambutsa abantu. Tujya iwe. Tugezeyo, atubonye asa n'uwikanze

gahoro. Twaje kumenya impamvu yabyo n’uko hari abandi babiri b’abavandimwe bari aho bategereje ko abambutsa. Abonye haje abandi batanu yumva biramugoye. Noneho igihe tugihagaze, tunganira nawe yibaza uko abigenza, umwe mu bo twari kumwe aravuga ati ariko mfite Data wacu hano ni umugenzacyaha (IPJ). Uwo wambutsa abantu ati uwo muntu nimujya kumureba koko arabafasha.

Noneho tujya kuri uwo mugenzacyaha, asanga baziranye koko bararamukanya, ati ibyo rwose ni ibintu byoroshye cyane. Ati reka nze ndebe umuntu abaherekeze abageze aho mwambukira. Aduha umwana, na ba bazungu twari kumwe turagenda tugera i Mururu.

Noneho turavugana tuti reka dufate inzira y’ikinyarwanda tumanuke tugere ku cyambu. Turagenda, ba bazungu basigara ahongaho. Tugeze ku mazi tuhasanga abantu bafite amato turumvikana, baratwemerera bati turabambutsa. Wa mwana wari uduherekeje asubirayo ajya kubwira abazungu ko twagiye.

Igihe tugeze mu mazi hagati, duhura n’ubundi bwato buva hakurya. Noneho uwari muri ubwo bwato ahamagara uwo wari utujyanye witwaga Nyakarundi ati: *“Nyakarundi Nyakarundi, abo bantu ubajyanye hehe?”* Ati *“mbajyanye hakurya”*. Ati *“basubizeyo tubanze twumvikane”*. Noneho turamubwira tuti *“mwihorere twigendere murumvikana mu biki?”* Ati *“oya, ni shefu wacu wenda buriya nawe arashaka ko mumuha amafaranga!”* Dusubirayo.

Ubwo kwambuka icyo gihe ngira ngo byari nk’amafaranga ijana. Ariko kugira ngo twambuke twatanze ibihumbi bitanu. Nuko tugarutse uwo mugabo tuza tumubwira tuti: ntidutinde, tubwire icyo ushaka turakiguha ariko tugende. Ati nta mafaranga yanyu nshaka. Nta n’aho mujya, ahubwo ndabajyana kwa konseye.

Ubwo bibaye bityo atujyanye kwa mukuru we wari Konseye, baba badufashe batyo. Twageze kwa konseye mu gitondo. Ubwo mu gitondo batujyana kuri komini Kimbogo twirirwayo. Hagati aho tuva iwe tujya kuli komini Kimbogo, agiye gushaka imodoka ituujyana, batwicajye hasi hafi ya kiriziya ya Mururu abantu bava mu misa bagasohoka bavugaga mu ndirimbo ngo bafashe ibinyenzi!”

Noneho baza kutujyana i Kimbogo aho twiriwe umunsi wose, nimugoroba batujyana i Cyangugu kuli prefecture, bahita afata icyemezo cyo kutwohereza muli gereza.

Hari muri Gashyantare nko mu mataliki 24. Tubamo kugeza hagati mu kwezi kwa gatatu nibwo batwohereje i Butare na none muri gereza ya Karubanda.

Ubwo hagati aho hakaba hari n'abandi banyeshuri bagiye bafata bakabazana muri gereza. Twari tuziranye, tuza kugera kuri 15 cyangwa 16. Ubwo na gereza ya Karubanda tuyibamo kugeza hagati mu kwezi kwa gatanu. Badufungura ariko bitewe n'uko abarimu bakomeje kujya basakuzza ngo abo banyeshuri barazira iki? Padiri wari Umunyamabanga Mukuru wa Kaminuza akaba yaranashinzwe imirimo y'Imana muri iyo gereza, nawe yajyaga adusura kenshi.

Baza kudufungura ku italiki ya 7 Gicurasi, baduha umudendezo w'agateganyo, ngo tujye mu makomini yacu ntituzarengere imbibi zazo. Tumaze gufungurwa ndagenda nsubira iwacu n'abandi twari kumwe nabo bajya iwabo. Ntibyatizze twongera gupanga ukuntu tuzongera gucika.

Iyo gahunda tuyipanga turi batatu harimo Déogratias Manama , Jean Baptiste Habyarimana na njye. Dutegura uko tuzagenda, tuvugana n'umusare w'i Mugombwa, n'igihe tuzagenda tubipanga neza.

Noneho uwo Jean Baptiste ajya iwabo muri Nyaruguru gusezera ku babyeyi, agezeyo asanga nyina yamuragurije zanze kwera, bituma abireka, we ntiyahunze aguma aho ngaho.

Nuko njye na Manama tujyana n'umupadiri w'Umusuwisi witwaga Musy yari padiri w'abanyeshuri atugeza i Mugombwa. Umusare twumvikanye adushyira mu bwato mu ma saa kumi za mu gitondo aratwambutsa atugeza hakurya y'Akanyaru. Aratubwira ati ubu ngubu rero imvubu zagiye kurisha imusozi, nimugera hakurya mwicare ahantu mutegereze ko bucya neza mubone kugenda.

Bukeye turagenda tunyura Ntega na Marangara, dupfa kugenda gusa, tugenda tubaririza, maze baza kutugeza kwa Musitanteri waho. Atwakira neza, tumubwira nyine ibyatubayeho, ariko bari babizi. Ajya kudushakira imodoka, itugeza i Ngozi, dufata iyindi tugera i Bujumbura. Dusanga hari abandi badutanze kugerayo bari bacumbikiwe muri Grand Seminaire yaho.

Tuba aho ngaho. Abari mu myaka yigiye hejuru , twaje kubona buruse y'impunzi, uko twari 17 tujya i Kinshasa. Niho narangirije, ni naho nakoze.

Uwo Jean Baptiste Habyarimana yaje gusubira muri Kaminuza mu Rwanda ndetse aza kugira n’Imana akomeza amashuri hanze baza no kumugira perefere wa Butare ariko aza kwicwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nabaye i Kinshasa imyaka 23, ngaruka mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yo mu 1994.

Nakoze muri Kaminuza y’u Rwanda i Butare nigisha mu ishamba ry’ubuvuzi no mu bitaro byitiriwe umwami Fayisali i Kigali, ari naho nabonye ikiruhuko cy’izabukuru mu mwaka wa 2017.

## 32. Ubuhamya bwa Faustin Rutembesa

Imvururu zabaye mu mashuri muri 1973 zansanze ku Nyundo. Nigishaga mu iseminari kandi nyobora ikinyamakuru cyitwaga "*foi et culture*". Ubwo nari maze imyaka itatu mvuye kwiga muri Kaminuza ya Laval yo mu ntara ya Québec, Canada.

Uko nabibwirwaga n'uko nabyiboneraga, hari umwuka mubi mu gihugu. Hari amakimbirane akomeye hagati y'abarwanashyaka ba Parmehutu. Inzangano hagati y'abaminisitiri bari ibyegera bya Kayibanda, amakimbirane hagati y'Abadepite na guverinoma, akarengane n'ubusambo mu nzego zinyuranye z'ubutegetsi. Ibyo byose byabuzaga igihugu gutekana.

Muri iyo myaka, ishyaka rya Parmehutu ryakoresheje inama. Bamwe mu barwanashyaka bavugaga ko ishyaka ryabo ryataye umurongo ryari ryarihayeye. Abandi bakerura, bakanenga Perezida Kayibanda. icyasaga n'ikibahuza cyari ikibazo cy'Abatutsi. Nkuko inyandiko nyinshi zabivugaga, ikibazo cy'Abatutsi cyagombaga guhagurukirwa, hagabanywa umubare wabo mu kazi no mu mashuri.

Imvururu zatangiriye muri perefegitura z'amajyepfo zaje zisunga ibyo bitekerezo. By'umwihariko uruburako rwashishikarizwaga gukaza umurego mu bikorwa byo kuranga no kwirukana Abatutsi. Izo mvururu zageze mw'iseminari yo ku Nyundo kuri 26 z'ukwezi kwa kabiri 1973. Hari hashize igihe gito imibanire y'abanyeshuri ihindutse. Umuntu yabonaga udutsiko twinshi tw'Abahutu n'Abatutsi.

Ku umugoroba wa 26 z'uko kwezi kwa kabiri, nibwo abanyeshuri bitandukanije, bamwe berekeza mu ngo z'abaturage b'aho hafi, abandi bahungira kuri Paruwasi no mu bigo bya Diyosezi. Muri iryo joro, abari berekeje mu ngo zaho hafi n'abandi bari bigabije imihanda bagarukanye n'abaturage bashaka kurwana no kumenesha Abatutsi.

Muri iryo joro, hari abakomeretse cyangwa bavunitse bahunga. Hari n'abaraye bagenda, bucuza bageze kure ya Nyundo. Ibyo byaje kumenyekana duhuriye aho twahungiyeye. Bukeye rero, twakoze inama y'abarimu bari bakiri mu iseminari. Iyo nama yari iyobowe na Musenyeri Bigirumwami, bourgmestiri wa Komini Kanama yari yayitumiwemo.



Hamaze kwemezwa ko Abanyeshuri bose baba bagiye iwabo bakazagaruka umutekano umaze kuboneka. Burugumesitiri yaravuze ati :"*Abafite ubwoba nibagende, naho abatabufite bakomeze gahunda yabo.*"

Mu gihe bamwe bibazaga ku ijambo "*gahunda yabo*", Burugumesitiri yarakomeje ati "*ese nibanga kuva hano murakora iki ko mbona ibintu bikomeye*". Abanyeshuri b'Abahutu bakomeje gahunda yabo yo guhiga no gutera ubwoba abandi banyeshuri b'Abatutsi. Abatutsi bo bemeye gusubizwa iwabo. Uwo munsu imodoka yajyanye abakomokaga muri Kibuye na Cyangugu. Abandi berekeza ahandi bizeraga umutekano.

Ku itariki ya 27 na none, abantu baburiye bamwe mu Batutsi ko baza kugabwaho igitero simusiga. Ni uko twavuye ku Nyundo, tuba tugiye i Busasamana. Tuhageze batubwira ko nabo biteze guterwa n'abanyeshuri baje gufasha abo muri Gisenyi.

Ubwo rero twakomeje urugendo ijoro ryose tugana kuri Goma. Twahahuriye n'abandi benshi bari bamaze kwirukanwa mu mashuri no mu kazi. Bamwe bakomeje urugendo berekeza i Burundi, Kinshasa n'ahandi.

Ku binyerekeye nafashe icyemezo cyo gusubukura, Kaminuza ya Montréal iranyemerera, niyandikisha mu cyiciro cy'ikirenga (Phd). Ndangije, Kaminuza y'u Burundi impa akazi. Nahavuye nza gufatanya n'abandi kuzahura Kaminuza y'u Rwanda yari imaze gufungura ariko ikeneye abarimu.

Isomo navanye muri ibyo byose ni uko gukomeza umutsi no kwigirira icyizere ari umutungo utuma abantu badaheranwa n'amateka mabi.